# IKINYARWANDA

## AMASHURI NDERABAREZI (TTC)

## IGITABO CY'UMUNYESHURI

# 3

## ISHAMI RY'INDIMI N'UBUREZI

© 2020 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda,

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y' u Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda

# IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE

| | |
|---|---|
| **NCDC** | National Curriculum Development Center |
| **REB** | Rwanda Education Board |
| **CTLRD** | Curriculum Teaching and Learning Resources Department |
| **MININFRA** | Ministry of Infrastructure |
| **RTDA** | Rwanda  Transport Development Agency |
| **ATL** | Aviation, Travel and Logistics Limited Rwanda |
| **DIKKM** | Daresalamu-Isaka-Kigali-Keza-Musongati. |
| **RDB** | Rwanda Development Board |
| **USAID** | United States Agency forInternational Development |
| **WWW** | World Wide Web |
| **Rw** | Rwanda |
| **Gov.** | Government |
| **GR** | Ingombajwi y'indagi |
| **J** | Inyajwi |
| **C** | Igicumbi |
| **Co** | Igicumbi kirimo inyajwi o |
| **Ce** | Igicumbi kirimo inyajwi e |
| **F** | Imfutuzi |
| **F Rh** | Imfutuzi ya Ruhamwa |
| **F Uz** | Imfutuzi y'icyuzuzo |
| **Grk** | Umugereka |
| **Imp** | Impuza |
| **Kzn** | Ikinyazina |
| **Nt** | Ntera |
| **Rh** | Ruhamwa |
| **Sh/Pf** | Inshinga /ipfundo |

| | |
|---|---|
| **T** | Interuro |
| **Ts Th** | Itsinda rya Ruhamwa |
| **Ts Sh** | Itsinda ry’Inshinga |
| **Ts Uz** | Itsinda ry’Icyuzuzo |
| **Ts Zn** | Itsinda ry’Izina |
| **Ung** | Icyungo |
| **Uz** | Icyuzuzo |
| **Zn** | Izina |
| **Ikiny** | Ikinyanshinga |
| **+** | Ukwiyunga kw’inyajwi cyangwa ingombajwi. |
| → | Ihinduka, bibyara |
| **Ø** | Iburizwamo, ibura ry’akaremajambo gateganyijwe muri uwo mwanya. |

# IJAMBO RY'IBANZE

Munyeshuri wiga mu mwaka wa gatatu mu mashuri nderabarezi mu Ishami ry'Indimi n'Uburezi, iki gitabo ni wowe kigenewe.

Iki gitabo ni imwe mu mfashanyigisho zigomba kugufasha kwiga isomo ry'Ikinyarwanda. Cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiye ku bushobozi yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) mu mwaka wa 2019.

Iki gitabo kigabanyijemo imitwe itandatu. Buri mutwe ufite insanganyamatsiko wubakiyeho. Insanganyamatsiko zigaragara mu myandiko inyuranye. Izo nsanganyamatsiko ni izijyanye no kubaka umuco w'amahoro, umuco nyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye, imiyoborere myiza, ubwikorezi no kubungabunga ibidukikije.

Mu mitwe imwe n'imwe harimo ikibonezamvugo kizagufasha gucengera imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda. Buri mutwe usozwa n'umwitozo

w' ubushobozi ngiro ndetse n'isuzuma rusange bizagufasha gusuzuma ubushobozi ukuye muri uwo mutwe. Ibyo bigamije kugutegura kugira ngo agire ubushobozi buzagufasha mu mirimo iboneka mu muryango nyarwanda no gukomeza amashuri muri za kaminuza n'ibigo by'amashuri makuru bitandukanye.

Iki gitabo kirimo imyandiko inyuranye izagutoza umuco wo gusoma no kuvugira mu ruhame ushize amanga. Imyandiko izagufasha kumva ibyo wasomye usubiza ibibazo byo kumva umwandiko, kwiyungura amagambo no gutekereza byimbitse ushakisha ibisubizo by'ibibazo byo kuyisesengura. Imyandiko izanagufasha kwiyungura ubumenyi ku nsanganyamatsiko zitandukanye, bityo ubashe guhanga imyanndiko y'ubwoko bunyuranye.

Iyo wiga hari byinshi wigira kuri bagenzi bawe mu ishuri. Ni yo mpamvu imyinshi mu myitozo ikubiye muri iki gitabo igusaba kujya impaka wungurana ibitekerezo na bagenzi bawe mu matsinda. Indi myitozo irimo izagusaba gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, kuri interineti cyangwa wifashisha ibitangazamakuru binyuranye.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imyitozo izagufasha kwimakaza umuco w'amahoro, kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo, gusobanukirwa n'uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse n'uburezi budaheza, kumva neza ubuzima bw'imyororokere, kurangwa n'umuco wo kuzigama, kwita ku bidukikije no kugira umuco w'ubuziranenge.

Imyitozo ikubiye muri iki gitabo iteguye mu buryo igusaba kugira ubushishozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo, igusaba kandi guhanga udushya, gukora ubushakashatsi, gusabana n'abandi mu Kinyarwanda, kugira ubufatanye, imibanire ikwiye mu bandi

n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi. Harimo kandi imyitozo n'imikoro igufasha guhora wiyungura ubumenyi.

Twizeye ko iki gitabo kizagufasha kwiga neza Ikinyarwanda, kigukundisha ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco kibumbatiye, umuco wo gusoma no guhanga wigana ubuvanganzo wize, kugira ngo ukurane inyota yo kugira ubushobozi bwo gusabana n'abandi mu Kinyarwanda.

**Dr. NDAYAMBAJE Irénée**

**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda/REB**

# GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iki gitabo. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kwandika iki gitabo.

Ndashimira abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo by'amashuri nderabarezi.

Ndashimira nanone abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa.

Byongeye kandi ndashimira abayobozi b'ibigo by'amashuri bitandukanye bemereye abarimu babo kuza gufatanya natwe kwandika no gukosora iki gitabo.

Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo n'abatunganyije iki gitabo.

Ndangije nshimira by'umwihariko, Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) ku bufatanye gihuriyeho na Leta y'u Rwanda kibinyujije mu mushinga "USAID Soma Umenye", cyateye inkunga bimwe mu bikorwa byo kwandika iki gitabo.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu ivugururwa ryacyo.

**MURUNGI Joan**

**Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/CTLRD**

# ISHAKIRO


**IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE** ........ iii

**IJAMBO RY'IBANZE** ........ v

**GUSHIMIRA** ........ vii

**KUBAKA UMUCO W'AMAHORO** ........ 1

I.1. Umwandiko: Umwana wahohotewe ........ 2

I. 2. Ikomora: Ikomoranshinga ........ 7

I.3. Umwandiko: Muhishwambuto ........ 10

I.4. Ikomora: Ikomoranshinga mvanshinga ........ 13

I.5. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ........ 16

I. 6. Isuzuma risoza umutwe wa mbere ........ 16

**UMUCO NYARWANDA** ........ 19

II.1. Umwandiko: Babyirukanye ingoga mu gutamira ........ 20

II.2. Igisigo cy'ubuse ........ 25

II.3. Umwandiko: Ukwibyara ........ 26

II.4. Ibisigo nyabami ........ 46

II.5. Iminozanganzo ........ 59

II.6. Umwandiko: Inzira y'umuganura ........ 66

II.7. Ubwiru ........ 78

II.8. Ubucurabwenge ........ 80

II.9. Umwandiko: Isabwa rya Mukandahiro ........ 84

II.10. Umwandiko: Kamana yitwa izina ........ 91

II.11. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ........ 95

**UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE** ........ 101

III.1. Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryanyo ........ 102

III.1.2. Gusoma no kumva umwandiko ........ 105

III.2. Imbwirwaruhame ........ 107

III.3. Umwandiko: Yagiye ayoboza ........ 110

III.4. Ururimi n'ubwumvane ........ 114
III.5. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ........ 120
III.6. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu ........ 121
**IMIYOBORERE MYIZA........ 125**
IV.1. Umwandiko: Karame Rwanda ........ 126
IV. 2. Umwandiko: Kagabo na Kamariza mu nama y'akagari ........ 131
IV. 3. Inyandiko z' ubutegetsi: Ibaruwa y'ubutegetsi ........ 137
IV. 3. 2. Imiterere y'ibaruwa y'ubutegetsi ........ 138
IV.4. Umwandiko: Ese uri nde? ........ 141
IV.5. Inyandiko z'ubutegetsi: Umwirondoro ........ 144
IV.6. Amatangazo ........ 148
IV.7. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ........ 152
IV. 8. Isuzuma risoza umutwe wa kane ........ 152
**UBWIKOREZI........ 157**
V.1. Umwandiko: Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere ........ 158
V.2. Iyiganteruro ........ 161
v.3. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ........ 182
V.4. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu ........ 182
VI.1. Umwandiko: Kariza mu butayu ........ 187
**KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE ........ 187**
VI. 2. Imiterere y'iby'indimi mu Rwanda ........ 192
VI.4. Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu ........ 199
VI.3. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri........ 199
**IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE........ 203**
**IMIGEREKA........ 205**
**Imyandiko y'inyongera ........ 229**

# UMUTWE 1

# KUBAKA UMUCO W'AMAHORO

## Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko ku kurwanya ihohotera no kugaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.
- Gusesengura amagambo aturuka ku ikomora hagaragazwa uturemajambo twayo.

## Igikorwa cy'umwinjizo

Ushingiye ku bumenyi bwawe bwite, sobanura ihohoterwa, uko rivuka, ibiritera, ingaruka zaryo n'ingamba zo kurikumira hubakwa umuco w'amahoro.

## I.1. Umwandiko: Umwana wahohotewe




"Uriya mugore se ko mbona ari kwivugisha amagambo menshi yiyesura, byamugendekeye bite? Cyo re! Dore aricara agahita ahaguruka akajya kurunguruka mu idirishya akongera akicara. Uriya ni umurwayi pe! Noneho ndabona atangiye kwishima mu mutwe, ubanza uyu munsi yacanganyikiwe! Cyangwa uburwayi bwo mu mutwe abumaranye iminsi! Yewe, ubanza yataye umutwe, reka mwegere nankundira tukaganira ndareba icyo namufasha." Nkimara kugisha umutima inama, nibaza uko ngiye kumwegera ngo muganirize. Mu gihe ntarahaguruka, atangira kuvugira hejuru mu ijwi riranguruye asakuza cyane agira ati: "Ubu koko turerere he? Mu ngo tubasigira abakozi bakabahohotera! Mu baturanyi na ho harimo inyangabirama zibahohotera! Ku mashuri na ho hari abarezi bamwe na bamwe babahohotera. Iki ni ikibazo gikomeye Leta igomba gukumira amazi ataararenga inkombe"!

Ibyo yabivugaga ubona ababaye ariko kubera ko nta muntu yavugishaga, abari aho dukomeza kumuhanga amaso gusa dukeka ko yaba afite ikibazo cyo mu mutwe. Yari yambaye ingutiya ndende n'agapira gusa. Nta nkweto yari yambaye ariko bigaragara ko yari umuntu usanzwe ari umusirimu. Ibirenge bye byari byuzuyeho uburimiro ndetse n'intoki zuzuye ibitaka boshye umuntu wahoze ahinga. Hashize akanya gato arongera atangira gusakuza. Ati: "Abana bacu tubahungishirize he? Mu ngo barahohoterwa, mu baturanyi ni uko, none n'abakabarinze barabahohotera! Ni ishyano! Ni ishyano nta we naribwira weee! Sinamutanga weee! Oya!"

Uko yakomezaga gusakuza ni na ko yajyaga ahaguruka akongera agakubita ijisho mu idirishya ryari hejuru y'aho yari yicaye. Hashize akanya hasohoka umuganga

wari wambaye itaburiya y'umweru tubona amuhereje imyenda yari asohokanye asa n'umwihanganisha, arongera arinjira naho wa mugore akomeza kwicara aho. Ngeze aho ndamwegera. Ku bibero bye yari ahafite imyenda muganga yari amaze kumuhereza, nitegereje mbona ni agakariso kabaye ubushwangi n'akajipo kakwira umwana w'imyaka itanu kacikaguritse kandi kahindutse amaraso. Mugeze iruhande, ndamusuhuza anyikirizanya ishavu n'agahinda. Yari yataye umutwe ku buryo ibyo namubazaga byose yansubizaga igisubizo kimwe gusa kidafitanye isano n'icyo mubaza: "Ni se". Nti: "Byagenze bite"? Ati: "Se". Nyuma yo kumara umwanya muvugisha akansubiza ibiterekeranye, mpitamo kumuhagurutsa aho yari yicaye ndamusindagiza mugeza aho batangira ubufasha ku bahungabanye. Mwinjiza mu nzu, tuhasanga umukobwa ubishinzwe amwereka aho yicara.

Mu gihe atangiye kumuganiza nge ndasohoka. Nkigera hanze mpahurira n'abagore babiri bari bavuye gukingiza barimo baganira. Sininjiye mu kiganiro cyabo ariko nkomeza kugikurikira. Baganiraga bavuga umugabo wahohoteye umwana we wiga mu mashuri y'inshuke amusanze mu rugo wenyine nyina yagiye mu murima. Nkimara kubyumva nsanisha iyo nkuru n'uko wa mugore yansubizaga, nibuka ko yasaga nk'uvuye mu murima nkeka ko umwana bavuga ari uwe. Nsubira mu nzu aho nari namusize nsanga yacururutse aganira na wa mukobwa.

Mpageze ashaka guceceka ariko wa mukobwa aramubwira ati: " Komeza nta kibazo uyu ni we wakuzanye aha". Arakomeza aramutekerereza. "Bahise bampamagara ndi guhinga ngo Karake, umugabo wange, yaje avuye mu kabari yasinze kanyanga amufata ku ngufu. Nahise mva mu murima aho nufiraga amasaka nsanga umwana aravirirana ni ko kumuzana kwa muganga. Nongeye kugarura ubwenge nisanga aha tuganirira".

- None se Karake asanzwe anywa kanyanga?
- Yayinywaga ariko nta kindi gihe yigeze akora ishyano nk'iryo.
- Wa mukobwa asa n'uguye mu kantu, aceceka akanya gato maze bimwanga mu nda akomeza kumuganiriza.
- Buriya rero sinaba ngushinyaguriye nkubwiye ko ishyano ryaguye iwanyu nawe warigizemo uruhare. Iyo ubonye uwo ari we wese akoresha ibiyobyabwenge ntabwo uba ukwiye kumuhishira. Kwinumira ni nko kureka igitambambuga iruhande rw'umunyotwe. Kiwugeraho kikawusandaguza boshye ivu. Nyamara iyo uba warabigejeje ku bayobozi bari ku mugorora bakamugira inama akareka kanyanga. Ndakubwiza ukuri nta mubyeyi muzima wakorera umwana we ibya mfura mbi nka biriya. Ni ikibazo k'ingaruka z'ibiyobyabwenge. Ikindi kandi ni ngombwa kujya tuganiriza abana bacu tubigisha gutahura abantu bafite ingeso mbi, bashobora kubahohotera. Ibyo byatuma bamenya kuvumbura ufite umugambi mubisha wo kubahohotera bakamuhungira kure.

Wa mugore yari yagaruye akenge yumva ibyo umukobwa amubwira atuje. Hashize

akanya abaza wa mukobwa.

- None se ubwo Leta izamuhanisha iki? Si ukumufunga burundu ngahinduka umupfakazi?
- Leta nta nyungu iba ifite mu gufunga abantu burundu, icyo iba igamije ni ukugorora umuhemu uba wakoze icyaha. Iyo amaze kwigishwa imyitwarire ye ikagaragaza ko ibyatumye akora icyo cyaha atabisubira, baramufungura akagaruka gufatanya n'abandi kubaka igihugu. Si byiza rero guhishira uwakoze ishyano nk'iryo kuko uba umutesheje amahirwe yo kugororwa ngo ahinduke muzima. Umuzima arafungurwa naho umutindi unangira ntagaragaze ko yicuza ibyo yakoze ni we ufungwa burundu.
- Urakoze kubera ibisobanuro umpaye n'inama ungiriye, ndumva nacururutse reka nge kureba uko umwana ameze ubu muganga yanshatse arambura.

Akimara kumushimira, turasohokana twerekeza aho bakirira abarwayi baje ari indembe; hamwe nari namukuye yataye umutwe. Tuhageze umwe mu baganga bari bahari amubwira ko ategereza gato, ko umwana arimo gukurikiranwa n'abaganga kandi ko ibizamini byafashwe babijyanye muri raboratwari kureba niba nta bundi burwayi yaba yatewe n'ihohoterwa yakorewe.

### I.1.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Umwana wahohotewe" ushakemo amagambo udasobanukiwe, hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.*

## Imyitozo

1. 1. Simbuza ijambo (amagambo) ryanditse ritsindagiye, irindi bivuga kimwe riri mu mwandiko.

a) **Guhohotera umuntu ukamugirira nabi** biragayitse mu muco nyarwanda.

b) Si byiza **kwicecekera** igihe habaye ihohoterwa.

c) Abafite ikibazo **k'ikangarana** bitabwaho ku buryo bwihariye.

d) Umwana agira **agahinda** iyo abuze umwitaho.

2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi zigaragaza ko wumva icyo asobanura kandi ukore usanisha.

a) Inyangabirama

b) Kugwa mu kantu

c) Gusindagiza umuntu

d) Igitambambuga

3. Uzurisha izi nteruro amagambo avuye mu mwandiko.

a) Twamagane.........rikorerwa ikiremwa muntu.

b) Umuco nyarwanda wamaganira kure ikoreshwa ry'.... mu muryango.

c) Umugiraneza arangwa no....indembe akayigeza kwa muganga.

d) Muri ......hasuzumirwa ibimenyetso by'ukuri.

4. Andika imbusane z'amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:

a) Guta

b) Guhohotera

c) Abayobozi

d) Umuhemu

### I.1.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Umwana wahohotewe", maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

1. Umugore uvugwa mu gika cya mbere cy'umwandiko yari he? Kubera iki?
2. Ni ibiki bigaragaza ko umugore uvugwa mu mwandiko yasaga nk'uwataye umutwe?
3. Ni irihe hohoterwa rivugwa muri uyu mwandiko? Ni nde wahohoteye undi? Yabitewe n'iki?
4. Ni he havugwa mu mwandiko hashobora gukorerwa ihohoterwa?
5. Ese mbere yo kuganira n'uriya mukobwa, uwo mugore yari afite umugambi wo gutanga umugabo we? Sobanura igisubizo cyawe.
6. Muri uyu mwandiko baratanga inama y'uko twarwanya ihohoterwa. Izo nama ni izihe?

### I.1.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Umwana wahohotewe" maze usubize ibibazo bikurikira:*

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko?
3. Garagaza ubundi bwoko bw'ihohoterwa ritavuzwe mu mwandiko.
4. Ni izihe ngaruka uwahohotewe ashobora guhura na zo?

### I.1.4. Kungurana ibitekerezo

**Igikorwa**

*Wifashishije umwandiko "Umwana wahohotewe" n'ubumenyi rusange, ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku nsanganyamatsiko ikurikira: "Ingamba zafatwa kugira ngo hakumirwe ihohoterwa."*

# I. 2. Ikomora: Ikomoranshinga

## I.2.1. Inshoza y'ikomoranshinga n'ikomoranshinga mvazina

**Igikorwa**

*Itegereze amagambo atsindagiye ari muri izi interuro zikurikira, ugire icyo uyavugaho uhereye ku miterere n'inkomoko yayo. Uhereye ku miterere n'inkomoko yayo, kora ubushakashatsi utahure inshoza y'ikomoranshinga, ugaragaze uko inshinga zivuka ziturutse ku mazina n'uturemajambo twazo.*

1. Uko uwo mugore yakomezaga **gusakuza** ni ko yahagurukaga akareba mu idirishya ryari hejuru y'aho yari yicaye.
2. Abayobozi bakunda **kujanisha** kugira ngo bamenye umubare w'abahohoterwa muri rusange.
3. Iyo bwije, **kumurika** mu nzu bigabanya ubwoba.
4. Umuntu muzima arangwa no **gutagatifuza** ibikorwa bye.

### I.2.1.1. Inshoza y'ikomoranshinga

Ikomoranshinga ni ihimba ry'inshinga nshya uhereye ku bicumbi by'andi magambo asanzwe mu rurimi cyangwa imizi y'inshinga. Hari amatsinda abiri y'ikomoranshinga: **ikomoranshinga mvazina n'ikomoranshinga mvanshinga.**

### I.2.1.2. Inshoza y'ikomonshinga mvazina

Ikomoranshinga mvazina ni ihimba ry'inshinga uhereye ku bicumbi by'amazina asanzwe ari mu rurimi.

**a) Gukomora inshinga ku izina**

Gukomora inshinga ku izina ni byo byitiriwe ikomoranshinga mvazina. Iri komoranshinga rikoresha ingereka zikurikira: **-h-;-k-; -r-; -ah-ar-, -ik-,-ur-,**

**Ingero:**

| Izina | Ingereka | Inshinga |
|---|---|---|
| Urumuri | -k- | Kumurika |
| Amahari | -k- | Guharika |
| Ifoto | -ur- | Gufotora |
| Ijana | -ish- | Kujanisha |
| Umusore | -k- | Gusoreka |

| | | |
|---|---|---|
| Umukungu | -ah-ar | Gukungahara |
| Ingumba | -h | Kugumbaha |
| Ubuhemu | -uk- | Guhemuka |
| Ibiryo | -h- | Kuryoha |

**Ikitonderwa:**

- **Hari inshinga zikomoka ku mazina ariko hadakoreshejwe ingereka.**

**Ingero:**

| Ijambo | Inshinga |
|---|---|
| Umupfayongo | gupfayonga |
| Inyana y'imbwa | kunyanayimbwa |

- **Gukomora inshinga ku yandi moko y'amagambo**

Hari ubundi bwoko bw'amagambo bukomokwaho n'inshinga hakoreshejwe ingereka cyangwa nta ngereka ikoreshejwe.

**Ingero:**

| Ubwoko bw'ijambo | Ingero | Inshinga | Igisobanuro k'inshinga |
|---|---|---|---|
| Umugereka | neza | Kuneza | Gushimisha umuntu/Gutuma anogerwa |
| Ntera | -bi | Kubiha | Kubura uburyohe |
| | -bisi | Kubisahara | Gusubira ibubisi |
| | -tindi | Gutindahara | Guhinduka umutindi |
| | -tagatifu | Gutagatifuza | Kugira umutagatifu |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Inyigana | bwi | Kubwiguza | Gusuragura uvuza udutumbwe. |
| | duuu | Kuduhira | Kuvugira mu matwi. |
| | gigigigi | Kugigira | Kugundagurana n'undi ushaka kumwiyaka. |
| | gugu | Kuguguza | Kuvuga kw'inuma. |
| | papapapa | Gupapaza | Gutigisa amababa ukumvikanisha urusaku. |
| | tatatata | Gutatamura | Gutabura hakumvikana urusaku. |

### b) Uturemajambo tw'inshinga zo mu ikomoranshinga mvazina

Inshinga zishingiye ku ikomoranshinga mvazina zifite uturemajambo dusa neza n'utw'inshinga isanzwe. Twabonye ko uturemajambo tw'inshinga ari: **akano, indanganshinga, impakanyi, igenantego/indangagihe, inyibutsacyuzuzo, umuzi, ingereka n'umusozo.**

Inshinga yavutse kubera ikomoranshinga ishobora kugira utwo turemajambo twose cyangwa tumwe muri two.

**Ingero**

a) Inuma iraguguza cyane.

b) Tumufashe areke gutindahazwa no kubura icyo akora.

c) Uyu mwana agomba kugirwa inama zimunezeza kuko amaze gusorekara.

d) Kudumbura abandi mu mazi si igikorwa cyo gutagatifuzwa.

| Ijambo | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Iraguguza | i-ra-gug-ur-y-a | r+y→ z |
| Gutindahazwa | ku-tind-ah-ar-y-w-a | k→ g/-GR r+y→ z |
| Zimunezeza | zi-Ø-mu-nez-ir-y-a | i→e / Ce- r+y→ z |
| Gusorekara. | ku-sore-k-ar-a | k→ g/-GR i →e / Co- |
| Kudumbura | ku-dumb-ur-a | - |
| Gutagatifuzwa | ku-tagatif-ur-y-w-a | k→ g/-GR r+y→ z |

## Imyitozo

1. Komora inshinga ku magambo akurikira:

a) Ifoto b) Pyo c) Dumburi d)Re e)Ibiryo

2. Soma igika gikurikira maze ugaragaze aho inshinga ziri mu ibara ry'umukara tsiri zakomotse:

Kanyana ni umwana urangwa n'imico myiza, agakundwa na buri wese kubera ubupfura bumuranga. Umunsi umwe yagiye gusura nyirasenge wari uzi kunezeza abamugana bose kuko yari yarakungahaye bitagira urugero, maze bicara mu busitani butoshye baraganira bishyira kera. Bigeze mu kabwibwi, amatara arabamurikira binikiza ikiganiro cyari cyuje impanuro. Bidatinze, bumvise amakuru y'inshamugongo ko musaza wa Kanyana yari agiye guhohotera umwana w'umukobwa ariko ngo babanje kugigira. Mu gihe ataragera ku mugambi we yumvise abahuruye baje gutabara maze akizwa n'amaguru arapyirika arenga atyo. Bakibaza ku bibaye bumva ijwi rihamagara Kanyana, ariko we akomeza kwipfayonza nk'aho nta cyo bimubwiye.

3. Garagaza intego y'izo nshinga n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.

## I.3. Umwandiko: Muhishwambuto



Bagenahirwe munyumve
Bagenategeko mumvune
Munyumvire iyi mvamutima
Navogerewe imvugiro
Muramvane mu makuba.

Navangiwe mu mvugo
N'abakagombye kunyumva
Bakamvana mu mahoro
Bakanjyana mu makuba
Kandi rwose ari bakuru.

Ngenda mpura n'amahano
Ngahohoterwa bahari
Ubwo ndatinya ngaceceka
Ngahora mpangayitse
Ngira ngo mwese muri bamwe!

Nahuye na muranduranzuzi
Aranzuyaza ngo aranduzi
Aranzenguruka ndazimira
Cyaruzi ubwo aranzonga
Yizimanira akayuzi kange.

Runyogozi, muhishwambuto
Atambuka apfutse ingohe
Ngo maze angushe mu mutego
Intege zange akirigita
Bindigisiriza ubuzima.

Ruzingabato yarateye
Ngo atahe itoto ryange
Yiteruzwa udutako
Nako udufaranga
Ngo antahire agahugu!

Agahugu kange ni gato
Abazingambuto baragateye
Baragatunduza mfite intimba
Murambe hafi birangoye
Ubuzima burizinga.

Intara zose yarazikwiye
Ntarumanga arazivuyanga
Atitaye ko zidakomeye
Akazisenya nta soni

Agera ikambere n'ibikari,

Bya bimamyi by'ibimama
Biguha imari y'amahano
Bikakunyunya nk'uwanyazwe
Bikakunyonga ubutanyurwa
Bikunyuza inyenga y'amarira.

Ba bisukari isiga ingese
Ntibasiba baraserutse
Kuko basanganywe isoni nke
Baragusekera bakagusoroma
Bakagusenya ugasiga isi.

Abanyumvise mubimenye
Ba bihehe mubamenye
Bakunyuza mu rihumye
Maze ukagenda utabimenye

Ugafumbira umunaba.
Banyamishinga mudufashe
Murashishoze dushobore
Ibyo kujisha shugadadi
Tujwigirize shugamami
Ishaba y'abato ishishe.

*Umuhanzi*

*NSENGIMANA Cyriaque*

## I.3.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Muhishwambuto" ushakemo amagambo udasobanukiwe, hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.*

**Imyitozo**

1. Andika inyito ebyiri z'ijambo "intege".
2. Garagaza amatsinda y'amagambo ari mu mwandiko ahuje inyito no gupfa.
3. Andika impuzanyito z'amagambo akurikira:

a) Ubuzima b)Intimba c) Imari d) Isoni

### I.3.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Muhishwambuto", maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

1. Ni irihe hohoterwa rivugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni ba nde umuhanzi asaba ko bamwumva muri iki kibazo k'ihohoterwa?
3. Ijambo " Abazingambuto" risobanura iki?
4. Abazingambuto bahohoteye bate uvugwa mu mwandiko?
5. Ese hari aho bavuga ko muhishwambuto yakwiriye ahantu hose? Byerekanishe amagambo yo mu mwandiko.
6. Hari abantu bavugwa ko bakwiye kwamaganwa bashukana bitwaje imari. Abo ni ba nde?

### I.3.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Muhishwambuto", maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

1. Umwandiko «Muhishwambuto » uri mu buhe bwoko bw'umwandiko? Sobanura igisubizo cyawe.
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri mu mwandiko?
3. Ni ba nde bashobora guhohotera umwana?
4. Ni izihe ngaruka uwahohotewe ashobora guhura na zo?

## I.4. Ikomora: Ikomoranshinga mvanshinga

**Igikorwa**

*Soma interuro zikurikira, witegereze inshinga zitsindagiye hanyuma ugaragaze intego yazo. Hera ku ntego y'izo nshinga maze usobanure uko inshinga zivuka ku zindi kandi ugaragaze uturemajambo two mu ikomoranshinga mvanshinga.*

a) Abantu bakunda kurwanya ihohotera barangwa n'umutima mwiza
b) Kugendererwa n'abashyitsi ni umugisha.
c) Uwahohotewe asabwa kuvugisha ukuri kugira ngo yitabweho.
d) Kunezerwa birakwiye ku bantu bose.

### I.4.1. Inshoza y'ikomoranshinga mvanshinga

Ikomoranshinga mvanshinga ni ihanga ry'inshinga nshya uhereye ku mizi y'inshinga zisanzwe mu rurimi. Iri komoranshinga rikoresha ingereka zitandukanye. Twabonye ko ingereka ari uturemajambo tujya hagati y'umuzi n'umusozo tukazanira inshinga ingingo nshya. Twabonye kandi ko iyo umuzi wiyunze n'ingereka bibyara igicumbi gishya kitwa **intima**.

**Ingero:**

| Inshinga | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Kudodora | ku-dod-ur-a | u→o /Co- |
| Kuryagagura | ku-ri-**ag-ag**-ur-a | i→y/-J |
| Gutarura | ku-tar-**ur**-a | k→g/-GR |
| Kudodoka | ku-dod-**uk**-a | u→o/Co- |
| Kuboneka | ku-bon-**ik**-a | i→e/Co- |
| Gukundana | ku-kund-**an** –a | k→g/-GR |
| Gukorera | ku-kor-**ir**-a | k→g/-GR i→e/Co- |
| Guhingisha | ku-hing-**ish**-a | k→ g/-GR |
| Gukosha | ku-ko-**sh**-a | k→g/-GR |
| Kubyaza | ku-byar-**y**-a | r+y→ z |
| Gukubitwa | ku-kubit-**w**-a | k→ g/-GR |
| Gutabwa | ku-ta-**bw**-a | k→ g/-GR |
| Kugaruka | ku-gar-**uk**-a | - |

### I.4.2. Uturemajambo tw'inshinga zo mu ikomoranshinga mvanshinga

Inshinga zishingiye ku ikomoranshinga mvanshinga na zo zifite uturemajambo dusa neza n'utw'inshinga isanzwe.

Inshinga yavutse kubera ikomoranshinga mvanshinga ishobora kugira utwo turemajambo twose cyangwa tumwe muri two nko mu ikomoranshinga mvazina.

**Ingero**

a) Nibatazabimujanishiriza azabyibagirwa kuko azaba ari kwambarira urugamba.

b) Murakomangwa n'umutima ngo muge gufasha uwahohotewe.

| Ijambo | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Nibatazabimujanishiriza | ni-ba-ta-za-bi-mu-jan-ish-ir-ir-y-a | r+y→ z |
| Kwambarira | ku-amb-ar-ir-a | u→w/-J |
| Murakomangwa | mu-ra-kom-ang-w-a | - |
| Gufasha | ku-fat-y-a | t+y→ sh |

## Imyitozo

1. Garagaza inshinga zishobora gukomoka ku mizi y'inshinga zikurikira:

a) Kuneza b)Guhemuka c) Kubaka d)Gufotora

2. Garagaza imizi y'inshinga zitsindagiye ziri mu mwandiko ukurikira: [...] Akimara **kumushimira, turasohokana twerekeza** aho bakirira abarwayi **baje** ari indembe hamwe nari **namukuye** yataye umutwe. Tuhageze umwe mu baganga bari bahari amubwira ko ategereza gato ko umwana arimo gukurikiranwa n'abaganga, kandi ko ibizamini byafashwe **babijyanye** muri raboratwari kureba niba nta bundi burwayi yaba yatewe n'ihohoterwa yakorewe.

3. Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi by'inshinga zitsindagiye.

a) Umwana, umugore n'undi muntu wese bazira **guhohoterwa**.

**b) Gukubitagura** abantu **ntibishimisha** inyangamugayo ziharanira amahoro.

**c) Kumanuza** ni ugusaba umuntu ibyo adashoboye.

d) Kanyana **aturanye** n'abayobozi beza bita ku bo bayobora.

e) Si byiza **gusererenza** abandi.

## I.5. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Ugendeye ku mabwiriza agenga ihangamwandiko, hanga umwandiko ufite hagati y'imirongo mirongo itatu na mirongo ine ku nsanganyamatsiko ikurikira: "Gukumira ihohoterwa ni ishingiro ryo kubaka umuco w'amahoro arambye". Mu magambo agize uwo mwandiko hagaragaremo inshinga zikomoka ku ikomoranshinga.

**Ubu nshobora:**

- Gusoma neza nubahiriza utwatuzo n'isesekaza.
- Gukoresha mu nteruro amagambo nungutse.
- Gusesengura umwandiko ngaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Gusobanura intandaro y'ihohoterwa n'uburyo bwo kurikumira
- Gusesengura amagambo ashingiye ku ikomoranshinga ngaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.

**Ubu ndangwa no:**

- Kurwanya ihohoterwa aho nahura na ryo hose.
- Kwimakaza umuco w'amahoro.

## I. 6. Isuzuma risoza umutwe wa mbere

### Umwandiko: Turwanye ihohoterwa

Mu muco nyarwanda, kubaha ubuzima ni indangagaciro mpuzabantu kuko ubwo buzima umuntu abwifuriza abandi, akabuhabwa n'abandi, na we akabuha abandi. Kubaho mu mudendezo bishingira ku muco w'amahoro wubakwa mu muryango uwo ari wo wose kandi bikagerwaho umuntu yiyushye akuya kuko binyura mu nzira nyinshi harimo no kurwanya ihohoterwa. Guhohotera umuntu ni ukumwiyenzaho atakwakuye cyangwa se ataguteyeho amahane, kumuvutsa ibyo afiteho uburenganzira bitewe n'uko umurusha imbaraga cyangwa umufiteho ububasha.

Buri muntu wese agira agaciro ahabwa na kamere avukana maze uburenganzira bwe ntibube umurage w'ababyeyi cyangwa undi muntu. Nta mpamvu n'imwe ishobora gutuma hagira uhohoterwa kabone n'ubwo amategeko y'umuryango runaka yaba abangamira ubwoko ubu n'ubu, abantu b'igitsina iki n'iki, idini, ururimi, abo badasangiye igihugu, umutungo, ikiciro cy'abaturage bavukamo, ibitekerezo byabo n'ibindi. Kurwanya ihohoterwa bishingira ku mahame amwe

n'amwe y'uburenganzira bwa muntu nko kwishyira ukizana, kugira umutekano no kugira imibereho myiza. Uko byaba kose n'uko byagenda kose, agaciro ka muntu ntikagabanywa, ntikanasubizwa inyuma kandi gashimangirwa n'amategeko mpuzamahanga ibihugu biba byaremeye, bikanayashyiraho umukono. Nubwo bimeze bityo, si ko hose byubahirizwa.

Burya koko nta kabura imvano, ibitera ihohoterwa ni imyumvire mibi, imyifatire n'imyitwarire bitaboneye harimo ubusambanyi, kunywa ibiyobyabwenge, ubugizi bwa nabi n'ibindi byinshi. Ihohoterwa kandi rigaragarira mu mvugo isesereza, isebanya no mu bikorwa bitesha agaciro ikiremwa muntu nko gufata ku ngufu, gukoresha imirimo ivunanye, gutoteza, n'indi migirire igayitse igira ingaruka ku bato n'abakuru. Imvugo n'ibikorwa by'ihohoterwa bigira inkurikizi zitabarika ku babikorewe nko kwiheba, gutakaza ikizere, kwiheza mu bikorwa bitandukanye, kugira ipfunwe, kugira ihungabana n'izindi.

Kugira ngo hirindwe izo ngaruka, buri wese akwiye kuba umusemburo w'amahoro, ayasakaza mu bandi mu migirire ye ya buri munsi. Bajya bavuga ngo: "Kwirinda biruta kwivuza." Ni ngombwa gufata ingamba zikumira ihohoterwa bigizwemo uruhare n'inzego z'ubuyobozi ku bufatanye n'abaturage n'imiryango yigenga. Ibyo byagerwaho habayeho gushyiraho amategeko n'ibihano bikwiye ku bahohotera abandi, guhugura abantu b'ibyiciro binyuranye, gutegura amarushanwa yamagana ihohoterwa iryo ari ryo ryose, gushyiraho amatsinda n'ibigo byihariye bishinzwe gukumira no kurwanya ihohoterwa n'ibindi.

Bityo rero, umuco w'amahoro ugomba guhera ku muntu ubwe, akawusakaza mu bandi, ugakwira igihugu ndetse n'isi yose kuko "Ijya kurisha ihera ku rugo". Buri wese ahamagariwe kuba ijisho rya mugenzi we, akagaragaza hakiri kare imyitwarire yatuma umuryango uhungabana ntugere ku iterambere rirambye.

### I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Uburenganzira bwa muntu bugaragazwa n'iki?
2. Ni izihe ngaruka zishobora kuba ku muntu wahohotewe?
3. Ni izihe ngamba zafatwa kugira ngo hakumirwe ihohoterwa?
4. Tanga ingero byibura eshanu zigaragaza ibikorwa by'ihohoterwa.
5. Wafasha ute uwahohotewe?
6. Ni ba nde bakwiye kurwanya ihohoterwa?

### II. Ibibazo by'inyunguramagambo

1. Simbuza ijambo (amagambo) ryanditse ritsindagiye, impuzanyito iri mu mwandiko.

a) Uwahohotewe ntabaho mu **mahoro**.

b) Mu muco nyarwanda birabujijwe **kwambura** umuntu uburenganzira bwe.

c) Ufashwe ku ngufu ashobora gukurizamo kugira **ikangarana** rikomeye.

d) Dutozwa kwirinda gukoresha imvugo **ibabaza** umuntu.

5. 2. Kora interuro ngufi ukoresheje amagambo akurikira:

a) Umurage

b) Kwishyira ukizana

c) Ibiyobyabwenge

d) Ipfunwe

5. 3. Uzurisha izi nteruro amagambo avuye mu mwandiko.

a) Umuntu muzima arangwa n'.....mwiza wo guha .......buri muntu.

b) U Rwanda rwashyizeho....... arengera ikiremwa muntu.

c) Kurwanya....ni inshingano yacu twese.

### III. Ikibonezamvugo

1. Tanga ingero ebyiri z'inshinga zifite imizi yakomotse ku bwoko bw'amagambo bukurikira:

a) Ntera  b) Inyigana  c) Izina

2. Garagaza uturemajambo tw'inshinga zitsindagiye ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi.

a) Twirinde **gusesagura** ubuzima **budatangwa** na muntu.

b) Ibimenyetso byose **birafotorwa.**

**c) Gukazanura** byaracitse mu muco nyarwanda.

d) We **anezwa** no kwitabwaho.

# UMUTWE 2

# UMUCO NYARWANDA

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :**

- Gusesengura zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda hagaragazwa uturango twazo.

- Gusobanura iminozanganzo no kuyikoresha ahanga.

**Igikorwa cy'umwinjizo**

*Tekereza, maze ugaragaze bimwe mu bintu biranga umuco nyarwanda byanyuraga mu buvanganzo nyarwanda. Urebye nk'igihe bakosorana mu biganiro byabo, nk'ibyakorerwaga ibwami, mu muryango nyarwanda nk'igihe bungutse umwana, mu misango y'ubukwe n'ahandi.*

## II.1. Umwandiko: Babyirukanye ingoga mu gutamira



Babyirukanye ingoga mu gutamira
Abana ba Kigeri abyiruye
Bene Rwigurangoma rwa Ngoboka ya Rwangoruke
Aba bana se yabyaye bakuranye icyusa mu irya
Barasagambye nka Bisu bya Nyamihana
Baza guhanwa na nde ngo bitonde mu gutamira
Uwakabahannye ko ari mukuru wabo
Bakaba bakoma ku ngeso yawe!
Iyo ngeso barayibyariye abami
Ba Bwimandubaruba na Bwimanduga

Barabishyuhaguza ibihaza!

Rutarindwa
Ati: "Ndi igisoka singihazwa n'agasate,"
Ndi umutware w'Ibisumizi
Ibyo mwumva ge nzigira mu Gisigari
Iyo bahinga mu Rukubye, na rwo rukoroha
Nkamenya guhangira inyama!

Sharangabo
Agira imandwa ikaba indubizi
Ati: "Munyijyanire i Nyakabanda ka Kigali
Bandebere cya giti kiri aho kikitwa umuvure
Bacyuzuze amazi n'imineke ngumye kubayagura
Sinteze guhezera na mugenzi wange!"

Nshozamihigo
Yariye kandore y' i Nduga
Ayimiragura ayivanga n' ibivuzo
Bigeze mu nda biragugara
Ati: "Munyegereze ibitoke n'ibijumba n'umubanji
Ngumye nkomere mu nda yange
Ngana Mugaza wa nzovu.

Gashamura
Abona ubwato ntazihazine
Akazengerezwa nk'uwasinze
Rutarindwa yagira ngo ariyubanganya
Akabimyoza aho imbere ye
Ibisumizi bimukobye
Ati: "Ngira umusongozi gito
Akantekera imiranzi y'inyama
N'imitura y'ibishyimbo
Ntagomba guhisha aragapfa azamenya ingeso".
Rukangirashyamba aje kumuhana
Ati: "Ni ukuri mwana wange
Ni uko nyine uruzi nisaziye
Umuganura waramuka waje ntiwansumbya umuhogo.

Bisangwa ni mukuru utabakoma
Iyo akubirije imvuruge y'isogi
N'imitura y'ibishyimbo ntareka bihora
We aravunjagura agacisha ruguru
Ati: "Nagabanye ibigega
Mumpakurire umutsima munini

Ungana cya kigega kerekeye mu Koko
Nge ndabasumbya mu kurya!"
Rwayitare yatamiye intore
I Bunganyana rya Nyirabitero
Aracyatamba gusaba imyuko
Rwangeyo ati: "Ndi Umunyiginya mukuru
I Kundamvura ya Bitero, nkikundisha isogi
Yamara kuyirya akaganya mu mabondo ikagugara".

Rukangamiheto yakangase amenyo ku magufwa
Arahunja n'igitondora, ndamureba ndamugaya
Nti: "Mbe nyamuhunja ko utarobanura"?
Ati: "Sinabona akanya nasiga inyuma

Muryamo yarateye, byantera agahinda”.
Yenda ibihaha byayo arakoranya n’imyijima
Ahinduka rugara mu nzu
Ntiyabona ibitotsi byo kuryama
Ruyimbo ararenza n’umugongo
Inda iramugora arahemuka.

Nzirabatinyi yagugunnye ingoma
Imikoba iramwica mu bijigo
Muzarebe Rubanda rwa Rwingwe
Acuma amabondo
Sezikeye ati: “Ge ngira iryinyo rikaba intorezo
Narikomanga ku nkoro inkono iri ku ziko”.
Nti: “Muranyongere inyama
Akaba umwaka atarabaga
Yamara kubaga bugatuma yiyegura imiryango
Akaba ukwe!

Kamarashavu yishinze inkori z’i Kigali
I Bugagara bwa Nyiragasogwe
Bashyizemo amavuta n’umunyu
Aragumya yoreza iyo!
Karunganwa ati: “Ndi umwana w’Umwami
Mvuka mu nda y’ingoma
Simenya guterera mira bunguri”.
Cyitatire yariye ubushaza i Shegama
Maze se aramwanga ngo yamucuze impamba.
Musinga yamiraguye imitura y’ibishyimbo

Bahutira ihene ku nda barakubita n’ububaya
Yaguye impishyi bacisha mu bigega.
Muhigirwa yahigiye ingundu y’abatunzi
Agaca mu cyanzu
Nahace arahakwiye
Agatsinda yameze aye menyo
Yo kubagira ibimasa mu Nyamagana.

Rwabirinda yarindiriye abicaye ku ziko
Bahembwe ngo bararinda cyane
Ashakira inzira mu mwinjiro
Arabiyogoza mu buriri.
Ati: “Ndi mukuru nkabahenda
Twatigirira ibyo kwiba nabananize cyane”.

Kayijuka bamuhaye ikibo, icyansi, n'icyabya
Byose asa na cya Nyarwaya
I Nyarubuye hari ibigoryi bibiri
Hari n'undi nabwiwe
Ngo ntibagisumbanya ingeso
Mubashyiremo na nyirabo Rwabizamurego
Cya gicuba k'i Bumbogo cyaramuka cyaje
Rugoma rubuganizwa ijana yagabanywa ite?
Ariko nayanywe arabikwiye
We uhora azizana akazongera mu ze!

Yazinyaze ibindi bihugu.

*(Cyahimbwe na Senkabura ya Kibaba wo mu Rusenyi.)*

### II.1.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.*

**Imyitozo**

1. Koresha amagambo akurikira dusanga mu mwandiko mu nteruro wihimbiye:

a) Guhakura umutsima
b) Umusongozi
c) Indubizi
d) Guhunja

2. Buri jambo ritsindagiye risimbuze iryo bivuga kimwe riboneka mu mwandiko kandi usanishe neza interuro wahawe:

a) Kampayana ngo yaba yarahuhuwe n'ivutu yatewe n'ibikeregete by'imitura.
b) Aba bana koko babyirukanye imbaraga mu kubasha rukacarara.
c) Kabutura yakurikije ingeso ya se
d) Rutamizabiri **umiragura yokerwa** ibisogi bishyushye ubutunguruza asangira ate na ba Kazehe?

## II.1.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira" hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

1. Hari imyifatire y'umunyenda mbi igaragara mu mwandiko? Yivuge.
2. Hari ibihemu bivugwa mu mwandiko. Bivuge.
3. Mu buse nta we batinya na busa. Bigaragaze utanga ingero mu mwandiko.
4. Shaka muri uyu mwandiko ingingo zisekeje usobanura n'impamvu zisekeje.
5. Shaka muri uyu mwandiko amazina y'abana (ibikomangoma) bavuzwemo bakomoka kuri Kigeli IV Rwabugiri.
6. Hari amwe mu mazina y'abantu n'ay'ahantu avugwa mu mwandiko. Yashake muri iki kinyatuzu ujya iburyo, ibumoso, hasi cyangwa hejuru.

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| R | S | G | U | A | N | G | I | S | U | M |
| U | N | U | B | U | G | A | G | A | R | A |
| T | O | G | O | M | B | U | B | I | Z | Y |
| A | I | L | E | G | I | K | A | E | A | N |
| R | Y | M | U | H | I | G | I | R | W | A |
| I | U | S | I | B | I | L | A | G | I | K |
| N | D | U | G | A | R | K | O | K | O | P |
| D | J | M | D | S | H | E | G | A | M | A |
| W | S | H | A | R | A | N | G | A | B | O |
| A | G | A | S | H | A | M | U | R | A | S |

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

### II.1.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira" hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

1. Uyu mwandiko ushobora kugira inyito y'umutwe urenze umwe, tanga ingero zawubera umutwe.
2. Tanga inama kuri ba rutamizabiri bashobora kuboneka mu bigero byose by'abantu.
3. Garagaza ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.
   4. Muri uyu mwandiko, ukurikije inyurabwenge, umuhanzi agamije gusebya abatware? Sobanura.

## II.2. Igisigo cy'ubuse

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira" ugereranye ibivugwamo n'ibyavugwaga mu yindi myandiko wize, maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza y'igisigo cy'ubuse, ugaragaze uturango twacyo n'akamaro ko kukiga.*

### II.2.1. Inshoza y'igisigo cy'ubuse

Abasesenguye neza ibisigo by'ubuse bagaragaje ko igisigo cy'ubuse ari umwandiko w'ubuvanganzo uba uhimbitse nk'ibisetso ndetse birenze ibisetso bigasa n'ibisebanyo. Ni inganzo yaba yaravukiye mu matorero y'intore, aho wasangaga abantu biga kuvuga neza, bagacyocyorana ntihagire urakara; uwarakaraga mu biganiro bakamwita igifura kitazi kuba mu bandi cyangwa akitwa umunyamusozi. Abantu batazi gutarama barakazwaga n'ibyo bisigo babitaga **ibifura.** Ubusanzwe ubuse ni umushyikirano w'abase n'abantu bo mu bwoko bubamarira urubanza, ukarangwa no gushotorana basa n'abatukana ariko ntibigire uwo birakaza.

### II.2.2. Uturango tw'igisigo cy'ubuse

Ibisigo by'ubuse birangwa no kuba bisetsa ariko bisa n'ibisebanya cyangwa bisesereza. Usanga kandi bakoreshamo tumwe mu turango tw'ubusizi.

Abahimbaga ibisigo by'ubuse, babaga bagambiriye gusetsa abandi bahungu. Mu basizi bazwi baba barakenetse inganzo y'ibisigo by'ubuse harimo Musenyeri Alegisi Kagame. Yaje guhimbazwa n'iyi nganzo y'ibisigo by'ubuse maze arayigana ahimba umuvugo muremure yakubiye mu gatabo yise "Indyoheshabirayi". Muri ako gatabo Kagame atera ubuse umwami Mutara Rudahigwa n'abatware be. Ako gatabo kasohotse bakiriho ariko ntawamurakariye kuko bose bari bamenyereye iyo nganzo.

Kagame arondoramo ubusambo bw'abatware ku nyama y'ingurube, agaragaza ko abanyaporitiki bo hejuru (umwami n'abatware) ari abantu nk'abandi bashobora gucuranwa. Agaragaza kandi ko no mu bwami hatakiri ibintu by'ibanga bituma ibihakorerwa bitamenyekana muri rubanda.

### II.2.3. Akamaro ko kwiga igisigo cy'ubuse

Kwiga ibisigo by'ubuse bifite akamaro kuko bituma umuntu yongera ubushobozi mu by'ubuhanzi. Bituma kandi akeneka iyi nganzo yo guseka ingeso z'abantu bamwe na bamwe kugira ngo bikosore. Binatoza kandi abantu kuba intyoza mu biganiro n'ibitaramo ndetse no kutaba ibifura ngo barakazwe n'ibiganiro birimo inganzo y'ubuse.

**Umwitozo**

Garagaza uturango tw'ibisigo by'ubuse n'akamaro ko kubyiga.

## II.3. Umwandiko: Ukwibyara

Ukwibyara gutera ababyeyi ineza,
Batambira b'ineza,
Munozandagano wa Nsana ya Buhanzi,
Mukuva iwa Nyamuhanza,
Muhanuzi wadutsindiraga amahano,
Muhumuza, Umuhozi
Waturiha ibyo yagurwa i Kiganda
Kigeli cya Ngerekera.
Uko muturuka isoko imwe,
Ni ko musangiye ingeso.

Muri Imisumba yo ku Rusumamigezi
Kwa Gisanura amasugi yanyu
Azira igisasa.
Mwarashatse birabakundira,
Mumera amaboko arabakamira
Inka mukoye mu Byaguka
Zitugwiriza imihana
Imfura nzima isubiza ku izina rya se,
Basanganizwa b'impundu.
Yakura impuha
Mpangarijekure
Ya Mwuhirakare we, Mukanganwa
Yari yagishiye i Bunyambo Nyarume;
Rumeza nyiri uburezi
Buzamagana amacwa,
Aca inka mo amaziri,
Mazina ya Gasenga
Adusendera imisaka ya Rusenge
Mwahonotse mwese.
Kurya mucurwa n'inyundo ziramye
Muri abarenzi
Bo mu mirinzi ya Cyarubazi
Abanyakirima muzira icyangwe mu minwe
Mwameze ibiganza bitatugwabiza
Mugira amaguru atugabira
Abagabe b'i Ruganda
Mwitwa ingendutsi
Mwatubereye imbyeyi n'imazi,
Muri abami b'akamazi
Tuzi icyo mwamaze.
Muri imanzi z'uburezi
Muri ibirezi byamye i Buriza na Buremera
Muri abaremere b'i Tanda
Muri abature b'i Tenda
Muri abo ku isi itengerana
Ku Rutambamitavu,
Muri intwari zitarutana,
Muri bene iteka ritahava,

Muri bene umutungo mwiza

Mwaraduhatse muraturemaza,
Mutwubakira amarembo y'intungane
Tubita inturarwanda
Nta byikamize urakimana
Wadukamiye amata angana imvura,

Ntitugira umuvuro
Tubyuka dusenga
Ugasukiranya urugwiro
Sango, ba so na ba sogokuru,
Bakwangiye isange

Ngo abazakwanga
Uzabakuze umusanzu n'umuganda,
Abagusigaranye imbuto n'intanga
Bakuraze izi ntarama
Zo ku Rutambamyato

No ku Rutambabiru
Kwa Matungiro mu Ntaho ndende
Data Cyilima nyiri Ikinguge
Kigirira cyo mu nzeru,
Mazina yarakwigeze

Ngo urabe mugenzi we
Ngo uzarasanire ingoma nka we,
Uzagabe nka Gisanura,
Uzadusubiranye uko wadusanze
Ny'ebisu by'emisango

Umugabekazi waduhekeye
Aduhaka nk'umugabo
Ntidusunikwa mu rugo rwa Mudasobwa
Yadutunze nka Nyiratunga
Nacuriye n'amahari

Nzi ko mutazacibwa inka:
Duhorana inshungu,
Mucana umuriro utazima
Muri inzungu za Bwima
N'iwa Bwagiro ku Buyumbu.

Nimugarishye mwaraganje

Mwagagaze mukuze uruharo
Umwami uhawe uruharo
Arwigiza imbere.
Mwambereye igisaga
Ntimugira igisasa, Mbasenge:

## CYILIMA I RUGWE

Na we musenge, musagurire
Mumuhe urubanza
Mureke abanze
Nabanze Muhongerwa
Muhoranampongano
Buhoro buzira igihunga
Buhatsi bw'impundu n'imposha,
Samukuru wa Samukondo
Mukozi wa Rugwizabisiza
Nyamugisha
Wandururaga imigisha y'abandi bami
Yasanze bahinze arasarura.

## KIGELI I MUKOBANYA

Mukobanya ni we mukuru
Na we musenge musagurire
Mumuhe urubanza
Mureke abanze
Nabanze mugabo mu nka
Nyirazo azirimo
Bazigama ingoma
Bazigura se ku ngoma,
Bazindukira intambara
Bitambara nyiri urutete
Uwatanyaga umunyabutatu
Umushi yatambitse ingabo mu nzira
Mumuhe rugari atambe imyato
Mumuhe agasongoro k'ubugabo
Agira uMusanago w'ingoma
Mu Musanadura yaraharindiye
Arinduza Umugoyi.

## MIBAMBWE I SEKARONGORO I MUTABAZI

Gisamamfuke, umurasanyi
Na we musenge, musagurire
Mumuhe urubanza
Mureke abanze.

Nabanze Mabarabiri
Nkovu imbere, Mbogoye
Nyiri imbuga mu mbone
Rutsinda, nyiri urutsike
Rwatuviramo urutsiro

Adutsindira inzimu
Kizimiza, Nzogoma
Rugasira rwarasanaga mu nka za se.
Amahindu azihungiye
Arazihumbiririza

Rutukuzandoro, umwami w'intwari
Mumuhaye ubugabo
Mumuhingure ingoma
Mu murongo uje
Yarwaniye Nyamurunga.

## YUHI II GAHIMA

Gahima, Mihayo y'ingoma
Na we musenge musagurire,
Mumuhe urubanza
Mureke abanze
Nabanze wa Mukundwa

Wa Mukomeza w'inkuna
Wa mwami wo mu Makungu
Mutoramakungu, Rwinkindi
Nkomyerume ya Misaya
Wadusendera inkundwakazi ya Nkozurugendo

Uwo ni inyamibwa mu ntwari
Zamuhaye ubutware
Zimuterekaho imfizi ya Bicaniro
Ngo azabacira imihigo.

## NDAHIRO II CYAMATARE

Nshe abami urubanza
Mbasenge bose
Na we musenge, musagurire,
Mumuhe urubanza
Mureke abanze,
Nabanze Bugiri, umwigire,
Wagira ingoma z'ingombe
Ngo afite umugombozi.
Atanga ibyo atunze
Atega ibizaza ngo azigire Ndoli
Ndahiro aruhira
Ngo Rubyukiranyangoma nabyukire,
Nabyukuruka yinikize inka
Zitaretsa ntiziranze
Ngo yaziziburiye imoko.

**RUGANZU II NDOLI**

Kibabarira, wa mwami
Watugirira ibambe.
Avuye iw'abandi
Na we musenge, musagurire
Mumuhe urubanza
Mureke abanze
Nabanze Gacamukanda
Bicuba, umuci w'inzigo
Nyabuzima, umuzimurura
W'ibyari byazimiye;
Umuzahura w'ibyo asanze
Nyamushinga aturasanira ubutazadushira,
Yica abanzi barashira.
Cyungura umwami wo ku Cyuma
Azanye Cyubahiro
Yitwa Kihabugabo.
Karuhura we yarushwa ate
Ko yahoreye se ashishikaye,
Ingabo ye akayagagaza mu Bugara?
Umuganda akawigiza mu rumira

Bagabo aho mutaragera
Uwo mugabo mwamugera nde?

## MUTARA I NSORO II SEMUGESHI

Ngabo yica ingome
Na we musenge musagurire
Mumuhe urubanza
Nabanze Rwirabanzarwe
Wa mwami w'i Buziga, Nzogera
Wa mwami w'i Butazika, Nyonga,
Nyiri inyumba, Munyundo.
Nyunga ya Ruganzu
Wa mwami wahabwa Karinga
Akayambika karindwi
Mirindi shebuja wa Nyamiringa,
Ruyenzi rwasiye
Isugi yo mu Byanganzara
Ntimwamuzimba ubugabo

## KIGELI II NYAMUHESHERA

Bugabo burimo ubugongo
Na we musenge, musagurire
Mumuhe urubanza,
Mureke abanze
Nabanze Umwami w'i Shunga
Nyiri ishya ry'inka n'ingoma
Nyiri ingabo itagwabiza Mucuzi
Nyiri icumu ryica Abahunde
Nyiri iminyago cumi
Yari acaniye
Imbere ya Bwambaramigezi
Mudasongerwa ari ku isonga y'ingabo
Muhundwa ingoma yahawe
Yarayihunze ayinyagira ibihumbi.

## MIBAMBWE II SEKARONGORO II GISANURA

Na we musenge, musagurire
Mumuhe urubanza,

Mureke abanze
Nabanze Nyamugenza
Umwamiw'i Muganza,
Rugabishamaguru
Maboko atanga atagabanya
Bwobabuke, Bwanzabuke,
Burega bwa Mutima,
Yari atetse imbere ya Mwumba
Cyubahiro amahanga yamutinyiye ubugabo
Ubwo akangiye icyanya
Cyanwa azanye ikeyi
Inkoni zimwasa agahama.

## YUHI III MAZIMAPAKA

Gashirabwoba wa mwami
Mukuraho ubushongore n'ubushami
Na we musenge, musagurire,
Mumuhe urubanza
Mureke abanze.
Nabanze Kamarampaka, Mudahakana
Muhakanaguhonga
Muhanankamwa
Mukanza, Umwami w'Abakaraza
Yakandagiye Nyiri i Nkoma
Yamwikoreje
Amukura ku ngoma
Ngo mbahe yari yubatse
Mu bitwa bya Muhima
Umuhinza wari uhanze
Yuhi aramuhangamura.

## CYILIMA II RUJUGIRA

Ruhungurabirwa,
Ruhakamiryango
Na we musenge, musagurire
Mumuhe urubanza
Mureke abanze
Nabanze Rwezamariba

Murerampabe, Bihubi
Ruhugukira mbare rwa Kibonwa
Wa mwami wa Gisanura na Gisago
Rusagurirandekezi
Mutazimbwa yica Mazuba
Arimburirako inzigo
Muzigirwa, ibindi bihugu
Yabizimbye ubugabo
Abizingazingira rimwe.

## KIGELI III NDABARASA

Ya ntwari y'igisaga, sogokuru,
Se w'ababyazi bawe bombi
Na we musenge, musagurire
Mumuhe urubanza
Mureke abanze
Nabanze Nyemazi
Rwemarika rwa Munyagampenzi
Watunyagira impenda
I Bugabe bwa Muruzi
Uruzi izi ngoma zigeze ku ijana
Abakoni barakuya
Iminyago ya Rusumbamitwe
Ntizirava inyuma
Iza Mirego ya Bugabo.

## MIBAMBWE MUTABAZI SENTABYO

Rugababihumbi
Na we musenge, musagurire
Mumuhe urubanza,
Mureke abanze
Nabanze Ruhanga rutsinda amahanga,
Umudahinyuka, Umutanguha
Mutambisha batimbo
Mutandi wa Birasana
Sabuhanzi, Umuhangurabashonji
Buriza burese ubugabo

Yahanuye Nsoro,
Atunyagira inka i Bwongera,
Yongeramo n'izo mu Bugote
N'izo yavana mu Bwiriri
Bwimba bwa Misakura.

## YUHI IV GAHINDIRO

Sohoringoma so wawe
Na we musenge musagurire,
Mumuhe urubanza,
Mureke abanze.
Nabanze Zingazinywe
Shoza yuhire,
Rwuhanyanzira
Mazina, Maza
Yica Nyiri u Buzi
Nyina amuzana ko mpiri
Abo bahinza yabateyemo umukenya
Ntawacaniye
Ntawasize akana,
Yuhi abacukuza umuriro
Micomyiza umuci w'inkamba
Umurasanira w'ingoma
Yayanganiye n'amahari
Ayinyagira amahanga
Aho yaherewe iminyago irishya.

## MUTARA II RWOGERA

Aho ga nawe Nsoro mu bo nsenga
Sinagusiga inyuma!
Uri Biyamiza mu nzoza,
Ruziga, nyiri ibizinzo by'inka
Nyiri inkoni za Rusugi na Rusanga
Ushubije ku gihe cya Ruyenzi:
Ko wandikiye ubutwari
Ukiri muto
Ukaba uhotoye uruti

Ukiri umutavu
Nugera mu za bukuru
Wabaye ubukombe
Serukiramapfa
Amahanga atagukeje kare
Azagukirira he?
Kavunanka
Ugumye uvunye unyumvire
Wumve ayo nkuvuga
Nkwiture ineza!
N'ingoma yawe yandajeho umuzindu
Ngo karekare
Bakurire umwami ubwatsi
Umwogabyano ahaye Rwogera
Sinijanye, sinabajije
Ineza yawe intaha mu nda
Ababuzaga ge nari namenye
Ge wagusanganiye
Nsusurutse, Sango
Ndora usagurira rubanda rwawe
Ko amatwi yumva byiza,
Ko amaso abera kubona!
Ge wasanze ingoro y'Umwami
Isetse, isusurutse
Isa n'ingwa yera!
Nsanga Umwami mu ijabiro
Ari umutaho w'ijuru
Atamuye inzobe
Asa na Nzobe ikeye
Burakenkemura
Ngira imandwa nari nsanganywe
Ngira n'izo nshubije ku mutwe
Iyo myishywa ndayitambana
Sinatendwa mu mbare
Ubu Rukanira ntungire urukara
Winyita impezi
Sindi uwo guhera

Winkeka ubutati
Sinagaye umutungo w'umwami!
Ni uruharo rwambereye ikibuza!
Amage yo guhora mpingiriza arantinza
Isuka yinkura ku ngeso
Nimumburane!
Amaganya ntabangikana n'amagambo y'Imana!
Wandinze iyi manga,
Mana ibamburwa n'izindi
Imana yamaze amazinda
Nzigama ikoro ryawe
Nzi ko ndi umunyarukano
Nzigama n'impuhwe zawe
Zirimo urukundo n'urukumbuzi rwinshi
Bukombe bwa Mukanza
N'ubwo natebye
Sinatakaje imbare yawe
Sinata umwanya
Ntiwandobanuye mu nyuma
Mu mbare ndi uw'imbere
Ndi umupfumu wa Nyamurorwa
Mpora nkwereza nkaburengwa
Abo turata narabarushije
Abahayi b'ishyanga narabahojeje
Ngira impaka Umwami umpatse,
Mpakanya Rubyutsa
Ikinyoma kiramuhera
Umurundi twahize
Yuhi anshira imihigo
Mutimbuzi Nyiri i Ntora
Yica Mutaga,
Intiti zo kwa Mutaga ndazitetereza.
Nihanure amahanga
Nyabwire rwose ntazampaka
Sinakwisunga amahari
Narakeje Yuhi akankundira
Ni cyo banzirira
Ngo mpora mbaca urusa

Rwo kubaca urutsi.
Nzi ko barindiye ku busa
Urabahungure ubuhake
Izo mpezabwoko
Ntibagira amavu
Ntibagira amajyo
Ntibagira imbuto izaberera
Bararumbije
Bokamwe n'umuvumo n'umwikomo,
Yuhi abakomye ku ngoma
Nshe abami urubanza.
Nicariye inkoni
Nkomere nkomereho
Ndagiye imfizi itari ubwoba
Iziri ubwoba zirayihunga
Iziyishyamiye irazishyambya
Irashyira ku mutima zigatemba
Imfizi ya Kirira
Yarazuriye irazirambika
Biru b'imirama
Muhimbye imiriri
Muvugirize imirenge
Turamye iyi ngoma yacu
Yagomoroje imihana
Mbasenge mwese,
Mbasobanure, murasigiye
Ntimuvuka igisumbane
Muri Abagabe b'i Bukomasinde na Busakarirwa
Ngizo impundu mbahaye
Nzihaye abageni b'i Ngange
No mu Bugamba n'Abanyakayanza
No mu Nyazi za Kavumu
Zatubyariye Imfizi n'insumba
Mugasanura iyi miryango
Mpumurize Nyamarembo
Induba nzivuze

Nzigeze i Butara kwa Nyirantare,
N'iwa Ntagawe, mu mirinzi ya Kinyoni,
Muragahorana uruyundo
Rubyara izi nyonga
Izi nyundo zejeje imana
Ko muhora mubyarira ingoma
Mukazayibyirurira.

*Bifatiye ku byavuye mu gitabo k'Ikinyarwanda, umwaka wa Gatandatu, 2008, urup. 18-24*

## II. 3.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Ukwibyara", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.*

## Imyitozo

1. Uzurisha interuro zikurikira amwe mu magambo/inyunge z'amagambo akurikira avuye mu mwandiko: ubushongore, ubwanza, sinijanye, impenzi, amahano, umuhozi, agasongoro k'ubugabo, imisumba.

a) .................. z'umwami Kigeli II Nyamuheshera zatsinze abahunde.

b) Gisanura yari umwami utagira .................. ni yo mpamvu bamwitaga Rugabishabirenge.

c) Ruganzu II Ndoli yabaye umwami w' .................. kuko yahoreye ingoma ya se Cyamatare.

d) Ingabo zitwaraga neza ku rugamba zahabwaga .................. zitabarutse.

2. Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikiye impuzanyito zayo kandi ukore isanisha rikwiye aho ari ngombwa.

a) Mu karere kacu haguye imvura **y'amahindu** yangiza imyaka.

b) Yamuvuriye umwana **amuhigura** inka y'insumba.

**c) Intiti** z'iwacu zigira umuco.

3. Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro imbusane zayo.

a) Yashoreye inka **y'insumba** agiye kuzigororera uwamugiriye neza.

b) Mu muryango wabo ntibagira **igisasa**.

c) Mu biganza bye ntihabamo **ubwanza**.

d) Mu muco nyarwanda **umukobwa** yagombaga gushaka **umugabo** ari **isugi.**

4. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ku buryo wumva ibisobanuro byayo: amaziri, gusenda, impenda, abakaraza.

5. Andika igwizanyito z'ijambo "isugi".

## II.3.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Ukwibyara" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

1. Umwami uvugwa ku mukarago wa gatandatu ni nde? Kuki uwo mwami bamwita umuhozi?
2. Iyo usomye igisigo "Ukwibyara" kuva ku mukarago wa mbere kugeza ku wa mirongo kenda wumva havugwamo iki?
3. Mu mwandiko bagaragaza ko ari iki cyatumye Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura bamwita Rugabishabirenge? Byerekanwa n'uwuhe mukarago?
4. Ni iki umusizi avuga ko yazigamiye umwami wari wimye ingoma?
5. Ni iki umusizi avuga cyatumye atinda gutambira ishimwe Umwami?
6. Muri iki gisigo hari aho bavuga akamaro k'umugore, bigaragaza ko kera umugore yahabwaga agaciro. Andika imikarago ivugwamo abagore, maze uvuge abo bagore bavugwaga.

## II. 3.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Ukwibyara" hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

1. Ukurikije ibivugwa ku bami batandukanye, vuga umwami wagushimishije kurusha abandi n'impamvu yagushimishije.
2. "Ukwibyara gutera ababyeyi ineza". Sobanura uyu mukarago werekeza ku muco nyarwanda hanyuma utange n'urugero rw'umugani w'umugenurano wemeza igisubizo utanze.
3. Mukore ubushakashatsi ku mateka abafasha gusobanura igisigo "Ukwibyara" mugaragaze ubwoko bw'igisigo, umuhanzi wacyo n'ibindi bisigo yaba yarahanze.
4. Ni iki umusizi ashima muri rusange abami bavugwa mu gisigo "Ukwibyara"? Bihuriye he n'ibikwiye gukorwa mu buzima busanzwe?

## II. 3.1. Kungurana ibitekerezo ku ngingo z'amateka zo mu gisigo "Ukwibyara"

**Igikorwa**

*Mwungurane ibitekerezo ku ngingo z'amateka zikurikira zo mu gisigo: "Ukwibyara".*

**Ingingo z'amateka zo mu gisigo: "Ukwibyara".**

Imwe mu mikarago y'igisigo "Ukwibyara" n'amateka ayirimo.

1. **Waturiha ibyo yagurwa i Kiganda Kigeli cya Ngerekera (umukarago 7-8):** Biributsa ko Nyirangabo nyina wa Ndahiro wa II Cyamatare wari umugabekazi, abaja be n'abandi bagore bafatiwe mu Rubi rw'inyundo (i Kiganda) bakicwa urubozo. Kuva ubwo aho biciwe hitwa "Mu miko y'abakobwa".
2. **Mpangarije kure (...) Yari yagishiye i Bunyambo Nyarume (umukarago 21, 23):** Uvugwa aha ni Ruganzu II Ndoli. Mu mateka biributsa ko Ruganzu II Ndoli yari yarahungishirijwe i Karagwe kwa Karemera I Ndagara umugabo wa nyirasenge Nyabunyana. Icyo gihe Nsibura Nyebunga yari yayogoje u Rwanda,

   Ndahiro II Cyamatare se wa Ruganzu II Ndoli aricwa ndetse n'ingoma Rwoga iranyagwa.
3. **Nyamugisha wandururaga imigisha y'abandi bami, Yasanze bahinze arasarura (umukarago 101-102):**

   Uvugwa aha ni Cyilima I Rugwe. Cyilima I Rugwe yari yaragurije umugeni uzatuma agira amahirwe akanakomera. Bamuraguriye Nyanguge ya Sagashya Umwami w'u Bugufi maze asanga yarasabwe na Nsoro I Bihembe Umwami w'u Bugesera. Ubwo bamugiriye inama yo kuzakora uko ashoboye kugira ngo abe ari we umurongora mbere. Ubwo yashatse ubucuti kuri Nsoro Bihembe abifashwamo n'umukono witwa Nkima wari utuye i Nyamweru, mwene wabo wa rwihishwa. Nsoro yabanye na Nyanguge ariko yaratewe inda na Cyilima I Rugwe. Nyanguge ageze igihe cyo kubyara inda y'uburiza yacitse Nsoro Bihembe asanga Cyilima I Rugwe. Iyo nda yavutsemo Kigeli I Mukobanya, wazunguye Cyilima I Rugwe.
4. **Nabanze mugabo mu nka nyirazo azirimo (umukarago 108-109):** biributsa ko Kigeli I Mukobanya se Cyilima I Rugwe yamuraze ingoma ku mugaragaro igihe yari amaze kwica Murinda wategekaga hakurya ya

Nyabarongo. Icyo gihe ni bwo Cyilima I Rugwe yahaye Mukobanya izina rya Kigeli.

5. **Bazindukira intambara Bitambara nyiri urutete (umukarago 111-112):** Kigeli I Mukobanya yari umunyentambara. Yagabye ibitero byinshi: Yateye Nkuba ya Nyabakonjo wari utuye i Jabana rya Kabuye n'i Nyamisanga ya Jari, atera Kigina watwaraga mu Buriza atera Sambwe rya Cyabugimbi watwaraga u Bumbogo n'u Busigi, anatera Ruyenzi na Kinyambi.

6. **Uwatanyaga umunyabutatu Umushi yatambitse ingabo mu nzira (umukarago 114-115):** Umushi uvugwa nanone ni Mulinda wishwe na Kigeli I Mukobanya.

7. **Nabanze Mabarabiri Nkovu imbere, Mbogoye Nyiri imbuga mu mbone (umukarago 125-127):** Uvugwa muri iyo mikarago ni Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi wakomeretse mu gahanga mu gitero Abanyoro bateye mu Rwanda maze amaraso agashoka, akagira amabara abiri, iry'umubiri n'iry'amaraso. Yagize inkovu mu gahanga kubera kuraswa, bivuga ko batamurashe ahunga. Muri icyo gitero Mibambwe I yagerageje kwitabaza u Bugesera, i Gisaka n'i Nduga ariko ibyo bihugu byanga kumutabara. Mibambwe ahitamo guhungana n'ingabo, abaturage ndetse n'amatungo. Yahungiye mu Bushi kuri ubu ni Bukavu. Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi n' abantu be bahungutse bumvise ko Cwa I, Umwami w'Abanyoro yatanze.

8. **Nkomyurume ya Misaya: Nkomyurume ni Yuhi II Gahima Wadusendera inkundwakazi ya Nkozurugendo (umukarago 148-149):** inkundwakazi ivugwa hano ni Shetsa wari umugore wa Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi. Yari yaramukundwakaje cyane maze bimutera kwigira igishegabo kugera ubwo yategetse umwami ko banywana kandi bitabaho, ahubwo ari ukugira ngo umuhungu we Hondi azabe ari we uragwa ingoma. Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I abibonye atyo yashatse undi mugore rwihishwa ari we Matama ya Bigega w'i Buha, umusizi yita Misaya. Yamutungiye kure ya Shetsa ariko abiziranyeho n'abiru. Matama rero ni we wabyaye Gahima. Mibambwe yaje gutanga Shetsa n'urubyaro rwe baricwa.

9. **Wagira ingoma z'ingombe (umukarago 160)**: Uyu mukarago uributsa ko Ndahiro II Cyamatare yagize ubwami burimo ibibazo byinshi: Abavandimwe be Bamara, Juru, Bwimba, Karangane, Mutezi, na Binama wari waravutse kwa Samukende, Umwami w'i Bungwe barwaniye ingoma banga kuyoboka Ndahiro wa II Cyamatare, u Rwanda rucikamo ibice bibiri: Juru yigarurira igice cyo hakurya ya Nyabarongo (u Buriza), naho uburengerazuba buyoboka Ndahiro II Cyamatare. Juru amaze gupfa, kimwe na Mutezi na Bwimba, Bamara ashaka gusimbura uwo Juru. Kugira ngo abigereho, yiyemeza gutatira abavandimwe, yitabaza Nsibura Nyebunga, Umwami w'umushi wari umaze kwigarurira Ijwi. Nsibura Nyebunga yateye u

Rwanda Ndahiro II Cyamatare ari ku ngoma, urugamba rukomeye ruremera i Gitarama. Ingoma y'Ingabe Rwoga iranyagwa. Ndahiro II Cyamatare agwa ahitwa Rugara amaze kwambuka umugezi wa Kibirira aho bise i Rubi rw'i Nyundo.

10. **Watugirira ibambe, avuye iw'abandi (umukarago 171-1710):** Ruganzu II Ndoli yimye ingoma avuye i Karagwe kwa nyirasenge Nyabunyana aho yari yarahungishirijwe.

11. **Nyabuzima, umuzimurura w'ibyari byazimiye (umukarago 178-179):** Biributsa ko Ruganzu II Ndoli ari we wahanze ingoma y'ingabe Karinga ngo isimbure Rwoga yari yaratwawe na Nsibura Nyebunga umushi.

12. **Nyabuzima, umuzimurura w'ibyari byazimiye; Umuzahura w'ibyo asanze (umukarago 178-180):** Bavuga ko Ndahiro II Cyamatare amaze gutanga, amapfa yateye, imvura ikanga kugwa, inka zikanga kubyara, inkoko zikanga guturaga. Ruganzu II Ndoli ageze mu Gihugu imvura yaraguye, inka zirabyara, imbyeyi ziravumera, imfizi zirivuga, inkoko ziraturaga. Ni we wagaruye ubuzima mu Gihugu.

13. **Ko yahoreye se ashishikaye Ingabo ye akayagagaza mu Bugara? (umukarago 187-188):** Igitero cya mbere cya Ndoli ni icyo yagabye i Bunyabungo kwa Nsibura Nyebunga ahorera se Ndahiro II Cyamatare. Yahereye ku mpugu z'umweya w'i Kivu uteganye n'Ijwi nyuma na ryo ararinesha. Icyo gihe yishe Nsibura Nyebunga Umwami w'u Bunyabungo ahorera se atyo. Ruganzu II Ndoli ntiyarekeye aho, yarakomeje atera Nzira ya Muramira Umwami w'u Bugara wari waratabaye Nsibura atera Ndahiro. Amaze kwica Nzira ni bwo abasizi bamwise izina rya Cyambarantama, kigaruriye u Bugara. Yateye abami b'igihugu cy'u Buhoma cyategekwaga n' Ababanda b'abahinza. Icyo gihugu yagihinduye umusaka, anyaga inka, abagore n'abana. Ingoma y'ingabe yabo Nkandagiyabagome na yo arayinyaga, ingoma y'u Buhoma izima ityo. Ibyo bitero byose Ruganzu II Ndoli yagabye yabifatanyije n'ingabo ze zitwa Ibisumizi. Amateka avuga ko Ruganzu II Ndoli ari we mwami wa mbere watangiye kugaba ibitero byinshi byo kwagura Igihugu.

14. **Nabanze rwirabanzarwe (umukarago 196):** Uyu mukarago uributsa ko ba Mutara bari abami b'inka, ni bo bakoraga umuhango w'ubwiru w'Inzira y'ishora.

15. **Wa Mwami wahabwa Karinga: Akayambika karindwi (umukarago 201-202):** Biributsa ko Mutara I Nsoro II Semugeshi ari we wanyaze Abenengwe igihugu k'i Bungwe. Icyo gihe u Bungwe bwari bugizwe n'u Busanza bw'amagepfo, u Bufundu, Nyaruguru, Bashumba, Nyakare, u Buyenzi.

16. **Nyiri icumu ryica Abahunde (umukarago 214):** ibi biributsa ko Kigeli II Nyamuheshera yateye u Buhunde akabuvogera.

17. **Nyiri iminyago cumi (umukarago 215):** ibi biributsa ko mu minyago y'ibitero bya Kigeli II Nyamuheshera hatarimo inka gusa; hajemo n'ihene zari ndende cyane zisumba izari zisanzwe mu Rwanda. Izo hene yazizanye ibwami baziha umushumba bazita n'izina "Akamenesho." Mu minyago hajemo n'ibishyimbo bivuye i Bushengere ho muri Kigezi. Ibyo bishyimbo byasimbuye ibiharo. Mu mateka kandi Kigeli II Nyamuheshera afatanyije n'ingabo ze zitwa Inkingi yabaye umurwanyi cyane.Yaguye u Rwanda yigarurira uturere twinshi: Kinyaga cya Bukunzi na Busozo; u Bwanacyambwe bwari bwarajyanywe n'i Gisaka.

18. **Rugabishamaguru Maboko atanga atagabanya (umukarago 256-127):** Umwami Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura azwiho kugira ubwitonzi, kugira ubuntu, guha amata abakene begereye ibwami. Azwiho no kuba umucamanza utabera kandi wangaga ibihano bidakwiriye umuntu.

19. **Ubwo akangiye icyanya Cyanwa azanye ikeyi Inkoni zimwasa agahama (umukarago 232-234):** Iyi mikarago iributsa ko Ntare III Kivimira w'i Burundi yigeze gutera u Rwanda ari kumwe n'abantu bake agashaka kunyaga inka ziragiwe n'uwitwaga Rugaju. Icyo gihe Rugaju yamukubise inkoni ku gakanu yitura hasi. Ibyo Rugaju yakoze umusizi abyitirira Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura.

20. **Mukuraho ubushongore n'ubushami (umukarago 236):** Yuhi III Mazimpaka yabaye ikirangirire bitewe n'ubwiza bwe.

21. **Yakandagiye Nyiri i Nkoma Yamwikoreje (umukarago 244-245):** mu mateka Yuhi III Mazimpaka yishe Ntare III Kivimira, Umwami w'i Nkoma (i Burundi).

22. **Mutazibwa yica Mazuba (umukarago 261):** Mu mateka, ingabo za Cyilima II Rujugira zishe Umwami w'i Burundi Mutaga II Sebitungwa, zamutsinze i Nkanda (mu Karere ka Nyaruguru). Icyo gihe hari hakiri ah'u Burundi; ni na ho hari umurwa wa Mutaga III Sebitungwa.

23. **Watunyagira impenda i Bugabe bwa Muruzi (umukarago 273-274):** Twabonye ko impenda ari inka nyinshi. Mu mateka, iyo mikarago iratwibutsa ko Kigeli Ndabarasa yateye i Bugande, mu Ndorwa anyagayo inka nyinshi ndetse aturayo.

24. **Yahanuye Nsoro Atunyagira inka i Bwongera, Yongeramo n'izo mu Bugote N'izo yavana mu Bwiriri (umukarago 290-293):** Mibambwe Mutabazi Sentabyo yazinyaze Nsoro IV Nyamugeta. Rukombamazi n'iyo mfizi ni byo byarangaga ubwami bw'i Bugesera. Muri

ibyo bihe Nsoro Nyamugeta yabanje guhungira i Gisaka kwa Kimenyi IV Getura. Bari bafitanye isano. Nyuma yashatse kugaruka n'ingabo ze ngo yigarurire igihugu ke ariko ntibyamuhira kuko yafashwe akicwa. Icyo gihe ni bwo u Bugesera bwegamye burundu ku Rwanda ariko igice cy'amagepfo y'u Bugesera Ntare IV Rugamba w'i Burundi yari yaragifashe, kikanahera gityo.

25. **Nabanze zingazinywe shoza yuhire (umukarago 299-300):** Biributsa ko ba Yuhi ari abami b'inka.

26. **Yica Nyiri u Buzi Nyina amuzana aho mpiri (umukarago 303-304):** Biributsa ko Yuhi IV Gahindiro yishe Karinda umutegeka w'u Buzi, agahugu ko mu Buhunde mu majyaruguru y'ikiyaga cya Kivu maze nyina Nyirakarinda akamuzana mu minyago ari muzima.

27. **Abo bahinza yabateyemo umukenya Yayanganiye n'amahari (umukarago 305, 311):** Mu mateka, Gatarabuhura wari mwene se wa Sentabyo yohereje intumwa ngo zice Yuhi IV Gahindiro ngo ahereko yime mu Rwanda; ubwo Sentabyo yari amaze gutanga maze umwiru Rusuka aramuhungisha. Uyu Gatarabuhura yari yarigometse kuri Sentabyo amaze kwima ashaka gufata ubutegetsi ariko ntibyamuhira ahungira i Burundi. Ikindi amateka atubwira kuri Yuhi IV Gahindiro ni uko yimye ari muto se Sentabyo amaze gutanga maze ategekerwa na nyina Nyiratunga.

28. **Ko wandikiye ubutwari ukiri muto Ukaba uhotoye uruti ukiri umutavu ( umukarago 321-324):** Biributsa ko Mutara II Rwogera yimye akiri muto. Icyo gihe ni bwo u Rwanda rwagabye igitero i Burundi kiswe "Igitero cya Rwagetana"(kugeta bivuga gutema ugakuraho). U Rwanda rwayoborwaga n'umugabekazi Nyiramavugo Nyiramongi. Ariko igitero kitiriwe Mutara II Rwogera.

29. **Mpumurize Nyamarembo:** Nyamarembo uvugwa hano ni nyina wa Yuhi III Mazimpaka Nyirayuhi III Nyiramarembo. Uyu Nyirayuhi III yari umukono. Yicishije abana b'umwami babiri b'impanga, bituma umuhungu we atanga itegeko ryo kurimbura Abakono. Nyamarembo na we ubwe yariyahuye. Umusizi arahumuriza Abakono ababwira ko na bo bazakomeza kubyara abami.

## II.4. Ibisigo nyabami

### II.4.1. Inshoza, ibiranga ibisigo nyabami n'amako yabyo

## Igikorwa

*Ongera usome umwandiko "Ukwibyara" ugereranye ibiwuvugwamo n'ibyavugwaga mu yindi myandiko wize, maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza y'ibisigo nyabami, ubwoko bwabyo n'ibibiranga.*

### 1. Inshoza y'ibisigo nyabami

Ibisigo nyabami ni imivugo yasingizaga abami n'ingoma zabo ikoresheje amagambo y'indobanure. Byatangiriwe n'ibyo bitaga ibinyeto. Ijambo ibinyeto riva ku nshinga kunyeta bivuga gusingiza cyangwa kurata. Abahanzi b'ibinyeto babitaga abenge. Ibinyeto byabaga ari imivugo irata buri mwami ukwe. Bikaba bigufi, muri rusange bitarengeje imikarago makumyabiri.

Ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli nibwo umugabekazi we w'umutsindirano Nyirarumaga yahurije ibinyeto mu gisigo kimwe yise **"Umunsi ameza imiryango yose".** Kuva ubwo ibinyeto ntibyongera kubaho, ahubwo hatangira ibisigo. Ni ukuvuga ko umuntu wa mbere wemewe mu Rwanda nk'umusizi ari Nyirarumaga.

Ibisigo nyabami rero byatangiwe n'umugabekazi **Nyirarumaga** ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli. Icyo gihe igisigo cyabaga ari kirekire gisingiza umwami umwe cyangwa benshi. Abenge batangiye ubwo na bo bakajya bahimba ibisigo birebire bisingiza abami, noneho bahabwa agaciro gakomeye ibwami ndetse barema umutwe wabo (inteko y'abasizi) uyoborwa n**'intebe y'abasizi.**

### 2. Amoko y'ibisigo nyabami

Ibisigo nyabami bigabanyijemo amoko atatu: ikobyo (ikungu), ibyanzu n'impakanizi.

#### a) Ibisigo by'ikobyo/ikungu

Ibisigo by'ikobyo cyangwa ikungu ni ibisigo bigufi (ugereranyije n'impakanizi cyangwa ibyanzu) bihurutuye, bigiye umujyo umwe kuko bitagira ibika.

Bigira interuro (intangiriro) n'umusayuko. Igisigo k'ikobyo gisingiza umwami umwe.

**Ingero**

- None imana itumije abeshi, cyasizwe na **Mutsinzi** agitura Kigeri IV Rwabugiri.
- Umpe icyanzu cyasizwe na **Gahuriro** ku ngoma ya Mutara III Rudahigwa.

#### b) Ibisigo by'ibyanzu

Ibisigo by'ibyanzu ni ibisigo bigira ibika. Ibyo bika bitandukanywa n'inyikirizo. Mu bisigo by'ibyanzu umusizi avuga amateka y'abami ariko ntabakurikiranya uko bagiye

basimburana ku ngoma. Ibisigo by'ibyanzu ni bigufi ugereranyije n'impakanizi. Ibyanzu na byo bigira ibice bitatu: interuro, igihimba n'umusayuko.

Ingero: - **Naje kubara inkuru** cya **Sekarama** ka Mpumba, cyatuwe Kigeri IV Rwabugiri.

- **Ndi intumwa y'abami** cya **Ngorane.**

### c) Ibisigo by'impakanizi

Ibisigo by'impakanizi ni ibisigo bivuga amateka y'abami bibakurikiranya uko bagiye bazungurana ku ngoma, hagaheruka umwami utuwe igisigo. Ibisigo by'impakanizi bigira ibice bitatu: Interuro, impakanizi n'umusayuko.

#### Interuro

Mu nteruro, umusizi avuga muri make abami agiye gusingiza atabakurikiranya, ndetse atanabavuga amazina ahubwo agenda akomoza ku bikorwa byabo, akanagaragaza ko aje kurabukira umwami uriho.

#### Impakanizi

Mu mpakanizi, umusizi asingiza abami abavuga amazina uko bagiye bakurikirana ku ngoma, bose bagahurira ku nyikirizo imwe itangirira igisingizo cyabo. Iyo nyikirizo na yo yitwa **impakanizi.**

#### Umusayuko

Mu musayuko, umusizi asingizamo umwami atuye igisigo kandi aba ari we uri ku ngoma. Mu musayuko kandi umusizi atura umwami ubukene bwe kugira ngo agororerwe. Ibi ni byo bamwe bitaga «**kwisabira umuriro**».

Ibisigo by**'impakanizi** rero birangwa no kuba bikurikiranya abami uko bagiye basimburana ku ngoma no kuba bigira inyikirizo ari yo yitwa **impakanizi**.

**Ingero:** - **Ukwibyara** cya **Nyakayonga** ka Musare, cyatuwe umwami Mutara II Rwogera.

- **Bantumye kubaza umuhigo** cya **Nyabiguma** bya Sanzige, cyatuwe umwami Kirima II Rujugira.

## 3. Ibiranga ibisigo nyabami

Ibisigo nyabami birangwa no gusingiza abami n'ingoma zabo. Birangwa kandi n**'indezi**. Indezi ni ijambo cyangwa agatsiko k'amagambo asingiza cyangwa ataka umwami. Indezi ni nk'umutako umusizi ashyira mu gisigo kugira ngo kiryohere abacyumva.

Urugero rw'indezi mu gisigo "Ukwibyara": Ny'ebisu by'emisango (umukarago wa 74)

Ibisigo nyabami kandi birangwa n'**imikeshamvugo/iminozanganzo** itandukanye. Iminozanganzo ikoreshwa mu bisigo ni ishingiye ku njyana, imizimizo/imivugo n'imigoronzoranganzo itandukanye.

**Injyana** iboneka iyo umusizi yakoresheje amajwi asa mu magambo yegeranye mu nteruro, kugira ngo igire inshurango inogeye amatwi kandi yoroshye kuyifata mu mutwe. Injyana nk'uko twabibonye ishobora kuba isubirajwi/isubiramugemo cyangwa isubirajambo.

**Imizimizo/Imivugo** ni amagambo avugitse ku buryo bujimije, ku buryo bw'amarenga umusizi akoresha mu kuboneza imvugo ye atitaye ku byerekeranye no kuboneza amajwi cyangwa iyubakanteruro; ahubwo agashishikazwa no guha inyito isanzwe indi ntera (urundi rwego) bituma ihinduka inyito yindi.

**Imigoronzoranganzo**: Ishingiye mu gukina n'interuro n'amagambo aho umusizi ahinduranya amagambo y'interuro, arondora, akomora ijambo ku rindi n'ibindi.

**Imyitozo**

1. Ibisigo nyabami birimo ubwoko bungahe? Bugaragaze werekane n'itandukaniro riri hagati y'ubwo bwoko bw'ibisigo.
2. Erekana bimwe mu biranga ibisigo nyabami.

## II.4.2. Abasizi n'ibisigo byabo n'akamaro k'ibisigo nyabami

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi ugaragaze abasizi n'ibisigo byabo maze usobanure n'akamaro k'ibisigo nyabami.*

### 1. Abasizi n'ibisigo byabo

| Ingoma n'ibisigo | Umusizi |
|---|---|
| KWA Ruganzu II Ndoli | |
| 1. Umunsi ameza imiryango yose | Nyirarumaga |
| 2. Aho ishokeye inshotsi ya Gitarama | Nyirarumaga |
| KWA SEMUGESHI | |
| KWA KIGELI NYAMUHESHERA | - |
| 3. Nkure ibirego | Muguta |
| 4. Ye kwezi kwimirije impundu imbere. | Muguta |
| 5. Kanyuramfura | Muguta |
| **KWA MIBAMBWE GISANURA** | |
| 6. Nugure Ngozi nk'ingoma | Muguta |
| 7. Kireshyabakono | Muguta |
| 8. Kizi nzaba mpari mu kwambuka | Rukungu |

| | |
|---|---|
| 9. Ye kaze! Ye karame! | Muguta |
| 10. Nigire inama nanoga | Muguta |
| 11. Ye nkuru yizihiye inka | Muguta |
| **KWA YUHI MAZIMPAKA** | |
| 12. Ndi umupfumu w'inka | Ruhinda |
| 13. Umunsi yuhanya ajya Ruguru | Mirama |
| 14. Umunsi inkuba iganza intare | Mirama |
| 15. Umunsi yuhiza inka uburanga | Mirama |
| 16. Inka zigira ishorera | Nzabonariba |
| 17. Nshane nshana nte? | Sanzige |
| 18. Ngisaba he? | Mazimpaka |
| 19. Guhorera abazimu ntibamenye | Mazimpaka |
| 20. Bantu bansize mu ngabo | Mazimpaka |
| 21. Mpakanire abantu | Nzabonariba |
| 22. Singikunda ukundi | Mazimpaka |
| 23. Rucibwa rute urubanza | Bagorozi |
| **KWA CYILIMA RUJUGIRA** | |
| 24. Bantumye kubaza umuhigo | Nyabiguma |
| 25. Ibyuma bitsindira abami | Karimunda |
| 26. Ibyuma bimarira abami urubanza | Muhabura |
| 27. Iyo urubanza rwagombye abakuru | Nyamugenda |
| 28. Mbwira Bagorozi umunsi ugumye | Muhabura |
| 29. Zemeye inganzo ingongo | Bagorozi |
| 30. Abatabazi bagira ubatemera | Ndamira |

| | |
|---|---|
| 31. Urubanza ruhari ntiruhumburwa | Mbaraga |
| 32. Iminsi myiza irasa | Bagorozi |
| 33. Nsezere ingoro | Nzabonariba |
| 34. Zirimo umugabo | - |
| 35. Utatiye inkuba | - |
| 36. Ruganzabenshi | Sebukangaga |
| 37. Nigabe mu ruganda rugambirira abagabo | Bagorozi |
| 38. Ubonye ubuhake bw'umwami | - |
| 39. Umunsi yimuka i Mwumba | Nyabiguma |
| 40. Ko abwirije inka i Nduga | Bagorozi |
| 41. Inyota y'ingoma | Musare |
| 42. Nta kamara ishavu nko kubyara | - |
| 43. Uririra uwiyishe | Muhabura |
| 44. Umwami azira kubeshya | Nyabiguma |
| 45. Igitutsi kiruta ikindi | Bagorozi |
| 46. Ndaje nkubarire inkuru Nyankurwe | Kagaju |
| 47. Ubuhatsi bugira ubwoko | Bagorozi |
| 48. Iyo intwari zabaye nyinshi | Nyabiguma |
| 49. Riratukuye ishyembe icumita ibindi bihugu | Bagorozi |
| 50. Nihe amajerwe | Bagorozi |
| 51. Nta kigira inama mbi nk'intati | Ngogane |
| 52. Umurambi w'ingoma | Musare |

| | |
|---|---|
| KWA KIGELI NDABARASA | |
| 53. Agati bamanitse abami | - |
| 54. Mbwire umwami uko abandi bami bantumye | |
| 55. Batewe n'iki uburake | Musare |
| 56. None wamaze ubuhinge | Kibarake |
| **KWA MIBAMBWE SENTABYO** | |
| 57. Nshire umwami inkamba | Musare |
| 58. Uruguma runini | Ntibanyendera |
| 59. Ntawurenga icyo azira | Muganza |
| 60. Ingoma iraragwa ntiyibwa | Musare |
| 61. Mvurire ubuhake | Muganza |
| 62. Sinari nzi ko umwami yanganwa inka nk'umuhutu | Musare |
| 63. Inkovu icitse irushya abavuzi | Ntibanyendera |
| 64. Umunsi amarira Kigali | - |
| 65. Umwami si umuntu I | Semidogoro |
| 66. Umwami si umuntu II | Semidogoro |
| 67. Ko bavuga iridakuka abami | - |
| 68. Imana yabonye inka | Rukomo |
| 69. Turamutse mu mihigo | - |
| 70. Ikimbwira imana yamwimitse uko yasaga uwo mwana | Musare |
| 71. Ruhanga rucura inkumbi | Nsabimana |
| 72. Nsongere umwami inkomeri | - |

| | |
|---|---|
| 73. Nuzuye n'abami | Nsabimana |
| 74. Umunyiginya mutindi | Musare |
| 75. Kurya yashukiranyije ubuto n'ubutamire | Musare |
| 76. Ndi intumwa y'abami | Ngogane |
| 77. Urubanza abami bamarira ibihugu | Rukomo |
| **KWA YUHI GAHINDIRO** | |
| 78. Ukuri kwimutsa ikinyoma ku ntebe | Musare |
| 79. Imana yeze ntiba imbogo | Rurezi |
| 80. Inka zihawe nyirazo | Kagaju |
| 81. Inkingi nkindi iteye u Rwanda | - |
| 82. Imfizi y'ingangare | - |
| 83. Urwango ruvuye ku busa | Kibarake |
| 84. Mbwire abantu inyundo yacuze abami | Nsabimana |
| 85. Urugumye urukanga umwami | Musare |
| 86. Yaramutse umuvumbi imvura | Mutsinzi |
| 87. Umugore mukuru | Musare |
| 88. Nibwire nyiri inka | Rutinduka |
| 89. Nzeru yizihiye abami | Nyamashara |
| **KWA MUTARA RWOGERA** | |
| 90. Ukwibyara | Nyakayonga |
| 91. Mpoze abarira | Mitari |
| 92. Imana zitabeshya nyirazo | Bamenya |
| 93. Numvise urwamo rw'impundu | Nyakayonga |

| | |
|---|---|
| 94. Zabonye uko nshaka | Bikwakwanya |
| 95. Icyo barusha abandi bami | Rundushya |
| 96. Isambu yera abami | Bikwakwanya |
| 97. None nabuze umurezi nirege | Rurezi |
| 98. Ineza y'umwami | Bikwakwanya |
| 99. Turi mu bibanza | Muzerwa |
| 100. Urugo yivugiyemo ibihugu | Rurezi |
| 101. Twabona ingoro | Bamenya |
| 102. Mbwire umwami uko abandi bami bantumye | Rurezi |
| 103. Ntambe ineza y'umuhatsi | Mutsinzi |
| 104. Naraye mu mpaka z'inzira | Mutsinzi |
| 105. Ndatire amahanga Umuheto | Mutsinzi |
| 106. Nshire umugabe impundu | Mutsinzi |
| 107. Nimirije mwurire imbere | Mutsinzi |
| 108. Umwami ni we ukura ahaga | Rutinduka |
| 109. Ruhanga rwivuze ibihugu | Ntibanyendera |
| 110. Umuvumo cyane wica nk'icumu | Rwamakaza |
| 111. None ahawe umuvuro Bidugu | Rwamakaza |
| 112. Abami bacu bagira Imana itsinze | Bikwakwanya |
| 113. Ubukombe buteretswe n'iyeze | Ringuyeneza |
| 114. Ntambire ingoma | Kibarake |
| 115. Cyubahiro mfizi ikwiye inka | Rwamakaza |
| 116. Mpakanire Bugondo | Bikwakwanya |
| 117. Nivugire ingoma | Mutsinzi |
| 118. Iyo barushije amahanga | Rwamakaza |

| | |
|---|---|
| 119. Ruhanga ruganje abahinza | Nyirakunge |
| **KWA KIGELI RWABUGIRI** | |
| 120. None imana itumije abeshi? | Mutsinzi |
| 121. Twabona umurwa utsinze | Bamenya |
| 122. Mbaze abantu icyo bahora umwami | Bamenya |
| 123. Ubwami bugira ubwoko | Singayimbaga |
| 124. Mvugire umwami amacumu | Sekarama |
| 125. Ngambirize amahanga | Kirorero |
| 126. Rusumbamahanga | - |
| 127. Nshimire Mabega amabara | Nyakayonga |
| 128. Itabaro ribasha umwami | Bamenya |
| 129. Naje kubara inkuru | Sekarama |
| 130. Mbwire nyiri inka izi | - |
| 131. Bahiriwe n'urugendo | Sekarama |
| 132. Umwami w'imigisha | Singayimbaga |
| 133. Nsubize umwami mu rushya | Nyakayonga |
| 134. Naje kubika u Burundi | Sekarama |
| 135. Umwami wimye atari mwango | Muhatsi |
| 136. Mbyarize umwami inyamibwa | Muzerwa |
| 137. None imana iduhaye kuvuza impundu | Nyakayonga |
| 138. Ntawashobora Igihugu nk'umwami | Munyanganzo |
| 139. Bambariye inkuru nkomati | Munyanganzo |
| 140. Mbyukire mu ruganda | Sekarama |
| 141. Icumu umwami atera abanzi | Rubumba |

| | |
|---|---|
| 142. Nkumbuye i bwami | Bamenya |
| 143. Zihorana ishya | Singayimbaga |
| 144. Umunsi mbarirwa inkuru | Munyanganzo |
| 145. Nkurire ingoma ubwatsi | Nyirakunge |
| 146. Nakubiwe n'iminsi imusozi | Bamenya |
| 147. Ntambe ineza none iciye amahari imihigo | Sekarama |
| 148. Umwami inka zikunze | Munyanganzo |
| 149. Ndate ubugabo | Ndandari |
| 150. Riturema amagara | Sekarama |
| 151. Ndaje nkubwire umurasano | Nyirakunge |
| 152. Ndose induru | Senkabura |
| 153. Nicaye ntagabanye | Gashungero |
| 154. Ndaje nkubambure | Senkabura |
| 155. Urugo rugwije imbaga | Ngurusi |
| 156. Ndi umuyoboke w'abami | Ngurusi |
| 157. Abaramya umwami utari uwabo | Muzerwa |
| 158. Numvise imyama y'ingoma | Singayimbaga |
| 159. U Rwanda iyo rwasheshe ikigugu | Senkabura |
| 160. Inka ziragiwe n'inkuba | Munyanganzo |
| **KWA YUHI MUSINGA** | |
| 161. Iyo zishokewe n'intwari | Munyanganzo |
| 162. Ikimbwiye imana yamwimitse uko yasaga mwebwe mbimika | Sekarama |
| 163. Ninkabone inka zagabwe | - |

| | |
|---|---|
| 164. Mburanire umwami | Karera |
| 165. Kurya u Rwanda rwahoranye abami b'ubugabo | Senkabura |
| 166. Iteka ry'imana | Segacece |
| 167. Nkurire ingoma ubwatsi | Masozera |
| 168. Mbonye umurwa w'abami | Karera |
| 169. Kizi nzaba mpari impanga y'abami yashize | Munyanganzo |
| KWA MUTARA RUDAHIGWA | |
| 170. Ndabukire imana yunamuye u Rwanda | Sekarama |
| 171. Ruhanga rutsindiye Igihugu | Karera |
| 172. Imfura z'abagabo | Gahuriro |
| 173. None wibutse abanyu | Karera |
| 174. Nungutse ijambo ry'umwami | Gahuriro |
| 175. Umpe icyanzu | Gahuriro |
| 176. None utabarutse neza | Munyangaju |

## 2. Akamaro k'ibisigo nyabami

Ibisigo nyabami bifite akamaro kuko bituma Abanyarwanda bamenya amateka yabo. Harimo kumenya uko abami bagiye bakurikirana ku ngoma n'amateka yaranze ingoma zabo, ibijyanye n'imitegekere y'Igihugu cyacu ndetse n'ubusizi nyarwanda. Umuntu kandi ashobora guhera kuri iyo nganzo agahanga agendeye ku nsanganyamatsiko zo muri iki gihe.

**Imyitozo**

1. Ibi bisigo byasizwe na nde? a) Naje kubara inkuru, b) Bantumye kubaza umuhigo.
2. Tanga urugero rw'igisigo kuri buri musizi muri aba bakurikira:
   a) Musare, b) Mutsinzi
3. Sobanura akamaro k'ibisigo nyabami.

## II.5. Iminozanganzo

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Ukwibyara" witegereze imikoreshereze y'imvugo n'imyubakire y'interuro, maze ukore ubushakashatsi ugaragaze inshoza n'amwe mu moko y'iminozanganzo ikoreshwa mu buvanganzo nyarwanda.*

### II.5.1. Inshoza y'iminozanganzo

Iminozanganzo ni uburyo bw'imvugo bukoreshwa mu buhanzi mu rwego rwo kunoza igihangano kugira ngo kiryohere abazacyumva cyangwa abazagisoma. Ni nk'imitako itatse igihangano. Iminozanganzo ishobora kuba ishingiye ku mikoreshereze y'amajwi, imyubakire y'interuro cyangwa se ku nshoza (igisobanuro).

### II.5.2. Amwe mu moko y'iminozanganzo

**1. Iminozanganzo ishingiye ku njyana**

**a) Injyana ishingiye ku isubirajwi/isubiramugemo**

Isubirajwi ni isubiramo rya hafi ry'ijwi rifite irindi riribanziriza bisa cyangwa bijya gusa ku buryo bibyara ikintu cy'urujyano mu kuryohera amatwi. Hari ingeri nyinshi z'isubirajwi: Isubirajwi ritagenerwa buri gihe umwanya runaka, isubirajwi ku ntangiro y'imikarago, isubirajwi ryo mu bice bihera, isubirajwi ry'umushumi. Mu gisigo «Ukwibyara», umusizi Nyakayonga ka Musare akoresheje izo ngeri z'injyana ishingiye ku isubirajwi.

**Ingero:**

Bi**r**u b'i**mir**ama

Muhimbye i**mir**i**r**i

Muvugirize i**mire**nge. (umukarago 418-420)

**M**witwa ingendutsi

**M**watubereye imbyeyi

**M**uri abami b'akamazi (umukarago 37-39)

Mumuhe uruba**nza**

Mureke aba**nze**

Naba**nze** Nyamuge**nza**

Umwami w'i Muga**nza** (umukarago 222-225)

**Cyu**ngura Umwami wo ku **Cyu**ma

Azanye **Cyu**bahiro

Yitwa **ki**habugabo. (Umukarago184-185)

### b) Injyana ishingiye ku isubirajambo

Umusizi akoresha isubirajambo iyo isubirajwi rigaruka mu ijambo bihuriye ku gicumbi kimwe n'iryaribanjirije cyangwa se ijambo ryose uko ryakabaye rikagaruka.

**Ingero:**

Ukwibyara gutera ababyeyi **ineza**

Batambira b**'ineza. (umukarago 1-2)**

**Ntibagira** amavu

**Ntibagira** amajyo

**Ntibagira** imbuto izaberera (umukarago 403-405)

## 2. Imizimizo/imivugo

### a) Igereranya

Umusizi afata ibintu bifite icyo bihuriyeho akabisobanuza ikindi agereranya akoresheje uko bisangiye imisusire, imigenzereze, umumaro n'ibindi. Igereranya rikoresha amagambo: nka, boshye, kimwe na... Ashobora kugereranya ikintu kimwe n'ikindi, cyangwa ikintu kimwe n'ibindi byinshi.

**Ingero:**

Wadukamiye amata angana imvura (Umukarago 54)

Yadutunze nka Nyiratunga (umukarago 78)

### b) Imibangikanyo

Umunozanganzo w'umubangikanyo urakoreshwa cyane mu bisigo. Umusizi akurikiranya amabango (imikarago) nibura abiri cyangwa se amagambo abiri yuzuzanya, avuguruzanya cyangwa akurikiranya ibitekerezo bisa ku buryo bw'umusubizo. Habaho umubangikanyo w'umusubizo, umubangikanyo wuzuza/nsobanuzi n'umubangikanyo w'inshyamirane/imbusane.

- **Umubangikanyo w'umusubizo:** umusizi akurikiranya imikarago ku buryo ikivugwa kiri mu mukarago ubanza cyangwa mu gice kimwe cy'umukarago gisubirwamo mu mukarago ukurikira cyangwa mu gice gikurikira cy'uwo mukarago.

**Urugero:**

Winyita impezi

Sindi uwo guhera. (Umukarago wa 359-360)

- **Umubangikanyo wuzuza/nsobanuzi:** Umusizi akurikiranya imikarago cyangwa ibice by'imikarago ku buryo ikintu yavuze mu mukarago wa mbere cyangwa mu gice cy'umukarago cya mbere agisobanura cyangwa se akavuga impamvu yakivuze mu mukarago ukurikira cyangwa mu gice cy'umukarago gikurikira.

**Urugero:**

Ndi umupfumu wa Nyamurorwa

Mpora nkwereza nkaburengwa. (Umukarago 381-382)

Umusizi aratanga ingingo mu mukarago ubanza ukurikiyeho agatanga impamvu.

- **Umubangikanyo w'inshyamirane**: umusizi akurikiranya imikarago cyangwa ibice by'imikarago ibitekerezo biri muri iyo mikarago cyangwa ibyo bice by'imikarago bivuguruzanya.

**Ingero:**

Umuhinza wari uhanze

Yuhi aramuhangamura (Umukarago wa 249-250)

Umwanzi agucira akobo

Imana igucira akanzu.

### c) Iyitirira

Umunozanganzo w'iyitirira ufata ikintu ukakitirira ikindi kubera ko bifitanye isano. Icyo gihe ijambo rifata umwanya w'irindi rikagira inyito nshya kandi n'iyo ryari risanganywe ritayitakaje. Ukoresha iyitirira ashobora gufata agace kamwe k'ikintu akakitirira icyo kintu cyose, gufata ikintu cyabaye akakitirira impamvu yacyo, gufata ikintu akakitirira igikoresho kirimo n'ibindi. Mu gisigo «Ukwibyara» Nyakayonga ka Musare yakoresheje iyitirira cyane.

**Ingero:**

Cyungura umwami wo ku Cyuma (umukarago 183)

**Ku Cyuma:** ni ku Nyundo. Inyundo iba ari icyuma. Bayitiriye icyo ikozemo maze ahantu hitwa i Nyundo bahita ku Cyuma.

Mutazimbwa yica Mazuba (umukarago 261)

**Mazuba:** ni Umwami Mutaga III Sebitungwa w'i Burundi. Umutaga bivuga umunsi (amanywa); noneho bigashyirwa ku zuba kuko izuba riva ku manywa maze Mutaga akitwa Mazuba. I Bugabe bwa Muruzi (umukarago 274)

**Muruzi:** ni mu Ndorwa. Kurora bivuga kimwe n'igicumbi k'inshinga nkene -ruzi. Harimo umuzimizo w'iyitirira kuko "-rora" na "-ruzi" bifite igisobanuro kijya kuba kimwe.

### d) Ihwanisha

Ihwanisha rijya kumera nk'igereranya. Mu ihwanisha ikigereranywa n'ikigereranyo biba bihuje maze ugasa n'ubinganyisha. Kimwe gishobora gufata umwanya w'ikindi cyangwa kikagisimbura. Mu gisigo "Ukwibyara", umunozanganzo w'ihwanisha warakoreshejwe cyane:

**Urugero:**

Muri imanzi z'uburezi

Muri ibirezi byamye i Buriza na Buremera

Muri abaremere b'i Tanda

Muri abature b'i Tenda (umukarago 41-44)

Muri iyo mikarago ikigereranywa ni abami. Abami barahwanishwa n'imanzi z'uburezi n'ibirezi byamye i Buriza na Buremera, n'abaremere b'i Tanda, n'abature b'i Tenda.

### e) Ishushanya

Iyo urebye usanga ishushanya ari ryo rigize umutima wo gusiga kuko ari ryo rikoreshwa cyane. Ni uburyo bwo gusobanura cyangwa kwerekana ikintu wifashishije imvugo isa n'ica amarenga ukurikije uko icyo usobanura giteye cyangwa se uko ukiyumvisha.

**Ingero:**

Mumera amaboko arabakamira (umukarago 15)

Muri uyu mukarago harimo ishushanya: amaboko ntamera. Bishushanya ko bagize umuryango.

Kurya mucurwa n'inyundo ziramye (umukarago 30)

Ni ishushanya kuko abantu badacurwa ahubwo barabyarwa. Bishatse kuvuga ko babyarwa n'ibihangange".

Abagusigaranye imbuto n'intanga (umukarago 62)

Bishushanya abagusigiye kubyara no kororoka…

### f) Igerura cyangwa impirike

Ni ukuvuga ikintu ugabanya cyangwa wongera agaciro kacyo usa n'ushyiramo ikinyabupfura. Urugero, aho kugira ngo uvuge ko ikintu ari kibi, ukavuga ngo si kiza, ikintu kinuka ukavuga ngo gihumura nabi, umuntu wangana ukavuga ngo agira urukundo ruke. Nyakayonga ka Musare, mu gisigo "Ukwibyara" yakoresheje igerura.

**Urugero:**

Bwobabuke, bwanzabuke (umukarago 228)

Umusizi ashaka kuvuga ko Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura atagira ubwoba, atagira ubugugu ahubwo agira ubuntu.

### g) Itizabuntu

Ni umunozanganzo ufitanye isano cyane n'ishushanya. Gusa mu itizabuntu umusizi aha ishusho ibintu cyangwa inyamaswa, imyumvire, imikorere nk'iy'umuntu:

**Urugero:**

Adusendera imisaka ya rusenge (umukarago 28)

Imisaka ntishobora gusendwa. Ubundi hasendwa umugore. Harimo itizabuntu.

Harimo kandi n'ishushanya. Birashushanya ko Umwami Ruganzu II Ndoli yabakuye mu bwirabure.

### h) Umusarabiko:

Ni umunozanganzo ukoresha interuro ku buryo agace gatangira intondeke ya mbere usanga ari ko gasoza intondeke ya kabiri, agasoza intondeke ya mbere kakaba ari na ko gatangira iya kabiri. (Ku buryo usanga izo ntondeke zombi zisa n'izikora ikintu kimeze nk'umusaraba cyangwa ikimenyetso cyo gukuba).

**Urugero:**

Kera isake yari isaha

Kera isaha yari isake

**i) Ikabya:**

Ni uburyo bwo gukabiriza igitekerezo ku buryo umuntu yumva ibivuzwe bisa n'aho bitashoboka cyangwa se birengeje urugero.

**Urugero:**

Wadukamiye amata angana imvura.

### 3. Imigoronzoranganzo

#### a) Umubirinduro

Umusizi aba yakoresheje umubirinduro iyo yahinduye uko amagambo asanzwe

akurikirana mu nteruro nk'iryari iburyo rikaza ibumoso.

**Urugero:**

- **Bu**kurirwe umwami **ubwatsi** (umukarago 335):

Mu bisanzwe yagombye kuvuga: "Ubwatsi bukurirwe Umwami".

- Yaramutse umuvumbi imvura.

Mu bisanzwe yagombye kuvuga: " Imvura yaramutse umuvumbi ".

#### b) Iyambukanya

Aho kugira ngo interuro irangirane n'umukarago, irangirira ku mukarago

ukurikiyeho.

**Ingero:**

- Ge wasanze ingoro y'umwami

Isetse, isusurutse

Isa n'ingwa yera (umukarago 346-348)

- Akwikiye mu nti z'imyifuzo

Y'amaberuka atarakora hasi.

- Kigasanga baragеze

Imigerwa myinshi.

**c) Irondora**

Umusizi avuga ibintu abikurikiranya kimwe ku kindi nta cyungo kirimo.

**Ingero:**

Muri intwari zitarutana,

Muri bene iteka ritahava,

Muri bene umutungo mwiza (Umukarago 47-49)

**d) Ikomora**

Abasizi bakoresha ikomora barema amagambo bahereye ku yandi, bakongeraho cyangwa bagakuraho uturemajambo. Inyito ishobora guhinduka cyane cyangwa buhoro.

**Ingero:**

Umuhinza wari uhanze

Yuhi aramuhangamura (umukarago 249-250)

Inshinga guhangamura (-hang-am-ur-a) ikomoka ku nshinga guhanga (-hang-a) kuko igicumbi ari kimwe. Ikomora rikoresheje ingereka **–am** na **-ur-**. Muri uru rugero inyito ntabwo yahindutse cyane.

**Imyitozo**

Garagaza ubwoko bw'iminozanganzo dusanga muri iyi mikarago uvuge n'icyo umuhanzi yashakaga kuvuga muri iyo mvugo shusho.

1. Umwami uhawe uruharo

   Arwigiza imbere.

2. Wadukamiye amata angana imvura
3. Kurya mucurwa n'inyundo ziramye

## II.6. Umwandiko: Inzira y'umuganura



Umuganura uturuka muri Kanama
Uturukijwe no kwa Myaka
Ari bo bo kwa Musana
Bakaza kwaka amasuka

Bakabwira Umutsobe ubatwara
Akaza n'ibwami
Umwami akicara ikambere
Ari kwa se cyangwa kwa sekuru
Akicara mu kirambi

Ku ntebe y'inteko
Umutsobe akazana amasuka
Akwikiye mu nti z'imyifuzo
Y'amaberuka atarakora hasi
Ahambiriye mu kirago

Maze Umutsobe akayahambura
Umwami akayenda
Akayafatira imbere ye
Akayahereza Umutsobe
Ati: " Genda uhinge weze".

Uwo kwa Musana akayasubiza mu kirago
Akayasohokana mu nzu
Yagera ku karubanda
Akayaha ubonetse wese
Akagenda ubwo

Yagera iwabo i Bumbogo
Ingoma zikayasanganira n'impundu
Bagacanira ngo amasuka yaje
Abo kwa Musana rero
Bakajya mu nkuka bakabiba

Bagasubya imbuto bukeye
Nuko bagahinga
Ubwo ni muri Nzeri
Bakabibana n'uburo
Mu kwezi kwa Mutarama

Amasaka aba yeze
Maze mu myijima yako
Umurorano ukazana
Amasaka mu nshuro y'agakangara
Harimo uturo duke

Bikaza ikambere
Umutsobe agatereka mu nzugi
Umwami akaza gusohoka
Bagaheza abari mu nzu bose
Umwami akicara ku ntebe

Umutsobe akamuhereza ya nkangara
Umwami akayikora
Umugabekazi akayikora
Bakayijyana mu nzu
Yo mu gikari yiherereye

Bakazana urusyo bagasya
Ifu yaboneka bakarika
Bakavuga mu byibo bibiri
By'ingore bitoya
Bukira bagatumiza mu nyubahiro

Bakazana amata mu nkongoro z'imirinzi
Bikaza ikambere
Bagaheza abatari abiru

Umwami akarora akagira kane

N'umugore we w'Umwega
Utari mu mugongo akarora akagira kane
Twa twibo bakadushyira mu gicuba
Bagatereka ku musego

Inyuma ya Nyarushara
Bukira umwami akakira
Umugabo w'intarindwa
Agahengera ingoma zitarabambura
Agatindura cya gicuba

Akijyanira umutsima akirira
Bikaba aho
Ukwezi kukajya gushira
Bakabariranya n'igihe
Ukwezi kwa Gashyantare kuzabonekera

Bakajya guhagurutsa igitenga
Akaza uwo kwa Musana
Akabwira Umutsobe
Ati: "Nje kwenda igitenga".
Bati: "Nuko".

Umutsobe akabivuga ibwami
Bakareba umukobwa wo mu
Bega akajya kwa Cyirima
Ikambere amavuta y'inturire
Wa mugeni wo mu Bega

Akenda ya mavuta
Akayabumbira mu ndiba y'igitenga
Akagiha umugabo akagisohokana
No mu rugo umwami arimo
Ari kwa se ari kwa sekuru

Ntibagombere aherewe
Umwami akicara mu kirambi
Ku ntebe y'inteko
Iserereyeho intama
Yerejwe akiri umworozi

N'aho yimiye
Kuko iyo yimye

Atongera kwambara intama
Yambara inka gusa
Bakakimushyira imbere

Akagifata ku rugara rwacyo
Afatanyije n'Umutsobe
N'uwo kwa Musana
Umutsobe akakibanzamo umutwe
Hanyuma akagihereza uwo kwa Musana
Na we akagishyiramo umutwe
Bakirenza ku nzugi
Bakagiha umugabo ubonetse wese
Maze akakiremerwa
Ubwo impundu zigacura

Abaja bakagiherekeza
Ku mpundu nsa nta ngoma
Kikagenda ubudasibira
Ntikirare mu kiraro cy'Umutsobe
Gihaguruka ubwo kigenda

Aho kiraye hose
N'aho kinyuze ku gasozi
Bakagiha impundu
Kikambuka uruzi
Kigasanga barageze

Imigerwa myinshi
Ingoma n'impundu
Bikagisanganira mu Bumbogo
Bakakigera uwo munsi kikuzura
Imigerwa bakayicuranura

Kigahindukira uwo munsi
Bavuza impundu inzira yose
Abambogo bambura
Bakubita rubanda
Bakaza barara mu bakungu

Ku Bagesera no ku Bazigaba
Aho kiraye bakazimana
Utazimanye bakarusenya
Ndetse bahura n'amakoro
Ajya ibwami

Cyangwa ingemu z'abatware
Bakabyambura ntibirengerwe
Kikarara ku Mutsobe
Kigasanga barasigaye batora abakwe
Uwatahaga akarorera

Abatware bagatumira amata bose
Ibicuba by'ibwami bigatindwa
Cyagera ku Mutsobe
Ingoma yabo yo ku kiraro ikagisanganira
Bakarara aho

Mu gitondo akazana ikimasa
Akazimana Abambogo
Ingoma z'imivugo z'ibwami
Zikaza ku kiraro
Zikimara kubambura

Zahagera zikavuga
Kigahaguruka ku manywa hakeye
Ubwo amavuta y'inturire
Bakayashyira mu kidakombwa
Bakagishyira mu njishi y'igisabo

N'urugata rw'ibikangaga by'ibishikurano
Amavuta aba yuzuye abumbiriye
Akajya kwa Cyirima
Akaba ari ho bayakorera
Agaterekwa mu gicuba

Umuganura ugahaguruka
Abahungu bambaye impu
Ab'abakwe bagisanze ku Mutsobe
Umugeni wo mu Bega
N'uwo mu Batsobe

Bari kwa Cyirima
Ingoma bakazishyira mu ngobyi zigahekwa
Uko zisumbana
Wa mugeni wo mu Bega
Agahekwa azikurikiye

N'uw'Umutsobe agataho
Na cya gicuba kigataho
Bikaza no ku karubanda

Ingoma igahura n'umuganura
Bakazana amaboko ya Karinga

Bakazana n'ay'umuganura
Bakabisanganya bigakorana
Karinga igahita
N'izindi ngabe
Ingoma zikavunura

Zikajya mu rugo umwami arimo
Na za ngobyi z'abageni
Cya gicuba kigasigara ku karubanda
Kigakurikira insyo
Zavuye ku Mutsobe

N'intango z'i Buhanga ebyiri
Zigakurikira cya gicuba n'umwuko
Ingobyi z'abageni
Bakazururukiriza mu nkike
Ikambere umwami agaherezwa
Inyundo n'urushingo

Akicara mu muryango
Ku ntebe y'inteko
Akambara inganji
Umuheto ukamujya imbere
Akaramutswa akambara igikondo

Ingabe zigataha
Zigaherezwa ateyeho ibihubi
Zikajya ku ruhimbi
Umuganura ugataha
Yambaye inyonga z'umuganura mu nda

N'igikondo n'ishyira
Umuganura wajya kugera
Ku nkingi ya kanagazi
Bakareba uwo kwa Myaka
Agashyira injishi ku mutwe

Agashyira igitenga ku mutwe
Agatirimuka ku nkombe y'igitabo akavamo
Bakagitereka imbere y'umwami
Bakazana Rugina
Ni iy'ubuki yo kwa Myaka

Bagasuka mu ruho runini
Bagarura mu kabindi
Umutsobe agapfukama inyuma yacyo
Umwami atetse imbere yacyo
Bakagisokoza bombi

Bakazana ibyibo bine by'ingore
Umwami akabishyirishamo amashyi
Adaha mu gitenga
Afatanyije n'Umutsobe
Bakabyuzuza uko ari bine

Igitenga kikajya haruguru
Mu ruhimbi hino y'ingoma
Bagateraho insyo ebyiri
Bagasya berekeje mu ruhimbi
Bakazana Rugina

Umwami n'Umutsobe bakayibyirura
Bakagira kane
Umwami akayisogongera
Bakayitera ku musego
Uwo mu Ntarindwa akajya hanze

Akazana amashyiga
Agashyigikira ageraho inkono
Byatungana umwami akaza
Bakazana imirembe n'ishyoza
Bagafatira mu mutwe wa rwa ruho

Bagasuka amazi muri rwa ruho
Umwami agapfukama
Imbere ya ya nkono
Agasukamo ya mazi
Rimwe kabiri gatatu kane gatanu

Gatandatu karindwi
Umunani ikenda
Akarundura atyo
Nyina akaza
Akagenza atyo

N'umugore w'umwami
N'Umutsobe
N'uwo kwa Musana

Bakazana inkwi z'imirama
Umuntu wese agacanira
Iburyo bw'iyo nkono

Yamara gushya bagaturira
Umwami akaza n'imbere yayo
Akayikomera mu mashyi apfukamye
Yarangiza agahaguruka
Nyina akagira atyo

N'umugore we
N'Umutsobe
N'uwo kwa Mumbogo
Bikitwa ngo ireze
Bakazana bya byibo

Byuzuye ifu uko ari bine
Umuja akadahanura
Umwami agafatanya n'mugore n'Umutsobe
Bagaturira bakagira kane
Umugore akaza akarangirizamo

Bagafatanya bose kandi
Bagashyiramo umwuko
Barangiza bagahaguruka
Bagahereza umuja akavuga
Umuja yamara guhisha

Umugore w'umwami agahaguruka agahakura
Akabanza mu kibo cy'umwami
Bagahakura bakacyuzuza
Bakakireka
Bagahakurira no mu bindi

Bajya kurangiza
Wa mugore akagaruka
Agafatanya na wa muja
Umutsima munini ugasigara ku mwuko
Ubwo hanze umwami yamara guturira

Ajya kurima amasuka
N'abakwe n'Abambogo
Hakazabanza umwami n'Umutsobe
N'uwo kwa Mumbogo bakarima
Abandi bakabona kurima

Barangiza kuvuga
Ibyo kurima bikarorera
Ubwo bakazana amata y'inyubahiro
Mu nkongoro z'imirinzi ebyiri
Umwami akambara igikondo

N'inyonga zawo
Akicara ku ntebe y'inteko
Bakazana cya kidakombwa
Mu njishi y'igisabo
Umutsobe  akazana umwuko

Uriho wa mutsima
Agapfukama imbere ye
Umwami akendaho
Yabanje kunywa kabiri
Ku mata y'inyubahiro

Umutsima akawukoza mu kidakombwa
Akagira kane agahaguruka
Akongera agasoma amata
Umugabekazi akaza
Akazanirwa ikibo ke

Agakoza mu kidakombwa
Akagira kane
Umugore w'umwami akaza
Akenda ku kibo cy'umwami
Akabigenza atyo

Umutsobe akenda ike kibo
Akagira kane
Uwo kwa Mumbogo
Akenda ku ke kibo
Bakavanaho ibyo

Umwami akajya ku buriri
Kwakirana na wa mugore w'Umwega
Wa mugeni w'Umutsobekazi
Agahagarara mu rwuririro
Akamuha impundu

Ntihagire Umutsobe  urara mu rugo
Kabone n'uw'akana
Bose bagataha

Ingoma zikarara aho
Zikazinduka zijya kwa Cyirima

Igitenga bakidashye
Kikajyayo n'ikidakombwa
Amavuta akajya mu kavure k'indembere
Wa mugeni wo mu Bega
N'uwo mu Batsobe

Bakajya kwa Cyirima bakicarayo
Ikoro ry'i Bumbogo rigahita
Rijya kwa Cyirima mu gikari
Amakoro y'amata y'abatware agahita
Bakazana ibicuba

Bibiri bya Rwimana
Bakazana amavuta y'inturire
Akabanza mu gicuba kibanza
Bakuzuzaho andi
Igisigaye bagashyiramo amata

Ayo babonye yose
Bakagaburira Abambogo
Hakabanza ab'impuzu
Bakisiga ya mavuta
N'abanywa ayo mata

Bakagumya kuyakomera
Bakahabikirira imfizi
Ivuye mu Ndwanyi
Ab'imyanya y'inzoga n'amata
Bo mu banyamihango aho

Inka zigataha z'inyambo
Z'Abanyansanga n'amabara
Ibirori bikirirwa aho
Bikarara aho
Bikarangirizwa n'uko ingoma

Zisigwa wa mukamo wa ya Ndwanyi
Ibirori by'umuganura bikarangira bityo
Ku ngoma y'abami b'inka
Iyo igitenga gitashye ku Mutsobe
Ingoma imwe n'ishako biragisanganira

Bwacya mu gitondo
Ingabe n'abageni bombi
Bikaza ku kiraro cy'umutsobe
Karinga n'ingabe zindi
Zikagenda imbere

Abakobwa inyuma
Hagaheruka ikidakombwa
Bagasanga babaze imfizi
Iturutse mu Ndwanyi
Ingoma n'abageni bikinjira mu nzu

Zikajya mu ruhimbi
Abagore mu kirambi
Umutsobe akazana inzoga n'amata
Agatereka imbere y'ingoma
Agasogongera agaha Umwenenyabirungu
Umwenenyabirungu akaziterura

N'amata byose n'inyama
Bikagaburirwa abiru
Ingabe zigasohoka
Zigateza urugamba ku gitabo
Umwenenyabirungu akaziraba

Umukamo wa ya mfizi mu ruhanga
Yamara kuzisiga
Bakazishyira mu ngobyi
Igitenga kigasohoka
Kigahekwa na cyo

Kikajya imbere y'ingabe
Bagasanga umwami ikambere.

## II.6.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Inzira y'umuganura", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.*

**Imyitozo**

1. Koresha mu nteruro amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:

a) Ku karubanda

b) Gusanganira

c) Kurora

d) Bakarika

e) Abambogo

2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo akurikira:

a) hakura, b) barabyirura, c) inkongoro z'imirinzi, d) ikidakombwa.

## II.6.2. Gusoma no Kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Inzira y'umuganura" hanyuma usubize ibibazo bikurikira.*

1. Inzira y'umuganura yatangiraga mu kuhe kwezi?
2. Umuganura watangizwaga n'uwuhe muhango? Waberaga he? Ugatangizwa n'uwuhe muryango?
3. Ni uwuhe muhango wakorwaga n'umwami mbere yo guhinga?
4. Ukurikije umwandiko, n'uko usanzwe uzi umuhango w'umuganura, wavuga ko umuganura watangiraga gutegurwa ryari?
5. Inzira y'umuganura yarangiriraga he? Yarangiraga ite?
6. Ibirori by'umuganura nyirizina byatangizwaga na ba nde?

### II.6.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Inzira y'umuganura" hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

a) Inzira y'umuganura iri mu buhe bwoko bw'ubuvanganzo? Sobanura igisubizo cyawe.

b) Umwandiko "Inzira y'umuganura" uvuga ku bijyanye n'amafunguro. Ugendeye kuri uwo mwandiko, wavuga iki ku muco wo kunywesha imiheha mu kibindi?

c) Gereranya ibyo twabonye byakorwaga mu nzira y'umuganura mu Rwanda rwo hambere n'uko ibirori by'umuganura byizihizwa kuri ubu. Sobanura akamaro k'umuganura.

d) Hanga umuvugo wigana imwe mu ngeri z'ubuvanganzo wize maze ukoreshemo iminozangazo inyuranye, uzawuvugire mu ruhame imbere ya bagezi bawe.

## II.7. Ubwiru

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Inzira y'umuganura, witegereza imiterere yawo. Uhereye ku miterere yawo n'ibivugwamo, kora ubushakashatsi utahure ishoza y'ubwiru n'inzira z'ubwiru zabagaho mu Rwanda.*

### II.7.1. Inshoza y'ubwiru

Ubwiru ni urusobe rw'imihango/amategeko yakorwaga n'umwami n'abiru. Iyo mihango yakorwaga mu ibanga kandi ikagira amagambo yihariye agendana na yo. Iyo mihango bayitaga inzira z'ubwiru.

### II.7.2. Inzira z'ubwiru

Inzira z'ubwiru zari 18 ariko izashoboye gutahurwa ni 17 kuko iya 18 ari yo "Inzira y'imfizi y'ibwami" itashoboye kuboneka.

Izabonetse ni izi zikurikira:

1. **Inzira ya rukungugu:** yavugaga ibyerekeye amapfa; igihe nyine habaga

hateye amapfa. Yakorwagamo imihango ijyanye no gusaba imvura.

2. **Inzira ya kivu:** igihe habaga hateye umwuzure; iyo nzira yari iyo gutsirika imyuzure no gusaba umucyo.

3. **Inzira y'inzuki:** yari igamije irumbuka ry'inzuki mu gihe ubuki bwagumye, igakorwa igihe cyo kwagika imizinga no guhakura.

4. **Inzira ya muhekenyi:** yari igamije gutsemba indwara z'ibyorezo z'inka n'ibindi byonnyi.

5. **Inzira y'umuhigo:** ni igihe cyakorwagamo imihango yo guhiga inyamaswa. Izi nzira uko ari 5 zari zigize imihango ikorwa igihe ikenewe gusa; nta gihe gihamye yari ifite.

6. **Inzira y'umuriro:** yari igamije kubyarira umuriro. Ni ukuvuga ko bacanaga bundi bushya umuriro wa Gihanga wibutsaga iyimikwa ry'abami b'umuriro ari bo ba Yuhi. Iyo nzira yari igamije kongera inka n'abantu mu Rwanda, igakorwa n'umwami witwa Yuhi.

7. **Inzira ya Gicurasi:** habaga igisibo cyo kwibuka urupfu rwa Ndahiro II Cyamatare; umwijima wa Gicurasi washushanyaga urupfu, naho iboneka rya Kamena rigashushanya uburumbuke n'ubuzima. Iyi nzira yarangizaga imihango yo kwirabura no kwera ngo u Rwanda rurumbuke.

8. **Inzira y'umuganura:** yari inzira igenga imihango yo kuganura. Habaga umuhango wo kuganuza umwami ku mbuto zeze mu Gihugu.

9. **Inzira y'ishora:** yari inzira igenga imihango yo gushora. Yibutsaga iyimikwa ry'abami b'inka ari bo ba Mutara na Cyilima.

10. **Inzira y'inteko:** yari inzira igenga imihango yo gukora inteko zo gutabara igihe cyo kurwanirira ingoma.

11. **Inzira yo kwambika ingoma:** Iyo ingabo z'u Rwanda zatsindaga igihugu runaka, bambikaga ingoma ibinyita (ibishahu).

12. **Inzira yo kwasira:** iyo mihango yagengaga uburyo bunyuranye bwo kwambika ingoma.

13. **Inzira y'inkiko yabyaye umugaru:** yagengaga iby'inkiko z'u Rwanda yakorwaga igihe cyo kwagura imipaka.

14. **Inzira y'urwihisho:** yibutsaga igihe k'ibitero bikaze by'u Rwanda n'u Burundi; iyo umwami w'u Burundi yabaga yapfuye, umwami w'u Rwanda yagombaga kumara iminsi 8 ahantu atabonana n'umugore kandi akiragiza abakurambere.

15. **Inzira y'ikirogoto:** yari ikubiyemo ibijyanye n'umuhango wo gutabariza umwami w'u Rwanda (kumushyingura) igihe yabaga yatanze.

16. **Inzira y'urugomo:** yakorwaga igihe cyo kugaba ibitero ku bantu bagomeye ingoma.

17. **Inzira y'iyimika:** yavugaga uburyo umwami yimikwa igihe umwami yatangaga, bagiye kwimika undi.

18. **Inzira y'imfizi z'i Bwami:** iyo nzira y'imfizi z'i Bwami ntirashobora kuboneka.

Inzira z'ubwiru zirangwa n'uko zifite iminozaganzo itandukanye byerekana ko ari ubuvanganzo, uturango twerekana ko ari umwandiko wo mu buvanganzo nyemvugo n'ibikorwa by'umwami n'abiru byerekana ko ari ubuvanganzo nyabami.

### II. 7.3. Akamaro ko kwiga ubwiru

Kwiga ubwiru bifite akamaro kuko bituma Abanyarwanda bamenya amateka yabo, bigatuma bubaka ejo hazaza. Harimo kumeya amabanga y'imitegekere y'Igihugu, imihango inyuranye yakorwaga ibwami n'uturango tw'ubusizi nyarwanda. Umuntu kandi ashobora guhera kuri iyo nganzo agahanga agendeye ku nsanganyamatsiko zo muri iki gihe.

**Imyitozo**

1. Garagaza inzira eshatu mu nzira z'ubwiru zabayeho mu Rwanda usobanure n'icyo zavugagaho.
2. Sobanura akamaro k'ubwiru mibereho y'Abanyarwanda.

## II.8. Ubucurabwenge

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi utahure inshoza y'ubucurabwenge, ugaragaze urutonde rw'abami n'abagabekazi babo kandi ugaragaze n'akamaro ko kwiga ubucurabwenge.*

### II.8.1. Inshoza y'ubucurabwenge

Ni umuvugo muremure wavugaga ibisekuru by'abami n'abagabekazi. Abawufataga mu mutwe bitwaga abacurabwenge. Ubucurabwenge bwarangwaga n'uko buvuga ibisekuru by'abami n'abamikazi mu buryo buryoheye amatwi.

## II.8.2. Urutonde rw'abami b'u Rwanda n'abagabekazi babo

Ubucurabwenge bwigisha ko u Rwanda rwimye abami 44, kuva ku ngoma za mbere kugeza ku ya Mutara Rudahigwa, kuko Alexis Kagame yabwiwe Ubucurabwenge ku ngoma y'uwo mwami, aba ari we aheraho. Ayo mazina yose yarondorwaga mu gihe k'imihango yo kwimika umwami. Bavugaga amazina y'umwami n'ay'umugabekazi bamaze kwimika, bakarondora n'aya ba se na ba nyina, n'ibisekuruza byabo bombi, bagakomeza batyo ku bami bose, kuzageza kuri Nkuba, ari we Shyerezo, akaba inkomoko y'Abami b'u Rwanda. Ayo mazina murayasanga mu gice kiyarondora nk'uko Alexis Kagame yayanditse mu Nganji Kalinga (Amasekuruza y'Abami b'u Rwanda). Reka dufate ay'abami n'abagabekazi gusa, tutavuze ibisekuruza by'abagabekazi, maze tuyakurikiranye, dukurikije bya bihembwe tumaze kuvuga: Abami b'Ibimanuka, Abami b'Umushumi, Abami b'Ibitekerezo.

### a) Abami b'ibimanuka

Duhereye ku nkomoko y'Abanyiginya, Shyerezo, Nkuba, dore amazina y'Ibimanuka:

1. Shyerezo Nkuba
2. . Kigwa
3. Muntu
4. Kimanuka
5. Kijuru
6. Kobo
7. Merano
8. Randa
9. Gisa
10. Kizira
11. Kazi
12. Gihanga

### b) Abami b'Umushumi, n'Abagabekazi babo:

1. GIHANGA Ngomijana + Nyiragihanga Nyirarukangaga
2. Kanyarwanda Gahima + Nyirakanyarwanda Nyamususa
3. Yuhi Musindi + Nyirayuhi Nyamata
4. Rukuge + Nyirarukuge Nyirankindi
5. Nyarume + Nyiranyarume Nyirashyoza
6. Rumeza + Nyirarumeza Kirezi
7. Rubanda + Nyirarubanda Nkundwa
8. Ndahiro Ruyange + Nyirandahiro Cyizigira
9. Ndoba Samembe + Nyirandoba Monde
10. Nsoro Samukondo + Nyiransoro Magondo
11. Ruganzu Bwimba + Nyiraruganzu Nyakanga

### C). Abami b'Ibitekerezo n'Abagabekazi babo:

1. Cyirima Rugwe + Nyiracyirima Nyakiyaga
2. Kigeri Mukobanya + Nyirakigeri Nyankuge
3. Mibambwe-Mutabazi Sekarongoro + Nyiramibambwe Nyabadaha
4. Yuhi Gahima + Nyirayuhi Matama
   Ndahiro Cyamatare + Nyirandahiro Nyirangabo
   Ruganzu Ndori + Nyiraruganzu Nyirarumaga
5. Mutara Semugeshi + Nyiramavugo Nyirakabogo
6. Kigeri Nyamuheshera + Nyirakigeri Ncenderi
7. Mibambwe-Mutabazi Gisanura + Nyiramibambwe Nyabuhoro
8. 8. Yuhi Mazimpaka + Nyirayuhi Nyamarembo
   Karemera Rwaka + Nyirakaremera Rukoni
9. Cyirima Rujugira + Nyiracyirima Kirongoro
10. Kigeri Ndabarasa + Nyirakigeri Rwesero
11. Mibambwe Sentabyo + Nyiramibambwe Nyiratamba
12. Yuhi Gahindiro + Nyirayuhi Nyiratunga
13. Mutara Rwogera + Nyiramavugo Nyiramongi
14. Kigeri Rwabugiri + Nyirakigeli Murorunkwere
15. Mibambwe Rutarindwa + Nyiramibwambwe Kanjogera
16. Yuhi Musinga + Nyirayuhi Kanjogera
17. Mutara Rudahigwa + Nyiramavugo Kankazi
18. Kigeri Ndahindurwa + Nyirakigeri Mukashema

**Ikitonderwa**: Muri uru rutonde, amazina y'abami adafite inomero ni amazina yagize ibyo anengwa bituma atarakomeje kwitwa n'abami b'u Rwanda. Ayo mazina ni:

- **Ndahiro**: Iri zina ryakuwe mu rutonde rw'amazina y'abami b'u Rwanda kuko Ndahiro Cyamatare yishwe na Nsibura Nyebunga, Umwami w'U Bunyabungo akanamunyaga ingoma y'ingabe "Rwoga".
- **Ruganzu**: Iri zina ryakuwe mu rutonde rw'amazina y'abami b'u Rwanda kuko Ruganzu Ndori na we yaguye ku Rugamba.
- **Karemera**: Iri zina ryakuwe mu rutonde rw'amazina y'abami b'u Rwanda kuko ryari izina ry'abami b'i Karagwe (muri Tanzaniya). Binaturuka kandi ku mpamvu y'uko umwami Karemera Rwaka yatanze imburagihe bakavuga

ko iryo zina ry'amahanga ryamuteye umwaku rigatuma ingoma imurasa agatanga. Kandi ngo yari yanayibye Cyilima Rujugira wari warahunze se Mazimpaka na byo bimutera umwaku.

### II.8.3. Akamaro ko kwiga ubucurabwenge

Kwiga ubucurabwenge bifite akamaro kuko bituma Abanyarwanda bamenya amateka yabo. Harimo kumenya uko abami n'abagabekazi bagiye bakurikirana, ibijyanye n'imitegekere y'Igihugu cyacu n'uturango tw'ubusizi nyarwanda. Umuntu yabwigiraho kumenya igisekuru ke kandi ashobora guhera kuri iyo nganzo agahanga agendeye ku nsanganyamatsiko zo muri iki gihe.

**Umwitozo**

Sobanura ubucurabwenge n'akamaro ko kubwiga.

## II.9. Umwandiko: Isabwa rya Mukandahiro



Hari mu gitondo, mu rugo rwo kwa Rugendo biteguye isabwa ry'umukobwa wabo Mukandahiro. Nyuma yo gutegura ibyicaro no kwicaza abasangwa, abashyitsi baba barahasesekaye babukereye. Bahabwa ibyicaro n'ababishinzwe, maze baratangira baraganira:

**Umuhuza w'imisango:** Nk'uko mubibonye, mu kanya haje umushyitsi. Ntaratwibwira nubwo nge mbona amaso atari aya, icyakora yahindutse, uko yari asanzwe atemberera muri uru rugo ndabona atari ko yaje. Yaje agaragiwe n'imbaga, kandi ubundi yazaga wenyine cyangwa akazana n'abandi bantu nka babiri gusa. Nyakubahwa umukuru w'umuryango wa Rugendo rero, aba bashyitsi baje si nge wabaha ikaze mu rugo rwawe kandi uhibereye, reka nguhe umwanya ubahe ikaze nibiba ngombwa uraza kubaha umwanya batubwire ikibagenza.

**Umusangwa mukuru:** Tubahaye ikaze bashyitsi bahire. Mu muryango wa Rugendo dukunda gusabana, mudusanze twibereye mu busabane busoza umwaka. Amazimano arahari, abahungu bange nibabazimanire. Simbise abavumba n'ubundi ibiryoha ni ibisangiwe, nimwumva mushize inyota muritahira dusigare mu busabane bwacu.
**Umuhuza w'imisango:** Nyamara nubwo ntasoma ku mitima y'abantu, ariko uyu mushyitsi ndabona asa n'urimo gusaba ijambo, reka tumuhe umwanya ndabona asa n'ushakaga kutubwira ikimugenza.

**Umukwe mukuru:**
Murakoze, mbere na mbere mbanje kubashimira uko mwatwakiriye muri ubu busabane bwanyu. Abo twazanye nimumfashe tubashimire. *(Amashyi ngo kacikaci!)* Muragahorana amazimano! Uwenze iyi nzoga mutwakirije, igikatsi yagitsikamiye neza ntiyashakiye ubwinshi mu mazi. Nshimye uko unzimaniye

uretse ko bitanantunguye, buri gihe iwawe n'iwange turazimanirana. Hambere twagize umugisha, Imana itanga iwacu ndetse n'iwanyu iraturemera, iduhangamo urukundo, imaze kutwita amazina tuvuye mu ngaragu, iduha kubyara hungu na kobwa, iduha gutunga no gutunganirwa. Mu bana rero bavutse mu muryango wa Bazinura, ari na wo mpagarariye, harimo abahungu n'abakobwa, ariko umwe mu bahungu yaraje aransanga angezaho ikifuzo ko atagishaka gukomeza kwitwa ingaramakirambi, ko twamushakira akitwa umugabo. Tumushakira umuranga, araza aha iwanyu ararambagiza, aturangira umugeni muri uru rugo. Muri make, twaje kubasaba umugeni witwa Mukandahiro.

Nge narigenzuye, nsanga nta mpamvu n'imwe ihari yatuma mutampa umugeni, cyane ko atari n'ubwa mbere naba nje gusaba muri uyu muryango. Nzi neza ko ntagira ibyaha yewe n'iyo haba hari igicumuro natanga ikiru, ariko ibyaha byatuma munyima umugeni

byo nta byo.

**Umusangwa mukuru:**Ko hano tugira ba Mukandahiro benshi, urifuza Mukandahiro wuhe? Dufite Karine,Viviyana, Suzana na Virijiniya. Abo bose ni ba Mukandahiro.

**Umukwe mukuru:** Ndasaba Mukandahiro Virijiniya.

**Umusangwa mukuru:** Nabitegereje, nsanga izo mfura ndeba mwazanye zicaye ku ntebe eshatu zibanza nta cyo nazivugaho, ni abantu b'indahemuka. Cyakora abicaye kuri izo z'inyuma aho ntareba niba hari abantu bo mu muryango wacu bajya batemberera ku Mugote no muri izo nshe zihegereye uwagira icyo yabavugaho akivuge.

**Umwe mu basangwa:**

Murakoze kumpa ijambo. Hari umukobwa wacu waje ku Mugote ahamara iminsi agaruka baramuteye inda. Ku bw'iyo mpamvu nge numva tutabashyingira umukobwa wacu.

**Umukwe mukuru:**

Arakoze uriya ugaragaje icyo yita ko ari ikibazo. Cyakora ndagira ngo mbamare impungenge. Uwo mukobwa ndamuzi. Yaje mu muryango wacu tumufata neza, turamugaburira, agaruka abyibushye mukeka ko bamuteye inda. Si inda yatewe, ahubwo yarahageze ibiryo by'iwacu biramuyoboka, anywa inshyushyu, anywa ikivuguto arabyibuha. Ahubwo ubu na Virijiniya tubasaba naza akahamara kabiri azabyibuha abatazi uko tugabura bazavuga ko yaje atwite.

**Umusangwa mukuru:**

Umugeni uramuhawe ariko ni umukobwa. *(Ako kanya amashyi ngo kacikaci!)*
Umukobwa wacu ni Mutumwinka. Nta kindi narenzaho, ibindi nawe urabyibwiriza.

**Umukwe mukuru:**

Uhawe inka akura ubwatsi ariko uhawe umugeni arashimira. Ndagira ngo ngushimire

mbikuye ku mutima. Uragahore ubyara abakobwa. Nzanira iyo nzoga mwana

wange
mushimire! Uyu muryango mpagarariye uzira kurongora abakobwa tutakoye. Ndi imbere yawe kandi n'imbere y'umuryango, reka nisubirire mu mwanya wange munkoshe.

**Umusangwa mukuru:**

Ngira ngo wabyivugiye ko atari ubwa mbere ukwa muri uyu muryango. Harya niba ubyibuka, nyibutsa izo dukosha.

**Umukwe mukuru:**

Ntabwo ari wowe wibagiwe inkwano ukosha kandi ari wowe ubyara abakobwa. Ikindi, sinakwibutsa uko nakoye. Uwazicaniye ni nyirasenge w'umwana wawe, hanyuma zimaze kubyara nawe urazikama. Gusa, nzikwa zari umunani ariko ubu zabaye amashyo.

**Umusangwa mukuru:**

Yeee! Ndumva koko uko twagukosheje ubyibuka. N'ubu tugukosheje inyana umunani.
Inyana umunani zirara imfizi mu mahembe. Ngira ngo urabyumva. *(Amashyi ngo kacikaci! Abagore bavuza impundu).*

**Umukwe mukuru:**

Abakirana batangana berekana aheza kugira ngo hatagira uvunika. Uyu munsi ndagira ngo ngukwere nk'uko nsanzwe ngukwera. Hirya aha mpagira urwuri. Nazanye n'umutahira wange Kanuma, haguruka sha! Ngwino unyegere. Uyu mwana w'umuhungu, ni umugabo ariko ndamwita umwana kuko namubyaye. Ni umutahira w'izacu. Icyo bashaka ni inyana umunani. Nkubwira kuzihanagura nakubwiye izo nshaka uko zimeze. Jyana n'umushumba wabo, undebere imigongo yazo, ingeso zazo n'ibibero byazo ari byo bibyara amata. Muzishorerane n'izindi barobanure mu ishyo inyana umunani.



**Umushumba:**
Nk'uko yabibabwiraga ni ko nabisanze. Inyana umunani nazishimye nzigejeje mu rwuri rwacu. Ni inyana nziza, zifite imigongo miremire n'ibibero byiza; mbese nazishimye.

**Umusangwa mukuru:**
Ubwo inkwano zawe zashimwe, umugeni uramuhawe. Wicare ugubwe neza, ariko nge mfite impungenge. Ko mbona imbere aho wicaranye n'abasaza bafite uruhanga
ruharaze imvi nk'izange, sinzi niba uwo usabira ari umwe muri abo ngabo!

**Umukwe mukuru:** Ndasabira umuhungu wa Bazinura witwa Karinda. Nubwo tutazanye, naketse ko muri bunsabe ko abaramutsa mutumaho nkoresheje ikoranabuhanga. Munkundiye rero, mwanyemerera akaza akabaramutsa. Tebuka sha! *(Umusore aze agaragiwe n'abamuherekeje, asuhuze Umusangwa mukuru.)*

Hanyuma se ko umusore wacu maze kumukwereka, wowe ntiwanzanira uwo mukazana wacu akaturamutsa?

**Umusangwa mukuru:** Yewe, ni byo koko, reka ba nyirasenge bamumpamagarire aze, dore ko aba ari mu gikari ahugiye mu mirimo. *(Umugeni aze agaragiwe n'abaherekeza be barimo ba nyirasenge na ba nyina wabo... asuhuze umusangwa mukuru, maze amushyikirize umukwe mukuru, na we amushyikirize umukwe w'ukuri. Amashyi n'impundu biba uruhurirane!)*

**Umukwe mukuru:** Mu gihe wanyakiraga nkiza, nari mfite ubutumwa maze

kubagezaho natumwe na Bazinura. Ariko kandi, yambwiye ati: "Ngaho genda ungire mu Kivugiza ubandamukirize, usabe umugeni, nange nsigaye aha n'abasaza n'abakecuru tugutegereje. Nuza kugabana, ucyuye umunyafu, ugaruke umbwire niba urugendo wagize kwa Rugendo rwaguhiriye". Ndagira ngo munyemerere ngende hakibona nsange abo basaza n'abakecuru, mbabwire ko mwampaye umugeni. Mbafashe kwitegura kugira ngo ejo cyangwa ejobundi nzagaruke gutebutsa. Muragahorana Imana.

**Umusangwa mukuru:** Wazanye n'abagore b'amajigija, wazanye n'abagabo b'ibikwerere, wazanye n'ababyeyi bonsa, wazanye n'abagabo b'ibihame, wazanye n'abasore n'inkumi, wazanye n'abana. Reka nguhe impamba yabo, ariko iyi nkwihereye yo uyigeze mu rugo ni iya Bazinura wagutumye. Ugende uyimushyikirize, kibe nk'ikimenyetso cy'uko wageze aho yagutumye.

**Umukwe mukuru:** Sinongera kwicara kuko burya uhawe impamba arahaguruka akagenda. Ariko reka mbanze nsabe umuhungu wange aherekeze umugeni we. Umva sha! Uherekeze uwo mukobwa umugeze ku muryango wa se. Hari inkingi yitwa kanagazi, ufite uburenganzira bwo guhita kuri iyo nkingi yonyine. Ku rusika rw'umugendo ni ho abashyitsi bagarukira. Mu ndaburano ni aha se kuko imbere ari aha nyina. Mu ruhimbi ni ah'abakobwa. Namara kukwereka intebe uzajya wicaraho waje kwa sobukwe, uhite ugaruka uze dutahe, ejo cyangwa ejobundi nzazana inzoga yo gutebutsa baduhekere. *(Umusore aherekeze umugeni we, amugeze aho yasabwe kugera hanyuma agaruke batahe).*

### II.9.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Isabwa rya Mukandahiro", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.*

## Imyitozo

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro wumvikanisha icyo ashaka gusobanura:

a) Umutahira

b) Igikatsi

c) Uruhimbi

d) Ishyo

2. Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira impuzanyito zayo:

a) Uyu mwana yabyirutse afite **imbaraga**.

b) Yakoze uko ashoboye kose nta cyo **namugaya.**

c) Kera **umushumba** si we wahamagaraga umwisi ngo aze kwita inka amazina, ahubwo yatumirwaga n'umutahira.

**3.** Mu kinyatuzu gikurikira harimo amagambo makumyabiri n'abiri (22) y'imihango cyangwa y'ibikoresho byo mu bukwe. Tahuramo ayo magambo, uva hasi ujya hejuru, uva hejuru ujya hasi, uva iburyo ujya ibumoso, uva ibumoso ujya iburyo, uberamye.

| | | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | B | I | S | H | Y | I | N | G | I | R | A | N | W | A |
| G | N | O | N | M | L | L | N | U | N | D | I | I | H | M |
| U | U | D | M | Z | N | G | V | T | E | E | S | M | Z | A |
| S | W | T | O | I | O | L | M | E | G | G | T | P | C | J |

| | | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| H | D | B | W | N | D | G | R | B | U | A | I | A | D | Y |
| Y | V | A | B | I | G | C | A | U | M | T | Y | N | W | A |
| I | S | U | K | A | K | O | U | T | U | E | H | O | Y | M |
| N | K | I | J | O | P | U | R | S | A | P | S | B | V | B |
| G | U | K | W | A | K | J | R | A | U | M | U | K | W | E |
| I | N | K | W | A | N | O | Z | U | N | I | M | R | S | R |
| R | A | G | N | A | R | U | M | U | R | Y | U | T | U | E |
| W | N | U | M | U | S | A | N | G | W | A | O | W | V | I |
| A | B | A | S | U | G | U | T | E | K | E | S | H | A | N |
| U | T | Z | C | A | Z | I | G | A | B | M | A | R | U | K |
| K | U | R | A | M | U | K | A | N | Y | A | Y | Z | A | A |

## II.9.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Isabwa rya Mukandahiro" hanyuma usubize ibibazo bikurikira.*

1. Umukwe mukuru ageze kwa Rugendo yasanze bakoranyijwe n'iki? Ese koko icyo bavuga mu mwandiko ni cyo cyari cyabakoranije? Sobanura igisubizo cyawe.
2. Ni iyihe nteruro igaragaza ko umukwe mukuru yishimiye amazimano?
3. Uwavuga ko uyu mwandiko ufitanye isano no gucyocyorana mu buryo bwa gipfura yaba yibeshye? Tanga ingero ebyiri ziherekeza igisubizo cyawe.
4. Ni iyihe mihango y'ubukwe bwa Kinyarwanda ivugwa muri uyu mwandiko? Yandike uyikurikiranya uko ikurikirana.
5. Ni he mu mwandiko bagaragaza ko uwo muhungu yari ageze mu gihe cyo gushaka koko?
6. Uyu mwandiko urangira batubwira ko hazakurikiraho uwuhe muhango uzwi mu bukwe bwa kinyarwanda? Uwo muhango uba ugamije iki?

## II.9.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Isabwa rya Mukandahiro" hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

1. Ni iyihe mihango y'ubukwe itavuzwe mu mwandiko "Isabwa rya Mukandahiro" ?
2. Garagaza ingingo z'umuco nyarwanda ziri mu mwandiko.
3. Gereranya uko imisango y'ubukwe yakorwaga kera n'uko ikorwa muri iki gihe.
4. Hariho abantu basesagura umutungo mu gihe cy'ubukwe. Ibi birakwiye? Sobanura igisubizo cyawe.

### II.9.4. Kujya impaka

**Igikorwa**

*Kurikirana amajwi/amajwi n'amashusho ku misango y'ubukwe, nurangiza uyijore. Hanyuma uge impaka na bagenzi bawe ku kamaro k'imisango y'ubukwe muri iki gihe.*

## II.10. Umwandiko: Kamana yitwa izina



Hari ku munsi wa munani Nyiramana yibarutse. Yari amaze iminsi ku kiriri. Kagabo, umugabo we, atumira abaturanyi ndetse ararika abana b'abahungu n'abakobwa ngo bitabire umuhango wo kwita umwana izina.

Bamaze kuhagera, baha abana inkonzo bajya mu murima. Umurima wari wabanje gutabirwa n'abakuru kugira ngo worohe. Abana b'abahungu barahinga. Bamaze guhinga, ab'abakobwa batera intabire imbuto y'uburo n'inzuzi. Barangije gutera, nyirabukwe wa Nyiramana azana amazi mu gacuma, ayasuka ku rushyi rwe ayabamishaho, agira ati: "Nimuhingure imvura iraguye". Abana bose baherako barataha.

Bageze mu rugo, Nyiramana asohokana icumu, ingabo, umuheto n'ishinge hanyuma yicara ku ntebe bateye hagati y'imyugariro. Bari bateguye ubunnyano: hari urutaro bashasheho urukoma rubabuye, ruriho ibishyimbo bicucumiyemo imboga kandi babumbabumbyemo utubumbe twinshi maze buri mwana bamugenera akabumbe ke. Abana babazaniye amazi barakaraba. Buri mwana agafata akabumbe kageretseho agasate k'umutsima akarya. Bamaze kurya bazana amata y'inshyushyu n'ay'ikivuguto, barabahereza baranywa. Umwe mu bana bari aho aranyegera, ambaza anyongorera:

- Ko baduhamagaye ngo twite izina ibi bindi badukoresheje ni ibiki?
- Mu muco nyarwanda, mbere yo kwita izina habanza igikorwa cyo guhinga, hagakurikiraho kurya ubunnyano, bakabona kwita izina. Ubu turangije igikorwa cyo kurya ubunnyano.
- None se ko iyo iwacu turangije kurya dukaraba, bakaba bataduhaye amazi ngo dukarabe?
- Itonde, ibikurikira uraza kubibona.

Abana bose barangije kurya, bahamagara umwumwe, bamusaba kugenda ahanaguriza intoki ze ku mabere ya Nyiramana, avuga ati: "Urabyare abana benshi, abahungu n'abakobwa". Bamaze guhanaguriza intoki zabo ku mabere, babasaba kwita umwana amazina.

Nuko abana batangira kwita amazina. Umwe ati: "Mwise Bwerere." Undi ati: " Mwise Bwuzuzu". Undi ati: " Mwise Bwarike". Barakomeza bose barahetura. Barangije kwita amazina bababuza gutaha. Iyo batahaga umwana atarituma, byababaga ari ukumusurira nabi akaba yapfa. Nyiramana na we bamubuza guhaguruka aho yari yicaye bategereza ko umwana annya cyangwa anyara. Umwana ntiyatinda, ahita annya kuko nyina yari yamwonkeje bihagije. Iyo byatindaga, bamutapfuniraga itabi cyangwa bakamwina.

Umwana amaze kwituma, bahamagara abana umunani, bane b'abahungu na bane b'abakobwa b'amasugi. Baraza bakikiza urutaro bayoreyeho ibyo ku kiriri, basaba ba bana kuruterurira icyarimwe, bagenda urunana baririmba bati: "Bwerere yavutse, Bwerere yakura, Bwerere yavoma, Bwerere yasenya, Bwerere yatashya, Bwerere yahinga..." Bageze mu rutoki, babasaba kubisuka ku nsina bavuga bati: "Dore aho nyoko yakubyariye." Bajya ku yindi nsina babyina kwa kundi". Babikora ku nsina zirenga ebyiri.

Wa mwana arongera aranyegera maze arambaza ati: "Ibi ni ibiki dusutse kuri izi nsina?" Ndamusobanurira nti: "Ibi musutse ku nsina ni ibyo ku kiriri, mu muco nyarwanda kirazira kubisohora mbere y'igikorwa cyo kurya ubunnyano. Insina mwabisutseho ni iz'umwana wavutse, ababyeyi bazira kuzimunyaga. Iyo ari umukobwa, agashyingirwa kure bamugemurira igitoki cyazo cyangwa inzoga yazo".

Barangije bazana ingobyi ebyiri iyo mu ruhu rw'intama n'iyo mu ruhu rw'inyana bazimukozaho. Wa mwana arongera ambaza anyongorera ati: "Ibi byo bakoze bisobanura iki?" Ndamusubiza nti: "Ni ukugira ngo ingobyi imwe nibura bazamuheke mu yindi. Iyo batabigenjeje batya, bukeye bakamuheka mu yo batamukojejeho bimusurira inabi agapfa". Wa mwana amatsiko akomeza kumuganza arongera arambaza ati: "Ubu se hagiye gukurikiraho iki?" Ndamusobanurira nti: "Ubu bagiye gufata mukuru we bamumuhekeshe kugira ngo bazahore barutana, umukuru ntazarutwe n'umukurikira bitewe n'uko yazingamye. Ikindi, ririya cumu, ingabo n'umuheto n'iriya shinge Nyiramana yasohokanye bagiye kubimanika mu ruhamo rw'umuryango hanyuma baze kubijugunya".

Bumaze kwira ba bana baratahа. Bigeze mu museke, Kagabo abwira Nyiramana ati: "Cyono duterure umwana"! Barabanza bubaka urugo. Barangije Kagabo arasohoka ajya hanze, avuyeyo asanga Nyiramana yamutereye intebe mu irebe ry'umuryango. Mu muco nyarwanda ngo iyo umugabo yateruraga umwana atavuye hanze byabaga ari ukumuvutsa amahirwe, akazaba imbwa, akazapfa atagize icyo yimarira. Nuko Kagabo araza yicara ku ntebe ati: "Mpa uwo mwana". Aramusimbiza agira ati: "Kura uge ejuru nkwise Kamana". Amuhereza nyina na we aramusimbiza agira ati: "Itume aha, nyara aha, kura uge ejuru, nge nkwise Irakiza". Izina ryahamagaga ni iryo umwana yiswe na se. Icyakora kuri ubu, umwana ahabwa amazina ababyeyi be bumvikanyeho.

*Bifatiye kuri, Myr. BIGIRUMWAMI.A, Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda, Troisième édition. Nyundo, 1984*

## II. 10.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Kamana yitwa izina", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.*

**Imyitozo**

1. Koresha mu nteruro amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:
   a) Yibarutse
   b) Inkonzo
   c) Guhetura
   d) Kunyaga

2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ayo mu ruhushya B ukurikije ibisobanuro byayo.

| A | B |
|---|---|
| Urutaro | Kugendera hamwe |
| Kugenda urunana | Kuyimwaka |
| Kuyimunyaga | Kumwifuriza ikibi |
| Gusurira umuntu inabi | Buri wese abona umwanya we |
| Barahetura | Intara |

## II.10.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko " Kamana yitwa izina" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho:*

1. Kamana yiswe izina ryari? Nyina yari amaze iminsi he mbere y'uko bita izina?
2. Sobanura uko umuhango wo kwita izina wakorwaga.
3. Umuhango wo kwita izina wahuzaga ba nde?
4. Erekana uko igikorwa cyo kurya ubunnyano kivugwa muri uyu mwandiko cyari cyateguwe n'uko cyakozwe.
5. Abana bari bafite uruhe ruhare mu muhango wo kwita izina?
6. Mu muco nyarwanda ni izihe ngaruka zashoboraga kuba ku mugabo uteruye umwana atavuye hanze?

## II.10.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Kamana yitwa izina" hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

1. Wifashishije umwandiko *"Kamana yitwa izina"* gereranya uko umuhango wo kwita izina wakorwaga kera n'uko ukorwa muri iki gihe.
2. Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye mu mwandiko.
3. Wavuga iki ku buziranenge bw'ibyakorerwaga mu muhango wo kwita izina?
4. Hina umwandiko ukoresheje amagambo yawe kandi wubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

## II.11. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mutegure imisango y'ubukwe nyarwanda nimurangiza muyikine.

**Ubu nshobora:**

- Gusobanurira abandi inshoza y'ibisigo by'ubuse, uturango twabyo n'akamaro ko kubyiga.
- Gusobanurira abandi inshoza y'ibisigo nyabami, amoko yabyo, uturango twabyo n'akamaro kabyo.
- Gusobanurira abandi ubwiru n'inzira z'ubwiru zabagaho mu Rwanda.
- Gusobanurira abandi ubucurabwenge n'akamaro kabwo.
- Gusobanurira abandi ibijyanye n'imisango y'ubukwe mu muco nyarwanda no kuyikina.
- Gusobanurira abandi ibyerekeranye n'umuhango wo kwita umwana izina.

**Ubu ndangwa no:**

Gukoresha neza Ikinyarwanda, guha agaciro ibyiza bikubiye mu muco nyarwanda, gukoresha ndetse no gusigasira uturango tw'ubusizi nyarwanda.

## II.12. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

### Umwandiko: Utabusya abwita ubumera

*Uyu mugani bawuca iyo babonye umuntu wese umara gushira impumu akiyibagiza amagorwa azahutsemo; ahubwo agatsikamiza agahato abo bahoze bayasangiye; nibwo bavuga bati: "Koko utabusya abwita ubumera"! Wakomotse kuri Karake ka Rugara w'i Bumbogo bwa Huro (mu Karere ka Gakenke, Intara y'Amajyaruguru); ahasaga umwaka wa 1600.*

Guhera ku ngoma za kera kugeza kuri Kigeli Rwabugiri, abanyamuhango b'umuganura bagatura i Bumbogo; ndetse bakaba ari na bo batware babwo bwose. Inteko yabo yari ku musozi witwa Huro (ubu ni mu Karere ka Gakenke). Bukeye umutsobe Nyamwasa wari umutware w'abasyi icyo gihe, asaba umukobwa wo mu ngabo za Mibambwe Gisanura yise Abambogo b'umuganura. Abakobwa babo ni bo basyaga umutsima w'umuganura nyine. Uwo mukobwa yitwaga Karake, akaba mwene Rugara w'Umusegege. Agasyana n'abandi bakobwa b'urungano; ni na ho Nyamwasa yamuboneye aramushima aramusaba. Amaze kumurongora, Karake aranezerwa kuko noneho aho gusya agiye kujya ahagarikira abasyi. Ahimbarwa n'ubutwarekazi; abakobwa baje gusya akabahagarikirana urutoto abisyigingiza yitotomba ngo barizenutsa ntibasyana umwete.

Abo bakobwa babyirukanye bakamubwira bamwenyura, bati: "Mbese ntuzi ko uburo bukomera"? Karake akabasubizanya izenezene, ati: "Ubu na bwo ni uburo si ubumera"? (ntiburuhije). Abakobwa bagatinya kumuseka ngo bitabakorera ishyano; bagasekera mu bipfunsi. Biba aho bityo. Bukeye Karake yubura ingeso yo gusinda. Nyamwasa yaza agasanganirwa n'umugono agasanga umugore yasinziriye uburiri ari ibirutsi gusa: Karake si ugusinda arasayisha! Bituma umugabo we amwanga aramuzinukwa aramusenda asubira iwabo. Rubanda bari bazi ubukundwakare bwe baratangara.

Haciyeho iminsi igihe cy'umuganura w'ibwami kiragera. Bakoresha Abambogo b'umuganura bose ngo baze gusya kwa Nyamwasa. Ubwo Rugara se wa Karake yari afite umugore w'umukecuru kandi nta n'umukobwa wundi afite wo kumucungura. Biramushobera; ati: "Ibi mbigenje nte! Ko nta wundi mwana mfite; kandi ko kohereza Karake kwa Nyamwasa ngo asyane n'abo yahoze ahagarikiye byamutera ipfunwe ribi"?. Abandi b'amacuti ye bati: "Nutamwohereza bizakugwa nabi". Abuze uko abigira apfa kumwohereza ajya mu basyi; ati: "Jya gusya uburo bw'ibwami nta kundi twabikika"!

Karake arashoberwa ariko aremera apfa kugenda; agenda aseta inzira ibirenge. Ageze kwa Nyamwasa abakobwa baranzika barasya, Karake abajyamo afata urusyo rwe. Agize ngo arapfukama biramutonda, agize ngo arasya biramunanira; kuko yari amaze guhuga hashize igihe kirekire ari mu mukiro. Noneho ba bakobwa

baramwubahuka baramuseka baramukwena; mbese baramukwenura bamuhinyora; bati: “Nyabusa shikama usye vuba dore ubwo si uburo ni ubumera”! Bamucyurira ko igihe yakinaga n’umurengwe yari yariyibagije ko gusya uburo ari impingane.

Nuko mu mataha abakobwa batahana Karake bamuhinyora, ijambo riba gikwira i Bumbogo risakara u Rwanda riba umugani. Bawinjiza mu yindi yigisha gukora iki cyangwa kudakora kiriya. Kuva ubwo rero umuntu wese umaze gushira impumu akirengagiza amagorwa azahutsemo ntacire abo bari bayasangiye akari urutega, bakamuciraho uwo mugani, bagira bati: **“Utabusya abwita ubumera**”! Baba bamugereranya na Karake wiyibagije ko gusya uburo ari impingane bikura amakwabasi.

*Byavuye muri: Minisiteri y’Amashuri Makuru n’Ubushakashatsi mu by’Ubuhanga, Ibirari by’insigamigani. Igitabo cya Kabiri, Kigali, 1986*

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Uyu mwandiko uri mu buhe bwoko bw’imyandiko? Sobanura ibiranga bene ubwo bwoko bw’imyandiko.
2. Uyu mwandiko uravuga ku yihe nsanganyamatsiko? Sobanura igisubizo cyawe.
3. Rondora abakinankuru bavugwa muri uyu mwandiko.
4. Karake yasezerewe kwa Nyamwasa azira iki? Ese iyo witegereje neza usanga yararenganye? Sobanura igisubizo cyawe.
5. Ni uwuhe murimo uvugwa cyane muri uyu mwandiko? Ese uyu murimo wari uhuriye he na gahunda z’ubuyobozi bw’Igihugu muri icyo gihe?
6. Karake yongeye gusubira mu basyi bitewe n’iki?

## II. Inyunguramagambo

1. Shaka ibisobanuro by’amagambo cyangwa amatsinda y’amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

a) Abisyigingiza
b) Ubukundwakare
c) Guseta inzira ibirenge
d) Baramwubahuka.

2. Shaka impuzanyito z’amagambo akurikira:

a) Inteko yabo
b) Urutoto
c) Baramukwena

3. Shaka imbusane z’amagambo akurikira:

**a) Baranzika ≠...**

**b) Arasayisha ≠ ...**

4. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:

a) Umuganura

b) Kumucungura

c) Guhuga

## III. Ibibazo by'ubuvanganzo

**1. Soma iki gice k'igisigo "Ukwibyara" nyuma usubize ibibazo byakibajijweho.**

Ku Rutambamitavu,
Muri intwari zitarutana,
Muri bene iteka ritahava,
Muri bene umutungo mwiza
Mwaraduhatse muraturemaza,
Mutwubakira amarembo y'intungane
Tubita inturarwanda
Nta byikamize urakimana
Wadukamiye amata angana imvura,
Ntitugira umuvuro
Tubyuka dusenga
Ugasukiranya urugwiro
Sango, ba so na ba sogokuru,
Bakwangiye isange
Ngo abazakwanga
Uzabakuze umusanzu n'umuganda,
Abagusigaranye imbuto n'intanga
Bakuraze izi ntarama
Zo ku Rutambamyato

**65.** No ku Rutambabiru

**Ibibazo**

a) Tahura imwe mu minozanganzo iri muri icyo gice k'igisigo kandi uyisobanure.

b) Igisigo "Ukwibyara" kiri mu buhe bwoko bw'ibisigo? Kubera iki? Andika ubundi bwoko bw'ibisigo uzi.

c) Igisigo "Ukwibyara" kiri mu buhe bwoko bw'ubuvanganzo? Kubera iki? Andika izindi ngeri ziri muri ubwo buvanganzo.

2. Tandukanya ubwiru n'ubucurabwenge mu buvanganzo nyarwanda.

3. Ihangamwandiko

d) Hanga umuvugo utarengeje imikarago cumi n'itanu, ku nsanganyamatsiko wihitiyemo, ugerageza gukoreshamo iminozanganzo itandukanye.

# UMUTWE 3

# UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

## Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura imbwirwaruhame hagaragazwa ingingo z'ingenzi ziyikubiyemo n'imbata yayo.
- Guhanga no kuvuga imbwirwaruhame ku nsanganyamatsiko yahawe.
- Gusobanura no gutahura mu mbwirwaruhame amafatizo y'ubwumvane n'imimaro y'ururimi.

## Igikorwa cy' umwinjizo

*Ushingiye ku bumenyi ufite, sobanura mu magambo yawe bwite uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, ugaragaze uko bumeze mu muryango nyarwanda utanga n'ingero zifatika.*

## III.1. Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryanyo



Bayobozi b'utugari n'imidugudu igize Umurenge wa Munanira,

Baturage mutuye mu Murenge wa Munanira,

Nongeye kubasuhuza, nimugire amahoro! Nyuma y'iki gikorwa cy'umuganda cyari cyaduteranyirije hano, ndagira ngo mbamenyeshe ko uyu munsi hateganyijwe kuganira ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango.

Nkaba ngira ngo mbamenyeshe ko icyo kiganiro tugiye kukigezwaho n'Umunyarwandakazi wishimira ibyiza Leta y'u Rwanda yagejeje ku bakobwa n'abagore.

Madamu Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage mu Murenge wa Munanira, uyu mwanya ni uwanyu kugira ngo mugeze ku baturage ikiganiro mwabateguriye.

Murakoze!

Nyakubahwa Muyobozi w'Umurenge wa Munanira,

Bayobozi b'utugari n'imidugudu,

Baturage b'Umurenge wa Munanira, nimugire amahoro!

Nk'uko byari biteganyijwe, nyuma y'igikorwa cy'umuganda cyabaye uyu munsi, tugiye kuganira ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango. Sintwara umwanya munini, ngiye kubaganiriza iminota mike. Ndabanza nsobanure ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, mbabwire impamvu Leta y'u Rwanda yashyizeho ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, mbahe n'ingero zinyuranye zigaragara mu

muryango nyarwanda, nsoreze ku ngamba zo gukomeza gukora ubukangurambaga kugira ngo iri hame rirusheho kumvikana neza.

Bayobozi bo mu Murenge wa Munanira,

Baturage b'Umurenge wa Munanira,

Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragara igihe abagore n'abagabo bafite uburenganzira bungana n'amahirwe angana mu byo bakora no mu byo bagenerwa n'amategeko. Leta y'u Rwanda yashyizeho gahunda yo kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye kugira ngo hashimangirwe uburenganzira bungana ku bagize umuryango nk'uko biteganywa n'itegeko no 51/2007 ryo ku wa 20/09/2007 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore mu iterambere ry'Igihugu.

Impamvu Leta y'u Rwanda yashyizeho ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo ni ukubera ko abagore bahezwaga mu iterambere ry'umuryango n'iry'Igihugu muri rusange. Hari ingero nyinshi zigaragaza ko abagore bahezwaga.

Wasangaga nko mu muryango, umugore ataragiraga uburenganzira ku mitungo, ari aho yavutse ari n'aho yashatse. Ntiyari yemerewe gutanga igitekerezo cyangwa kugira uruhare ku myanzuro yafatwaga mu rugo. Bityo rero, umugabo ni we wari ishingiro ry'iterambere ry'umuryango. Iyo umugore yageragezaga gutanga igitekerezo gishobora gutuma umuryango utera imbere hacibwaga imigani inyuranye yo kumukandamiza ngo: "Uruvuze umugore ruvuga umuhoro, ingabo y'umugore iragushora ntigukura, nta nkokokazi ibika isake ihari, umugore arabyina ntasimbuka… ". Ibi biragaragaza ko nta buringanire n'ubwuzuzanye bwariho icyo gihe.

Mu mirimo yo mu rugo, wasangaga abahungu n'abakobwa badafatwa kimwe. Hari imirimo yaharirwaga abakobwa nko gukora isuku yo mu rugo, guteka, kurera abana, gusenya, gutera intabire, kwita ku matungo… Hari n'imirimo yaharirwaga abahungu nko kwasa inkwi, guhinga no kuragira... Ibyo bigaragaza ko mu muryango nyarwanda, nta hame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ryarimo. Aho amashuri aziye, umuryango ntiwahaga ibitsina byombi uburenganzira bungana. Wasangaga umubare munini w'abakobwa batarangiza amashuri kuko bagombaga gufasha ababyeyi imirimo yo mu rugo. N'aho wasangaga biga, wasangaga ari bake. Iyo mu rugo hatsindaga umuhungu n'umukobwa, ababyeyi boherezaga umuhungu gusa.

Mu iterambere ry'Igihugu na ho, abagore ntibashyirwaga mu nzego zifata ibyemezo. Mu myanya ya poritiki, ubutabera n'umutekano, umubare w'abagore wari muto cyane. Mu burezi, wasangaga amashuri y'abakobwa ari make, n'ayabaga ahari, yashyirwagamo amashami abategurira gufata neza umugabo, kurera abana,

kudoda, kuba abanyamabanga n'indi mirimo mbonezamubano. Uku kudahabwa uburenganzira bungana, byadindizaga iterambere ry'Igihugu.

Imyaka yabaye myinshi abantu b'igitsina gore bibera mu buzima bw'ikandamizwa bigera aho biramenyerwa biba nk'ibisanzwe. Nyuma ya Jenoside Yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yashyizeho itegeko ry'umuryango rigena imicungire y'umutungo w'abashakanye, impano n'izungura ryo mu 1999. Mu rwego rw'amategeko, ibi byatumye abagabo n'abagore bagira uburenganzira bungana ku mitungo no mu izungura. Nta busumbane buri hagati yabo mu byerekeye uruhare rwabo, amahirwe bahabwa no ku burenganzira muri rusange.

Umugore agira uruhare mu igenamigambi ry'Igihugu, ibitekerezo bye bihabwa agaciro. Imvugo zikandamiza umugore, zatakaje agaciro, himakazwa imvugo zihesha agaciro umugore: "Umugore ni mutima w'urugo, umukobwa ni nyampinga, ukurusha umugore akurusha urugo …" Ubwo burenganzira abagore bahawe bwaguye ibitekerezo byabo. Ubu umugore afite ijambo n'uruhare mu iterambere ry'Igihugu.

Nyakubahwa Muyobozi w'Umurenge wa Munanira,

Bayobozi b'utugari n'imidugudu,

Baturage b'Umurenge wa Munanira,

Nababwiye ko ntari bwizimbe mu magambo. Nubwo tubona ko hari umusaruro ugaragara mu Rwanda kubera kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, haracyari urugendo kuko ntiturabugeraho ijana ku ijana nkuko byifuzwa. Igisabwa rero ni ugukomeza ubukangurambaga bugakorwa n'inzego zitandukanye kuko hakiri abantu babifata uko bitari ku mpande zombi. Mu bigaragara, hari imiryango imwe n'imwe ikirangwamo amakimbirane ashingiye ku kudasobanukirwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. Urugero ni nk'aho usanga umugore ajya mu kabari, agataha igicuku amena inzugi cyangwa akumva ko ikemezo ke ari ntavuguruzwa. Hari n'abagabo kandi usanga biyambura zimwe mu nshingano zabo bakazegeka ku bagore babo. Iyo usesenguye ibi, usanga abenshi babikora bitwaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. Inama nagira abanyumva, ni ukumenya ko uburinganire n'ubwuzuzanye atari ugusuzugurana no gupyinagazanya, ahubwo ni ukudatandukira ibiteganywa n'amategeko n'indangagaciro z'umuco nyarwanda.

Murakoze, mbashimiye uburyo mwanteze amatwi nkaba nizera ko twese hamwe tugiye guharanira kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda.

Mugire amahoro!

### III. 1.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

## Igikorwa

*Soma umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko, wifashishije inkoranyamagambo.*

## Imyitozo

1. Koresha amagambo/itsinda ry'amagambo akurikira dusanga mu mwandiko, mu nteruro wihimbiye:
   a) ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye
   b) gupyinagazanya
   c) impano
   d) bahezwaga
   e) izungura
2. Tanga impuzanyito z'aya magambo:
   a) Umutegarugori
   b) Ubukungu
   c) Igicuku
   d) Umwana
3. Urebye mu merekezo yose, garagaza amagambo ari muri iki kinyatuzu afitanye isano n'umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango":

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| U | I | U | R | I | N | K | A | I | I | R | I |
| E | U | H | J | Y | J | W | S | N | A | I | T |
| Y | M | W | A | A | K | I | R | K | G | N | E |
| N | U | O | E | M | I | M | I | U | A | G | R |
| A | G | U | U | U | E | A | U | M | W | A | A |
| Z | A | E | R | O | U | K | M | I | Z | R | M |
| U | B | G | U | G | U | A | U | N | E | E | B |
| Z | O | A | G | U | K | Z | S | L | H | C | E |
| U | Z | R | O | R | Z | A | O | N | A | M | R |
| W | H | U | M | U | G | O | R | E | B | I | E |
| B | Y | M | E | C | B | J | E | U | K | E | P |
| U | B | U | R | I | N | G | A | N | I | R | E |

## III.1.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango", hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

1. Iyo bavuze uburinganire n'ubwuzuzanye wumva iki?
2. Wifashishije itegeko no 51/2007 ryo ku wa 20/09/2007, sobanura ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
3. Ni inde wagejeje ijambo ku mbaga y'abaturage yari iteraniye ahabaye umuganda?
4. Ni iyihe impamvu Leta y'u Rwanda yashyizeho ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo?
5. Rondora imirimo yaharirwaga abakobwa n'imirimo yaharirwaga abahungu uburinganire butaratangira kubahirizwa mu Rwanda.
6. Ese mu Rwanda hari imiryango ikirangwamo amakimbirane aterwa no kutumva neza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye? Sobanura kandi utange n'urugero.

## III.1.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

Ongera usome umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango", hanyuma usubize ibibazo bikurikira:

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura igisubizo cyawe.
2. Ni irihe somo uyu mwandiko ugusigiye?
3. Uramutse uhawe kuyobora ahantu ugasanga abaturage baho batazi ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, wakora iki?
4. Ni izihe ngingo zigaragaza ko umugore agira uruhare mu iterambere ry'Igihugu?

## III.2. Imbwirwaruhame

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango" , witegereze imiterere yawo. Uhereye ku miterere y'uwo mwandiko, kora ubushakashatsi utahure inshoza y' imbwirwaruhame, ugaragaze imbata yayo kandi utahure amabwiriza agenga imbwirwaruhame.*

### III.2.1. Inshoza y'imbwirwaruhame

Imbwirwaruhame ni ijambo umuntu ategura neza akarigeza ku bantu benshi (mu ruhame) bakirinda kumurogoya, ahubwo bakamutega amatwi. Imbwirwaruhame ishobora kuba ndende cyangwa ngufi bitewe n'intego yayo. Uvuga imbwirwaruhame agomba kuyitegura agahuza ibitekerezo bye bwite n'insanganyamatsiko y'umunsi, kandi akiyubaha ubwe, akubaha n'abamuteze amatwi. Imbwirwaruhame zivuga ku nsanganyamatsiko zinyuranye: izibwiriza iby'idini, izivuga ibya poritiki, izo kwizihiza iminsi mikuru, izikangurira abantu igikorwa runaka... Ni yo mpamvu imbwirwaruhame zishobora kuvugirwa ahantu hanyuranye nko mu nsengero, mu mashuri, mu nzu mberabyombi n'ahandi.

### III.2.2. Imbata y'imbwirwaruhame

Imbwirwaruhame iba igizwe n'ibice bine by'ingenzi: umutwe, intangiriro/interuro, igihimba n'umwanzuro/umusozo.

1. **Umutwe:**

Umutwe ni igice kibanza k'imbwirwaruhame kigaragaza insanganyamatsiko iyo mbwirwaruhame iri bwibandeho.

2. **Intangiriro / interuro**

Mu ntangiriro uvuga imbwirwaruhame abanza kuvuga abanyacyubahiro bari aho n'abo ubutumwa bugenewe ahereye ku w'imena muri bo akurikije ibyubahiro byabo, gusa akirinda kubavuga mu mazina yabo bwite. Uvuga imbwirwaruhame kandi ageza indamukanyo ku bo abwira.

**Urugero:**

Nyakubahwa Muyobozi w'Umurenge wa Munanira,
Bayobozi b'utugari n'imidugudu,
Baturage b'Umurenge wa Munanira,
Nimugire amahoro!"

Aka ni na ko karango ka mbere k'imbwirwaruhame. Mu ntangiriro kandi ni ho utanga ikiganiro agaragaza ibyo ari buze kuvugaho, akabivuga mu buryo bwihuse cyangwa butatuye, asa n'utera amatsiko abamuteze amatwi ndetse no kubumvisha akamaro k'icyo kiganiro agiye kubagezaho. Iki gice ntikigomba kuba kirekire.

**3. Igihimba**

Iki gice ni cyo gice fatizo k'imbwirwaruhame. Ni muri iki gice utanga ikiganiro avuga ingingo yateguye kuvugaho. Ni ngombwa ko izo ngingo azikurikiranya neza ashingiye ku buremere bwazo. Ibi bituma abamutega amatwi batarambirwa kuko aba yahereye ku ngingo zibafitiye akamaro cyane. Iyo bibaye ngombwa ko hari ingero zitangwa, uvuga imbwirwaruhame akoresha ingero zijyanye n'abo abwira cyangwa aho avugira. Kubera ko iki gice gishobora kuba kirekire, utanga ikiganiro mbere yo kujya ku yindi ngingo ashobora kugenda akoresha amagambo yo gukangura abo abwira (urugero: bayobozi, babyeyi, nshuti, bavandimwe...)

**4. Umwanzuro/ Umusozo**

Muri iki gice uvuga imbwirwaruhame asoza yibutsa abamuteze amatwi ingingo z'ingenzi baganiriyeho kugira ngo basigarane ishusho y'ikiganiro. Ni muri iki gice kandi ashobora kugaragaza ibyifuzo, ingamba, inama... bitewe n'imiterere y'ikiganiro. Niba yashishikarizaga abantu kurwanya ibiyobyabwenge arasoza agaragaza ingamba zafatwa mu kubirwanya. Muri iki gice kandi utanga ikiganiro asoza ashimira abari bamuteze amatwi.

### III.2.3. Amabwiriza agenga imbwirwaruhame

**1. Uko imbwirwaruhame itegurwa n'uko isomwa**

Mbere yo gutanga ikiganiro mbwirwaruhame, ugitegura agomba kumenya ibi bikurikira:

- Ni ngombwa kumenya abo agiye kubwira imbwirwaruhame abo ari bo n'aho ababwirira.
- Ni iki bashobora kumva? Bari mu kihe kigero k'imyaka? Bakora iki? Ni iki bahuriyeho?
- Gutegura imbwirwaruhame.
- Kumva neza insanganyamatsiko y'imbwirwaruhame byaba ngombwa akanasoma ibitabo binyuranye bivuga kuri iyo nsanganyamatsiko.
- Gukusanya ibyo azavuga mu ngingo zinyuranye z'imbwirwaruhame ashingiye ku byo yasomye cyangwa yabajije abandi.
- Gushaka intego z'ikiganiro ke akanakora imbata y'ikiganiro ke.

**2. Imyifatire n'imyitwarire y'uvuga imbwirwaruhame**

Utanga ikiganiro mbwirwaruhame agomba kuba:

a) Yambaye imyambaro idakojeje isoni.
b) Kumenya guhagarara neza imbere y'abandi nta mususu.
c) Kuvuga imbwirwaruhame ye adategwa.
d) Kuraranganya amaso mu bo abwira, kirazira kubatera umugongo no kuba imbata y'urupapuro.
e) Kurangurura ijwi kugira ngo imbwirwaruhame yumvikane.
f) Kuvuga atarandaga cyane kugira ngo abamuteze amatwi batarambirwa kandi ntiyihute cyane mu mvugo kugira ngo ibyo avuze birusheho kumvikana.
g) Kwirinda imvugo nyandagazi.
h) Kugenda atanga ingero zihuye n'ikigero cy'abo abwira cyangwa se icyo bakora.

### Ikitonderwa:

Utegura imbwirwaruhame ayitegura yandika, akazayivuga asoma ibyo yanditse, mu rwego rwo kwirinda kuvuga ibiterekeranye no kwisubiramo bya hato na hato. Hashobora kuvugwa imbwirwaruhame ihanitse cyangwa idahanitse, umuntu akayivuga atayiteguye. Ibyo ni iby'abafite iyo mpano si ibya buri wese kuko bigira abahanga babyo. Ibyo bigaragarira cyanecyane nko mu misango y'ubukwe, ku minsi mikuru, mu birori runaka...

**Umwitozo**

Sobanure ibice bigize imbata y'imbwirwaruhame.

## III.3. Umwandiko: Yagiye ayoboza



Keza ni mubyara wa Kagabo. Bize ku kigo kimwe cy'amashuri abanza mu cyaro. Keza yaje kujya gukorera mu mujyi wa Kigali, Kagabo aguma mu cyaro. Nyuma y'imyaka isaga irindwi baje guhurira i Kigali. Kagabo yari agiye kuhakorera iyimenyerezamwuga. Yibazaga uko azakora imirimo ye akabura igisubizo, kuko atari azi indimi bakoresha bitewe n'uko hakora Abanyarwanda n'abanyamahanga. Mbere yo kuhagera ariko, yari yarabanje kuganira na Keza kuri terefone cyane ko yari kuzakorera iyimenyerezamwuga aho Keza asanzwe akorera nuko Keza amwizeza ko azamwigisha amwe mu magambo azakoresha mu gihe azaba ahuye n'umuntu utavuga Ikinyarwanda bakumvikana neza. Mu gihe Kagabo yerekezaga i Kigali yahamagaye Keza kuri terefone maze bagirana ikiganiro giteye gitya:

**Kagabo:** Allooo! Mwaramutse Ke? Ni Kagabo. Mbega we! Ntuzi noneho ibyo mbona! Ndabona aha tugeze noneho wagira ngo nageze i Kigali pe!.

**Keza:** Eee! Mwaramutse Kaga? Ubu se ushatse kuvuga ko aka kanya waba uhageze? Kereka niba atari imodoka ikuzanye!

**Kagabo:** Naje n'ikimodoka kinini sinzi neza aho tugeze. Gusa mbonye hari ...Allo! Allooo ! Allo ! uranyumva se?

Ubwo mu gihe Kagabo yari akivugira kuri terefone, ihuzanzira ryagize ikibazo ntibakomeza kumvikana neza. Keza yahise amwohereza ubutumwa bugufi bwanditse mu rurimi rw'Igifaransa. Mu kanya gato bongeye guhamagarana noneho birakunda maze bongera kugirana iki kiganiro:

**Keza**: Numvise tutumvikana neza, ubanza aho mugeze hari ihuzanzira rike. Harya wahagurutse iyo saa ngahe?

**Kagabo:** Erega sinzi gusoma no kwandika Igifaransa? Ibyo unyandikiye byambereye inshoberamahanga. Abo twicaranye bambwiye ko dusigaje iminota mike tukagera muri gare.

**Keza**: Noneho reka nge kugutegerereza aho zihagarara. Si byo Kaga?

**Kagabo:** Yego sha Ke. Umbabarire rwose ntuhave kuko ntahazi.

**Keza**: Humura nuhagera urahibwira. Nimurenga ikiraro kinini cyane, muraba musigaje nk'iminota itanu mukahagera.

**Kagabo**: Eee! Ubwo se amazu yaho ameze ate? Icyampa nkaza kugera i Kigali amahoro!

**Keza**: Yewe, nuhagera nawe urayibonera. Amazu yaho ni meza cyane... harimo ageretse n'atageretse. Hari imodoka nyinshi, urusaku rw'ibintu binyuranye n'urujya n'uruza rw'abantu...

**Keza**: Ko mbonye ikimodoka kinini kinjira ubwo si icyo mujemo?

**Kagabo**: Urabona ari kirekire kandi gifite amabara y'ubururu n'icyatsi?

**Keza**: Yego.

**Kagabo**: Noneho turahageze.

**Keza**: Yego rwose!

Kagabo acyururuka imodoka yahise yumva Keza amuhamagaza umunwa, akebutse, amubona iburyo amurembuza, ahagaze inyuma y'aho ya modoka yari iri. Yahise amusanganira aramuramutsa nuko bakomeza baganira muri aya magambo:

**Keza**: Muraho neza Kaga? Iminsi myinshi.

**Kagabo**: Muraho neza Ke? Yewe, iminsi myinshi koko. Ndabona warakuze cyane. Ndetse wabaye n'ikizungerezi. Bivuze ko wahindutse cyane.

**Keza**: Reka kubeshya se sha!

**Kagabo**: Ni ukuri ntawamenya ko ari wowe.

**Keza**: Harya ngo uje kwimenyereza umwuga aho nkora? Ko mbona abahakora bavuga indimi zinyuranye? Hari abavuga Icyongereza, Igifaransa, Igiswayire ndetse n'Igishinwa. Ubwo se muri izo ndimi zose uzi izihe?

**Kagabo**: Igiswayire cyo wenda nagerageza kuko ari cyo niyigiraga gusa, izindi ndimi nkazisuzugura. Mbese nshaka kuvuga ko izindi ndimi ntazizi pe!

**Keza**: Yewe, nge nta giswayire na gike nzi rwose! Cyakora nzi Igishinwa, Icyongereza

n'Igifaransa. Muri izo nta cyo wambeshya.

**Kagabo**: Ubwo rero nange uvuze rumwe muri izo waba ungurishije.

**Keza**: Sinabikora. Ibintu ni magirirane. Mu minsi tuzamarana, nzakwigisha izo utazi nawe unyigishe Igiswayire. Kumenya indimi zinyuranye ni ingenzi.

Ubwo Keza yahise abwira Kagabo ngo bagende amushakire ibikoresho bitandukanye azifashisha mu gihe azaba arimo gukora iyimenyerezamwuga. Kagabo ati: "Ahwi! Singe warota ngeze i Kigali !"

### III.3.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Yagiye ayoboza", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.*

**Imyitozo**

Koresha mu nteruro buri jambo muri aya akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko:

a) Iyimenyerezamwuga
b) Ihuzanzira
c) Inshoberamahanga
d) Urujya n'uruza

## III.3.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Yagiye ayoboza", hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

1. Ni nde uyoboza muri uyu mwandiko? Sobanura igisubizo cyawe.
2. Ni nde uyobozwa muri uyu mwandiko? Sobanura igisubizo cyawe.
3. Kagabo ayoboza yifashishije ikihe gikoresho k'itumanaho?
4. Muri uyu mwandiko, hari aho uyoboza agaragaza impungenge ko ataza kugera aho agiye? Ni ayahe magambo avuga abigaragaza?
5. Ni izihe ndimi zavuzwe mu mwandiko zigishwa mu mashuri yisumbuye mu Rwanda?
6. Keza yemereye Kagabo kuzamufasha iki?

## III.3.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Yagiye ayoboza", hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi dusanga mu mwandiko?
2. Ni iyihe mpamvu ituma abanyeshuri bimenyereza umwuga mbere yo kurangiza amashuri yisumbuye?
3. Iyo Kagabo atagira terefone yari gukora iki kugira ngo ahure na Keza?
4. Uyu mwandiko ukwigishije iki mu buzima busanzwe?

## III.4. Ururimi n'ubwumvane

### III. 4.1. Inshoza y'ururimi n'ubwumvane n'amafatizo y'ubwumvane

**Igikorwa**

*Ongera usome ikiganiro "Yagiye ayoboza" , witegereze imiterere yacyo n'uko abanyarubuga baganira maze ukore ubushakashatsi, utahure inshoza y'ururimi n'ubwumvane, ugaragaze kandi usobanure amafatizo y'ururimi n'ubwumvane.*

#### 1. Inshoza y'ururimi n'ubwumvane

Ururimi ni igikoresho cy'ubwumvane k'ingenzi abantu bifashisha mu gusabana bahanahana ubutumwa. Ururimi rutuma abaruvuga iyo bava bakagera bumvana, umwe yavuga, undi agasobanukirwa n'ibyo avuze. Ibyo bituma kandi umuntu abasha kugeza ku bandi ibyo atekereza, ibyo yaba azi bo batazi cyangwa se akabashushanyiriza amagambo, ibyo yabonye ariko bo batabona n'amaso yabo muri ako kanya bavugana.

Ni uburyo abantu bakoresha kugira ngo bashobore kumvikana, gutumanaho, bakoresheje amagambo, amarenga cyangwa ibimenyetso. Ubusanzwe ururimi ruba ruteye ukwarwo rukavugwa n'abantu batuye igihugu iki n'iki cyangwa akarere aka n'aka. **Ururimi** rero ruvugwa n'abantu benshi naho **imvugo** ni iy'abantu bake cyangwa umuntu ku giti ke.

Ururimi n'ubwumvane bishobora kwigwa mu mpushya enye z'ingenzi: amafatizo y'ubwumvane, indanguruzi y'ubwumvane, imimaro y'ururimi n'amategeko ngombwa agenga ubwumvane.

#### 2. Amafatizo y'ubwumvane

Mu mibanire y'abantu ku isi, ururimi ni ingenzi mu gushyigikira ubusabane n'umushyikirano w'abantu. Kugira ngo abantu babane, bavugane, bashyikirane kandi bahuze urugwiro, hagomba kubaho ubwumvane ari bwo bushobozi bwo gutanga amakuru no kuyakira.

Kugira ngo amakuru ahererekanywe hari amafatizo y'ubwumvane ya ngombwa ari yo: uvuga, ubwirwa, inzira, ingambo, ikivugwa n'inkurikizo.

**a) Uvuga:** Umuntu uvuga ni we ntangiriro akaba n'inkomoko y'ubwumvane.

Ni we ugira igitekerezo cyangwa ubutumwa noneho agashaka uburyo bwo kubigeza ku bandi.

**b) Ubwirwa**: Ubwirwa ni uwakira ibyo agejejweho n'uvuga. Ubwirwa agomba kumva no gusobanukirwa neza ibyo yabwiwe mbere y'uko atanga igisubizo. Iyo yumvise ibyo yabwiwe, ashobora gusubiza mu magambo, mu nyandiko, ashobora gukoresha ibimenyetso cyangwa ibikorwa.

**c) Ingambo:** Ingambo ni ubutumwa cyangwa inkuru nyirizina uvuga ageza ku wo abwira. Ubwo butumwa ni bwo bwitwa ingambo.

**Urugero:** Umwarimu wigisha inteko z'amazina hari icyo aba ashaka ko umunyeshuri we asobanukirwa. Nubwo umwarimu yavuga byinshi akanabishyira no mu ndirimbo, umunyeshuri akayifata, icyo ashaka kugeza ku bo yigisha ni "inteko z'amazina", ari yo ngambo.

**d) Inzira:** Kugira ngo inkuru igere ku wo igenewe, igomba kugira aho inyura, aho ni ho hitwa "inzira". Duhereye ku buryo ibivugwa bigenda bikagera ku ubwirwa, habaho inzira mbona nkubone cyangwa inzira mbonera iyo uvuga avugana n'uwo abwira amaso ku yandi banahuza amajwi.

Iyo uvuga yumvikanye n'uwo abwira haciyemo akanya, cyangwa se hakoreshejwe ibikoresho bitandukanye nk'ibitabo, ibaruwa, radiyo, tereviziyo, terefone... inzira ikivugwa cyaciyemo iba ibaye inzira iziguye kuko ntibyoroha kumenya ko ubutumwa bwumvikanye cyangwa butumvikanye. Ariko iyo ibikoresho byifashishijwe bituma uvuga n'ubwirwa bahana ubutumwa imbona nkubone, icyo gihe inzira iba ibaye inzira itaziguye /mbonera. (Urugero: Igihe hakoreshejwe ibikoresho by'ikoranabuhanga nka terefone, mudasobwa... abahana ubutumwa bavugana bakanarebana icyarimwe.)

**e) Ikivugwa:** kugira ngo uvuga adafatwa nk'indondogozi agomba kugira icyo yerekezaho "ikivugwaho" cyangwa ingingo agushaho. ikivugwa ni icyo abavugana baba bavuganaho kandi bagihuriyeho ndetse bakiziranyeho.

**f) Inkurikizo/ interamvugo:** Ururimi cyangwa imvugo ya nyakuvuga byumvikanisha mu buryo bufatika inshoza y'ahantu cyangwa y'igihe by'ikivugwaho. Inkurikizo cyangwa interamvugo ni ururimi (imvugo cyangwa inyandiko), ibimenyetso cyangwa amarenga uvuga ashobora gukoresha. Iyi mvugo cyangwa inyandiko bitangwa na nyakuvuga kugira ngo byumvwe cyangwa bisomwe na nyakubwirwa. Ibi twabigereranya n'ibyapa byo ku muhanda biyobora gusa ababiziranyeho. Ni bo baba basobanukiwe neza ubutumwa butangwa cyangwa ikivugwa na byo.

**Urugero:** Abanyarwanda bakoresha Ikinyarwanda nk'ururimi rwabo rubafasha

kungurana ibitekerezo. Bararuvuga, bakoresha amarenga ndetse n'ibimenyetso byose bigatuma bagezanyaho ubutumwa bafite.

**Imyitozo**

Tekereza ku munyamakuru runaka urimo kunyuza ikiganiro kuri radiyo Rwanda avuga ku kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye maze ugaragaze amafatizo y'ubwumvane akurikira: uvuga, ubwirwa, inzira, ingambo, ikivugwa n'inkurikizo.

### III. 4.2. Indanguruzi y'ubwumvane, imimaro y'ubwumvane n'amategeko agenga ubwumvane

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Yagiye ayoboza" maze ukore ubushakashatsi usobanure kandi ushushanye indanguruzi y'ubwumvane, utahure imimaro y'ubwumvane n'amategeko agenga ubwumvane.*

#### 1. Indanguruzi y'ubwumvane




Indanguruzi ni uburyo bwo gusobanura ubwumvane bushushanyije. Dore uko ubwumvane bugenda bukurikije indanguruzi yabwo.

#### Ibisobanuro ku ndanguruzi

Ubwumvane muri rusange burimo amoko atatu:

a) **Ubwumvane mbonera:** Ni ubwumvane buboneka hagati y'abantu bavugana barebana. Icyo gihe umwe aravuga, undi akamusubiza.

b) **Ubwumvane nziguro:** Igihe abantu bavugana begeranye cyangwa bategeranye bakifashisha ibikoresho byo kubahuza kugira ngo bashyikirane.

c) **Ubwumvane mberebyombi:** Ubu bwumvane bukusanyiriza hamwe ubwumvane mbonera n'ubwumvane nziguro kugira ngo ubwumvane burusheho kugenda neza.

## 2. Imimaro y'ubwumvane

Ururimi ni igikoresho k'ingenzi mu buzima bw'umuntu. Abantu bose iyo bava bakagera iyo bashyikirana mu biganiro, mu mbwirwaruhame, mu ikinamico, mu misango y'ubukwe... bakoresha ururimi. Uwagize ikibazo akagira ubumuga bwo kutavuga, bwo kudasohora ijwi, agira uburyo yihariye acishamo ubutumwa bwe bukagera ku bo ashaka ko bamwumva. Abahanga mu iyigandimi, basanze ururimi rugira imimaro myinshi, ariko iy'ingenzi ni umumaro nyakuvuga, umumaro nyakubwirwa, umumaro nkurikizo, umumaro nyanzira, umumaro nyangambo.

### a) Umumaro nyakuvuga

Uvuga yifashisha ururimi cyangwa imvugo kugira ngo avuge, yumvikanishe mu buryo butaziguye akamuri ku mutima. Bamwe bawita kandi umumaro nsesekaza cyangwa nsesekazamutima.

**Ingero:**

- Kagabo ati: "Ahwi! Singe warota ngeze i Kigali!"
- Mbega we! Ntuzi noneho ibyo mbona!
- Icyampa nkaza kugera i Kigali amahoro!

### b) Umumaro nyakubwirwa

Izingiro ry'uyu mumaro ni nyakubwirwa. Wumvisha ubwirwa ko ari we shingiro, ko ari we urebwa n'ubwumvane. Hakoreshwa ngenga ya kabiri hagamijwe:

Gusobanura ubwirwa mu bandi, kumutegura cyangwa kumuhwitura kugira ngo yakire ibyo agiye kubwirwa…

Uyu mumaro ugaragarira cyanecyane mu nteko no mu mvugo yumvikanisha guhamagara.

**Ingero:**

Igihe utanga ikiganiro kuri SIDA, ugasobanura uko yamenyekanye, uko yandura, uko ivurwa, ubushakashatsi ku miti n'inkingo… Noneho ukarangiza wereka abo ubwira ko ruriye abandi rutabibagiwe ko na bo ishobora kubageraho baramutse batirinze.

### c) Umumaro nkurikizo

Ni ibimenyetso byose byerekana icyo ubutumwa bwerekejeho. Amagambo

akoreshwa aha uyabwirwa n'ishusho y'ahantu cyangwa y'ibihe ibivugwa bihererejweho. Bamwe bawita kandi umumaro ndengarurimi cyangwa nsobanuzi.

**Ingero**

- Ubu se ushatse kuvuga ko aka kanya waba uhageze?
- Mbese nshaka kuvuga ko izindi ndimi ntazizi pe!
- Bivuze ko wahindutse cyane.

### d) Umumaro nyabusizi (nyaburanga/nyangambo)

Mu bwumvane, inzira yose igira uburyo bwayo. Nyakuvuga yifashisha ururimi, bityo agakoresha imvugo cyangwa inyandiko. Imiryohere y'inganzo yose uzayisanga muri uyu mumaro. Injyana, isubirajwi, isubirajambo, amoko y'imizimizo cyangwa inyandiko inogeye amaso ndetse n'amagambo y'ikivugwa uko yakabaye hatitaweho ibisobanuro byayo, ibyo byose bigaragaza umumaro nyangambo w'ururimi bita kandi nyabusizi.

**Urugero:**

«Nsanze ari ijuru ry'umwezi

Nange mpimbiraho umwato

Ni ko kumwita umwanga kurutwa

Nsubiye mwita Marebe yera

Kandi atembaho amaribori

Ni umutako w'urutanisha

Ni ubutijima bw'urukundo

Ni urukenyerero rw'inkindi

Nkunda inkesha ze z'umukwira. »

*(Rugamba C., Amibukiro, pp.34).*

### e) Umumaro nyanzira

Uyu mumaro tuwusanga mu magambo ya nyakuvuga mu gihe atangiye, akomeje cyangwa se asubitse ubwumvane cyangwa se agenzura ko umuyoboro (inzira) ari ntamakemwa. Iyi nzira y'ubwumvane ishobora kuba umurongo wa terefone, ishusho, igishushanyo cyangwa se n'ibindi bikoresho by'itumanaho byakora nka terefone. Aha rero ururimi rugira umumaro wo gutangira, gukomeza, gusigasira, gusubika, gusubukura cyangwa se guhagarika ubwumvane.

**Ingero:**

Allo!

Allo ! uranyumva se ?

Si byo Kaga?

Mwaramutse ke?

### f) Umumaro nyakivugwa

Iyo umuntu avuga hari ubutumwa cyangwa amakuru aba ashaka gutanga, akaba ari amakuru afitiye gihamya.

Dore uko imimaro y'ubwumvane igaragara ku ndanguruzi y'ubwumvane:




**Ikitonderwa:**

Nta nyandiko cyangwa umwandiko wiharirwa n'umumaro w'ururimi umwe gusa.

Imimaro myinshi ishobora kugaragarira icyarimwe mu mwandiko cyangwa mu kivugwa kimwe mu buryo no mu bwiganze butandukanye. Cyakora kugira ngo itumanaho ribe ryuzuye imimaro yose igomba kuba irimo akaba ari na byo bitandukanya imvugo y'umuntu n'iy'inyamaswa.

## 3. Amategeko agenga ubwumvane

Kugira ngo ubwumvane bushoboke, hari amategeko ngombwa agomba kubahirizwa.

Uvuga n'ubwirwa bagomba:

a) **Guhuza inkurikizo:** uvuga n'ubwirwa bagomba kuba bahuje ururimi cyangwa ibimenyetso bakoresha.

b) **Guhurira ku kivugwa:** uvuga n'ubwirwa bagomba kuba baziranye ku kivugwa. Iyo bataziranye ku kivugwa ntibashobora kumvikana.

c) **Guhuza inzira:** uvuga n'ubwirwa bagomba guhuza uburyo bakoresha

kugira ngo bumvikane. Niba ari terefone bombi bagomba kuba bayifite, yaba ari ibaruwa, bombi bakaba bazi gusoma.

## Imyitozo

1. Mu Rwanda, iyo Abanyarwanda bashyikirana, bakoresha inzira zitandukanye.

Andika inzira zose ubona zishoboka zaba zikoreshwa n'uvuga kugira ngo ikivugwa kigere ku ubwirwa.

2. Wifashishije indanguruzi y'ubwumvane, garagaza amasano agenga ubwumvane mu kiganiro "Yagiye ayoboza"

## III.5. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Tegura imbwirwaruhame ku nsanganyamatsiko wihitiyemo, uyibwire abanyeshuri bagenzi bawe.

**Ubu nshobora:**

- Gusobanurira imbaga ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi.
- Gukoresha imvugo yimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Kuvuga nshize amanga imbere y'abantu kandi numvikanisha ibitekerezo byange.
- Kwandika no kuvugira mu ruhame imbwirwaruhame.
- Gusesengura ubutumwa butandukanye ngaragaza amafatizo n'indanguruzi by'ubwumvane.

**Ubu ndangwa no:**

- Gutoza abandi uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango.
- Kugaragaza imyitwarire iteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Kugira uruhare mu kunga imiryango igaragaramo amakimbirane

## III.6. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

### Umwandiko: Bamumaze amatsiko

Muneza ni umwana warererwaga kwa sekuru. Yigaga mu mashuri abanza. Yarangwaga no kugira amatsiko ndetse no kubaza ibibazo binyuranye ku byo adasobanukiwe.

Umunsi umwe avuye ku ishuri asanga sekuru yicaye mu ruganiriro asoma ikinyamakuru. Muneza ahageze aramusuhuza yicara iruhande rwe maze batangira kureba televiziyo. Harimo ikiganiro cy'umunyamakuru waganiraga n'abanyeshuri bo mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye bavuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'Igihugu.

Nyuma yo kumva ibyavugwaga muri icyo kiganiro, Muneza araterura abaza sekuru ibibazo binyuranye ku buringanire n'ubwuzuzanye. Sekuru yamuhaye rugari maze bagirana ikiganiro gikurikira:

**Muneza:** Ariko sogoku! Ko muri iki gihe ibiganiro byinshi bivuga ku buringanire

n'ubwuzuzanye, kera ntibwabagaho?

**Sekuru:** Kera uburinganire n'ubwuzuzanye byahozeho ariko ntibyabuzaga ko bimwe mu biranga uburinganire n'ubwuzuzanye muri iki gihe bikumirwa kubera umuco w'Abanyarwanda.

**Muneza:** Ni nk'ibihe mwambwira se byagaragazaga uburinganire n'ubwuzuzanye?

**Sekuru:** Nko mu buyobozi umwami yimanaga n'umugabekazi, birumvikana ko umwami atafataga ibyemezo wenyine ahubwo yabifataga agishije inama umugabekazi. Ikindi kandi hari n'abategarugori banyuranye bagaragaraga mu mirimo ikomeye y'ibwami. Urugero naguha ni abasizi b'abategarugori nka Nyirarumaga na Nyirakunge babaye abasizi bakomeye.

Umurimo w'ubusizi, wari umwe mu mirimo ikomeye yagengwaga n'ibwami, kuba butarahezaga abategarugori, ni ikimenyetso gikomeye cy'uburinganire n'ubwuzuzanye.

**Muneza:** Biragaragara ko mu muco nyarwanda ubuyobozi bwarangwagamo uburinganire n'ubwuzuzanye. None se ko mwambwiye ko hari bimwe mu biranga uburinganire muri iki gihe byakumirwaga kubera umwihariko w'umuco nyarwanda. Uwo mwihariko ni nk'uwuhe?

**Sekuru:** Umuco nyarwanda hari imirimo imwe n'imwe wageneraga abagore hakaba n'indi mirimo wageneraga abagabo, ku buryo cyaziraga ko ukora imirimo itakugenewe. Nta mugore wagombaga kubaka, kujya ku itabaro, gukama inka,

korora inzuki n'ibindi. Nta mugabo washoboraga koza ibikoresho byo mu rugo cyangwa se guheka umwana, guteka n'ibindi.

Birumvikara ko hari umwihariko wa buri muntu mu mirimo yo mu rugo.

Ikindi kandi aho amashuri aziye mu Rwanda, ababyeyi bahaga umwanya wa mbere abana b'abahungu ngo bage ku ishuri naho abakobwa bo, basigaraga mu rugo bafasha ba nyina imirimo yo mu rugo.

**Muneza:** Sogoku! Ko twize ko Ndabaga yari umukobwa kandi ko yagiye gukura se ku rugerero hari icyo ubiziho?

**Sekuru:** Ibyo byabayeho ariko uzabisome neza, kugira ngo abikore yabanje kwiyoberanya ku buryo yagiye ku rugerero yitwa ko ari umuhungu. Hejuru y'ibyo nkubwiye hari imwe mu migani ya Kinyarwanda igaragaza ko hari aho umuco nyarwanda wakumiraga umugore mu buringanire n'ubwuzuzanye.

Bakiganira haza akana kiganaga na Muneza kamubwira ko igihe cyo gusubira ku ishuri kigeze. Muneza ashimira sekuru, ajyana na wa mwana ariko Muneza agenda agifite amatsiko menshi ku byo sekuru yari amaze kumubwira. Bageze ku ishuri mu karuhuko ka saa kenda, Muneza yegera umwarimu we, atangira kumubaza ku byo sekuru yari yamubwiye.

**Muneza:** Sogokuru yambwiye ko hari imigani y'imigenurano yagaragazaga ko umuco nyarwanda wakumiraga bimwe mu bigaragaza uburinganire n'ubwuzuzanye muri iki gihe ni nk'iyihe?

**Umwarimu:** Ibyo sogokuru wawe yakubwiye ni byo, umuco nyarwanda wo hambere wagaragazaga ko umugore nta cyo yakora ngo kige imbere nk'uko umugabo yagikoraga. Ni yo mpamvu bacaga umugani utajyanye n'igihe tugezemo bavuga ngo: "Umugore arabyina ntasimbuka". Mu rugo, nta mugabo wagombaga kumva ibitekerezo by'umugore, urugo rwatekerezwaga n'umugabo gusa. Baravugaga ngo: "Uruvuze umugore ruvuga umuhoro" bakongera ngo: "Umugore abyara uwawe ntaba uwawe", "Umugore ntajya kurarika, iyo araritse abuza n'uwari kuza." Cyakora ubu muri iki gihe, si ko bimeze kuko umugore ahabwa ubushobozi nk'ubw'umugabo, akagira ijambo nk'iry'umugabo, akagira uruhare muri byose.

Mu gihe umwarimu we yari akimusobanurira, inzogera yo kwinjira iravuga, Muneza aramushimira, asubira mu ishuri. Agenda atekereza ku bisobanuro yahawe na sekuru ndetse n'ibyo yahawe n'umwarimu we, yiyemeza kujya abiganiriza bagenzi be kugira ngo barusheho kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye. Nyuma y'amasomo ataha mu rugo ari na ko agenda yibaza ku byo yakora kugira ngo aharanire kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye. Mu mutima aribwira ati: "Kuva ubu, nge ngiye guharanira uburenganzira bwa buri wese; sinzongera guharira

mushiki wange imirimo imwe n'imwe ngo ni we igenewe, tuzajya dufatanya mu byo dukora byose."

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Ni uwuhe munyarubuga mukuru muri uyu mwandiko? Kubera iki?
2. Tanga ingero nibura ebyiri zigaragaza ko uburinganire n'ubwuzuzanye hari aho bwagaragaraga ku ngoma ya cyami.
3. Ese umuco nyarwanda wimakazaga ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi? Sobanura igisubizo cyawe.
4. Ni gute Ndabaga yabashije kujya gukura se ku rugerero? Sobanura igisubizo cyawe wifashishije ubundi bumenyi wasomye cyangwa wabwiwe.
5. Mu ishuri mwigamo ni iki kerekana ko uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse n'uburezi budaheza byubahirizwa ?
6. Ni irihe somo uyu mwandiko ugusigiye?

## II. Ibibazo by'inyunguramagambo

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro:

a) Gukumira
b) Guterura ikiganiro
c) Kwiyoberanya
d) Gukura se

2. Simbuza amagambo atsindagiye ayo mu mwandiko bihuje inyito:

**a) Umugore** ntiyahabwaga agaciro kangana n'ak'umugabo mu muco nyarwanda.
b) Mu Rwanda, **nyina w'umwami** yategekanaga n'umwami.

## III. Ibibazo ku mbwirwaruhame no ku rurimi n'ubwumvane

1. Imbwirwaruhame ni iki?
2. Vuga ibyitabwaho mbere yo gutanga imbwirwaruhame.
3. Sobanura uko umuntu yifata n'uko yitwara avuga imbwirwaruhame.
4. Kugira ngo ubwumvane bushoboke ni ibiki bigomba kubahirizwa hagati y'uvuga n'ubwirwa?
5. Vuga amafatizo y'ubwumvane unayasobanure mu magambo make.

## IV. Ihangamwandiko

Ishyire mu mwanya w'umunyeshuri uhagarariye abandi, maze utegure imbwirwaruhame ku buringanire n'ubwuzuzanye, uzavuga ku itariki ya 8 Werurwe ku munsi w'abari n'abategarugori.

# UMUTWE 4

# IMIYOBORERE MYIZA

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :**

- Gusesengura umuvugo ku miyoborere myiza, hagaragazwa ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Gusesengura no kwandika neza inyandiko z'ubutegetsi n'izindi nyandiko zinyuranye.

**Igikorwa cy'umwinjizo**

Ushingiye ku bumenyi bwawe bwite, sobanura bimwe mu biranga imiyoborere myiza n' akamaro kayo ku Gihugu.

## IV.1. Umwandiko: Karame Rwanda



Karame Rwanda nje nisanga,
Nsanze ukwiye biransaba,
Nkuvuge uko uri ukuri kuganze,
Nsanze hose ukwiye ijambo,
Bituma nshaka kukuririmba.

Dore n'ubwehe bwo kukurata,
Imyato yawe irakuririmba,
Nange nunge mu ry'abahanga,
Ngane n'inganzo mbivuge nemye,
Indongozi yo ku isi hose.

Mpanike nitse nsubire ibwonko,
Nkomeza nibariza abahanga,
Iby'ubukombe wubatse ku isi,
Babimbwira imvano yabyo,
Demokarasi y'Abanyarwanda
Byo birema Umunyarwanda ukwiye.

Nsanze u Rwanda rufite Imana,
Imari yisuka buri munsi,
Gukunda umurimo bikatubera,
Kuko hari ubuyobozi bwiza,
Buhora iteka buduha ijambo.

Inama zubaka ziratangwa,

Gukura ayo maboko mu mifuka,
Twihangira imirimo yacu,
Tukanihaza no mu biribwa,
Igihe cy'akanda tukagicyaha.

Torero ry'u Rwanda karame,
Ubereye u Rwanda wuje abeshi,
Intore utoza umuco nyarwanda,
Harimo agaciro na kirazira,

Uyobora neza atanga ijambo,
Akajya inama n'abo ayobora,
Bakesa imihigo bikamubera,
Ari wo musingi w'ubwo bukire
Wo kwiyubakira kino Gihugu.

Kwiha agaciro biturange,
Ingamba zigamije kwivuza,
Ubwisungane ni kuri bose,
Bwasesekaye mu Rwanda,
Ku bw'iyo miyoborere myiza.

Amazi meza n'amashanyarazi,
Abashoramari barisukiranya,
Kuko boroherezwa imishinga,
Bagaha imirimo n'Abanyarwanda
Inzara ikagenda nka nyomberi!

Amashuri makuru na kaminuza,
Umutako mu rwatubyaye,
Bigaca uwo mwijima w'ubujiji,
Bigaha ijambo abashoboye,
Kuko na ruswa yimwe ijambo.

Umutekano inkingi y'amahoro,
Wabaye indahiro ku isi hose,
Tuwusigasire twesetwese,
Twime icyuho abawutokoza,
Twiyubakire urwatubyaye.

Ubumwe ubwiyunge ku isonga,
Bikadutoza kuba umwe twese,
Ntawuhezwa urwatubyaye,
Kuko amarembo yuguruye,
Uje wese aza yisanga.

Ubumenyi bwimbitse kuri bose,
Abakuru n'abato ntawuhezwa,
Gusoma kwandika no kubara,
Ubujiji bwimwe intebe mu Rwanda,
Ku bw'iyo miyoborere myiza.

Akarengane ko kimwe ijambo,
Imanza zihera mu midugudu,
Bagaca imanza nta kubogama,
Ntaretse umuganda wa buri kwezi,
Wo kwiyubakira Igihugu cyacu.

Ubuyobozi bwegereye rubanda,
Inzego zose zikora neza,
Zishyiriweho n'abarutuye,
Binyuze mu mucyo wa buri wese,
Maze umuturage agira ijambo.

Ruswa ni umwanzi w'amajyambere ,
Ari uyitanga n'uyihabwa,
Bahanwa bose ntawusigaye,
Kuko imunga ubukungu bwacu,
Tuyirandure n'imizi yayo.

Ndate amatora akozwe mu mucyo,
Nta kimenyane kinaharanzwe,
Keretse kwemezwa n'abayoborwa,
Mukajya inama mu bibagenerwa,
Intero kwigira igasagamba.

Ubwuzuzanye buri ku isonga,
Aho nyampinga ahawe ijambo,
Mu buyobozi ntawuhezwa,
Kuko bashoboye nk'abo bagabo,
Iyo ni ya miyoborere myiza.

Komeza wubake ejo hazaza,
U Rwanda rwawe ruragukunda,
Ni umubyeyi uguhora hafi,
Ngo utere intambwe zijya aheza,
Ntiwiheze mu by'ahazaza.

*Umuhanzi: JYAMUBANDI Déo*

### IV.1.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Karame Rwanda" ushakemo amagambo udasobanukiwe, hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.*

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

1. Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo ari mu mwandiko, ashobora guhindura intego: igihe cy'akanda; ubukombe, ubwehe, gusaba.

a) Imvura yaguye ari nyinshi amazi.......... ibibaya.

b) Muhoza yatoye inka none ibyishimo ...........

c) Kamandwa yapfushije abana be bose n'umugore none yabikurijeho ...... bwo gusara.

d) Ujya kwica............. arabwagaza.

e) Ubusanzwe Nkurunziza ntanywa amarwa keretse ..................

2. Andika imbusane y'ijambo ryanditse mu mukara tsiri, ukoreshe amagambo ari mu muvugo:

a) Kiriya gihugu gifite **ubutegetsi bw'igitugu.**

b) Wa mugabo yaje **yikandagira.**

c) Abo bagabo niba bandi bashishikajwe no **kwisenyera** igihugu.

3. Andika inyito z'amagambo yanditse mu mukara tsiri mu nteruro zikurikira.

a) Karake yakoze mu **nganzo** aradushimisha cyane.

b) Uyu mugabo yivuga **imyato** ubudasiba.

### IV.1.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Karame Rwanda", maze usubize ibibazo bikurikira.*

1. Ni iki gituma umuhanzi ashaka kuririmba u Rwanda?
2. Erekana inkomoko y'ubuhangange bw'Igihugu cy'u Rwanda ukurikije uyu muhanzi.
3. Ni iyihe mikarago igaragaza ko Abanyarwanda badakangwa n'inzara?
4. Ni iki kerekana ko ihohotera ryambuwe ijambo mu Rwanda?
5. Ni iki umuhanzi avuga ko gitoza uburere bwiza?
6. Muri uyu mwandiko, ni gute uburinganire bwahawe ijambo?

### IV.1.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Karame Rwanda" maze usubize ibibazo bikurikira:*

1. Vuga insanganyamatsiko nyamukuru iri muri uyu mwandiko.
2. Garagaza ingingo z' ingenzi zavuzwe mu mwandiko ku miyoborere myiza.
3. Vuga izindi ngingo zivuga ku miyoborere myiza zitavuzwe mu mwandiko.
4. Ni utuhe turango tw' umuvugo ukurikije uko umwandiko umeze?

## IV. 2. Umwandiko: Kagabo na Kamariza mu nama y'akagari



Kagabo na Kamariza ni abaturage bo mu mudugudu wa Amahoro dutuyemo. Bakunda kuganira kuri gahunda za Leta. Iyo hari amakuru Kagabo amenye yihutira kuyamenyesha Kamariza. Gusa ni umugabo w'umunyamashyengo. Umunsi umwe yazindukiye kwa Kamariza kumumenyesha inama mpuzamahanga ku miyoborere myiza yagombaga kubera mu Rwanda.

**Kagabo:** Waramutse Kamari?

**Kamariza:** Waramutse!

**Kagabo:** Cyono igira hino ngire icyo nkwibariza.

**Kamariza:** Naje wokagira inka we!

**Kagabo:** Nashakaga kukubaza niba wamenye amakuru agezweho uyu munsi.

**Kamariza:** Habaye iki kidasanzwe? Nayamenya nyakuye he?

**Kagabo:** Ariko nawe sigaho gukabya! Wabura uyakura he? Hari amaradiyo atandukanye, hari tereviziyo, hari ibinyamakuru byandikwa, hari imbuga nyinshi wakwifashisha kuri interineti, waburira he amakuru wayashatse muri iki gihe mu Rwanda rwacu? Ahubwo hari n'itangazo ryaciye kuri tereviziyo ritwibutsa umuganda rusange uzaba mu mpera z'uku kwezi.

**Kamariza:** Ni byo koko birakwiye ko twiyubakira igihugu. Ngaho se mbwira icyo

umpamagariye wikomeza kunyicisha amashyushyu!

**Kagabo:** Ariko wagiye ugira ukwihangana? Nashakaga kugusobanurira icyabaye.

**Kamariza:** Yego di! Ntiwumva ahubwo?

**Kagabo:** Abanyamahanga baje mu nama mpuzamahanga ku miyoborere myiza iri kubera mu Rwanda. Igihugu cyacu ni cyo bahisemo kubera kuba intangarugero mu miyoborere myiza kandi kikaba gifite umutekano uhamye. Kandi natwe tutabasha kwitabira iyo nama, baduteguriye kuyikurikiranira hafi kuri bya byuma binini kabuhariwe mu kwerekana amashusho no gusakaza amajwi ku bantu benshi bari hamwe.

**Kamariza:** Yewe burya koko dufite ubuyobozi bwiza! Amahanga yose aza kutwigiraho?

**Kagabo:** Abayobozi bacu ni intore nziza. Ni ba nkore neza bandebereho. Imiyoborere myiza y'Igihugu cyacu yabaye ubukombe none ibaye akarusho n'urugero rw'ikitegererezo imbere y'amahanga yose.

**Kamariza:** Reka nguherekeze tuge kumva ibivugirwamo, nituvayo turategura ikegeranyo tuzageza ku bandi. Tuzasaba akanya mu mugoroba w'ababyeyi cyangwa nyuma y'ibikorwa by'umuganda tuyababwire.

**Kagabo:** Reka ahubwo dukubite tubangura, tugende kare tugire igihe tugarukira maze twitabire inteko y'abaturage iba ku gicamunsi. Ni ho tuza gusaba Umunyamabanga Nshingwabikorwa akanya tubibabwire.

**Kamariza:** Ni byo koko di! Ni na ho haba hari umwanya wo kuganira n'abandi ku buryo burambuye no guhanahana amakuru ku buryo bworoshye.

Nyuma y'iki kiganiro Kagabo na Kamariza bitabiriye inteko y'abaturage. Basanze Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari k'Amahoro dutuyemo agiye kudusomera ibaruwa yaturutse mu buyobozi bw'umurenge. Yasomye ibaruwa agira ati:

*Repuburika y'u Rwanda* *Gitaha, ku wa 12/2/2019*

*Umurenge wa Gitaha*

*Akarere ka Mukoto*

*Intara ya Bukinanyana*

*Agasanduku k'amabaruwa 78 Mukoto*

*Bwana Umunyamabanga*

*Nshingwabikorwa w'Akagari*

*k' Amahoro*

*Agasanduku k'amabaruwa 11*

*Mukoto*

**Impamvu:** *Gushyira mu bikorwa*

*gahunda ya Gira inka Munyarwanda.*

*Bwana,*

*Nejejwe no kukwandikira iyi baruwa ngira ngo ngusabe gufasha umuturage Mugemana ubarizwa mu Kagari k' Amahoro ubereye Umuyobozi kubona inka yagombaga guhabwa muri gahunda ya Gira inka Munyarwanda.*

*Mu by'ukuri, Bwana Muyobozi, uko uyu muturage abigaragaza ni we watoranyijwe n'inteko y'umudugudu we ngo azahabwe inka muri gahunda ya Gira inka Munyarwanda. Nyamara bigaragara ko atayihawe. None rero ugomba gukurikirana icyo kibazo, iyo nka yahawe utaragombaga kuyihabwa, ikagaruka, igahabwa Mugemana kandi n'abayobozi babigizemo uruhare bakabihanirwa.*

*Ndagusaba ko uzankorera raporo y'uko iki kibazo cyakemuwe bidatinze kandi uzabikorane ubushishozi.*

*KAMANZI Charnaud*

*Umunyamabanga Nshingabikorwa*
*w'Umurenge wa Gitaha*

**Bimenyeshejwe:**

- *Umuyobozi w'Akarere ka Mukoto*
- *Umuyobozi w'Intara ya Bukinanyana*
- *Ushinzwe umutekano mu Ntara ya Bukinanyana*

Nyuma yo gusoma iyo baruwa, Umunyamabanga Nshingabikorwa w'akagari yasabye komite ishinzwe gahunda ya Gira inka Munyarwanda mu kagari gukubita ibangura igakemura icyo kibazo mu maguru mashya.

Umunyamabanga Nshingabikorwa w'Akagari k' Amahoro atizimbye mu magambo yadusobanuriye ibyiza byo kwakira neza abatugana no gutanga serivisi inoze kandi yihuse.

Amaze kudusobanurira, Umunyamabanga Nshingwabikorwa asaba ituze ku bari aho, maze aha ijambo Kagabo na Kamariza ngo na bo batugezeho ibyo bari baduteguriye ku nsanganyamatsiko yerekeranye n'imiyoborere myiza y'Igihugu cyacu. Kagabo yatangiye aducira umugani ngo: "Uwambaye ikirezi ntamenya ko kera." Yashakaga kutwumvisha ko hari Abanyarwanda bamwe batabona ibyiza dukesha ubuyobozi bw'Igihugu cyacu, ngo babihe ireme n'agaciro nyabyo.

Kagabo akomeza avuga ko amahanga menshi atangarira ibyo u Rwanda rumaze kugeraho nyuma y'igihe gito ruvuye mu marorerwa ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Bibaza ibanga dukoresha ngo tugire iterambere ryihuta mu gihe gito. Ni yo mpamvu badahwema kugirira mu Rwanda ingendo shuri baje kutwigiraho no gusaba impanuro abayobozi bacu. Uretse kandi gutangazwa n'iterambere ryacu, bishimira ukuntu bagera mu Rwanda bakakiranwa urugwiro, bagahabwa serivisi inoze kandi yihuta. Bishimira ituze n'umutekano biharangwa bakanyurwa n'isuku iranga imigi yacu. Ni muri urwo rwego usanga inama mpuzamahanga nyinshi ziteguririrwa kubera mu Rwanda.

Kamariza yakurikiyeho afata ijambo arondora bimwe mu biranga imiyoborere myiza. Yagaragaje ko ubuyobozi butangwa n'abaturage binyuze mu matora akorwa mu mucyo no mu bwisanzure, bugakorera abaturage. Ni ubuyobozi bwegerezwa abaturage bakagira uruhare mu igenamigambi ry'ibikorwa bakeneye. Bwumva ibyifuzo by'abaturage, bukabakemurira ibibazo kandi bugashakisha iteka icyabateza imbere ndetse bakagira imibereho myiza n'iterambere mu bukungu. Ubwo buyobozi bubungabunga umutekano w'abantu n'ibyabo ndetse n'umutekano w'igihugu n'akarere kirimo muri rusange.

Ntibugira ivangura iryo ari ryo ryose, ahubwo bufata abanyagihugu bose kimwe. Si ibyo gusa, ubuyobozi burangwamo imiyoborere myiza ntiburangwamo ruswa, gushyira inyungu z'abayobozi imbere bigwizaho umutungo no kuwunyereza. Ahubwo abayobozi bashyira inyungu z'abo bayobora imbere, bakamenya abatishoboye n'abafite ibibazo byihariye nk'iby'ubuzima n'imibereho, bakabafasha kubikemura. Ubuyobozi burwanya ikimenyane n'akarengane maze bugaharanira ubutabera kuri bose. Abenegihugu bagira uburenganzira bemererwa n'amategeko bagahabwa n'amahirwe angana bakoresha mu bikorwa binyuranye maze buri wese akishyira akizana. Abayobozi bakorera ku mihigo aho buri muyobozi ahigira abaturage ibyo azabagezaho kandi akesa iyo mihigo. Iyo abaturage basanze adashoboye, basaba ko

yasimbuzwa undi ushoboye.

Nyuma y'ijambo rya Kamariza, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yasoje inama asomera abaturage itangazo ryaturutse mu bunyamabanga bw'umurenge butumira abayobozi b'imidugudu mu nama nyunguranabitekerezo. Iryo tangazo ryagiraga riti:

**Itangazo**

*Mu rwego rwo kunoza imiyoborere myiza mu Murenge wa Gitaha, ubuyobozi bw'Umurenge wa Gitaha bunejejwe no kumenyesha abayobozi b'imidugudu bose bo mu Murenge wa Gitaha ko batumiwe mu nama nyunguranabitekerezo yo kurebera hamwe ikigero abaturage bagezeho mu gutanga ubwisungane mu kwivuza (mituweri) izaba ku Cyumweru tariki ya 25/01/2015, saa tatu za mu gitondo (09h00). Kuza kwanyu ni inkunga ikomeye mu kwita ku buzima bw'abo muyobora.*

*Bikorewe i Gitaha ku wa 20/01/2015*

*Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gitaha.*

Nyuma y'iryo tangazo twese twatashye twishimiye inyigisho nziza twari tumaze kuronka, tunashimira ubuyobozi bwacu burangwa n'imiyoborere myiza. Wumvaga abantu bose bemeza ko bagiye kurushaho gutanga serivisi nziza mu byo bakora byose, kwitabira no gushyigikira gahunda za Leta ngo biteze imbere kandi biyubakire Igihugu.

### IV.2.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Kagabo na Kamariza mu nama y' akagari" ushakemo amagambo udasobanukiwe, hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashije inkoranyamagambo.*

**Imyitozo**

1. Simbuza amagambo atsindagiye andi magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yakoreshejwe mu mwandiko bihuje inyito.

a) **Kurangiza neza ishingano** umuntu yihaye mu kazi ke bituma aba umuyobozi w'indakemwa.

b) **Kwiba umutungo** wa rubanda ni icyaha kitababarirwa.

c) **Kuvuga ukarambirana** bituma abantu binubira ibyo uvuga.

d) Abaturage bari mu nama, iyo bagize **amatsiko menshi** bituma babaza cyane.

e) Umuyobozi **ugira vuba na bwangu** muri serivisi atanga, afasha abaturage benshi.

2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye.

a) Igenamigambi

b) Impanuro

c) Kuronka

3. Tahura umugani wakoreshejwe mu mwandiko kandi uwusobanure.

## IV.2.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Kagabo na Kmariza mu nama y' akagari" hanyuma usubize ibibazo bikurikira.*

1. . Ese iyo bavuze imiyoborere myiza, wumva iki?
2. Imiyoborere myiza igirira abantu akahe kamaro?
3. Ni izihe nyungu zo kwakira neza abatugana no kubaha serivisi inoze kandi yihuta?
4. Inama nyunguranabitekerezo ivugwa mu mwandiko yari igenewe bande?
5. Abitabiriye inama batashye bameze bate? Kubera iki?
6. Ni iki biyemeje gukora inama ikirangira.

## IV.2.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko"Kagabo na Kamariza mu nama y' akagari" hanyuma usubize ibibazo bikurikira.*

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka zivugwa mu mwandiko?
2. Ese ni ngombwa ko imiyoborere myiza igaragara gusa mu nzego z' ubuyobozi?

   Sobanura wifashishije ingero.
3. Ese hari aho wigeze kujya ntiwahabwa serivise nziza nk' uko ubyifuza? Niba ari byo byagenze bite? Wumvise umerewe ute?
4. Ubaye umuyobozi w'ahantu hatigeze harangwa imiyoberere myiza ni ibiki wakwihutira gukora?

## IV. 3. Inyandiko z' ubutegetsi: Ibaruwa y'ubutegetsi

**Igikorwa**

Mu mwandiko "Kagabo na Kariza mu nama y'akagari", harimo ibaruwa umunyamabanga nshingwabikorwa w' akagari yasomeye abaturage mu nama. Soma kandi witegereze iyo baruwa, ukore ubushakashatsi usubize ibibazo bikurikira:

**Ibibazo:**

1. Ibaruwa umunyamabanga nshingwabikorwa w' akagari yasomeye abaturage mu nama ni ubuhe bwoko bw'ibaruwa? Tahura inshoza ya bene ubwo bwoko bw'ibaruwa.
2. Iyo baruwa iteye ite?
3. Garagaza imbata y'iyo baruwa.

### IV. 3. 1. Inshoza y'ibaruwa y'ubutegetsi

Ibaruwa y'ubutegetsi ni ibaruwa ngufi kandi ivuga ibya ngombwa birasa ku ntego, ikirinda uburondogozi no kugaragaza amarangamutima. Igituma iba ngufi ni uko uwandika agomba gusa kwibanda ku mpamvu yatumye yandika. Bene iyi baruwa

y'ubutegetsi iba igamije  gusabwa gutanga serivisi ku bo igenewe, gusaba akazi, gusubiza uwasabye akazi, gusaba ibisobanuro mu kazi, gutanga ibisobanuro, gutanga amabwiriza n'ibindi. Tuvuge niba  uwandika asaba akazi, iyo ni yo mpamvu agaragaza ku rupapuro kandi ni yo avugaho muri make agaragaza akazi ashaka ako ari ko, ubushobozi afite bwo kugakora n'uburyo azagakora, kandi byose bikagirwa mu kinyabupfura. Nta gutandukira ngo agaragaze ko yababaye, ko ubukene bumumereye nabi, ko arya rimwe mu cyumweru, ko yari afite akazi bakakamwirukanaho ku maherere n'ibindi. Uwo wandikira usaba akazi ntakeneye ko umurondogoraho cyangwa ko umutera imbabazi. Ibyo nta mwanya abifitiye, icyo akeneye ni icyo ugamije kumukorera, ubushobozi ugifitemo, ibyangombwa bibigaragaza. Bene iyi baruwa yandikwa ku rupapuro rw'umweru

## IV. 3. 2. Imiterere y'ibaruwa y'ubutegetsi

Ibaruwa y'ubutegetsi igizwe n'ibice binyuranye ari byo:

### a) Aderesi:

Aderesi ni igice k'ingenzi kigaragaza uwanditse ibaruwa y' ubutegetsi. Hagaragaramo amazina ye, aho atuye ndetse n'andi makuru yose yafasha uwo yandikiye kumenya aho yamubariza aramutse amushatse: ashobora kongeramo nimero za terefoni n'aderesi ye ya interineti. Iki gice gifata umwanya wo hejuru ibumoso ku rupapuro.

### b) Itariki

Itariki ni ngombwa ko hagaragaramo ahantu ibaruwa y' ubutegetsi yandikiwe n'umunsi iyo  baruwa yandikiweho. Iki gice cyo kijya hejuru iburyo ahateganye n'izina.

### c) Uwandikiwe

Uwandikiwe ni igice kigaragara munsi y'itariki ibaruwa y'ubutegetsi  yandikiweho. Kiba kigaragaza uwo ibaruwa igenewe. Si izina rye bwite rigaragaramo ahubwo ni izina rigaragaza umwanya afite mu kazi. Cyakora hashobora no kugaragazwa izina iyo ibaruwa y'ubutegetsi igenewe umukozi runaka.

### d) Impamvu

Mu ibaruwa y'ubutegetsi  hagomba kugaragaramo impamvu yanditswe. Impamvu y'ibaruwa y'ubutegetsi ishobora kuba: gusaba akazi, gusaba ibisobanuro, kohereza raporo... Ijambo"impamvu" buri gihe ricibwaho akarongo. Iki gice kiba kiri munsi ya aderesi kikabangikana n'umurongo wa nyuma wo mu gice kigaragaza uwo ibaruwa y'ubutegetsi yandikiwe.

### e) Igihimba

Igihimba ni ibaruwa nyirizina. Igihimba k'ibaruwa y'ubutegetsi kigirwa n'ibika bitatu:

- **Intangiriro**: Uwandika avuga muri make impamvu imuteye kwandika igirwa n'igika kimwe kandi ikagaragaza icyo uwandika agamije. Iyo ari nk'ibaruwa isaba akazi agaragazamo ko azi neza ko uwo mwanya uhari.

- **Igihimba**: Ni igice kigaragara nk'aho ari kirekire kurusha ibindi, kuko gishobora no kugira ibika birenze kimwe bitewe n'ingingo zigize ubutumwa. Ni cyo gice cyonyine gisobanura mu mugambo arambuye ibyavuzwe mu ntangiriro, kikabisesengura, kikanakurikiranya ibitekerezo. Icyo gihe buri gika kiharira ingingo yacyo, na none ukirinda gusubiramo ibyo wavuze.

- **Umusozo**: Uwandika ibaruwa y' ubutegetsi asoza ashimira uwo yandikiye. Ni cyo gice kirangiza ibaruwa y' ubutegetsi kandi kigirwa n'igika kimwe. Uwandika arangiza yerekana ikizere afitiye uwo yandikiye cyangwa se icyubahiro amugomba.

f) **Amazina n'umukono**: Ni igice gisoza ibaruwa y' ubutegetsi kigizwe n'amazina ndetse n'umukono wa nyiri ukuyandika.

**Ikitonderwa**: Bitewe n'imiterere yayo, ibaruwa y'ubutegetsi ishobora kugira ibindi bice bikurikira:

**Binyujijwe**: Ni igice kigaragara mu ibaruwa y'ubutegetsi munsi y'aderesi y'uwandikiwe. Gishyirwaho iyo hari abo iyo baruwa igomba gucaho mbere yo kohererezwa uwayandikiwe.

**Bimenyeshejwe:** ni igice kijya mu mpera z'ibaruwa y' ubutegetsi ku ruhande w'ibumoso. Kijya mu ibaruwa y' ubutegetsi iba igomba kugira abandi bamenyeshwa ibyanditswe.

## IV. 3. 3. Imbata y'ibaruwa y'ubutegetsi

Aderesi/Amazina n'aho uwanditse abarizwa

..................................................................

..................................................................
..................................................................

Ahantu, itariki, ukwezi n'umwaka

..........................................................
...............................

Umwanya w'icyubahiro w' uwandikiwe n' aho abarizwa

...............................................................

Binyujijwe..........................................

Impamvu:.........................................................................

Nyakubahwa/ Bwana Muyobozi

..................................................................
........................................................................................................................................
........................................................................................................................................
.........................................................................................................

..................................................................
........................................................................................................................................
........................................................................................................................................
...............................................................

........................................................................................................................................
........................................................................................................................................
................................................

Amazina n'umukono by' uwanditse

Bimenyeshejwe:

---------------------------- ---

### IV. 3. 4. Uturango tw'ibaruwa y'ubutegetsi

- Mu ibaruwa y' ubutegetsi hari amagambo yabugenewe agomba gutangira no gusoza ibaruwa y'ubutegetsi. Ayo ni nka:

  Nyakubawa/ Bwana/Madamu/Madamazera,

  Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu kiza, nyakubahwa, mbaye mbashimiye,

  Mu gihe ntegerezanyije ikizere, mbaye mbashimiye,

  Mbaye mbashimiye Nyakubahwa/ Bwana / Madamu/ Madamazera...

- Buri gika gitangirira mu cya kabiri cy'urupapuro mu mpagarike yarwo.
- Ibaruwa y'ubutegetsi igomba kugira impamvu yayo yihariye bitewe n'igitumye yandikwa bagaca akarongo ku ijambo "**impamvu**".

**Imyitozo**

1. Ese hari itandukaniro riri hagati y'ibaruwa y'ubutegetsi n' ibaruwa isanzwe? Niba rihari rivuge.
2. Andikira umuyobozi w'umurenge utuyemo ibaruwa y' ubutegetsi umusaba ikemezo cy'amavuko kuko ugikeneye mu kuzuza ifishi izaguhesha uburenganzira bwo gukora ikizamini cya Leta gisoza amashuri yisumbuye. Wubahirize imbata y'ibaruwa y' ubutegetsi twabonye.

## IV.4. Umwandiko: Ese uri nde?

Nitwa:MUBERUKA Gaston

Data: KARIMANYI Joel

Mama: KABERA Marigueritte

Igihe navukiye: 2 Nzeri 1984

Aho navukiye: Intara ya Kumuhigo, Akarere ka Kagano, Umurenge wa Cyabayaga Akagari ka Mwungu.

Aho ntuye: Intara ya Kumuhigo, Akarereka Burehe, Umurenge wa Mataba, Akagari ka Gaseke.

Irangamimerere: Ndubatse, mfite abana bane

Terefoni: 0788881111

E-mail: muberuka-gaston@yahoo.fr

Akarere ka Burehe, Umurenge wa Mataba, Akagari ka Gaseke.

### Amashuri nize

- 2003-2007: Amashuri makuru: Kaminuza nkuru y'u Rwanda Impamyabushobozi y'ikiciro cya kabiri mu Ndimi n'Ubuvanganzo Nyafurika.
- 1989-1994: Amashuri yisumbuye muri Seminari ya Runaba Impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye mu ishami ry'Ikiratini n'indimi zivugwa.
- 1981-1988: Amashuri abanza mu Ishuri Ribanza rya Mataba. Ikemezo k'ikigo cy'Amashuri Abanza cya Mataba.

### Uburambe mu kazi

- 2011-2017: Umwarimu w'indimi muri kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye.
- 2008-2010: Umwarimu w' Igiswayiri n'Ikinyarwanda mu Iseminari Nto ya Runaba.
- 2003-2004: Umwarimu w'Igifaransa n'Ikinyarwanda mu ishuri ryigenga APEDER Mataba.
- 2000-2003: Umwarimu w'Igifaransa n'Ikinyarwanda mu ishuri ryisumbuye rya Gakurazo.

### Ubundi bumenyi

- Nzi mudasobwa porogaramu ya "Word, Excel, Power Point, Access na Publisher
- Mfite uruhushya rwo gutwara imodoka kategori ya B, nkaba nzi no kuyitwara.

### Indimi nzi kuvuga

| Ururimi | Kumva | Kuvuga | Kwandika | Gusoma |
|---|---|---|---|---|
| Ikinyarwanda | Neza cyane | Neza cyane | Neza cyane | Neza cyane |
| Icyongereza | Neza cyane | Neza cyane | Neza | Neza cyane |
| Igifaransa | Neza cyane | Neza cyane | Neza cyane | Neza cyane |
| Igiswayiri | Neza cyane | Neza cyane | Neza cyane | Neza cyane |

### Ibyo nkunda

Nyuma y'akazi nkunda gusoma ibitabo. Nkunda umukino wo koga no gukina umupira w'amaguru.

### Abantu banzi:

- UMUHIRE Jean: Umwarimu wange muri Kaminuza y'u Rwanda, Tel: 0788..........
- Padiri KARAKE Samuel: Umukoresha wange igihe nigishaga muri Seninari Nto ya Rubare Tel: 076...............................
- HAKIZIMANA Paul: Umuyobozi w'Ishami ry'Indimi muri Kaminuza y'u Rwanda aho nigisha ubu, Tel: 0789.....................

Ngewe MUBERUKA Gaston ndemeza neza ko ibyo maze kuvuga ari ukuri kandi ko bishobora kugenzurwa.

Bikorewe i Kagano, ku wa 25 Nyakanga 2017

MUBERUKA Gaston

### IV.4.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Ese uri nde?" ushakemo amagambo udasobanukiwe, hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashije inkoranyamagambo.*

**Umwiitozo**

Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite: mudasobwa, ishami impamyabushobozi, umukono.

### IV.4.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Ese uri nde" hanyuma usubize ibibazo bikurikira.*

1. Ni bande bavugwa mu mwandiko "Ese uri nde"?
2. MUBERUKA Gaston atuye he?
3. Ni ubuhe bumennyi Muberuka Gaston afite?
4. MUBERUKA Gaston akunda iki?
5. MUHIRE Jean uvugwa mu mwandiko ni muntu ki?

### IV.4.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko"Ese uri nde" hanyuma usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko..*

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki?
2. Amakuru ari muri iyi nyandiko akubiye mu bice bingahe by' ingenzi?
3. Uwandika bene iyi nyandiko aba agamije iki?
4. Urabona iyi nyandiko ifite akahe kamaro?
5. Ni nka nde wakenera bene iyi nyandiko?

## IV.5. Inyandiko z'ubutegetsi: Umwirondoro

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Ese uri nde" kandi witegereze imiterere yawo. Uhereye ku miterere y'uwo mwandiko n'ibiwugize, tahura inshoza y'umwirondoro, ibiranga umwirondoro n'ibice byawo.*

### IV.5.1. Inshoza y' umwirondoro

Umwirondoro ni inyandiko yereka umukoresha ishusho y'umukozi akeneye. Mu buzima busanzwe ari na byo bimenyerewe cyane, umwirondoro ukunze gusabwa n'umuntu wese ushaka gutanga akazi. Bityo mu byangombwa yaka ushaka

gupiganirwa uwo mwanya haba harimo n'umwirondoro we. Umwirondoro kandi ushobora kuba ngombwa iyo umuntu asaba ishuri runaka ngo akomerezemo amasomo ye.

### IV.5.2. Ibiranga umwirondoro

Umwirondoro unoze ugomba kuba:

- Wanditse ku rupapuro rwiza nta n'amakosa y'ururimi arimo.
- Wuzuye kuko uwusaba akeneye amakuru yuzuye kugira ngo arusheho kumenya nyiri umwirondoro niba hari ikiburamo ntibizamutere igihe agishakisha.
- Usomeka neza wanditswe mu nteruro ngufi.
- Uvuga ukuri. Ukora umwirondoro ntagomba kugira icyo yibagirwa cyangwa ngo ashyiremo ibidasobanutse cyangwa ibihimbano.
- Ugomba kuba ugenewe koko abo wandikiwe niba ari aho nyirawo asaba akazi ugomba kuba ujyanye n'aho asaba akazi.

### IV.5.3. Ibice bigize umwirondoro

Umwirondoro ntukorwa uko nyirawo yiboneye ugomba kuba ufite uburyo buboneye ukorwamo, uko ibice biwugize bikurikirana kuko umwanya wabyo uba ufite icyo usobanura kuri uwo mwirondoro.

Ibyo bice ni:

- Umutwe
- Ibiranga umuntu
- Amashuri
- Uburambe
- Ubundi bumenyi
- Indimi avuga
- Ibyo akunda
- Abantu bamuzi
- Kwemeza ko ari ukuri no gushyiraho umukono we.

**1. Umutwe**

Umutwe w'umwirondoro wandikwa hejuru ukitwa umwirondoro

**2. Ibiranga umuntu**

Irangamimerere ni igice gitangira umwirondoro, kikaba kigamije kugaragaza muri

make uwo ari we. Kigomba kuba cyumvikana kandi kirasa ku ntego.

Si ngombwa gushyiramo ibintu byinshi nubwo bwose waba ubona umwirondoro ari muto. Mu irangamimerere umuntu avugamo amazina ye. Ni byiza kwandika izina ry'umuryango mu nyuguti nkuru z'icyapa maze iry'idini rikajya mu nyuguti nto, ariko ritangiwe n' inyuguti nkuru.

Nyuma y'amazina hagaragazwa aho umuntu aherereye, ni ukuvuga aho atuye (aha iyo afite agasanduku k'iposita ni byiza kugashyiraho). Aho umuntu atuye hiyongeraho n'uburyo uwamushaka yamubonamo; umurongo wa terefoni na aderesi ya interineti ku buryo uwabishaka yahita amwandikira. Ikindi kigomba kujya mu irangamimerere ni imyaka umuntu afite. Aha ariko ntawandika umubare ibyiza ni ugushyiraho umwaka yavukiye.

Iyo yanditse amatariki, ukwezi ukwandika mu izina ryako.

### 3. Amashuri

Iki gice kigaragaza aho nyiri umwirondoro ahagaze mu rwego rw'ubumenyi ni yo mpamvu uwandika agomba guhera ku mpamyabumenyi nini afite. Mu kwandika umwirondoro, amashuri ntatandukana n'impamyabumenyi. Ugaragaza amashuri yize avuga umwaka, aho yigaga, ibyo yigaga n'impamyabumenyi yahakuye. Hari igihe amashuri ajyana n'ibitabo umuntu aba yaranditse. Icyo gihe si ngombwa kubishyiraho keretse iyo bigira icyo byongera ku kizere umuntu ashobora kugirirwa n'abo ashyikiriza umwirondoro.

### 4. Uburambe

Uburambe mu kazi ni igice cyo kwitonderwa. Aha ni ho uwandika umwirondoro aba agomba kwereka uwo yandikiye icyo azi gukora n'igihe amaze agikora. Iyo yakoze mu myanya myinshi, ayishyiraho ahereye ku wa nyuma aherukaho agenda agaragaza igihe yagiye ayimaraho. Hari igihe umuntu aba yarakoze iyimenyerezamwuga ni ngombwa ko abishyiraho cyanecyane iyo ataramara

igihe kinini akora cyangwa se ari bwo bwa mbere yatse akazi. Ibyo bishobora kumwongerera amahirwe imbere y'uwo aha umwirondoro.

### 5. Ubundi bumenyi

Kumenya ibintu byinshi nta cyo bitwaye kuko ibyo umuntu azi byose bishobora kumugirira akamaro mu buzima bwe bwa buri munsi. Iyo rero umuntu azi ubundi bumenyi ntashidikanya kubigaragaza ku mwirondoro we cyanecyane iyo bifitanye isano n'akazi asaba.

**Urugero**: Kuba azi mudasobwa, kuba afite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga...

### 6. Indimi

Hari igihe umwanya umuntu ashaka uba usaba kumenya indimi z'amahanga. Ni ngombwa rero ko uwandika umwirondoro ashyiramo indimi zose azi.

Mu kazi ako ari ko kose kumenya indimi z'amahanga byongerera amahirwe ugasaba. Ukora umwirondoro agaragaza urwego aziho urwo rurimi atabeshya (nduzi neza cyane, nduzi neza, nduzi bihagije, biciriritse) kuko kubeshya byamugiraho ingaruka mu gihe k'ikizamini k'ibiganiro.

### 7. Ibyo akunda

Umuntu ntabaho akora akazi ashinzwe gusa. Na nyuma y'akazi ubuzima burakomeza. Ibyo umuntu akunda rero biza nyuma y'akazi. Bigizwe n'ibyo umuntu akora kandi bimushimisha. Ariko na none ukora umwirondoro ntiyiyibagize ko ibimushimisha bishobora kumubera imbogamizi yo kutabona umwanya yifuza. Nk'urugero niba ari umuntu ukunda kumva indirimbo kuri radiyo, bikaba byerekana ko ari umuntu ukunze kuba ari wenyine ko kubana n'abandi byamugora, mu gihe umuntu ukunda gukina umupira aba agaragaza ko abana n'abandi neza ko no mu kazi byagenda bityo.

### 8. Abantu bamuzi cyangwa abahamya

Iyi ngingo y'abantu bazi nyiri umwirondoro si ngombwa buri gihe. Ariko hari ababisaba mu mwirondoro bikaba ngombwa ko ijyamo. Abantu bakunze gukenerwa si abaturanyi bawe cyangwa se bene wanyu bakomeye. Abazi umuntu baba bakenewe ni abarimu bamwigishije cyangwa abakoresha bamukoresheje kuko ukeneye umwirondoro wawe aba ashobora kubabaza ku bijyanye n'ubumenyi ufite cyangwa se ubushobozi n'imyitwarire byawe mu kazi.

### 9. Kwemeza ko ibyo uvuze ari ukuri no gushyiraho umukono

Iki ni cyo gice gisoza umwirondoro. Nyiri ukuwandika agomba gusoza yemeza ko amakuru yatanze ari ukuri ko anashobora kugenzurwa. Hanyuma agashyiraho itariki n'umukono we.

Ibi ni byo by'ingenzi biba bikubiye mu mwirondoro. Cyakora ntibibujijwe ko hari andi makuru yakongerwamo igihe nyiri ukwandika abona ko hari amahirwe yamwongerera kugira ngo abone akazi yasabaga.

**Umwitozo**

Ubu urangije mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye. Andika umwirondoro wawe ukurikije ingingo twabonye zigize umwirondoro.

## IV.6. Amatangazo

**Igikorwa**

*Mu mwandiko "Kagabo na Kariza mu nama y'akagari", harimo itangazo umunyamabanga nshingwabikorwa w' akagari yasomeye abaturage mu nama. Soma iryo tangazo maze utahure ubwoko bwaryo ukurikije ubutumwa buririmo. Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango tw'itangazo kandi utahure ubundi bwoko bw'amatangazo.*

### 1. Inshoza y'itangazo

Itangazo ni inzira cyangwa uburyo ukoresha igihe cyose ufite icyo ushaka kugeza ku bandi ukibamenyesha ugicishije mu itangazo.Urugero nk' iyo banki zambuwe cyangwa se ibindi bigo biciriritse by'imari bihemukiwe na ba bihemu bakambura inguzanyo hatangazwa amatangazo, aba ba bihemu bagashyikirizwa inkiko batsindwa ibyabo bigatezwa cyamunara. Iyo hari imitungo izagurishwa abahesha b'inkiko b'umwuga batanga amatangazo bahamagarira abaturage kuzaza kwigurira. Bibaho kandi ko iyo umuryango watakaje umuntu atambutsa itangazo mu bitangazamakuru cyangwa kuri radiyo bahamagarira abantu gutabara umuryango wagize ibyago.

Itangazo rero ni inyandiko irimo ubutumwa bamanika ahantu, buca mu kinyamakuru cyangwa kuri radiyo kugira ngo bumenyekane hagamijwe kwamamaza, kurangisha cyangwa kumenyesha.

### 2. Uturango tw'itangazo

Mu itangazo hagomba kubonekamo ibi bikurikira:

- Umutwe w'itangazo.
- Utanze itangazo.
- Uwo rigenewe.
- Ahantu igikorwa rimenyesha kiri, cyabereye cyangwa kizabera.
- Itariki igikorwa rimenyesha cyabereyeho cyangwa kizabera.

### 3. Ubwoko bw'amatangazo

Amatangazo arimo amoko anyuranye: amatangazo yo kubika, amatangazo yo kumenyesha, amatagazo yo kwamamaza, amatangazo yo kurangisha n'ubutumire.

### a) Amatangazo yo kubika

Amatangazo yo kubika ni amatangazo atabaza agamije kumenyesha abantu ko hari umuntu witabye Imana akanavuga igihe azashyingurirwa.

**Urugero:**

**Itangazo**

Umuryango wa Mporanyi Claudien ubarizwa mu Murenge wa Gashwi uramenyesha inshuti n' abavandimwe ko umubyeyi wabo Kanamugire Roger wari urwariye mu bitaro bikuru bya Kinihira yitabye Imana none Ku wa gatatu tariki ya 23/5/2017. Bimenyeshejwe inshuti n' abavandimwe batuye mu murenge wa Gishamvu, abakirisitu basengana na nyakwigendera muri paruwasi ya Mukingo n' abo bakoranaga ku bitaro bya Munini. Itariki yo gushyingura ni Ku wa gatandatu tariki ya 26/5/2017. Inshuti n' abavandimwe bihutire gutabara

Bikorewe Gashwi ku wa 23/05/2017

### b) Amatangazo yo kumenyesha

Amatangazo yo kumenyesha ni amatangazo amenyesha abayumva amakuru atandukanye nk'inama, akazi, isoko ry'ibintu, cyamunara...

**Urugero:**

**Itangazo ryo kumenyesha**

Mu rwego rwo kwizihiza icyumweru cyahariwe ubuzima kizatangira ku wa 12 kugeza ku wa 15/8 ,Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gasenyi bunejejwe no kumenyesha abaturage bose bo mu Murenge wa Gasenyi ko batumiwe mu gikorwa cyo kwipimisha ku bushake indwara ya Sida kizabera mu busitani bw' uwo umurenge. Iki gikorwa cyateguwe ku bufatanye bwa Minisiteri y' ubuzima n' umuryango utabara imbabare Croix-rouge. Muri ki cyumweru cyahariwe ubuzima, iki gikorwa kizajya gitangira saa mbiri z' igitondo gisoze saa kumi n' imwe z'umugoroba. Abaturage basabwe kwitabira kuko burya amagara araseseka ntayorwa.

Bikorewe i Gitaha ku wa 6/08/2015

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gasenyi.

### c) Amatangazo yo kwamamaza

Amatangazo yo kwamamaza ni amatangazo atangwa agamije kwamamaza ibikorwa by'umuntu ku giti ke, by'ishyirahamwe, by'inganda, amashuri, kugira ngo bimenyekane bibone ababigana mu buryo bwo kubiteza imbere.

**Urugero:**

**Itangazo ryo kwamamaza**

Uruganda rukora amasabune ruherereye mu cyanya k' inganda i Masoro ruramenyesha abantu bose ko rubafitiye amasabune ya "Urakeye" y' ubwoko bwose: ay' amazi, ay' ifu n' ay' imiti ku ngano yose wakwifuza. Ayo masabune murayasanga mu masoko hose , mu maduka no ku ruganda . Ushaka kurangura cyangwa utwara byinshi turagutwaza tukakugeza iwawe.

Gana uruganda rw' amasabune"Urakeye" uce ukubiri n' umwanda.

### d) Amatangazo yo kurangisha

Amatangazo yo kurangisha ni amatangazo atangwa igihe umuntu yatakaje ikintu, yabuze umuntu kugira ngo ababimuboneye babimuhe cyangwa yatoye ibintu kugira ngo nyirabyo abashe kubibona.

**Urugero:**

**Itangazo ryo kurangisha**

Nzirorera Jemus utuye mu murenge wa Kinyoni ararangisha ibyangombwa bye yabuze ku wa mbere tariki ya 01/11/2015, saa tatu za mu gitondo (09h00). Ibyo byangobwa byaburiye mu mu muhanda Kigali- Butare. Bikaba ari ikarita ndangamuntu, uruhushya rwo gutwara imoboka n'uruhushya rwo kujya mu mahanga. Uwabibona yabimugereza ku buyobozi bw' umurenge wa Kinyoni cyangwa agahamagara kuri izi numero za telefoni 078.......akazahabwa ibihembo bishimishije.

Bikorewe Kinyoni ku wa 2/11/2015

### e) Amatangazo atumira/ubutumire

Ubutumire ni inyandiko ngufi itumira umuntu cyangwa abantu kwitabira umunsi mukuru runaka. Bene izi nyandiko twazigereranya n'amabaruwa y'ubucuti nubwo zo zidakurikiza imiterere y'ayo mabaruwa. Ubutumire bukoreshwa mu minsi mikuru inyuranye nko gushyingirwa, kubatirisha, kwizihiza isabukuru runaka, gutaha igikorwa runaka, gusangira ku meza, kwishimira kugera ku gikorwa runaka nko gufata impamyabumenyi...

Ubutumire burangwa n'imiterere yabwo yo kuba hagaragaramo ibintu by'ingenzi bikurikira:

- Umutwe w'ubutumire
- Amazina y'utumira,

- Utumirwa,
- Igikorwa umutumiramo,
- Aho igikorwa kizabera.
- Umunsi n'isaha kizaberaho

**Urugero**


Ubutumire

Twebwe imiryango ya BIZIMANA Jean na NGENDAHAYO Pierre, twiyishimiye

gutumira Bwana na Madamu: ................ mu bukwe bw abana bacu:

MUKANDORI Laurence

na

KAMANZI Charles

Buzaba ku wa 09/08/2016: Gusaba no gukwa i Kagano.
Ku wa 20/08/2016: Gusezerana imbere y Imana muri Kiliziya ya Paruwasi ya Gakurazo
Diyosezi ya Kamembe.

Nyuma y iyo mihango abatumiwe bazakirirwa mu nzu mberabyombi y Akarere ka Kamembe.

Kuza kwanyu ni inkunga ikomeye!

urence
788...

K.Charle
Tel: 0788.

## Imyitozo

1. Andika amatangazo akurikira wubahiriza imiterere yayo:
   - Itangazo ryo kubika
   - Itangazo ryo kumenyesha
2. Ishyire mu kigwi cy'umuyobozi w'ishuri ryisumbuye wigamo, wandike ubutumire bw'umuhango wo gutanga impamyabumenyi ku banyeshuri barangiza no kwizihiza isabukuru y' imyaka 25 ikigo kimaze gishinzwe.

## IV.7. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

**Ubu nshobora:**

- Gusesengura umuvugo cyangwa umwandiko usanzwe ngaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Gukoresha mu nteruro amagambo nungutse.
- Gusobanura ingingo zisobanura imiyoborere myiza.
- Gusesengura no kwandika ibaruwa y'ubutegetsi.
- Gusesengura no gukora umwirondoro wange.
- Kwandika amatangazo anyuranye.

**Ubu ndangwa no:**

Kubahiriza no gushishikariza abandi gahunda za Leta nshimangira imiyoborere myiza, harimo kwimakaza umuco w'amahoro, kwakira neza abatugana, gutanga serivisi nziza...

## IV. 8. Isuzuma risoza umutwe wa kane

### Umwandiko: Ikiganiro ku miyoborere myiza

Ba nyakubahwa bayobozi b'imirenge muteraniye hano mugire amahoro!

Mbere na mbere mbanje kubashimira ubwitabire bwanyu muri iyi nama. Tudatinze rero, nk'uko mwabisomye mu butumire mwahawe, uyu munsi turagirana ikiganiro n'umuyobozi waturutse muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, ushinzwe imiyoborere myiza. Hashize igihe havugwa ko muri aka Karere hari abayobozi batakira neza abo bashinzwe kuyobora ni yo mpamvu twatumiye uyu muyobozi ngo abagezeho ikiganiro ku miyoborere myiza. Ntabatindiye rero reka muhe umwanya atuganirize.Nyakubahwa Muyobozi umwanya ni uwanyu.

Nyakubahwa Muyobozi w'Akarere ka Runoni,

Ba nyakubahwa bayobozi b'imirenge inyuranye,

Nimugire amahoro!

Nasabwe kubagezaho ikiganiro ku miyoborere myiza. Ariko iyo tuvuze imiyoborere

myiza twumva ibintu byinshi. Uyu munsi turaganira ku miyoborere myiza muri rusange twibande ku buryo bwo kwakira neza abatugana, kugira ngo twitwe ba Rugwirorusa mu mikorere yacu ya buri munsi.

Imiyoborere myiza ni iteme abayoborwa n'abayobozi bahuriraho bagafatana urunana bagakemurira hamwe ibibazo bihari. Bibaye na ngombwa kuri iryo teme bahashinga intebe bakiga kuri gahunda ziteza imbere Igihugu n'isi muri rusange. Imiyoborere myiza ni uburyo buboneye bwo guhuza abayobozi n'abayoborwa, buri wese akagira kandi akamenya uburenganzira bwe n'inshingano ze. Imiyoborere myiza ni iyimakaza ubuyobozi bwiza, ukuzuzanya mu bitekerezo kw'abayobora n'abayoborwa hagamije iterambere ry'Igihugu.

Igihe cyose umuturage atazaba afite uburenganzira bwo kwishyiriraho abayobozi binyuze mu matora no kugira uruhare mu kubakuraho igihe batujuje inshingano zabo, nta miyoborere myiza izaba irangwa mu Gihugu cyangwa mu gace runaka kacyo. Imiyoborere myiza igira amahame igenderaho. Ingero ni nyinshi. Muri rusange, guha abaturage uruhare mu buyobozi, gukorera mu mucyo, kumenyekanisha no kwisobanura ku byo ushinzwe gukora, kugira ubuyobozi buri wese yibonamo, kubaha igitekerezo cy'undi, guharanira ubwigenge mu bwuzuzanye hagati y'inzego z'ubuyobozi, kumenya kugira abandi inama kimwe no kutabogama, ukita ku nyungu rusange byinjira mu mahame y'ingenzi y'imiyoborere myiza.

Mu miyoborere myiza hagomba kubonekamo gutanga ikaze. Ntibikwiye ko umuturage uje abagana aza yikandagira atazi niba muri bumwakire. Iyo bigenze bityo buri gihe ahora abunza imitima yumva ko abayobozi bose ari bamwe. Umuyobozi ubwira nabi abamushyize ku ntebe yaba ameze nka wa wundi utema ishami ry'igiti yicayeho. Umuyobozi mwiza yakira abaje bamugana bagahuza ibitekerezo, ahakenewe gukoreshwa amategeko agakoreshwa, uhanwa agahanwa, ukeneye kungwa mu bahanganye bigakorwa nta ruhande ubuyobozi bubogamiyemo.

Ibiranga imiyoborere myiza ni byinshi. Imiyoborere myiza igomba gushingira ku mahame ya demukarasi. Abahanga basobanura ko demukarasi ari ubutegetsi bwa rubanda, butangwa n'abaturage, bukorera abaturage kandi bugakurwaho n'abaturage. Ibi bisobanura ko ubuyobozi mufite ari indagizo mugomba gufata neza, mugahora mwiteguye, igihe icyo ari cyo cyose, kuyimurikira rubanda rwayibaragije imeze neza, ishimishije. Ni yo mpamvu abayobozi batashoboye kurangiza neza inshingano baragijwe, rubanda rubakuraho ikizere bagasimbuzwa abandi babishoboye.

Igihe abaturage bazaba bafite uburenganzira bwo kubashyiraho kugira ngo mubahagararire mu nzego zinyuranye z'ubuyobozi babinyujije mu matora, bafite uburenganzira bwo gukurikirana imikorere yanyu, ndetse bafite uburenganzira bwo kubagira inama no gushobora kubakuraho cyangwa kubasimbura igihe bigaragaye ko mutashoboye kuzuza inshingano zanyu. Umuyobozi agomba kwakira neza

abaturage, akabatega amatwi yicishije bugufi, agakemura ibibazo atabogamye agakurikiza amategeko. Iyo umuyobozi abigenje atyo usanga yubahwa kandi agace ahererereyemo kagatera imbere. Igihugu gifite abayobozi nk'abo gitera imbere.

Nyakubahwa Muyobozi w'akarere,

Ba nyakubahwa bayobozi muteraniye hano, kirazira ko umuyobozi yicara mu biro ngo avugire kuri terefone ibijyanye n'inyungu ze bwite abaturage bamutegereje ku muryango. Ntibikwiye ko muca ku baturage baje babagana mutababajije ikibagenza ngo mubakemurire ibibazo. Birashoboka ko yenda bamwe muri mwe musohoka mu biro mugaca ku baturage babategerereje hanze mutabasuhuje mukinjira mu modoka zanyu mukagenda. Umuyobozi nk'uwo ntazi kwakira abamugana. Niba muri mwe harimo umuyobozi nk'uwo ndamumenyesha ko yahinduka akareka kubangamira uwo muco w'amahoro, akareka kudusebya dore ko burya ngo umukobwa aba umwe agatukisha bose. Mu kwakira ababagana mugomba kurangwa n'amagambo nka "muraho, murakaza neza murisanga, tubafashe iki? N'ayandi nk'ayo."

Murakoze, murakarama.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki? Ugamije iki?
2. Garagaza uko uyoboye ikiganiro asobanura imiyoborere myiza muri rusange?
3. Ni ibiki tubwirwa mu mwandiko biranga umuyobozi mwiza?
4. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
5. Rondora izini mvugo waba uzi zikoreshwa mu kwakira neza abakugana.
6. Ni iki wungukiye muri iki kiganiro mbwirwaruhame?

## II. Ibibazo by'inyunguramagambo

1. Tanga ibisobanuro by' amagambo akurikira ari mu mwandiko:
   a) Ubwitabire:
   b) Ba Rugwirorusa:
   c) Aza yikandagira:
   d) Kubunza imitima:
   e) Abamushyize ku ntebe:
2. Soma buri jambo rivuye mu mwandiko hanyuma urihuze n' igisobanuro cyaryo ukoresheje akambi.

| Ijambo | Igisobanuro |
|---|---|
| -Indagizo<br><br>-Kwikandagira<br><br>-urubanza | -Kugenda utabishaka<br><br>-Uburyo bwo kuburana<br><br>-Umwanya uhabwa wo kugira icyo uvuga<br><br>-Ubuyobozi<br><br>-Kwitega iyo ugenda |

3. Sobanura icyo iyi mvugo ishaka kuvuga: umukobwa aba umwe agatukisha bose

## VI. Ibibazo ku ibaruwa y'ubutegetsi, ku mwirondoro no ku matangazo

1. Ushingiye ku ishami wize, andike ibaruwa isaba akazi kajyanye n'ibyo wize. Ku mugereka w'ibaruwa wanditse, ushyireho umwirondoro wawe.
2. Ishyire mu mwanya w'umubyeyi, maze wandikire inshuti yawe uyitumira mu bukwe bw' umwana wawe ugiye gushyingirwa.
3. Andika itangazo rirangisha ibyangombwa byawe byabuze harimo irangamuntu, uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga n' ubwishingizi bw'ubuzima. Urikore ku buryo bizakugeraho neza wubahiriza uturango twose tw'itangazo.

# UMUTWE 5

# UBWIKOREZI

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe**

- Gusesengura umwandiko ku bwikorezi mu iterambere ry'igihugu, hagaragazwa ingingo z'ingenzi ziwugize.
- Kugaragaza imimaro y'amagambo mu nteruro.
- Gusesengura no gukoresha mu nteruro inyangingo zinyuranye.

**Igikorwa cy'umwinjizo**

Ushingiye ku bumenyi ufite, sobanura isano iri hagati y'iterambere ry'ubwikorezi n'iterambere ry'igihugu muri rusange.

## V.1. Umwandiko: Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere



Ubwikorezi ni uburyo bwo gukura abantu cyangwa ibintu ahantu hamwe bijyanwa ahandi.

Abakurambere bacu baragotse mu gihe batwaraga ibintu byose ku mutwe, baheka mu ngobyi abanyacyubahiro, abageni ndetse n'abarwayi.

Uko ibihe byagiye bihita, abantu bakomeje gutekereza uburyo buboneye kandi bwihuse bwo gutwara abantu n'ibintu. Ubwikorezi buteye imbere bugira uruhare runini mu kuzamura ubukungu, bwaba ubw'umuntu ku giti ke, ubw'igihugu n'ubw'isi muri rusange. Uburyo bunoze, bwihuse kandi buhendutse bwo gutwara abantu n'ibintu ni kimwe mu bipimo by'iterambere.

Ubwikorezi bukorwa mu nzira zinyuranye: hari ubwikorezi bwo ku butaka, ubwikorezi bwo mu mazi ndetse n'ubwikorezi bwo mu kirere. Mu bwikorezi bwo ku butaka, hakoreshwa amagare, amapikipiki, imodoka z'amoko atandukanye ndetse ku buryo bwisumbuyeho hakoreshwa gariyamoshi. Mu bwikorezi bwo mu mazi, hakoreshwa amato atandukanye mu gutwara abantu n'ibintu. Mu bwikorezi bwo mu kirere hakoreshwa indege zinyuranye.

Abahanga baravuze bati: "Igihe ni amafaranga." Ubwikorezi burushaho gutanga umusanzu mu iterambere, iyo butwara ibintu byinshi kandi vuba. Iyo ubwikorezi bwihuta, abantu babona igihe gihagije cyo gukora ibindi bikorwa. Urugero, uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu butaratezwa imbere mu Rwanda, umuntu yashoboraga kuva i Rusizi ajya i Kigali akaba yakoresha iminsi itanu mu nzira nyamara ubu ashobora kuhakoresha amasaha atanu cyangwa atandatu mu modoka, yakoresha indege akaba atarenza iminota mirongo itatu.

Ubwikorezi bwambukiranya ibihugu ndetse n'imigabane. Nk'uko babivuze ngo: "Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze." Ni muri urwo rwego, abantu bagera mu bihugu bitandukanye bakoresheje uburyo bunyuranye bw'ubwikorezi bikabafasha guhahirana, kwiga, gushyikirana no gutsura umubano.

Iterambere ry'ubwikorezi rigendana n'iterambere ry'ibikorwa remezo. Iyo ibikoresho by'ubwikorezi cyangwa se inzira z'ubwikorezi ziyongereye, iyoherezwa n'itumizwa ry'ibicuruzwa mu mahanga no mu gihugu imbere ririyongera, rigakorwa ku buryo buhendutse ndetse na serivisi zikihuta kandi zikanoga. Igihugu rero nticyatera imbere kidashyize imbaraga mu kubaka ibikorwa remezo bijyanye no gutwara abantu n'ibintu.

Ikindi kandi iterambere ry'ubwikorezi rituma abantu ku giti cyabo biteza imbere. Abafite inganda zikorerwamo ibikoreshwa mu bwikorezi, usanga ari abaherwe. Abakozi b'izo nganda, abakora mu gutwara abantu n'ibintu babaho neza kandi bakazigamira imiryango yabo. Abacuruzi bagezwaho ibicuruzwa byabo bidatinze bakabasha guhaza amasoko kandi bakinjiza akayabo k'amafaranga.

Uko abantu bazamuka mu bukungu ni ko batanga imisoro igira uruhare mu iterambere ry'igihugu.

Ubwikorezi rero ni inkingi ya mwamba mu iterambere, kuko bworoshya urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu. Abantu bagera aho bifuza mu gihe gito, bakabona igihe gihagije cyo gukora indi mirimo. Ibintu bigera ku babikeneye bitagoranye kandi bihagije ndetse bikinjiriza igihugu amafaranga gikenera mu gukora ibindi bikorwa by'iterambere.

### V. 1.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko " Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashishije inkoranyamagambo.*

**Imyitozo**

1. Koresha mu nteruro amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:
   a) Ingobyi
   b) Guhahirana
   c) Guhenduka
   d) Inkingi ya mwamba
   e) Kuzigama
   f) Akayabo
   g) Ibikorwa remezo

2. Tanga imbusane z'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko
   a) Kugoka
   b) Guheka
   c) Abanyacyubahiro
   d) Abageni
   e) Ubukungu

## V.1.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere", hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

1. Ubwikorezi ni iki?
2. Iterambere ni iki?
3. Ni ubuhe buryo butandukanye bukoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu?
4. Ni uruhe ruhare rw'ubwikorezi mu iterambere ry'igihugu?
5. Garagaza urugero bw'ibikoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu byavuzwe mu mwandiko bitaratangira gukoreshwa mu Rwanda.
6. Garagaza kandi usobanure ibikorwa remezo bijyanye no gutwara abantu n'ibintu.

### V.1.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko" Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere", hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko?
2. Kuri wowe uyu mwandiko ugusigiye irihe somo?
3. Vuga ibindi byifashishwa mu gutwara abantu n'ibintu bitavuzwe mu mwandiko.
4. Sobanura uko ubwikorezi bukwiye kutabangamira ibidukikije nuko bwakwimakaza umuco w'ubuziranenge.

## V.2. Iyiganteruro

### V.2.1. Inshoza n'ubwoko bw'interuro

**Igikorwa**

*Ushingiye ku bumenyi ufite, sobanura interuro n'iyiganteruro. Hanyuma ukore n'ubushakashatsi ku bwoko bw'interuro ushingiye ku mubare w'amagambo n'uw'inshinga zizigize, unatange ingero.*

#### V.2.1.1. Inshoza y'interuro n'iyiganteruro

**1. Interuro**

Interuro ni ijambo cyangwa urukurikirane rw'amagambo umuntu avugamo cyangwa yandikamo igitekerezo cyuzuye. Interuro ni igice k'imvugo umuntu yatura akakirangiza aruhuka bihagije, kigatanga igitekerezo cyuzuye.

**2. Iyiganteruro**

Iyiganteruro ni ubumenyi bugamije gusesengura imiterere y'ibinyabumwe bigize interuro ari byo magambo. Ni ubuhanga bwiga isanisha ry'amagambo mu kurema interuro, amoko, imimaro n'imikurikiranire byayo mu nteruro. Iyiganteruro ryiga kandi inyangingo zigize interuro, amatsinda yazo n'imimaro yazo.

Mu iyiganteruro, ijambo ni cyo kinyabumwe fatizo nk'uko mu iyigantego

ikinyabumwe fatizo ari akaremajambo.

V.2.1.2. Amoko y'interuro

Hashingiwe ku mubare w'amagambo n'uw'inshinga zitondaguye bigize interuro, interuro z'Ikinyarwanda zirimo amoko atatu: interuro jambo, interuro yoroheje n'interuro y'urusobe.

### 1. Interuro jambo

Interuro jambo ni interuro igizwe n'ijambo rimwe. Interuro jambo zishobora gushingira ku magambo y'ubwoko hafi ya bwose. Interuro jambo ni interuro idasanzwe kuko iba ihagarariye interuro igizwe n'amagambo menshi.

**Ingero:**

Ibi mwabitundishije iki? **Ikamyo. (Izina)**

Ni iki mwifuriza Abanyarwanda bose? **Amahoro n'iterambere. (Amazina)**

Ibi bitabo mwabitundishije amakamyo angahe? **Atatu. (Ikinyazina)**

Mwagenze urugendo rureshya rute? **Rurerure. (Ntera)**

Murateganya iki muri iki gihembwe? Gutsinda. **(Inshinga iri mu mbundo)**

Uraza? **Ye! (Irangamutima)**

Mwageze ku ishuri ryari? **Kare. (Umugereka)**

Ndagiye. **(inshinga itondaguye)**

Taha. **(inshinga itondaguye)**

### 2. Interuro yoroheje cyangwa interuro shingiro

Interuro yoroheje, interuro shingiro cyangwa interuro fatizo ni interuro igizwe n'amagambo abiri cyangwa arenga ahuriye ku nshinga imwe itondaguye yumvikanisha ubutumwa bumwe, budasobekeranye. Ruhamwa ariko ishobora no kuba itagaragara mu nteruro tukayibwirwa n'indanganshinga. Iyo nteruro iba ifite ruhamwa imwe igizwe n'ijambo rimwe cyangwa itsinda ry'amagambo ahuriye ku gikorwa, imico cyangwa imimerere bivugwa mu nshinga. Interuro yoroheje bayita kandi inyabumwe kuko ifite inshinga imwe itondaguye. Interuro yoroheje kandi ishobora kuba ifite icyuzuzo kigizwe n'ijambo rimwe cyangwa urujyano rw'amagambo ariko ishobora no kuba nta cyuzuzo ifite.

Interuro yoroheje ishobora no kutagira inshinga ariko n'ubundi ikumvikanisha igitekerezo kimwe.

**Ingero:**

- Igihe ni amafaranga.
- Ubwikorezi bwambukiranya ibihugu ndetse n'imigabane.

### 3. Interuro y'urusobe

Interuro y'urusobe cyangwa interuro y'inyunge iba igizwe n'inshinga zitondaguye zirenze imwe buri nshinga ikaba ari izingiro ry'inyangingo. Ni interuro igizwe n'inyangingo ebyiri cyangwa zirenzeho.

**Ingero:**

- Iyo ubwikorezi bwihuta, abantu babona igihe gihagije cyo gukora ibindi bintu.
- Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze.

**Imyitozo**

1. Mu kiganiro gikurikira, tahuramo amoko atandukanye y'interuro.

- Yewe wa mugabo we! Ino hari ikibazo k'ibicanwa. Abantu batemye amashyamba
- Barayatsemba. None Leta ntikemerera abantu gupfa gutema amashyamba asigaye.
- Dukore iki?
- Ntitwakibura. Reka turebe uburyo twakwihangira umurimo dukemura ikibazo k'ibicanwa.
- Ni byiza cyane.
- Reka dutangire umushinga.
- Uwuhe?
- Uwo gukora imbabura za canamake.
- Zizagurwa n'abantu benshi kubera ko inkwi zihenda.

2. Garagaza ibintu bine iyiganteruro ryibandaho.

## V.2.2 Isanisha

**Igikorwa**

*Uhereye ku nteruro zikurikira garagaza amagambo afitanye isano, uvuge n'ubwoko bw'isanisha bwakoreshejwe kandi ukore n'ubushakashatsi ku isanisha mu nteruro.*

- *Ubwikorezi buteye imbere buzamura ubukungu.*
- *Iki gisubizo cyashubije umuhanga.*
- *Gusoma inkuru birakunzwe.*
- *Abantu bagera aho bifuza mu gihe gito.*
- *Bihogo ikamwa menshi.*
- *Biraro bya Murema azadusura.*

### 1. Inshoza y'isanisha

Isanisha ni uburyo bwo guhuza amagambo mu irema ry'interuro ku buryo ijambo ry'ibanze riha amagambo aryungirije akarango karyo.

**Urugero:**

**B**ano **bana ba**to **ba**rashonje. Ijambo ry'ibanze ni abana.

Isanisha rikunze kugaragaza amasano nyantego aba ari hagati y'amagambo agize interuro. Muri uru rugero isano ni inteko ya **2 ba.**

### 2. Amoko y'isanisha

Mu Kinyarwanda hari amoko anyuranye y'isanisha.

#### a) Isanisha nyantego

Mu isanisha nyantego, ijambo ry'ibanze riha amagambo aryungirije intego ya kamwe mu turemajambo twaryo.

**Ingero:**

- I**ki gi**kamyo **ki**nini gitwara imizigo myinshi.
- I**cya**mbu **ki**nini **gi**fasha mu bwikorezi.

#### b) Isanisha nyanyito

Isanisha nyanyito rishingira ku kivugwa n'ijambo ry'ibanze. Rikoreshwa akenshi ku magambo adafite indomo n'indanganteko cyangwa afite indanganteko zumanye

(zidatandukana) n'igicumbi (Mugabo, Bahizi, Rukundo, mukecuru…). Iyo ikivugwa ari umuntu umwe isanisha ribera mu nteko ya mbere; baba benshi kimwe no mu irondora rikabera mu nteko ya kabiri. Iyo ikivugwa ari inyamaswa cyangwa ikindi kintu isanisha rikorwa mu nteko ya 9 cyangwa iya cumi.

**Ingero:**

- Mugabo akora ubwikorezi.
- Ba Kanyana bahahirana n'amahanga.
- Indege itwara imizigo myinshi.

### c) Isanisha nyurabwenge

Isanisha nyurabwenge rikorwa iyo ibivugwa ari inshinga iri mu mbundo, uruvange rw'abantu n'ibintu cyangwa uruvange rw'abantu n'inyamaswa n'urw'amagambo adahuje inteko. Isanisha nyurabwenge rikorerwa mu nteko ya 8.

**Ingero:**

- Umugabo, ihene n'igare **bya**huriranye.
- Gutwarana abantu n'ibintu **bi**rabujijwe.
- Kurya, kunywa no kubyina **bi**rashimisha.
- Bakame n'impyisi **bi**razirana.

### d) Isanisha nyazina

Isanisha nyazina ni isanisha rishingira ku ndanganteko yumanye n'igicumbi.

**Ingero:**

- - **Ru**tegaminsi **rwa** Tegera yari inyangamugayo. (Nt 11, Nt 1)
- - **Bi**kungero **bya** Murema afite ibihangano byiza. (Nt 8, Nt 1)
- - Nya**ka**yonga **ka** Musare.

### e) Isanisha mpisho

Isanisha mpisho rikorwa igihe ikivugwa kitazwi cyangwa kitagaragajwe.

**Ingero:**

- **Ka**rabaye noneho.
- Umugore n'umugabo **rwa**mbikanye.
- **Ka**rahanyuze twarabyinnye biratinda.

### f) Uruvange rw'isanisha

Uruvange rw'isanisha ni isanisha rigengwa n'inteko zitandukanye kandi rigengwa

n'ijambo rimwe.

**Ingero:**

- **Igisonga cya** Papa **a**rahagurutse. (nt7 na nt1)
- **Nyina w**'iki kimasa irashaje. (nt1, nt9)

**Imyitozo**

1. Garagaza ubwoko bw'isanisha bwakoreshejwe muri buri nteruro mu zikurikira:
   a) Uyu mugabo mugufi afite imbaraga.
   b) Amatungo n'ibikoresho byahashiriye.
   c) Karababonye.
2. Tanga urugero rw'interuro ikoreshejwemo:
   a) Uruvange rw'isanisha.
   b) Isanisha nyazina.
   c) Isanisha nyanyito.

## V.2.3. Imimaro y'amagambo mu nteruro

**Igikorwa**

*Uhereye ku nteruro zikurikira, garagaza imimaro y'amagambo azigize kandi ukore ubushakashatsi ku mimaro y'amagambo mu nteruro.*

- *Mukamana arwanya isuri.*
- *Mugabe n'abana be bateye ibiti neza.*
- *Amashyamba atuzanira umwuka mwiza.*

### 1. Imimaro y'ingenzi

Imimaro y'ingenzi y'amagambo mu nteruro ni itatu: ruhamwa, inshinga (ipfundo/izingiro) n'icyuzuzo.

**a) Ruhamwa**

Ruhamwa ni ijambo rigaragaza ukora igikorwa cyangwa uwerekezwaho imimerere n'imico n'inshinga bivugwa n'inshinga iri mu nteruro. Ruhamwa ishobora kuba izina, urujyano rw'amazina cyangwa urw'amazina n'imfutuzi zayo, ntera, ikinyazina, inshinga iri mu mbundo cyangwa itondaguye mu buryo bw'insano. Ruhamwa

nanone ishobora kujyana n'inshinga imwe cyangwa nyinshi, gukurikira inshinga cyangwa kuyibanziriza.

**Ingero:**

**Abana** barakina umupira.

**Umuhungu n'umukobwa bakuru** baze.

**Bake** barabona ibihembo.

**Niyonkuru** yicaye ku ntebe.

**Uyu** natahe.

**Kwiga** birananiza.

**Usakuza** arasohoka.

**Karisa** ariga, agahinga ndetse akanacuruza.

Haragenda **abahinzi gusa**.

Ruhamwa zigira amoko atandukanye:

- **Ruhamwa mboneranteko / mboneranteruro**

Ruhamwa mboneranteko/ mboneranteruro ni ijambo cyangwa urujyano rw'amagambo bishingirwaho isanisha nyantego.

**Urugero:**

A**ba**na **ba**tarangara **ba**bona amanota meza.

- **Ruhamwa mboneramvugo**

Ruhamwa mboneramvugo ni ijambo rishingirwaho isanisha ry'inshinga ariko hakurikijwe icyo inshinga ivuga iryo jambo rikaba ari ryo cyuzuzo k'inshinga.

**Ingero:**

**Imineke** irya abana naho **inzoga** ikanywa abakuru.

**Imboga** zibona abana.

- **Ruhamwa nyurabwenge**

**Ruhamwa nyurabwenge** ni ijambo ridashingirwaho isanisha rikaba icyuzuzo k'inshinga ariko hakurikijwe icyo inshinga ivuga ukumva iryo jambo ari ryo ruhamwa.

**Ingero:**

Imboga zibona **abana**. (Abana babona imboga)

Igisoro gikina **abahanga**. (Abahanga bakina igisoro)

- **Ruhamwa mpisho/ mburabuzi**

Ruhamwa mpisho/ mburabuzi ni ruhamwa itagaragara mu rukurikirane rw'amagambo ikagaragazwa n'akaremajambo ko mu nshiga gusa, kaboneka mu nteko ya 8, 12,14 n'iya 16.

Ingero:

**Ka**rabaye. (agaki?)

**Bi**racitse. (ibiki?)

**Bu**rije. (ubuki?)

Nta cyo **bi**twaye. (ibiki?)

**Ha**rabaye ntihakabe. (hehe?)

**b) Inshinga (izingiro / ipfundo)**

Inshinga ni ijambo ribumbatiye ingingo yo kugaragaza igikorwa,imiterere, imimerere cyangwa imico byerekeza kuri ruhamwa mu nteruro.

**Ingero:**

- Umurimo **utugeza** kuri byinshi.
- Aba bana **babereye** ubutore.
- Ibitabo byabo **birashaje**.
- Abaporisi benshi **baritonda**.
- Abana be **barabyibushye**.

**c) Icyuzuzo**

Icyuzuzo ni ijambo rijyana n'inshinga rikayisobanura cyangwa rikayuzuza. Gishobora kugirwa n'ijambo rimwe cyangwa urujyano rw'amagambo.

- **Icyuzuzo mbonera**

Icyuzuzo mbonera kigizwe n'ijambo cyangwa amagambo aherekeza inshinga akuzuza igitekerezo cyayo. Icyuzuzo mbonera giherekeza inshinga kitanyuze ku rindi jambo cyangwa ngo kigire ibindi bisobanuro by'umwihariko cyongeraho. Ni ukuvuga ko hagati y'inshinga n'icyuzuzo mbonera nta rindi jambo rizamo. Gishobora kuba kigizwe n'ijambo rimwe cyangwa menshi. Muri rusange icyuzuzo mbonera gisubiza

ikibazo **iki? Nde?**

**Ingero**

Kabayiza arubaka **inzu.**

Inyamaswa zirya **ibyatsi.**

Urukwavu rurya **kimari.**

Kanyana avuza **umwana we.**

- **Icyuzuzo nziguro**

Icyuzuzo nziguro cyuzuza inshoza y'inshinga kivuga uko igikorwa, imimerere cyangwa imiterere biba, aho bibera, igihe bibera, inshuro biba n'ibindi. Gishobora kugirwa n'ijambo rimwe cyangwa urujyano rw'amagambo.

**Ingero:**

Wa mugabo arahinga **cyane.**

Uyu mwana yiga **mu gitondo.**

Karera akora imirimo ye **vubavuba.**

Namubonye **kabiri.**

Batuye **i Kabgayi.**

**Ibyuzuzo nziguro bigira amoko atandukanye bitewe n'inshoza yabyo.**

- **Icyuzuzo nziguro cy'uburyo**

Icyuzuzo nziguro cy'uburyo ni icyuzuzo cyuzuza inshinga kikavuga uko igikorwa cyangwa imimerere bivugwa n'inshinga bigenda. Akenshi usanga ibyuzuzo nziguro by'uburyo bigizwe n'imigereka y'uburyo, bigasubiza ikibazo kibajijwe n'ingirwanshinga **«-te? »**

**Ingero:**

Abakora **cyane** mubahembe.

Kagabo avuga **buhoro cyane.**

Bagenda **amaterekamfizi.**

- **Icyuzuzo nziguro cy'ahantu**

Icyuzuzo nziguro cy'ahantu kivuga ahantu ibivugwa n'inshinga bibera cyangwa biherereye. Gisubiza ikibazo **hehe?**

**Ingero:**

Uze kunsanga **haruguru**.

Umwana yabaye **mu nzu** biratinda.

Dutuye **i Kamembe**.

Nabibonye **munsi y'umuhanda**.

- **Icyuzuzo nziguro k'igihe**

Icyuzuzo nziguro k'igihe kivuga igihe imimerere cyangwa igikorwa bivugwa n'inshinga bibera. Gisubiza ibibazo « ryari?" cyangwa **« gihe ki?**»

**Ingero:**

Igihunyira gihiga **nijoro.**

Ajya ku kazi **mu gitondo.**

Baje **ku manywa**.

Yagiye **kera.**

- **Icyuzuzo nziguro k'inshuro**

Icyuzuzo nziguro k'inshuro kivuga inshuro igikorwa kiba cyangwa kigahamya ingano. Gisubiza ikibazo kibazwa n'ijambo **« kangahe?** »

**Ingero:**

Nagiyeyo **kenshi.**

Ibyo bintu twabyumvise **rimwe.**

Uri busome **kangahe?**

Babirya **rimwe na rimwe**.

### 2. Imimaro yungirije

Mu nteruro, hari amagambo ajyana n'andi bigakora urujyano rufite umumaro umwe ariko ugasanga afite imimaro yayo muri urwo rujyano.

#### a) Impuza

Impuza ni amagambo afite umumaro wo guhuza amagambo n'andi. Ayo magambo ni ibyungo n'ibinyazina ngenera.

**Ingero:**

- Ubwikorezi bw'abantu n'ibintu bwateye imbere. (bw' na na:ni impuza)

- Abahungu n'abakobwa buriye indege bajya kwiga. (na: ni mpuza)

**b) Imfutuzi**

Imfutuzi ni amagambo asobanura andi aherekeje, ndetse n' indangahantu.

**Ingero:**

- **Uyu** mwana **muremure** yiga neza. (**uyu, muremure**: ni imfutuzi)
- Twigira mu ishuri. (**mu**: imfutuzi)

**Imyitozo**

1. Garagaza imimaro y'ibanze n'imimaro yungirije ku magambo agize interuro zikurikira :

a) Aba banyeshuri n'abarezi babo bakora ibikorwa byiza.

b) Sekarama yasize ibisigo n'ibiganiro.

2. Mu nteruro zikurikira erekana ruhamwa uvuge n'amoko yazo:

a) Imineke irya abana.

b) Igikombe k'ibihugu kizakinirwa he?

3. Tanga urugero rw'interuro ifite:

a) Icyuzuzo mbonera

b) Icyuzuzo nziguro cy'uburyo

c) Icyuzuzo nziguro k'inshuro.

## V.2.4. Ibice by'interuro n'igiti k'interuro yoroheje

**Igikorwa**

*Ukurikije uko amagambo agendanye n'uko asangiye inyito, garagaza ibice by'interuro zikurikira, unatekereze uko buri nteruro wayubaka nk'igiti uhereye ku bice wabonye kandi ukore ubushakashatsi ku bice by'interuro yoroheje n'igiti cyayo.*

- *Iyi modoka ikora ubwikorezi.*
- *Bwiza n'abana be basomye ibitabo byinshi.*

### V.2.4.1. Inshoza y'interuro yoroheje

Interuro yoroheje bita iy'inyabumwe ni interuro ifite inshinga imwe itondaguye yumvikanisha ubutumwa bumwe, budasobekeranye.

### V.2.4.2. Inshoza y'isesengura nteruro

Mu gusesengura interuro hari inzira nyinshi zishobora gukoreshwa ariko iz'ingenzi ni izi zikurikira: Imisesengurire isanzwe n'imisesengurire igaragaza ruhamwa na ruhamya (imvugaruhamwa).

#### a) Imisesengurire isanzwe

Imisesesengurire isanzwe ni imisesengurire igaragaza ibice bitatu bigize interuro: **ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo**.

**Urugero**: Abanyeshuri bakunda kwiga.

**Ruhamwa**: abanyeshuri

**Inshinga**: bakunda

**Icyuzuzo**: kwiga

#### b) Imisesengurire ya ruhamwa na ruhamya (imvugaruhamwa)

Iyi misesengurire ica mu nteruro ibice bibiri by'ingenzi ari byo: ruhamwa na ruhamya ikagenda ibisesengura igaragaza ibindi bice bibigize.

### V.2.4.3. Ibice by'ingenzi by'interuro

Ibice by'ingenzi by'interuro ni bibiri: Ruhamwa na ruhamya (itsinda ry'inshinga/ imvugaruhamwa).

#### a) Ruhamwa

Ruhamwa ni igice bagira icyo bavugaho mu nteruro. Itsinda rya ruhamwa rishobora kuba rigizwe n'ijambo rimwe cyangwa urujyano rw'amagambo. Itsinda rya ruhamwa rigizwe n'itsinda rw'izina hashingiwe ku moko y'amagambo agize interuro. Ni ukuvuga ko itsinda ry'izina rifite umumaro wo kuba ruhamwa.

**Ikitonderwa:**

Ruhamwa ishobora kuba igizwe n'izina, itsinda ry'izina, ikinyanshinga, inshinga, izina ntera, interuro... Iyo igizwe n'ijambo rirenze rimwe yitwa **itsinda rya ruhamwa.**

#### b) Ruhamya

Ruhamya ni igice k'interuro kigira icyo kivuga kuri ruhamwa. Hashingiwe ku moko y'amagambo agize interuro, itsinda ry'inshinga ni ryo rigira umumaro wo kuba imvugaruhamwa cyangwa ruhamya. Imvugaruhamwa igizwe n'ibice bibiri by'ingenzi **ipfundo** cyangwa izingiro ry**'ubutumwa n'icyuzuzo**.

Mu nteruro yoroheje **inshinga itondaguye** ni yo ifite umumaro wo kuba **ipfundo** ry'ubutumwa hanyuma andi magambo ajyanye na yo akaba icyuzuzo cyangwa **ibyuzuzo**.

**Ikitonderwa**

Ruhamya yitwa kandi i**tsinda ry'inshinga** cyangwa **itsinda ry'imvugaruhamwa**

**Ingero:**

- Abanyeshuri barasohotse.

  **Abanyeshuri**: ruhamwa

  **barasohotse**: ruhamya

- Abahungu n'abakobwa bakinnye none.

  **Abahungu n'abakobwa**: itsinda rya ruhamwa

  **bakinnye none: ruhamya** (itsinda ry'inshinga cyangwa ry'imvugaruhamwa)

- Uyu mwana muremure yiga neza.

  **Uyu mwana muremure**: itsinda rya ruhamwa

  **yiga neza: ruhamya** (itsinda ry'inshinga cyangwa ry'imvugaruhamwa)

**Ikitonderwa**

Ruhamya iba igizwe n'inshinga cyangwa se inshinga n'ibyuzuzo byayo.

#### V.2.4.4. Gusesengura interuro yoroheje hakoreshejwe uburyo bw'igiti

Interuro igira íbice bibiri by'ingenzi (Ruhamwa Rh) na ruhamya yitwa kandi itsinda ry'inshinga (Ts Sh). Muri ibyo bice bibiri kimwe gishobora kugabwamo amashami kigasesengurwamo utundi duce. Ni ukuvuga ko iyo ruhamwa igizwe n'amagambo arenze rimwe yitwa itsinda rya ruhamwa (Ts Rh). Ruhamya na yo igira amashami abiri; inshinga (Sh) n'icyuzuzo (Uz), iyo icyuzuzo kigizwe n'amagambo arenze rimwe gikora itsinda ry'icyuzuzo (Ts Uz). Nyuma yo kugaragaza amatsinda ari muri ruhamwa cyangwa ari muri ruhamya n'imimaro yayo, hakurikiraho ishami rigaragaza amoko y'amagambo mu buryo buhinnye.

Izi ni zimwe mu mpine zifashishwa mu gusesengura interuro ku giti:

**F**: Imfutuzi

**F Rh**: imfutuzi ya Ruhamwa

**F Uz**: Imfutuzi y'icyuzuzo

**Grk**: Umugereka

**Imp**: Impuza

**Kzn**: Ikinyazina

**Nt**: Ntera

**ZnNt**: Izina ntera

**Rh**: Ruhamwa

**Sh/ Pf**: Inshinga/ ipfundo

**T**: Interuro

**Ts Rh**: Itsinda rya Ruhamwa

**Ts Sh**: Itsinda ry'inshinga

**Ts Uz**: Itsinda ry'icyuzuzo

**Ts Zn**: Itsinda ry'izina

**Ung**: icyungo

**Uz**: Icyuzuzo

**Zn**: Izina

**Ikiny**: Ikinyanshinga

**Urugero**: Uyu mwana muremure yiga neza.



**Imyitozo**

Sesengura interuro zikurikira ukoresheje uburyo bw'igiti:

1. Aba banyeshuri n'abarezi babo bakora ibikorwa byiza.
2. Umutwe umwe ntiwigira inama.

## V.2.5 Inyangingo n'amoko yazo

**Igikorwa**

*Itegereze inyangingo mu nteruro zikurikira maze utahure ubwoko bwazo, hanyuma ukore ubushakashatsi ku moko y'inyangingo.*

- *Gashuhe yavomye amazi meza.*
- *Mariro yariye, arakina, arataha.*
- *Nitubitsinda tuzajyayo.*

### 1. Inshoza y'inyangingo

Inyangingo ni interuro cyangwa igice k'interuro kibumbatiye ubutumwa bwumvikana neza. Inyangingo zikoreshwa mu nteruro zinyuranye. Interuro ibumbatiye ingingo imwe ni interuro yoroheje, interuro fatizo cyangwa interuro y'inyabumwe. Interuro ifite inyangingo nyinshi ni interuro y'urusobe. Inyangingo ishobora kuba yigenga cyangwa ifitanye isano n'izindi biri kumwe mu nteruro.

**Ingero:**

- **Abana bazadusura ku Cyumweru**. (Inyangingo imwe yihagije)
- Ndaje dutahe. (Inyangingo ebyiri zifitanye isano)
- Bakunda kwiga bazatsinda. (Inyangingo ebyiri zifitanye isano).

### 2. Ubwoko bw'inyangingo

### 2.1. Inyangingo yihagije

Inyangingo yihagije ni inyangingo yigenga kandi na yo ntigire indi igenga. Inyangingo yihagije ishobora kuba yonyine cyangwa igaturana n'izindi nyangingo bibangikanye.

**Urugero :**

- Uyu munyeshuri arakora imyitozo.
- Ruganzu yari umukozi, yari umurwanyi, yari igitangaza.

Inyangingo yihagije ishobora no kuba yunze ku yindi ariko itayigenga cyangwa ngo igengwe na yo.

**Urugero :**

- Nirere ni **mwiza** kandi **aritonda.**
- Abana **bamwe barakina umupira, abandi barasimbuka urukiramende.**

Inyangingo yihagije ishobora no kwihagika mu yindi nteruro ariko ntiyigenge kandi ntigengwe na yo.

**Urugero:**

Nuko barahaguruka –*twese tubareba*- bajya kurya.

Arasohoka –*abana baramwitegereza*- atangira kurira.

### 2.2. Inyangingo y'ingaragirwa

Inyangingo y'ingaragirwa ni inyangingo ikenera indi iyiherekeza kugira ngo iyisobanure cyangwa iyuzuze maze ubutumwa itanga burusheho gusobanuka.

**Ingero:**

- **Urwo rusaku** numva **ni urw'iki?** (uruhe rusaku?)

  **Urwo rusaku ni urw'iki?**: ni inyangingo y'ingaragirwa irasobanurwa n'indi biri kumwe.
- **Bagiye** banyerera. (Bagiye bate?)

  **Bagiye**: ni inyangingo y'ingaragirwa irasobanurwa n'indi biri kumwe.
- **Ndabona** bwije. (Urabona iki?)

  **Ndabona**: ni inyangingo y'ingaragirwa iruzuzwa n'indi biri kumwe.

### 2. 3. Inyangingo y'ingaragira

Inyangingo y'ingaragira ni inyangingo ijyana n'indi nyangingo igatuma yumvikana neza.

**Ingero:**

- Nasanze **bahinga.** (ingaragira yuzuza)
- Agenda **yihuta**. (ingaragira isobanura)
- Abanyarwanda bavuga **ko ikoranabuhanga rifite akamaro**. (ingaragira

yuzuza)

**Ikitonderwa**

Inyangingo ngaragira zigira amoko anyuranye. Aya akurikira ni amoko y'inyangingo ngaragira.

1. **Inyangingo y'insobanuzi cyangwa nyensano**

Isobanura izina ryo mu nyangingo ngaragirwa cyangwa irindi jambo ririhagarariye. Ikoresha inshinga iri mu buryo bw'insano.

**Ingero:**

Ikoranabuhanga **dukoresha** ryaturutse mu mahanga.

Amasomo **twiga** arashimishije.

Urwo rusaku **numva** ni urw'iki?

Ibishyimbo **bahinze** biraraye.

Ibyo **baguze** birahenze.

Inkoni **ikubise** mukeba uyirenza urugo.

2. **Ingaragira mbonera**

Isubiza ikibazo **iki**? Ishobora guterurwa n'ibyungo: **ko, ngo, yuko...**

**Ingero:**

Ndabona **ko akoresha interineti.**

Yavuze **ngo azaza ejo.**

Numvise **bamukubita.**

Barashaka **yuko mwigana.**

Urasanga **batashye.**

3. **Ingaragira y'uburyo**

Ingaragira y'uburyo ivuga uko igikorwa k'ingaragirwa gikorwa. Isubiza ikibazo kibajijwe n'ingirwanshinga « **–te**? » Ishobora guterurwa n'ikinyazina mbanziriza cyangwa mbanziriza ikoranye n'igereranya:uko, **nkuko, nkaho**...

**Ingero:**

Aryama **acuramye**.

Bagenda **bunamye**.

Amanutse **yiruka**.

Bagiye **bagiye**.

Aracyagira **uko abonye**.

Ushaka **uko nyina yashatse** amara amazu.

Ubikore **nk'uko nakweretse.**

Iyi nzu ikomeye **nk'aho yubakishije amabuye.**

### 4. Ingaragira y'igihe

Ingaragira y'igihe ivuga igihe igikorwa cyangwa imimerere bivugwa n'ingaragirwa bibera. Ishobora guterurwa n'impuza. Ishobora kubanziriza ingaragira cyangwa ikayikurikira.

**Ingero:**

Uzahabwa impundu **utabarutse**.

Impyisi ishira amerwe **yapfuye**.

**Iyo antuka** sinumva.

**Aho ndyamira** ndasinzira.

Aza **uko bwije.**

### 5. Ingaragira y'impamvu

Ingaragira y'impamvu ivuga igitera igikorwa k'ingaragirwa kubaho. Ishobora guterurwa n'impuza kuko cyangwa kubera **ko, ko, ngo na kugira ngo.**

**Ingero:**

Taha **urananiwe.**

Ishiime **waratsinze.**

Urankize **ndakennye**.

Ararya kuko **ashonje.**

Ntaramesa **kuko atarabona isabune.**

Yariyuhagiye **kubera ko yari afite imbyiro.**

Yahinze **ngo azatere.**

Ararya **kugira ngo azabyibuhe.**

### 6. Ingaragira y'ingaruka

Ingaragira y'ingaruka ivuga icyo igikorwa k'ingaragirwa kibyara cyangwa icyo kiganishaho. Iyi ngaragira ishobora no kuvuga inkurikizi. Akenshi inshoza yayo yegeranye n'iy'impamvu ku buryo zombi zishobora guhinduranya umwanya. Ishobora guterurwa n'impuza.

**Ingero:**

Buzura cyane **bazahana inka.**

Ashishikariye kwiga **azatsinda.**

Imbwa yarihuse **ibyara ibihumye.**

Yagiriye abantu neza **maze baramukunda.**

Uranywa **usinde.**

Uzakora cyane **unanirwe.**

### 7. Ingaragira iteganya

Ingaragira iteganya ivuga igikorwa gishingirwaho ik'ingaragirwa. Akenshi ibaziriza ingaragirwa. Ishobora guterurwa n'impuza **iyo, niba, iyaba, naho, nubwo, niyo.**

**Ingero:**

**Mumpaye** inkwi nateka.

**Abizanye** nabigura.

**Umuhaye** yazakwitura.

**Wakora mu muriro** washya.

**Nimumpa inkwi** ndateka.

**Nibakora** nzabahemba.

**Iyo arwara aba** aryamye.

**Niba mushonje** murarya ibijumba.

**Iyaba yariho** mba nkize.

**Iyaba yarazigamye** ntiyari kuzasonza.

**Naho yarya** ntiyabyibuha.

**Nubwo wampa inka** sinaguha insina zange.

**Niyo wantuka** useka nababara.

### 8. Ingaragira ihuriranya

Ingaragira ihuriranya ivuga igikorwa gikorerwa rimwe n'ikindi. Ishobora guterurwa n'icyungo cyangwa ikabamo inyibutsacyungo **–na-**

**Ingero:**

Imfizi y'impongo ihotora **ihigwa.**

Inyana y'ingwate yabira **ireba iwabo**.

Ahwera **kandi zikamwa.**

Yakuburaga **anatetse**.

### 9. Ingaragira y'inkurikizo cyangwa ikurikizaho

Ingaragira y'inkurikizo cyangwa ikurikizaho ivuga igikorwa giherekeza ik'ingaragirwa. Ishobora guterurwa n'impuza. Iteka ikurikira ingaragirwa. Isubiza ikibazo "**hanyuma?**"

**Ingero:**

Bararya **bakaryama**.

Babyukaga **bakavoma.**

Warasabaga **ugahabwa**.

Yaravuwe **arakira.**

Bakubuye **bayora ibishingwe**.

Yaguye **arakomereka**.

Kabyare **uheke**.

Ntiwiyuhagira **ngo uke**.

Ntazapfa **ngo abure gihamba.**

Sasa **ahasigaye uryame**.

Uhinge **maze utere.**

Ndabivuga **hanyuma nsheceke**.

Rya **ubundi uryame**.

### 10. Ingaragira izibukiranya

Ingaragira izibukiranya igira ingingo y'igikorwa kibusanye n'ik'ingaragirwa. Akenshi ingaragira izibukiranya iterurwa n'icyungo.

**Ingero:**

Ibuguma y'ihene yona **iziritse.**

Genda **naho uyu asigare**.

Ntakora **nyamara arakize**.

Bakunda inkwi **bakanga abashenyi.**

**Imyitozo**

1. Garagaza inyangingo mu nteruro zikurikira uvuge n'amoko yazo:
   a) Abaturanyi bacu bakora umuganda.
   b) Iterambere ry'ibihugu rigaragarira mu mibereho y'abaturage babyo rikanagaragazwa n'ibikorwa remezo.
   c) Twaramusuye hanyuma aratwakira.
   d) Amazi anyobwa ntagira ibara.
   e) Yandika ibintu bisomeka.

2. Garagaza inyangingo ngaragira mu nteruro zikurikira uvuge n'amoko yazo:
   a) Uyu musore agenda atera isekuru.
   b) Twasoma tubonye ibitabo.
   c) Ibyo byabaye nge nagiye.
   d) Kingura amadirishya kuko hashyushye.
   e) Ndashaka ko mutaha.

3. Tanga urugero rw'interuro irimo:
   a) Inyangingo ngaragira y'insobanuzi
   b) Inyangingo ngaragira y'inkurikizo
   c) Inyangingo ngaragira y'ingaruka.

## v.3. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Uhereye ku nsanganyamatsiko y'ubwikorezi, andika umwandiko uri hagati y'imirongo mirongo itatu na mirongo ine, wemeranywa n'uyu mugani "Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze." Mu mwandiko wawe hagaragaremo amoko anyuranye y'interuro n'inyangingo.

**Ubu nshobora:**

- Gusobanurira abandi uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere ry'igihugu.
- Gusobanurira abandi amoko atandukanye y'interuro.
- Kugaragaza imimaro y'amagambo agize interuro.
- Gusesengura interuro yoroheje nkoresheje uburyo bw'igiti.
- Kugaragaza inyangingo zitandukanye mu nteruro z'Ikinyarwanda.

**Ubu ndangwa no:**

- Gukoresha neza Ikinyarwanda no gushishikariza abandi ibijyanye n'iterambere rishingiye ku bwikorezi.
- Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha neza isanisha mu nteruro.

## V.4. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

### Umwandiko: Igihugu cy'u Rwanda kitaye ku bwikorezi

Ubwikorezi ni kimwe mu bifata umwanya ntagereranywa mu iterambere ry'Igihugu kuko buri mu byinjiza umusoro munini igihe bohereza cyangwa batumiza ibintu mu mahanga no mu ngendo z'abantu zaba iz'imbere mu Gihugu n'izambukiranya imipaka ndetse bukanatanga akazi ku bantu benshi. Umusoro ni amafaranga Leta isaba umuturage ku mutungo we hashingiwe ku itegeko, hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese, ukayifasha kurangiza inshingano zayo. Ibyo bituma buri gihugu kita ku bwikorezi kubera uruhare bufite mu kwinjiza imisoro.

Imirimo y'ubwikorezi ni myinshi, harimo gutwara abantu ku nzira y'ubutaka hifashishijwe amapikipiki, amatagisi n'amabisi byabiherewe uruhushya n'itegeko rigenga ibinyabiziga binyura mu muhanda, kandi bifite ubushobozi bwo gutwara abantu. Mu bihugu bimwe batwara abantu n'imitwaro muri gariyamoshi kuko zihuta kandi zigatwara abantu benshi n'ibintu byinshi kurusha amabisi n'amakamyo. Hari kandi gutwara abantu n'ibintu mu ndege haba imbere mu gihugu ndetse no

mu ngendo mpuzamahanga; mu biyaga ndetse no mu nyanja ngari na ho batwara abantu cyangwa imizigo mu mato agezweho ashobora gutwara abantu ibihumbi n'amatoni atabarika y'ibicuruzwa aho abantu bambara imyambaro yabugenewe ishobora gutuma batarohama mu mazi mu gihe habaye impanuka.

Mu guteza imbere ubwikorezi mu Rwanda hari gutunganywa inyigo y'umuhanda wa gariyamoshi nk'uko bitangazwa n'ubuyobozi. Umuhanga mu by'ubwubatsi ushinzwe itunganywa ry'inyigo y'umuhanda wa gariyamoshi muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo ni we wabitangaje nyuma y'inama yabereye Arusha muri Tanzaniya. Muri iyo nama harebwe aho ibikorwa byo kubaka uwo muhanda wa Daresalamu (Dar es Salaam)-Isaka-Kigali-Keza-Musongati (DIKKM) bigeze. Yabwiye ikinyamakuru "The New Times" ko Tanzaniya, u Burundi n'u Rwanda bakomeje gufatanyiriza hamwe gutunganya umushinga w'umuhanda wa gariyamoshi DIKKM. Iyi nama yabereye Arusha, yari igamije kongera amasezerano muri serivisi z'ubujyanama muri uyu mushinga ku wa 31 Ukuboza 2015.

Iyo nama yitabiriwe n'abayobozi mu nzego zinyuranye, harimo iz'imari, iz'ibidukikije no gucunga ubutaka zaturutse mu bihugu bitatu, banemeza amabwiriza Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Iterambere ry'Ubwikorezi mu Rwanda (RTDA) kizagenderaho gitanga isoko ry'ubwubatsi ku ruhande rw'u Rwanda, Tanzaniya n'u Burundi.

Imirimo y'ibanze ku bikorwa by'uyu muhanda yanaganiriweho n'abaminisitiri bafite ubwikorezi mu nshingano zabo, mu nama yabereye i Mwanza muri Tanzaniya, ku wa 13 Gashyantare mu mwaka wa 2015. Mu itangazo ryashyizwe ahagaragara nyuma y'inama yabo, rivuga ko biyemeje kurushaho gukorana kugira ngo bateze imbere inyungu z'ibihugu uko ari bitatu kimwe n'ababituye. Hari aho rigira riti: "Abaminisitiri bashimye ubushake ibihugu bitatu bihurira kuri uyu mushinga bifite kugira ngo ubashe gushyirwa mu bikorwa n'akamaro uzagira ku guhuza ibihugu by'akarere mu buryo bw'ubwikorezi, iterambere ry'ubukungu n'izamuka rya serivisi z'imibereho rusange".

Iyo nama y'i Mwanza kandi yemeje ko nyuma y'inkunga ya Banki Nyafurika Itsura Amajyambere, ibihugu bihuriye kuri uwo mushinga bigomba gufatanya ku kiguzi gikenewe kugira ngo inyigo yawo irangizwe neza; aho bibarwa ko hagikenewe amadorari y'Amerika ibihumbi magana atatu (U$ 300 000). Umwe mu bari bitabiriye inama avuga ko ibihugu byose byiyemeje kongeramo ingufu ku buryo uyu mushinga urangizwa mu gihe cya vuba, aho biteganyijwe ko mu minsi iri imbere bazatangira guhatanira kubaka uyu muhanda binyuze mu bufatanye bwa za Leta n'abikorera. Kubaka iyi nzira ya gariyamoshi byari biteganyijwe gutangira hagati mu mwaka wa 2017.

Mu Gushyingo mu mwaka wa 2015 ni bwo hashyizwe ahagaragara ibigo byatoranyijwe mu rwego rw'ibanze, nk'ibizahatanira gutunganya no gushyira mu bikorwa umushinga wo kubaka ibirometero igihumbi na magana atandatu na

mirongo irindwi na bibiri (km1 672) bihuza Daresalamu (Dar es Salaam) yo muri Tanzaniya, Kigali mu Rwanda na Musongati mu Burundi. Biteganyijwe ko kubaka uyu muhanda bizatwara miriyari eshanu na miriyoni ebyiri z'amadorari y'Amerika.

Mu rwego rwo guteza imbere ubwikorezi Leta y'u Rwanda kandi yashyizeho ikigo gishya kitwa ATL kizita ku bikorwa bijyanye n'ingendo z'indege kugira ngo urwo rwego rw'ubwikorezi rurusheho gutera imbere. Iki kigo kigamije kugabanya amafaranga menshi yagendaga muri urwo rwego no gucunga ibikorwa byo ku bibuga by'indege. ATL yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri, ikaba yarahawe inshingano zo gucunga ingendo z'indege, imizigo n'ibibuga ndetse na serivisi zijyanye na byo. Hemezwa ko ikibuga k'indege cya Bugesera kizageza u Rwanda ku rwego mpuzamahanga mu bwikorezi bwo mu kirere. Iki kigo gishya kikaba kigamije guteza imbere urwego rw'ubwikorezi bwo mu ndege; bigafasha u Rwanda kuba intangarugero muri Afurika y'Uburasirazuba. Nibigenda bityo, imari ya "Rwanda Air" iziyongera kandi bitume u Rwanda ruba ikitegererezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere mu karere, mu gutwara abagenzi n'imitwaro kandi bizongera ubukungu bw'u Rwanda.

Iyi gahunda nshya izatuma Ikigo k'Igihugu Gitwara Abantu n'Ibintu mu Ndege kigabanya umubare w'amafaranga yatangwaga na Leta. Ubu Komisiyo Ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko irimo kwiga ku itegeko rishya rishyiraho Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Ingendo za Gisiviri nyuma rikazagezwa ku Nteko Ishinga Amategeko ngo iryemeze. U Rwanda rwamaze kuvugurura Ikibuga Mpuzamahanga k'Indege cya Kigali (Kanombe). N'imirimo yo kubaka Ikibuga k'Indege Mpuzamahanga cya Bugesera yaratangiye.

Ubwikorezi buzanira u Rwanda imisoro myinshi ariko hari ibintu n'imirimo bisonewe umusoro ku nyongeragaciro. Muri yo harimo ubwikorezi bujyanye n'imirimo yo gukwirakwiza amazi; imirimo yo gutunganya no gukwirakwiza amazi meza; gutunganya amazi yanduye mu rwego rwo kutangiza ibidukikije iyo bitagamije gucuruzwa. Ibirebana n'ibintu n'imirimo bijyana no kubungabunga ubuzima; imirimo yo kubungabunga ubuzima n'imirimo ikorwa mu buvuzi; ibikoresho bigenewe abafite ubumuga na byo birasonewe. Hari kandi ibintu n'imiti bihawe ibitaro n'amavuriro; ibintu n'imiti bitanzwe cyangwa bitumijwe mu mahanga n'ababyemerewe, n'ibikoresho bihabwa abarwayi, byagenewe gukoreshwa mu buvuzi cyangwa insimburangingo. Ibigo bigaragara ko bishobora gusonerwa, bigomba kuba bizwi n'amategeko akurikizwa mu Rwanda nk'ibigo bya Leta, imiryango igamije imibereho myiza y'abaturage, n'ibindi bigo ibyo ari byo byose bikora ibikorwa byo gufasha bidaharanira inyungu.

Mu by'ukuri rero, ubwikorezi bufite uruhare runini mu iterambere ry'Igihugu kuko haturuka ibintu bikoreshwa mu buzima bwa buri munsi bwaba ubwa Leta cyangwa abantu ku giti cyabo. Ubwikorezi kandi ni hamwe mu haturuka imisoro Leta ikoresha mu gukusanya amafaranga agenda ku mirimo rusange yayo, guteza

imbere ubukungu bw'Igihugu, imibereho myiza y'abaturage no mu butabera. Ni ngombwa rero ko ibikorwa remezo bivugururwa, ibindi bigashingwa kandi bikaba bijyanye n'iterambere mu bufatanye n'ibindi bihugu n'imiryango mpuzamahanga.

*Bifatiye kuri: www.igihe.com/amakuru/*

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Sobanura icyo umusoro uva ku bwikorezi ari cyo.
2. Ni ikihe gikorwa kivugwa mu mwandiko kigaragaza ko u Rwanda n'ibindi bihugu bishishikajwe no guteza imbere ubwikorezi?
3. Ushingiye ku mwandiko, sobanura iyi mpine "DIKKM".
4. Uretse ibikorwa bivugwa mu mwandiko, tanga ibindi byerekeye izindi nzira z'ubwikorezi u Rwanda rwashyizemo ingufu?
5. Ni gute umuhanda uvugwa mu mwandiko uzagira uruhare mu buzima bw'Igihugu?
6. Garagaza insanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko n'ingingo z'ingenzi ziyishamikiyeho.

## II. Inyunguramagambo

1. Kora interuro ku magambo akurikira, ukurikije uko asobanura mu mwandiko:

a) Gusora
b) Ubukungu
c) Gusonera
d) Insimburangingo
e) Imizigo

2. Tanga amagambo ari mu mwandiko afite inyito inyuranye n'iy'aya akurikira:

a) Igihombo
b) Imbere mu gihugu
c) Batumiza
d) Umuswa

## III. Ibibazo ku kibonezamvugo

### 1. Kora interuro zigaragaramo:

a) Isanisha nyantego
b) Isanisha nyanyito
c) Isanisha nyurabwenge
d) Isanisha nyazina

**2. Garagaza imimaro y'amagambo mu nteruro zikurikira:**

a) Iyi nama yabereye Arusha.

b) Ubwikorezi buzanira u Rwanda imisoro myinshi.

**3. Sesengura interuro ikurikira ukoresheje uburyo bw'igiti:**

Inzira z'ubwikorezi zariyongereye cyane.

# UMUTWE 6

# KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe**

- Gusesengura umwandiko ku kubungabunga ibidukikije hagaragazwa ingingo z'ingenzi ziwugize.
- -Kugaragaza imvugo z'uturere zitandukanye n'indimi shami z'Ikinyarwanda.

**Igikorwa cy'umwinjizo**

*Shingira ku bumenyi bwawe usanganywe maze uvuge icyakorwa kugira ngo ibidukikije birusheho kubungabungwa.*

## VI.1. Umwandiko: Kariza mu butayu



Amapfa yibasiye amajyaruguru y'Afurika, abimukira bakajya bava mu bihugu binyuranye bakambuka ubutayu bwa Sahara berekeza ku mugabane w'i Burayi.

Muri urwo rugendo bambuka ubutayu, bagendaga bahura n'ibizazane bikomeye. Umuryango wa Gahigi ni umwe mu miryango yahuye n'akaga muri urwo rugendo.

Umugabo Gahigi, umugore we Nyiramana n'abana babo Kariza na Ngabo babaga muri kimwe mu bihugu by'amajyaruguru ya Afurika. Uyu muryango, wari umaze imyaka isaga makumyabiri ubayeho neza, hanyuma mu gihugu haza gutera amapfa. Aho amapfa atereye, bafashe umwanzuro wo gusuhukira mu bihugu by'i Burayi.

Mbere yo gufata urugendo, biteguye uko bashoboye kuko bagombaga kunyura mu butayu bunini butagira amazi n'ibiribwa. Bazindutse mu rukerera, bafata utwangushye, bashyira nzira baragenda. Mu nzira, bahahuriye n'abandi bimukira bavaga hirya no hino, bafatanya urugendo, bagenda basangira ibyo bari bafite. Bacagashije urugendo, impamba bari bitwaje yarashize maze Gahigi atangira kuzenguruka ubutayu ashakisha aho yabona amazi n'icyatunga umuryango we. Yaje kubona akazenga k'amazi mabi. Mbere yo kuvoma ngo ashyire umugore n'abana, yagotomeye amazi menshi bimuviramo urupfu kubera ko umwuma wari umugeze habi. Umuryango wategereje ko Gahigi agaruka, uraheba.

Bukeye, umuhungu we Ngabo afata umwanzuro wo kujya gushaka irengero rya se. Akomeza kugenda arorongotana, cyane ko nta n'imbaraga yari agifite. Burya koko arimo gishegesha ntavura, yaje guhura n'inkubi y'umuyaga iramuzibiranya, umusenyi umurenga hejuru, inzogera irirenga.

Nyiramana amaze kubura umugabo n'umuhungu we, arashoberwa. Akomeza gukurikira abandi afite intege nke n'agahinda kenshi. Bakomeza urugendo ariko rubabana rurerure dore ko hari n'igihe basubiraga aho bavuye kubera ko kubona amerekezo mu butayu bigoranye.

Hashize icyumweru kimwe, kubera agahinda, gucika intege no kubura amazi n'ibiryo, Nyiramana na we apfa azize umwuma n'inzara. Hasigara wa mukobwa Kariza, yisunga umuryango bari kumwe, bakomeza urugendo. Baje kwambuka ubutayu bagera hafi y'Inyanja ya Mediterane, bahasanga ibiribwa n'amazi, bararya, baranywa, barahembuka.

Kariza amaze gutora agatege, atangira kuganira n'umugabo wo mu muryango yisunze. Yamubajije ibibazo byinshi ashaka kumenya impamvu aho banyuze hose nta mazi bigeze bahabona. Uwo mugabo yari umuhanga, agwa neza kandi agakunda kuganira. Yamusobanuriye birambuye bimwe mu biranga ubutayu n'impamvu zibutera.

- Ahantu twanyuze ni mu butayu. Nk'uko wabyiboneye, mu butayu ni ahantu h'umucanga, hataba amazi, ntihabe ibinyabuzima, byaba ibimera cyangwa inyamaswa. Nta mvura ihagwa, n'iyo ihaguye, iba ari nke cyane.
- Kubera iki se mu butayu haba ibyo bibazo byose birimo no kubura amazi ?

- Uretse imiterere kamere y'ahantu, abantu na bo bagiye bafata nabi amashyamba, barayatsemba, imvura irabura, amasoko n'imigezi birakama, amapfa aratera. Abari bahatuye barasuhuka, berekeza ishyanga. Abashatse kugundira ngo bigumire mu bikingi byabo barapfa, bazira umwuma no kubura umwuka mwiza wo guhumeka. Aho bari batuye, hahinduka ubutayu hatyo.
- Ushatse se kuvuga ko amazi ari yo soko y'ubuzima bw'ibinyabuzima byose ?
- Ni byo rwose wabimenye. Amazi ni ubuzima. Wabonye ko abantu bagiye bapfira mu butayu kubera kubura amazi. Nyamara, aho tuboneye amazi, abantu barazanzamutse ntihagira abongera kwicwa n'umwuma. Iyo imvura iguye, abantu bahinga imyaka ikera. Ibiyaga, imigezi n'inzuzi bifatiye runini abaturiye isi. Amazi yabyo akoreshwa mu kuhira imyaka mu turere tutabonekamo imvura ihagije. Mu biyaga n'inzuzi kandi habamo ibinyabuzima bifitiye abantu akamaro kanini nk'amafi, inyamaswa zitandukanye ndetse n'ibimera. Amazi kandi afasha abantu mu kubaka ibikorwa remezo binyuranye. Abubaka bifashisha amazi, ingufu nyinshi z'amashanyarazi zikoreshwa ku isi, zikomoka ku mazi. Mu kamaro k'amazi kandi ntitwakwibagirwa ko hamwe na hamwe, amazi ari yo mipaka y'ibihugu n'imigabane.

Wa mugabo, yakomeje gusobanurira Kariza ibijyanye n'ubutayu, avuga no ku kamaro k'amashyamba.

- Amashyamba ni isoko y'umwuka mwiza duhumeka, ni na yo akurura imvura. Amashyamba afata ubutaka ntibutwarwe n'isuri, bigatuma hataba ubutayu. Amashyamba ni intaho y'ibindi binyabuzima binyuranye birimo inyamaswa n'ibiguruka. Amashyamba kandi ni isoko y'ubukerarugendo buzanira ibihugu amadovize. Ibiti bimwe na bimwe biboneka mu mashyamba, cyanecyane aya kimeza, bivamo imiti inyuranye ikoreshwa mu buvuzi.
- Burya byose byicwa no kutabimenya. Urakoze cyane ku bisobanuro umpaye. Ubu se koko ni iki twakora kugira ngo tubungabunge ibidukikije?
- Birakwiye ko buri muntu wese, agira uruhare mu kubungabunga ibidukikije. Nk'uko bikunze kuvugwa ngo: nutema kimwe uge utera bibiri, ni ngombwa kongera amashyamba dutera ibiti aho bitari, twirinda gusarura amashyamba ateze kandi twamagana ba rutwitsi. Ni byiza ko abantu bose babungabunga ibiti, amashyamba na za pariki.
- Ubwo rero ndumva ari ngombwa ko buri muntu wese abungabunga amasoko y'amazi, imigezi, inzuzi, ibiyaga n'inyanja.
- Ni byo koko, amazi akwiye kubungabungwa twirinda kubaka hafi yayo, kuyasesagura no kuyajugunyamo imyanda inyuranye. Tugomba kandi kuyasukura tuyavanamo ibimera biyangiza nk'amarebe.

Muri iki kiganiro, Kariza yasobanukiwe akamaro ko kubungabunga ibidukikije. Bakomeza urugendo, bambuka inyanja, bagera i Burayi.

Bageze i Burayi, Kariza yakomerejeyo amashuri maze ahitamo kwiga ibijyanye no kurengera ibidukikije. Yabitewe n'uko yari yarababajwe cyane no kuba ababyeyi be n'abandi bantu, baraguye mu butayu biturutse ku ngaruka z'uko ibidukikije bitabungabunzwe uko bikwiye. Mu myigire ye, yahuye n'imbogamizi z'indimi kuko, baba abanyeshuri biganaga, ndetse n'abarimu bamwigishaga, bakoreshaga indimi zitandukanye bitewe n'ibihugu bakomokamo. N'abavaga mu gihugu kimwe, wasangaga bakoresha imvugo zitandukanye bitewe n'uturere babaga baraturutsemo.

## VI. 1.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Kariza mu butayu", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo.*

**Imyitozo**

1. Simbuza amagambo yanditse atsindagiye andi bivuga kimwe dusanga mu mwandiko, wite ku mategeko ngengasano mu nteruro nshya wubatse.

a) **Ukuva kw'izuba ryinshi kandi rikabije** byateye ikama ry'ibiyaga n'ibishanga.

b) Amage arisha umugabo ikivuza, inzara se ntiyatumye **duhunga** tukerekeza i Bushi!

c) Amazi yarabuze mu mudugudu wacu **icyaka gikabije** gituma benshi batakaza ubuzima.

d) Gahigi na Mpwerazikamwa bamaze iminsi **bijajaye** basubiye mu kibuga.

e) Amazi n'amashyamba **bidufitiye akamaro kanini,** ntawarota yangiza ibyo bidukikije.

f) Amazi n'amashyamba **bidufitiye akamaro kanini,** ntawarota yangiza ibyo bidukikije.

g) **Amafaranga y'amahanga** dusigirwa na ba mukerarugendo afasha Igihugu cyacu muri byinshi.

h) Ni byiza kuvana **ibyatsi bimera** mu mazi mu rwego rwo kuyabungabunga no kuyarinda umwanda.

2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro wihimbiye ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

a) Gusuhuka

b) Ubutayu

c) Amapfa

d) Pariki

e) Igikingi

## VI.1.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Kariza mu butayu" maze usubize ibibazo bikurikira:*

1. Ni ubuhe butayu abimukira bambukaga buri mu majyaruguru ya Afurika?
2. Utekereza ko ari iki cyatumye ibyo kurya n'ibyo kunywa bishira bataragera iyo bajya kandi barahagurutse biteguye uko bashoboye?
3. Ni akahe kamaro k'amazi kagaragara mu mwandiko?
4. Ushingiye ku byavuzwe mu mwandiko, garagaza akamaro k'amashyamba.
5. Aba bimukira bafashe umwanzuro wo gusuhuka, berekera i Burayi. Ni iyi he nyanja bambutse mbere yo kugerayo?
6. Ni iki cyatumye Kariza ahitamo kwiga ibijyanye no kurengera ibidukikije?

### VI.1.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Kariza mu butayu" maze usubize ibibazo bikurikira:*

1. Garagaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
2. Abantu benshi muri Afurika basuhukira i Burayi. Urakeka ko bose baba bajyanywe no gushaka amaramuko?
3. Sobanura wifashishije ingingo ziri mu mwandiko imvugo igira iti: "Nutema kimwe uge utera bibiri."
4. Sobanura muri make impamvu bavuga ko amazi ari ubuzima.

## VI. 2. Imiterere y'iby'indimi mu Rwanda

U Rwanda kimwe n'ibindi bihugu byo muri Afurika, usanga hari ururimi abenegihugu bose bavuga baruhuriyeho, indimi zemewe zikoreshwa mu buyobozi n'izindi ndimi zivugwa n'abantu runaka bitewe n'akarere cyangwa agace batuyemo. Ni muri urwo rwego mu Rwanda hakoreshwa ururimi rw'Igihugu, indimi zikoreshwa mu buyobozi ndetse n'imvugo cyangwa indimi zishamikiye ku Kinyarwanda zivugwa mu turere cyangwa uduce runaka tw'Igihugu.

### VI.2.1. Inshoza y'ururimi, ururimi rw'igihugu n'indimi zikoreshwa mu buyobozi

**Igikorwa**

*Soma iki gika hanyuma ukore ubushakashatsi, ubwifashishe usubiza ibibazo byakibajijweho.*

Kariza yamaze kugera muri kimwe mu bihugu by'i Burayi, ahabona byinshi byamutangaje mu rurimi. Yasanze abaturage baho, bakoresha Icyongereza mu mirimo inyuranye. Nyuma yo gutangira ishuri, yasanze amasomo atangwa mu rurimi rw'Icyongereza kandi ntibyamugoye cyane kuko yari asanzwe akizi. Iyo yabaga atashye, akareba amakuru n'ibiganiro kuri tereviziyo na radiyo y'igihugu, yarabikurikiraga kuko byatangwaga mu Gifaransa n'Icyongereza.

**Ibibazo**

1. Kariza yasanze abaturage baho bakoresha Icyongereza. Ushingiye kuri iyi nteruro, sobanura ururimi.

2. Mu Rwanda ni uruhe rurimi rukoreshwa nk'ururimi rw'Igihugu?
3. Garagaza indimi zose zikoreshwa mu buyobozi bw'Igihugu. Izo ndimi zitandukaniye he n'ururimi rw'Igihugu?

## 1. Inshoza y'ururimi

Ururimi ni igikoresho nyamuryango cy'ubwumvane gishingiye ku gukoresha ubushobozi kamere abantu bifitemo bwo kumvikana bakoresheje amajwi abantu bagize umuryango nyarurimi umwe baba baremeranyijeho. Ku rwego rw'abantu hagati yabo, ururimi rubafasha gushyikirana, kugezanyaho amakuru, kuranga ibibakikije, gushyira ku murongo ibitekerezo no kubigaragaza, kugaragaza imbamutima n'ibindi.

Ku rwego rw'umuryango nyarurimi cyangwa rw'igihugu, ururimi rugira uruhare runini mu mibereho y'abantu n'inzego nyamuryango, mu guhuza no kunga imbaga, mu kubumbatira, gukuza no gusakaza umuco, ndetse no mu guhanga no guhererekanya ubumenyi n'ibindi bitekerezo bifasha umuryango kwiyubaka no kwiteza imbere.

Ururimi ni igikoresho ntagereranywa cy'ubwumvane n'ubumwe nyamuryango, rukaba n'umusingi w'iterambere abantu bagenda bageraho. Koko rero, kwita ku rurimi ni imwe mu nzira zo kugeza bene rwo ku iterambere rirambye.

U Rwanda rufite amahirwe ataboneka henshi muri Afurika yo kugira ururimi rumwe ruhuza abenegihugu bose, ari rwo Ikinyarwanda. Ni rwo rutuma tugira imyumvire imwe kandi tugashobora kugendera mu kerekezo kimwe k'iterambere.

Nubwo bimeze bityo, iyo umuntu ageze mu bice bitandukanye by'u Rwanda, usanga hari aho agera bikamugora gusobanukirwa ibyo abahatuye bavuga.

Akenshi usanga ibyo bikunze kugaragara ku bice byegeranye n'imipaka y'ibindi bihugu. Buri gihugu usanga gifite ururimi rw'igihugu, indimi zikoreshwa mu buyobozi, indimi shami ndetse n'indimi z'uturere.

## 2. Ururimi rw'igihugu

Ururimi rw'igihugu ni ururimi abategetsi b'igihugu iki n'iki bihitiramo kugira ngo ruhuze abanyagihugu bacyo. Hagomba kujyaho ikibonezamvugo cyarwo. Bisaba ko hashyirwaho amategeko agenga urwo rurimi kugira ngo rube rwemewe koko. Ururimi rw'igihugu rushobora kuba rumwe cyangwa se zikaba nyinshi bitewe n'imiterere y'igihugu runaka.

Mu Rwanda, ururimi rwemewe nk'ururimi rw'Igihugu ni Ikinyarwanda. Ni rwo rurirmi Abanyarwanda bahuriyeho mu gihugu cyose. Abarundi na bo bavuga Ikirundi

ariko hari ibihugu byinshi bigira ingorane mu guhitamo ururimi bita urw'igihugu kuko baba bavuga indimi nyinshi. Nko muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, bagira iki kibazo kuko harimo indimi nyinshi zihakoreshwa bitewe ahanini n'uko iki gihugu ari kinini cyane.

### 3. Indimi zikoreshwa mu buyobozi

Ururimi rw'ubuyobozi ni ururimi abayobozi/abategetsi b'igihugu iki n'iki bahitamo kugira ngo ruge rukoreshwa mu butegetsi/ buyobozi. Ni na rwo rukoreshwa mu nyandiko, mu mbwirwaruhame zitandukanye ndetse no mu mirimo itandukanye biturutse ku mubare w'indimi zemewe ko zajya zikoreshwa. Ubu mu Rwanda, indimi zemewe gukoreshwa mu butegetsi/buyobozi ni enye: Ikinyarwanda, Igifaransa, Icyongereza n'Igiswayiri.

Ibi bishatse kuvuga ko, iyo umuntu agiye gutanga ikirego ke mu nkiko, ashobora guhitamo rumwe muri izi ndimi bitewe n'urwo yisanzuramo. Umuyobozi runaka ushaka gutanga ikiganiro mbwirwaruhame na we, ahitamo rumwe muri izi ndimi bitewe n'abo abwira kugira ngo abagezeho ubutumwa yabateguriye.

**Umwitozo**

Gereranya ururimi rw'igihugu n'ururimi rukoreshwa mu buyobozi, ugaragaza ihuriro n'itandukaniro ryazo.

## VI. 2. 2. Imvugo z'uturere

**Igikorwa**

*Soma iki gika hanyuma ukore ubushakashatsi, ubwifashishe usubiza ibibazo byakibajijweho.*

Uko igihe cyashiraga, Kariza yarushagaho gutembera ibice bitandukanye by'igihugu. Yakomeje kumva hari izindi ndimi zijya kumera nk'Icyongereza ariko akumva zidahuye neza na rwo. Izi ndimi akenshi zavugwaga cyane n'abaturage b'agace yari atuyemo. Yaje gusanga abantu bo mu gihugu kimwe batumvikana bose mu mvugo bitewe n'indimi z'uturere twabo dutandukanye. Byamutwaye igihe kitari gito kugira ngo abashe kumvikana no gushyikirana n'abo banyamahanga.

### Ibibazo

a) Kariza yakomeje kumva hari izindi ndimi zijya kumera nk'Icyongereza ariko akumva zidahuye neza na cyo. Shingira ku bivugwa muri iyi nteruro maze utahure inshoza y'imvugo z'uturere.

b) Garagaza isano Ikinyarwanda gifitanye y'imvugo z'uturere.

c) Tahura imvugo ziboneka mu turere/duce dutandukanye tw'u Rwanda. Izo ndimi zitandukaniye he n'ururimi rw'Igihugu?

### 1. nshoza y' imvugo z'uturere.

Imvugo z'uturere ni imvugo zikoreshwa mu turere utu n'utu tugize agace gato k'ahantu aha n'aha ubusanzwe bavuga ururimi rumwe. Imvugo y'akarere ikunze gukoreshwa mu karere gato kandi kazwi mu gihugu.

Ururimi rw'akarere ni ururimi ruturuka ku mihindagurikire y'ururimi nyagihugu bitewe n'imiryango y'abantu cyangwa akarere abaruvuga baherereyemo.

### 2. Ikinyarwanda n'imvugo z'uturere

Mu Rwanda, abantu benshi bahuzwa n'ururimi rw'Ikinyarwanda. Ikinyarwanda ni rumwe mu ndimi nyafurika bita Indimi Bantu. Izo ndimi zivugwa munsi y'ubutayu bwa Sahara. Iyo usesenguye indimi Bantu neza, usanga zifite byinshi zihuriyeho kubera ko bivugwa ko zikomoka ku rurimi rumwe bita Igiporotobantu.

Bitewe n'aho urwo rurimi Bantu uru n'uru ruherereye, usanga rugira umwihariko runaka akenshi ruba ruhuje n'izindi ndimi ziri muri ako karere cyangwa se muri ako gace.

### 3. Imvugo z'uturere n'aho zivugwa

Abasesenguye indimi, basanze ururimi rutavugwa kimwe ku butaka ruvugwaho. Akarere kamwe kagenda kagira umwihariko wako w'imivugire haba mu majwi, mu masaku no mu magambo. Uko ni ko n'ururimi rw'Ikinyarwanda rutavugwa kimwe mu Rwanda hose. Iyo uzengurutse u Rwanda, usanga hari imvugo z'uturere zitandukanye. Reka turebere hamwe izo mvugo z'uturere uko zihagaze mu Rwanda.

**a) Ikigoyi** : Kivugwa mu gice cy'u Rwanda kiri hagati y'ishyamba rya Gishwati n'igihugu cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo. Kivugwa cyanecyane muri Kanama, Nyamyumba no muri Rubavu. Ubu ni mu Karere ka Rubavu.

**b) Ikirera** : Kivugwa mu cyahoze ari Ruhengeri hose ukuyemo Ndusu n'akandi gace gato kavugwamo Igikiga. Ikirera kandi kivugwa mu duce twa Mutura, Giciye, Karago n'agace gato ka Cyungo. Ubu ni mu Karere ka Musanze.

**c) Igikiga** : Ni imvugo ivungwa mu Karere ka Ngororero ahahoze ari Gaseke, Satinsyi, Kibirira, Ramba, Rutsiro, Kayove na Nyakabanda. Uretse Nyakabanda iri mu Ntara y'Amajyepfo, utwo duce twose turi mu Ntara y'Iburengerazuba. Igikiga kandi kivugwa mu gace ka Mwendo na Gisovu (Kibuye) no ku ishyamba rya Nyungwe mu duce twa Nshiri, Kivu, Mudasomwa na Musebeya.

**d) Igisozo:** Ni ururimi ruvugwa mu gice giherereye hagati y'ishyamba rya Nyungwe n'u Burundi n'umuhanda uhuza Nyakabuye na Bugarama (Ubu

ni mu Karere ka Rusizi). Kubera ko Igisozo kijya kumera n'Igikiga, biragoye kuzitandukanya. Igisozo n'igikiga bitangiye gucika kubera Ikinyarwanda rusange.

e) **Ikinyarwanda cyo hagati**: Ni ururimi rwiganje mu gice cyose cyo hagati mu Gihugu. Abanyarwanda bahisemo gukoresha Ikinyarwanda kugira ngo kibe ururimi rubahuza. Ni ururimi rwigwa mu mashuri, rugakoreshwa mu itangazamakuru no mu butegetsi kugira ngo Abanyarwanda bose barusheho kumvikana bakoresheje imvugo imwe. Iyo bitaba ibyo, wari gusanga buri wese akoresha ururimi yishakiye bitewe n'agace aherereyemo.

f) **Ikigoti** : Ni ururimi rukoreshwa ku nkiko z'amagepfo mu Karere ka Gisagara mu Murenge wa Mugombwa.

g) **Igishobyo n'Ikiyaka:** Izi ndimi zikoreshwa mu karere kamwe ahahoze ari Kanama na Nyamyumba. Ubu ni mu Karere ka Rubavu.

h) **Urunyagisaka n'Urunyambo:** Izi ndimi zikoreshwa ahahoze ari Perefegitura ya Kibungo. Ubu ni mu Karere ka Ngoma no mu Karere ka Kirehe.

**Umwitozo**

Ugeze mu gace runaka ko mu Rwanda, ni iki cyakubwira ko ururimi bavuga ari imvugo y'akarere? Sobanura igisubizo cyawe mu magambo make.

### VI. 2. 3. Indimi shami z'Ikinyarwanda

**Igikorwa**

*Soma umwandiko ukurikira, hanyuma ukore ubushakashatsi, ubwifashishe usubiza ibibazo byawubajijweho.*

Cerimpa we! Uzi ko ari nge na so, twari dutuye i Bushi. Sogokuru yari atuye mu burengerazuba bw'u Rwanda, ubu ni muri Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo yahoze yitwa Zayire. Twe n'abavandimwe bacu bo ku kirwa cya Nkombo no ku nkengero za Kivu, twavugaga amashi n' amahavu. Nyamara, aho tugereye hano mu majyaruguru, byaratugoye kumvikana n'abaturage bo muri iyi midugudu, ndetse iyo tugannye mu isoko hari ubwo bidutesha umutwe!

Tukiba i Bushi, wasangaga tuvuga tuti: "Hari omusale hari ehisale". Ugira ngo se ntitwashakaga kuvuga ko hari umusare n'ingirwamusare! Umusare w'umwuga yakwambutsaga akujyana ku Ijwi ukishima. Hano ku Mulindi w'intwari twahimukiye bavuga ngo: "Ebirungyi ni ho byeija, rwombeke rugume, ogumire nk'eibare..." nkayoberwa icyo bashatse kuvuga, ariko ubu ntacyo bambeshya! None se Ceri, wari

uzi izina ryawe icyo risobanura? Twakubyariye hano ku Mulindi tukwita dutyo!

Cerimpa bahimba Macibiri yasubije nyina atishisha. Nyina ntiyari azi ko Macibiri yamenye kera igisobanuro k'izina rye. Yasubije mu magambo akurikira: icyo kibazo ni cyo mwarimu yambajije ngitangira mu mashuri y'inshuke. Nzi ko nitwa Ikimanimpaye, ureke urwo Luciga mwantwerereye! Masenge Nyiramatwi yanambwiye ko aho batuye ku Rusumo, ku mbibi z'u Rwanda na Tanzaniya mu burasirazuba, bavuga Ikinyambo; twe tuvuga Oluciga/urukiga atwita Abakiga bavangiye kuko tutahavuka. Muzamusabe kwirinda kuvangura abantu, ibyo bizanshimisha cyane!

## Ibibazo:

1. Garagaza indimi zose zigaragara mu mwandiko n'aho zivugwa.
2. Tahura inshoza y'indimi shami.
3. Tahura indimi shami z'uturere/duce dutandukanye tw'u Rwanda ziherereyemo.
4. Shushanya ikarita y'u Rwanda ugaragaza aho indimi shami zivugwa.

### 1. Inshoza y'indimi shami

Indimi shami ni indimi usanga zifitanye isano ya bugufi n'ururimi rw'igihugu. Ururimi shami ruba ruvugwa n'abantu bake ugereranije n'abavuga ururimi rw'igihugu. Izi ndimi zishamikiye ku Kinyarwanda, usanga ahanini ziganje ku nkiko z'Igihugu cyacu.

### 2. Urutonde rwa zimwe mu ndimi shami z'Ikinyarwanda

a) **Urukiga/ Oluciga**: Mu Rwanda Oluciga ruvugwa n'abantu benshi ariko by'umwihariko ruvugwa cyanecyane mu duce duherereye mu majyaruguru y'u Rwanda ahahoze ari Komini Kiyombe, Muvumba, Cyumba, Kivuye, Mukarange na Butaro. Ubu ni mu Karere ka Gicumbi na Burera. Uru rurimi kandi ruvugwa mu gihugu cy'abaturanyi, cy'u Bugande.

b) **Amashi n'Igihavu/Amahavu**: Abazi izi ndimi bavuga ko zijya gusa cyane. Izi ndimi zivugwa mu burengerazuba bw'u Rwanda ku mupaka w'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo. Igihavu kivugwa ku kirwa cya Nkombo no ku nkombe z'ikiyaga cya Kivu ahahoze ari muri komini Gisuma, Gafunzo na Kagano. Ubu ni mu Karere ka Rusizi na Nyamasheke. Amashi yo avugwa mu gice cyo hepfo y'ikiyaga cya Kivu. Ubu ni mu Karere ka Rusizi.

c) **Ururashi:** Ururashi ruvugwa mu burasirazuba bw'u Rwanda mu bice bimwe na bimwe by'ahahoze ari Komini Rusumo na Rukira ku mupaka w'u Rwanda na Tanzaniya, ubu ni mu Karere ka Kirehe na ngoma.

## Ikitonderwa

N'ubwo bimeze bityo, abantu bo muri utwo turere bakaba bavuga izo ndimi bihariye,

Ikinyarwanda ni rwo rurimi rubahuza n'abandi. Uzasanga ari cyo gikoreshwa mu masoko bahaha cyangwa mu nama no mu biganiro bitandukanye.

**3. Ikarita igaragaza Ikinyarwanda n'indimi shami zivugwa mu Rwanda.**




## Imyitozo

1. Garagaza itandukaniro riri hagati y'indimi shami n'imvugo z'uturere.
2. Ushingiye ku miterere y'indimi mu Rwanda, vuga indimi shami n'ibice by'u Rwanda zivugwamo.

## VI.3. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Hitamo bumwe mu bwoko bw'imyandiko wize maze uhange umwandiko ku nsanganyamatsiko ivuga ku kubungabunga ibyiza bitatse u Rwanda. Ni ngombwa kwita ku turango tw' umwandiko wahisemo. Mu mwandiko uhanga ukoreshe neza ururimi rw'Igihugu wirinda kuvangamo imvugo z'uturere n'indimi shami.

**Ubu nshobora:**

- Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko zivuga ku kubungabunga ibidukikije.
- Gutandukanya ururimi rw'Igihugu, indimi z'ubuyobozi, imvugo z'uturere n'indimi shami no kugaragaza aho zikoreshwa mu Rwanda.
- Gushushanya ikarita y'u Rwanda igaragaza aho indimi shami n'imvugo z'uturere ziherereye.

**Ubu ndangwa no:**

- Kugira umuco wo kubungabunga ibidukikije no kubishishikariza abandi.

-Gushishikarira gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda.

- Gushishikarira kumenya ururimi rw'Igihugu, indimi zikoreshwa mu buyobozi, indimi shami n'imvugo z'uturere.

## VI.4. Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

### Umwandiko : Akamaro k'ibidukikije

Iyo bavuze ibidukikije, abantu benshi ntibasobanukirwa neza n'icyo ibidukikije bivuze. Ikirere n'isi bifite inkiko zizwi n'abahanga cyangwa abandi bajijutse, bemeza ko urusobe rw' ibinyabuzima n'ibitabufite byose biri muri izo mbibi byitwa ibidukikije. Ikirere kiri hejuru yacu, uwakivogera uko yishakiye yaba yirengagije amategeko agenga ubusugire bw'igihugu gitunze icyo kirere.

Mbere y'uko hakurikizwa amategeko mashya, mu bushorishori bw'ibiti hitwaga mu gihugu k'inyoni naho ijuru cyangwa ikirere gitambagiramo inyoni zitandukanye, hakaba mu bwami bw'inkuba. Isi bayigereranyaga gusa n'ahaba ubutaka buhingwa, ahashinze imizi y'ibimera, ahadudubiza udusoko tw'amazi, ahatemba imigezi n'inzuzi, ahari ibiyaga binini n'ibito, ahatuye abantu, inyamaswa n'udukoko hakitwa

Igihugu cy'umwami Nyirurwanda.

Ibidukikije bidufitiye akamaro kanini kandi kanyuranye. Iyo duhereye ku bimera, abashakashatsi bemeza ko imiti myinshi ituruka mu bimera. Ibitangazamakuru binyuranye, bijya bihitisha ibiganiro ku buvuzi bushingiye ku bimera bitandukanye.

Nuca ku muravumba, ku ndabo z'umuko, ku gihondohondo, ku gikakarubamba, akanyamapfundo..., uzibuke gusobanuza akamaro kabyo kuko burya ngo « utazi nyakatsi arayinera. »

Ibiribwa byinshi bihingwa mu butaka. Ibijumba, amateke, ibikoro tubisanga mu bidukikije. Hari imboga zimwe na zimwe, zerera mu butaka harimo karoti, ibitunguru, tungurusumu... Iyo umuntu ariye imboga zinyuranye nka dodo, isogi, imbwija, amashu, ibihaza na kayote ku mafunguro ye ya buri munsi, aba arwanyije indwara nyinshi. Hari ubwoko bw'imboga zitwa nyiragasogereza ndetse n'indarama zizwiho kuba zimera mu bishanga kandi zikarura cyane. Bamwe bumva ko ziribwa ku bw'amage, nyamara si ko bimeze ahubwo ziba zifitemo ubushobozi bwo kurinda indwara zimwe na zimwe. Ibiti bimwe na bimwe bitanga imbuto ziribwa. Muri byo twavuga nka avoka, amapera, amacunga, indimu n'ubundi bwoko bw'imbuto buduha umutobe mwiza ku buzima bwacu.

Abantu batita ku bidukikije birimo amazi n'amashyamba, batuma ingaruka nyinshi zikomeza kwiyongera ku isi nko guhura n'akaga k'amapfa, kubura umwuka mwiza duhumeka, kubura imvura imeza kandi igakuza ibihingwa n'ibindi. Byongeye kandi, amashyamba acumbikiye inyamaswa nyinshi, inyoni n'udukoko by'amoko menshi.

Ishyamba rya Pariki y'Akagera ribamo inyamaswa nyinshi umuntu yakwifuza kureba. Zimwe muri izo nyamaswa ni impara, imparage, amashyo y'inzovu, imbogo Rwarikamavubi n'intare Rwabwiga, ingwe ari yo Rwara, isha, ifumberi...

Imisozi y'ibirunga, ifite umwihariko wo kugira ingagi zitwinjiriza amadovize menshi. Ishyamba rya Nyungwe ryo rigaragaramo inyoni zitandukanye zituma ba mukerarugendo badusura bakadusigira akayabo k'amadovize. Amashyamba kimeza nka Mukura na Cyamudongo na yo afite byinshi afashamo abayaturiye ndetse n'Igihugu muri rusange.

Amashyamba kandi atanga imbaho zikorwamo ibikoresho bitandukanye. Ababaji babaza imbaho mu mizonobari, ribuyu, imisave, sipure n'ibindi, ni bo bakubwira ibanga ry'ishyamba. Ishyamba rifite akamaro cyane : gutinda ibiraro aho bishoboka, gutwikwamo amakara, mu bwubatsi bukenera ibikwa. Akamaro k'amashyamba ni intarondoreka, ariko twibuke ko niba utemye igiti kimwe, ugomba gutera bibiri.

Ku rundi ruhande, isi yacu ibuze amashyamba, yahinduka ubutayu nka Karahari, Sahara cyangwa ubutayu bwo muri Namibiya. Ishyamba ritariho, imvura yabura maze hagahinduka ubutayu. Inyamaswa zo mu gasozi, izo mu mazi nk'amafi,

indagara n'utundi dusimba byabura ibibitunga maze bikicwa n'umwuma n'inzara. Mutekereze amazi akamye ! Ingomero zitanga ingufu z'amashanyarazi zubatse ku migezi, ku nzuzi n'ibiyaga, zahagarara maze isi igacura umwijima. Mu yandi magambo "nta mazi nta buzima".

Ni ngombwa ko abantu bahindura imyumvire bakamenya ko bagomba kubungabunga ibidukikije uko bashoboye. Nibititabwaho, isi yacu izasenyuka vuba, izagera ku mperuka imburagihe bitewe no kutumva inama zitangwa n'inzobere ku kubungabunga no kwita ku bidukikije. Ni yo mpamvu, ba rutwitsi badakwiye gukomeza gutwika amashyamba kuko bituma ashya agahinduka ururimbi. Inkongi y'umuriro ubwayo, yica kandi ikirukana inyamaswa z'ishyamba. Imyotsi na yo, ihumanya ikirere kandi ikirere ni indiri y'umwuka duhumeka. Iyo ikirere cyahumanye, amazi yose y'ibiyaga, ay'imigezi, ay'inzuzi, n'ayo tuvoma, arahumana maze ubuzima bwacu bukahangirikira. Ibinyabuzima byo mu mazi na byo bihura n'akaga, ntibyongere kororoka ndetse bikaba byacika burundu. Umuntu ugira uruhare rwo kwangiza ibidukikije, ameze nka wa wundi utema ishami ry'igiti yicayeho kubera ko uko yangiza ibidukikije, ni ko na we, aba yiyangiza buhorobuhoro. Ba rushimusi na bo bagomba guhagarika ibyo bikorwa bibi bitumaraho inyamaswa, ugasanga ya madovize twavanaga mu bukerarugendo, turayabuze burundu.

Kwita ku mashyamba ni ingenzi cyane. Ni yo mpamvu, abantu bose bagomba gushishikarira no gusobanukirwa akamaro n'ubusugire bw'ibidukikije. Twitabire gutera amashyamba aho atari ariko kandi n'aho ari, asazurwe. Si byiza ko abantu bahinga basatira imigezi, inzuzi n'ibiyaga kugira ngo hirindwe ibitaka bishobora kujya mu mazi bikayangiza ari na ko bishobora gutuma amazi akama. Hagomba kubahirizwa amabwiriza agenga imikoreshereze y'ibishanga. Ni ingenzi gusukura imigezi, inzuzi n'ibiyaga bigaragaramo icyatsi bita amarebe kuko byangiza cyane amafi n'ibindi binyabuzima biba mu mazi.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Ibimera bifitiye abatuye isi akamaro. Ni ibihe byiza abantu babona biturutse ku bimera ?
2. Ni ayahe mashyamba ya kimeza avugwa mu mwandiko ?
3. Ibimera bibuze twaba mu butayu. Vuga ubutayu bwatanzweho ingero mu mwandiko
4. Abantu batitonze isi yacu yasenyuka ikazagera ku mpera yayo imburagihe. Ni iki cyakorwa kugira ngo ibyo bitabaho ?
5. Sobanura ingaruka zaterwa no kubura amazi.
6. Ushingiye ku kamaro k'ibidukikije byavuzwe mu mwandiko, vuga ingamba ufashe zo kubibungabunga.

## II. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko umaze gusoma.

a) Urusobe rw' ibinyabuzima
b) Uwakivogera
c) Imburagihe
d) Rutwitsi
e) Rushimusi

2. Koresha amagambo cyangwa imvugo zikurikira mu nteruro wihimbiye

a) Imperuka
b) Gushya ururimbi
c) Gutema ishami wicayeho
d) Inkongi y'umuriro
e) Ibidukikije

3. Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo atsindagiye irindi/andi bivuga kimwe usanga mu mwandiko.

a) Akamaro k'amazi n'amashyamba ni kenshi cyane.
b) Intare mwita umwami w'ishyamba irivuga abantu bagakangarana.
c) Imbogo zifitanye isano cyane n'inka zororwa n'Abanyarwanda n'abandi bantu batuye iyi si.
d) Utazi akamaro k'ikintu ntakitaho na gato.
e) Ubu bwoko bw'ibyatsi bwangiza ibinyabuzima bisanzwe biba mu mazi.

4. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje ijambo rikwiye ukuye mu mwandiko.

a) .............. amashyamba turimbura ibiti bishaje dutera ibishya.
b) Abiba inyamaswa ari bo.............. ntibagomba kwihanganirwa.
c) Ibiriho byose bizashira ku .............. hasigare urukundo.
d) .............. zirura kurusha imitanga.

## III. Iyigandimi

Tandukanya ururimi rw'Ikinyarwanda, indimi shami n'indimi z'uturere wifashishije ingero zitandukanye.

# IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE


1. IKIGÔ CY'ÛBUSHAAKASHAATSI MU BY'ÛBUHAÂNGA N'ÎIKÔRANABÛHAÂNGA (n.d), Inkoranya y'Îkinyarwaanda mu Kinyarwaanda, IRST Butare, Igitabo cya 1
2. IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008). Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye.
3. IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008), Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye.
4. INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2014). Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, Kigali.
5. NSANZABERA, J.D. (2013) Ikeshamvugo mu Kinyarwanda: imvugo isukuye, ikeshamvugo ry'amagambo akwiye n'inshoberamahanga zisobanuye. Kigali
6. JACOB I. (1983). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome premier, Kigali.
7. JACOB I. (1985). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome troisième, I.N.R.S,Butare.
8. Mgr BIGIRUMWAMI, A. (1984). Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda, Nyundo, Troisième édition.
9. MINISTRY OF EDUCTION-RWANDA EDUCATION BOARD (2019), Ikinyarwanda,
10. Amashuri y'isumbuye, umwaka wa 4, Amashami yiga ikinyarwanda nk'isomo rusange. MINISTRY OF EDUCTION-RWANDA EDUCATION BOARD (2019), Ikinyarwanda, Amashuri y'isumbuye, umwaka wa 5, Amashami yiga ikinyarwanda nk'isomo rusange.
11. RWANDA EDUCATION BOARD (2015) Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri nderabarezi (TTC) umwaka 1, amashami ya siyansi n'imbonezamubano.
12. COUPEZ, A. 1980. Abrégé de Grammaire Rwanda, Tome 1,2. Butare : INRS.
13. BIZIMANA, S., 1998, Imiteêrere y'Ikinyarwaanda I, IRST, Butare.
14. BIZIMANA, S., 2002, Imiteêrere y'Ikinyarwaanda II, IRST, Butare.
15. MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE: Ikinyarwanda: umwaka wa munani Gashyantare 1988.

16. RWANDA EDUCATION BOARD . (2019). Iteganyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri nderabarezi (TTC) uwamaka wa 1,2&3 Ishami ry'indimi. Kigali, REB.
17. RWANDA EDUCATION BOARD . (2017). Ikinyarwanda-Amashuri yisumbuye, umwaka wa 6, Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali-Rwanda.
18. RWANDA EDUCATION BOARD . (2017). Ikinyarwanda - Amashuri yisumbuye, umwaka wa gatatu, igitabo cy'umunyeshuri. Kigali-Rwanda.
19. RWANDA EDUCATION BOARD, 2017. Ikinyarwanda - Amashuri yisumbuye, umwaka wa gatanu, Twumve Tuvuge Dusome, Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali-Rwanda.
20. MUTAKE, T., 1990, Ikibonezamvugo k' Ikinyarwanda: Iyigamajwi n'iyigamvugo les Editions de la Regie de l'Imprimerie scolaire.
21. RUGAMBA, C., 1985. Chansons Rwandaises ; INRS/BUTARE
22. RWANDA EDUCATION BOARD, 2018. Ikinyarwanda-Amashuri yisumbuye umwaka wa kane, igitabo cy'umunyeshuri. Kigali- Rwanda.
23. MBONIMANA G. Na NKEJABAHIZI J.C, 2011. Amateka y'ubuvanganzo nyarwanda, kuva mu kinyejana cya XVII kugeza magingo aya, Editions de l'Université Nationale du Rwanda.

## Imbuga nkoranyambaga zifashishijwe

1. www.irembo.gov.rw
2. www.imirasire.com

# IMIGEREKA

**Twiyungure amagambo**

**Ababuzaga:** biva ku kubuza bivuga guceceka kugira ngo ubanze urebe iyo ibintu

**Ababyazi bawe bombi:** ni Mibambwe III Mutabazi II Sentabyo na Yuhi IV
**Abacukuza umuriro:** abarimbuza umuriro.
**Abagusigaranye imbuto n'intanga:** abaguhaye kuzabyara, kuzororoka.
**Abahayi b'ishyanga narabohereje:** abanyamahanga bakwanga
**Abakaraza:** abiru (abavuzi b'ingoma).
**Abakoni barakuya**: abashorezi barakurubana (gushorera, gukurura ibintu
**Abami b'akamazi:** abami b'ingirakamaro.
**Abarenzi:** imfura zisingizwa.

abiri ni ukwibutsa ko yakomerekeye muri cya gitero cy'Abanyoro. Ubwo ibara

**Abisyigingiza:** Abagaragariza agasuzuguro.
**Abizingazingira hamwe:** abitsindira byose icyarimwe. Turabona ko ari
**Aduhaka nk'umugabo:** adutegeka nk'umugabo. Biributsa ko Nyiramavugo
**Agahama:** ubundi bivuga akagezi kamanuka mu muhaga. Hano bivuga uruguma
**Agasongoro k'ubugabo:** ingororano y'ubutwari. Agasongoro ubundi ni
**Agatinda cya gicuba:** akanywa amata yose yo muri cya gicuba.

Aha bivuga abishimiye ibyiza byabaye, inkuru nziza.

**Aho yaherewe iminyago irishya:** kuva aho aherewe ingoma iminyago

ahungira mu Gisaka kwa Kimenyi II Getura.

akabazingazinga.

**Akaga:** Ibibazo bikomeye bishobora no gutera urupfu.
**Akarundura atyo:** akarangiza atyo.

akava amaraso akamwuzura mu maso, ibyo bikavamo imitsindo.

**Akavure k'indembere:** akavure gato bashobora gutaramo urwagwa cyanwa kwengeramo udutoki duke.
**Akayabo:** ibintu bihagije umuntu abona.
**Akayambika karindwi:** kwambika Karinga ni ukuyishyiraho ibinyita (ibishahu)
**Amaboko ya Karinga:** imijishi abahetsi bafataga bahetse Karinga.
**Amagambo y'Imana:** ni ibitekerezo bihanitse by'ubuhanuzi umusizi asa n'aho

amagomerane akagarura Igihugu.

**Amahanga atagukeje kare:** ibihugu bitakuyobotse, bitaguhatsweho hakiri
**Amahano:** ibyago.
**Amahindu:** ni urubura; aha ni igitero cy' Abanyoro cyaje nk'amahindu.
**Amakuba:** ibyago bitungura umuntu kandi bikamukangaranya, umutima ugakuka.
**Amapfa:** Icana cyane ry'izuba rituma ibimera byuma, amazi gakama mu bishanga,

mu migezi n'inzuzi.
**Amaraso ya ya Ndwanyi:** amaraso ya ya mfizi yo mu Ndwanyi babikiriye (bishe).
**Amarebe:** ubwoko bw'ibimera biba mu mazi adatemba cyangwa se atemba buhoro.

amarushywa.

**Amashyushyu:** Amatsiko.
**Amaso si aya:** si ubwa mbere nkubonye.
**Amasugi yanyu azira igisasa:** abagore banyu ntibajya babyara ibigwari,

amaturo.

**Amavuta y'inturire:** amavuta akuze, agenewe gutekwa (barungisha).

amazi atemba mu mabanga yose.

**Amaziri:** amata adashobora kuvura, acikagurika. Bavuga ko inka ikamwa bene
**Arazihumbiririza:** biva ku guhumbiriza. Biributsa ko Sekarongoro yakomeretse

ari mu Kivu rwagati).

ari nk'ishashi.

ashinzwe gutura igisigo).

ataba mabi. Ibi biributsa ko Cyilima yari Umwamiw'inka.

**Atambe imyato:** avuge ibikorwa bye by'akataraboneka, bitangaje kandi byo
**Ayabamishaho:** Agenda ayabanyanyagizaho dukeduke.

ayo mata bayihumanyije. Aca inka mo amaziri: atuma inka zikira ubuhumane

**Azanye ikeyi:** aje afite agasuzuguro. Ubundi ikeyi hari ubwo bivuga ikimwaro.
**Azigire Ndoli:** ateganyirize Ndoli, amutegurire.
**Azihungiye:** azitunguye.
**Baduhekere:** batuzanire umugeni. Aha twibuke ko kera bamuhekaga mu ngobyi akaba ari ho iyo mvugo ikoreshwa mu misango y'ubukwe ikomoka.
**Bagacanira:** bagacana umuriro mu rugo nk'abacanira inka.
**Bagenda urunana:** Bagendera icyarimwe, buri wese afashe kuri rwa rutaro.
**Bahezwaga**: Nta mwanya bahabwaga.
**Bakabyirura:** bagasogongera. Ni ugusogongera kuri Rugina.
**Bakagisokoza:** bakagishyiraho amahundo. Bashyiraga amahundo ane mu gitenga cy'umuganura.

bakora) amasinde yo kwitwikira.

**Bakuraze izi ntarama:** baguhaye umurage w'izi nka zigukamirwa.
**Bamutapfuniraga itabi:** Bararikanjakanjaga bakamutamika amazi yaryo mu kanwa akamira.

banyuzaga hagati y'amaguru n'ikibuno bakagashumikira mu rukenyerero.

**Baramukwena:** Baramuseka .

**Baramwubahuka:** Baramutinyuka; baramusuzugura.

barindwi bashahuye bakambika Karinga.

barindwi. Ni cyo rero yambikiwe uwo mudende.

basangira Igihugu, basangira ubutegetsi.

bashyizemo ibyatsi ngo byo gusenda (kwirukana) abazimu. Hano bivuga insinzi,

**Batambira:** biva ku nshinga gutamba ari byo bivuga kubyina kubera ibyishimo.

bavuga ko yimye ingoma ari umwana utangiye kwambara.

**Bazigama ingoma:** umurengezi w'ingoma ayibuza kunyagwa n'abandi, n'abanyamahanga.
**Bazigura se ku ngoma:** yahagaze kuri se bateye mu mahanga. Yaramurwaniriye.
**Bazindukira intambara:** ni umuzindukira kurwana. Abyuka iteka abyukiye
**Bene iteka ritahava:** abatanga itegeko ntirikuke.
**Bicuba:** ibicuba ni ibyansi binini baterekamo amata. Ibicuba nanone babikoresha

bigana; umuntu aba yinumiye.

**Bihubi:** uwatumye ingoma zisukira rimwe kubera ibyishimo. Haba umurishyo

Bimwanga mu nda: ntiyashobora kubyihanganira.

**Birasana:** ni Ndabarasa.
**Biru b'imirama:** abavuzi b'ingoma (mufate imirishyo).
**Bitambara nyiri urutete**: umurwanyi utwara icumu. Urutete ni uruti rw'icumu,

Bityo zikagenda zisimburanwa.

bivuga umuntu ufite indoro ibengerana, ibikorwa bihanitse by'agatangaza.

bo babyara abami).

Bugabo burimo ubugongo: Intwari itagira ikigereranyo.

**Bugiri:** uwigize igihangange.
**Buhanzi:** umwami ukuze, ufite uruhara.
**Buhatsi bw'impundu n'imposh**a: utunze kandi agatanga ibyishimo n'ituze.
**Burankenkemura**: buranshimisha cyane. Ibyo byose byanteye ibyishimo
**Burega bwa Mutima:** Nyabwenge wa Nyabuhoro, izina rya Nyiramibambwe
**Buriza burese ubugabo**: uwari wuzuye ubutwari akiri muto.
**Buyumbu**: Bumbogo. Bumbogo ni umurwa w'ubuhungiro.
**Buzamagana amacwa**: uzadukiza imize, ibyago byokamye Igihugu.

bw'abanyamahanga ba Nsibura Nyebunga.

**Bwagiro:** buhungiro (aho umuntu yagira, ahungira umukeno).
**Bwambaramigezi:** ni imvugo ijimije ishaka kuvuga "Ijuru rya Kamonyi." Ijuru
**Bwanza buke:** ubwanza bivuga ubugugu. Bwanza buke ni umuntu utagira

bwirabure".

by'umunyamahanga bishe bakamushahura. Kuvuga karindwi ni ukuvuga abantu

byabayeho, abantu bari mu munezero.

byibutsa ko na we yari yarabaye impabe kuko yari yarahunze Yuhi Mazimpaka,

byinshi).

byinshi.

cyangwa abapfumu).

**Cyanwa:** ni Ntare. Umusizi avuze Ntare ku buryo buzimije (intare igira icyanwa).
**Cyubahiro:** ni Karinga. Yashyizweho na Ruganzu II Ndoli kugira ngo isimbure
**Cyungura:** uwunguye Igihugu.
**Cyurira:** Umwami uzamuka agasumba abandi (mu butwari).
**Data:** ntibivuga se umubyara, ahubwo ni nk'igihamagaro cyo kwaka umutegetsi
**Duhorana inshungu:** mutubereye abatabazi. Ni mwe muducungura muturinda
**Dukurire umwami ubwat**si: tuyoboke umwami kuko yimye; tumushimire
**Gacamukanda**: uwatuvanye ku ngoyi (y'abanyamahanga).

Gahindiro. (bivuga sokuru na so).

**Gashirabwoba:** umwihare, umuntu utagira ubwoba.

gihe Gahindiro yari akiri umwana, hanyuma yamara gukura akamwegurira

Gisamamfuke: gusama ni ugusamira hejuru ikintu cyari kwitura hasi. Imfuke

**Gucanganyikirwa:** gusara.
**Gucisha ruguru:** Kuruka.
**Gucuma amabondo:** kuringaniza amabondo.

gucunda inka ziba zatetse. Inka zitaranza ni izikamwa buri gihe zitajya ziteka.

**Gufatira runini:** kugirira umuntu cyangwa ikintu akamaro.
**Guhahirana:** kugurana ibintu umwe agaha abandi ibyo bakeneye
**Guhakura:** gukura umutsima mu nkono ivuga.
**Guhanga umuntu amaso:** kwitegereza umuntu cyane.
**Guhenduka:** kugira igiciro kiza kidahanitse
**Guhezera:** kuba umuntu afite inda yagutse cyane bitewe n'umubyibuho cyangwa n'uko atwite.
**Guhiga:** kwiyemeza ibintu uzakora mu gihe runaka.

Guhora babyara.

**Guhotora uruti:** ubundi bivugwa ku nka, bavuga ko imaze guhotora amahembe
**Guhungabana**: gukangarana bitewe n'ibyo wabonye cyangwa ibyagubayeho.
**Guhunja**: kurya ibintu bikocoka mu kanwa.

**Gukorera umuntu ibya mfura mbi:** kumuhohotera cyane ukamugirira nabi bikabije.

gukoresha ijambo guhunga.

**Gukuza umusanzu n'umuganda**: gusenyera umuntu.
**Gupyinagazanya:** Gukandamizanya.
**Gusaba:** Kuzura mu muntu by'ikintu kimutera ibyishimo cyangwa ububabare cyangwa kumutaha by'indwara; gukwirakwira ahantu hose kw'amazi, umunuko n'ibindi.

Gusenda imisaka: ubusanzwe ijambo "gusenda" rikoreshwa bashaka kuvuga

**Gusenda:** kwirukana umugore.
**Guseta inzira ibirenge:** Kugenda wanga, utabishaka.
**Gushinyagurira umuntu:** kongerera ububabare uwari asanzwe abufite.
**Gusindagiza umuntu:** kumwiyegamiza ukumufasha kugenda.
**Gusubira ibwonko:** Kwibaza.
**Gusubya imbuto**: kongera guhinga mu murima bari babibyemo ubwa mbere
**Gusuhukira:** Kwimukira ahandi hantu uhunga inzara.
**Guta umutwe**: kubura icyo ukora n'icyo ureka kubera ibibazo
**Gutebutsa:** kujya mu muryango mwasabyemo umugeni mukumvikana ku munsi w'ubukwe.

gutengerana).

**Gutiga:** guha ibintu agaciro ubikomatanyirije hamwe.
Guturira (inkono): Gushyira ifu mu nkono ivuga (bavugiramo umutsima).

hano ariko bikavuga icumu ryose. Icumu rya Mukobanya ryitwaga Nsinzumusazi.

Hano biravuga ko mu gihe yagiye ku ngoma nta rugomo cyangwa amahane

harerembа, hatagwa hasi.

hejuru y'ijisho.

**I Butazika:** i Rwoga. Ubwo kuhita i Butazika ni ukuvuga ahantu hahora hejuru
**I Buziga:** i Nyundo ho mu Karere ka Ruhango.
**I Bwongera:** i Burundi.
**I Rutambamitavu:** aho inyana zitamba, zisimbagurika. Ni ahantu hakize, hari
**I Shunga:** ni mu Busanza, aho Nyamuheshera yahoze atuye.
**Ibicuba bigatindwa:** ibicuba bakabyuzuzamo amata.
**Ibikingi by'amarembo:** ibiti bibiri biba bishinze ku marembo aho umuntu yinjirira ajya cyangwa ava mu rugo, babbyita
**Ibikingi**: isambu nini cyane y'umuntu ahinga akayibyaza umusaruro.
**Ibintu ni magirirane**: nta muntu uba wihagije mu buzima, ahora akeneye abandi.

Ibirezi byamye: imfura zisingizwa.

ibyago.

ibyangwe.

**Ibyibo by'ingore:** ibyibo biboshye mu ntamyi z'urufunzo.

Ibyo se bishoboka bite? Birashoboka kuko zimwe iyo zatetse izindi ziba zabyaye.

**Igenamigambi**: Gahunda y'itegurwa ry'ibikorwa abantu biyemeza kuzageraho mu gihe runaka. Uburyo bwo gutekereza cyangwa gutegura ikintu uzakora mbere y'igihe.
**Igikari:** imbuga y'inyuma y'inzu ikikijwe n'iyo nyubako. Muri uyu muvugo , umuhanzi arashushamya imyanya myibarukiro y'umugore cyangwa umukobwa.
**Igikatsi:** ibyatsi bengesheje ibitoki maze bakabikamuramo umutobe wose. Bivugwa kandi ku kintu cyose cyashizemo amazi.
**Igikondo:** imana yeze.
**Igisoka:** ikintu gitimbagura umuntu mu mubiri kikamutera kumererwa nabi, umuntu usanga abandi bameze neza akabatanya.
**Igisumizi:** umuntu utwara iby'abandi ku ngufu cyangwa ku buryarya.
**Igitambambuga:** umwana ukiri muto ukambakamba.
**Igitenga:** igiseke kinini cyane.
**Ihame:** Ukuri kudakuka, ikintu kemejwe burundu.
**Ihuzanzira:** Umurongo uhuza abantu mu itumanaho bakoresheje ikoranabuhanga.

II Rwogera.

II.

**Ikambere:** inzu y'ingenzi mu rugo rufite amazu menshi nk'ibwami. Muri uyu muvugo , umuhanzi arashushamya imyanya myibarukiro y'umugore cyangwa umukobwa.
**Ikambere:** mu nzu ya mbere, ari yo nkuru kandi nini ifite izindi zo mu gikari.

ikazinyanyagiza.

**Ikidakombwa:** urwabya rufite urugara rwagutse, bashyiramo amavuta y'umuhango w'umuganura ibwami.
**Ikimenyane:** Uburyo umuntu aha amahirwe abantu bamwe akirengagiza abandi bitewe n' impamvu runaka.

ikintu gituma abantu basimbuka ibyago byari hafi gutuma bashira.

**Ikirambi:** umwanya wo mu nzu ya kinyarwanda, uri hagati, umwanya wicarwamo na nyiri urugo.

ikiranga bwami.

**Ikirezi:** Ubwiza, uburanga, ihoho. Bishatse kuvuga na none akazu keza kaba ku dusimba tumwe na tumwe tuba mu yanja abantu badukoramo imitako myiza cyane.

ikizinzo (udushami dufite amababi) ukayihungura isazi. Ibyo gufata inka

**Ikoro:** ituro (igisigo).

**Imanga:** inzara.
**Imanzi z'uburezi:** intwari zitagira uko zisa, nziza (ku mubiri).
**Imbonezamubano:** Ikintu kerekeranye n'imibanire myiza y'abaturage.
**Imfizi itari ubwoba:** itagira ubwoba (Ni Umwami).
**Imfizi ya Bicaniro:** imfizi y'igicaniro k'inka (watumye dutunga).
**Imirembe:** imitobotobo itagira amahwa.
**Imisumba:** abantu b'ikirenga.
**Imoko:** akenge ko mu ibere amata aturukamo.
**Impamba:** Ibyo kurya umuntu yitwaza kugira ngo bimutunge ku rugendo.
**Impano:** Ikintu kiza Imana iba yarateganyirije umuntu cyangwa umuntu aba yarateguriye undi akazakimuha kikamubera urwibutso.
**Impenda:** inka nyinshi cyane, inka zitabarika.
**Impenzi:** ingabo.

indagu zari zarabyemeje.

**Induba nzivuze:** mvuze impundu.

Ineza yawe intaha mu nda: kukwishimira byanguye ku mutima.

**Inganji:** igihaha cyangwa igitabazi k'imana yeze. (iby'intama, inkoko cyangwa inka baraguye).

Ingaramakirambi: umusore watinze gushaka.

**Ingendutsi:** abagenda bikabahira (ku rugamba) abantu b'ingirakamaro.
**Ingeso:** imico, amatwara.
**Ingobyi**: ibikoresho bikoreshwa mu guhekamo abantu

ingoma nyinshi zindi yanyaze.

**Ingoma yawe yandajeho umuzindu**: ukwimika kwawe kwatumye mbona
**Ingoma z'ingombe:** ubwami buruhanyije busaba imirimo iruhije, ingoma ifite
**Ingoma zikavunura:** ingoma zikarangiza guhita, gutambuka.
**Ingoma zikayasanganira:** abantu bakayakira ingoma zivuze.

ingororano y'igisigo nagutura.

**Ingundu:** ikimera gishibutse ku gishyitsi.
**Inkingi ya mwamba:** inkingi yo hagati ibiti bigize igisange bishamikiraho.
**Inkingi yitwa kanagazi:** inkingi yo mu nzu ya kinyarwanda yashyigikiraga uruhamo rw'umuryango.
**Inkongoro z'imirinzi:** inkongoro zibaje mu giti cy'umuko.
**Inkonzo:** Agati gafite amashami abiri babaga bakonze. Bafataga ishami rimwe irindi bakarihingisha mu muhango wo kwita izina.
**Inkori:** udushyimbo duto duteye nk'iminyeganyege dukunze guhingwa muri za Nyamagabe, Rusizi na Karongi.
**Inkubito:** imbaraga
**Inkundwakazi:** umugore ukunzwe n'umugabo we kurusha bakeba be.

**Inshoberamahanga:** Ikoraniro ry'amagambo avuga icyo adasanzwe avuga.
**Inshuke**: umwana muto umaze kuva ku ibere atacyonka
**Insumba:** inka itari imfizi, itari ikimasa.
**Intebe y'inteko:** untebe ya cyami, y'ubutegetsi
**Inteko yabo:** Ikicaro cyabo.
**Inteko:** Abantu benshi bari hamwe.
**Intiti zo kwa Mutaga ndazitetereza:** abahanuzi bo kwa Mutaga mbakoza isoni,

intumwa.

**Intwari y'igisaga:** intwari y'ikirenga.

intwari. Ikimenyetso k'ibyo ni uko i Bwami hari umuriro utazima.

inyama y'igitigita bongeraho ururimi rw'inka bakabiha umutware (inyama

**Inyana zirara imfizi mu mahembe:** inyana zigeze igihe cyo kwima.
**Inyangabirama:** umugizi wa nabi.
**Inyanja:** amazi magari
**Inyifuzo:** ubwoko bw'ibiti byitwa bityo.
**Inyundo:** ni icyo bakubitisha ibyuma mu gihe bacura amasuka, imihoro, amashoka n'ibindi. (Ibwami habaga inyundo y'umwami nubwo atacuraga).
**Inyundo**: urunigi rw'amagufa bambaraho impigi.
**Inzego bwite**: Ni imirimo n'imikorere idasangiwe n'abantu abo ari bo bose ishyirwaho ikanagenzurwa na leta by'umwihariko.
**Inzimu:** amahano, ibyago by'ibivakuzimu (Abanyoro).

inzobe cyane si n'igikara cyane. Ni nk'umuntu uzize usigirije. Ubundi bavuga

**Inzogera irirenga**: Gupfa k'umuntu cyangwa ikintu.
**Iragushora:** Irakuyobya.
**Irashyira ku mutima zigatemba:** iyo izihamije ihembe ku mutima zitura hasi.
**Irebe ry'umuryango**: Imbere mu nzu hafi y'aho basohokera.
**Isango:** biva ku gusangira. Bivuga ko abakurambere be banze ko hagira undi
**Isererejwe intama:** iteyeho uruhu rw'intama.
**Ishavu:** agahinda gakomeye umuntu aterwa no kwibuka inabi yagiriwe cyangwa ibibi yabonye.
**Ishyo:** ikoraniro ry'inka nyinshi zororerwa hamwe zigasangira imfizi./Umubare w'inyamaswa zimwe na zimwe nk'inzovu, imbogo cyangwa imparage ziba hamwe ari nyinshi zihuje ubwoko.
**Ishyoza:** ubwoko bw'ikimera.
**Isugi:** inziramakemwa.
**Isuka yinkura ku ngeso:** guhinga byimvana ku mwuga wange (w'ubusizi).

Iw'abandi: mu mahanga. Ni i Karagwe.

**Iyimenyerezamwuga:** ni igikorwa cy'ubumenyi ngiro umuntu akora yimenyereza gukora neza umurimo runaka.

iyo badahira inka (iyo bavoma amazi mu iriba bayasuka mu bibumbiro). Kwita

**Iziyishyamiye ikazishyambya:** izigerageje kuyigerera ngo zirwane
**Izungura**: Gusimbura umuntu mu bye ukabyitungira, yaba abiguhaye, apfuye nta we abiraze cyangwa ubimukuyemo.

kandi ko batamurashe inyuma batamurashe ahunga.

kare zikajya kurisha, zikaza gutaha nko ku gasusuruko kugira ngo zikamwe.

kare.

**Karuhura:** uwatumye abantu bahumeka, baruhuka ingorane barimo.
**Kavunanka:** Mutabazi w'inka.
**Kibonwa:** uwo imana (inzuzi zo mu ndagu) zereje, zabonye.
**Kigeli cya Ngerekera:** ni Kigeli cya Nyirangabo nyina wa Ndahiro II.
**Kigirira cyo mu nzeru:** umwigire, uwigize igihangange ubwe nk'uko inzuzi,
**Kihabugabo:** ni we wihaye ubutwari (Ruganzu II Ndoli).

kiranga Umwami.

**Kizima:** umuntu uriho kandi utuma n'abandi bagira ubuzima.

ko amasaka azize neza bashyizemo ivu ku buryo buringaniye neza.

ko Mukobanya ataraba umwami yahagaze mu ngabo za se akazirwanirira kandi

ko uwitwa Gatarabuhura yashatse kwigira Umwami hanyuma akabigwamo

Ko wandikiye ubutwari: ubwo washyikiriye ubutwari.
**Koreza:** kubyara abana bakarumba bose, kwica abantu cyangwa ibintu ntihagire agasigara.
**Ku cyuma:** ku Nyundo, habaye umurwa wa Ruganzu.
**Ku isi itengerana:** i Gasabo (bivuga ku gisabo kuko bagicunda, ni ko
**Ku isonga y'ingabo:** ku mutwe w'ingabo, imbere y'ingabo.
**Ku karubanda:** ku muharuro w'urugo rw'umwami, aho abonanira na rubanda.

ku rugamba.

ku rugamba. Aha ni ukuvuga umuntu uzi gutwara ingabo ye, ni umurwanyi

**Ku Rusumamigezi:** ku Ijuru rya Kamonyi.(Ni ukuzimiza). Ni ahantu hirengeye
**Ku Rutambabiru:** i Ngoma.
**Ku Rutambamyato:** ku Kinanira.
**Kubayagura:** kuryana ipfa kandi uvundiranya.
**Kudahanura:** kugabanya amazi yo mu nkono ivuga mbere yo gushyiramo ifu.

Kudashakira ubwinshi mu mazi: kudashyira amazi menshi mu kintu.

**Kufira**: kurandura ibyatsi byameze mu myaka.
**Kuganza:** Gutsinda, gutera ubwoba, gutinywa, kubahwa kubera isumbwe urusha abandi.

kugera kure cyane).

Kugira ngo yibutse ko Mutara II yimye ingoma akiri umwana. Abamutekerezaho

**Kugotomera:** Kunywa n'ingoga amazi menshi cyangwa ikindi kinyobwa bitewe n'inyota nshinshi cyangwa umururumba umutu afite.

Kugwa mu kantu: kumirwa ukabura icyo uvuga.

kuko yimye; tumushimire kuko yabaye Umwami.

**Kuronka:** Kubona ikintu ushaka.
**Kurorongotana:** Kugenda utazi iyo ujya.

kurwana.

**Kuvugira hejuru**: gusakuza, kuvuga cyane.
**Kuvunjagura**: kuvubata (gutamira byinshi kandi ukarya vubavuba).

kuzampaka.

**Kuzanzamuka**: guhembuka, koroherwa nyuma y'ikibazo runaka cyari cyakuzahaje nk'indwara, ubukene, inzara n'ibindi.
**Kuzibiranya:** Kubuza guhumeka.
**Kuzigama:** gushyira ibintu ku ruhande ugirara ngo uzabikoreshe cyangwa uzabyirengeze mu minsi mibi
**Kuzingama:** Gukura nabi kubera imirire mibi.
**Kuzuyaza umuntu:** kumucanganyikisha mu mutwe, kumubeshya.

Kwandurura imigisha y'abandi bami no gusarura aho bahinze: ibi ni amarenga.

**Kwesa imihigo:** Kurangiza ibyo wiyemeje gukora mu gihe wihaye.
**Kwijana:** gukora ikintu ushidikanya, gukora ikintu udashyizeho umwete.
**Kwinumira:** kutagira icyo uvuga ukicececera.

kwirukana umugore. Aha gusenda imisaka bashaka kuvuga "kuvana abantu mu

**Kwisunga abandi:** kwegera abandi ngo mugire igikorwa mufatanya gukora.
**Kwisungana:** Kwifatanya, kwegeranya imbaraga kugira ngo mubashe gukora icyo umuntu umwe atakwishoboza.
**Kwivuga:** kuvuga izina ryawe.
**Kwiyesura:** kwiterera hejuru kubera agahinda ufite.

Kwizimba mu magambo: Kumara umwanya munini uvuga ugatuma abantu barambirwa.

**Kwizimba:** Gutinda ahantu cyangwa mu bintu.
**Mabarabiri:** ni Mibambwe Sekarongoro Mutabazi. Umusizi kumwita Mabara
**Maboko atanga atagabanya:** birerekana na none ko yagiraga ubuntu. Aha ni
**Matungiro:** utunze byose (umwami).

Mazina, Maza nyiri amazina yanyu: utuma iminsi iri imbere izaba myiza.

**Mazina:** uhagarariye umuryango.
**Mazuba:** ni Mutaga III Sebitungwa. Harimo kuzimiza.

mbacisha bugufi.

**Mbasenge:** gusenga hano bivuga gusingiza.
**Mbasobanure murasigiye:** mbashyire mwese ku murongo umwe, murareshya.
**Mbogoye:** biva ku kubogora bivuga kunamura. Yabogoye Igihugu,

Mibambwe Sekarongoro Gisanura kubera ko ngo yagiraga ubuntu.

**Mihayo y'ingoma:** igisingizo k'ingoma.
**Mpangarijekure:** guhangaza ni ugutegereza igihe kirekire.
**Mpumurize na Nyamarembo:** na Nyamarembo muhe ituze ihumure.

Mu bitwa bya Muhima: mu mpinga ya Muhima (hafi ya Save).

**Mu bo nasiga:** mu bo nsingiza mu bisigo.
**Mu Bugote:** mu Mazinga.
**Mu Byaguka:** ni i Gisanze ho mu Karere ka Huye aho nyina wa Mutara II Rwogera

mu kirenge cya Ruganzu.

**Mu mirinzi ya Cyarubazi:** mu miko ya Rwamiko.
**Mu mirinzi ya Kinyoni:** mu mana (mu miko) ya Kinyoni (iwabo w'Abega na
**Mu murongo uje:** mu gitero kigeraga kwaduka.
**Mu Musandura:** mu Bwiyando hafi ya Kinyambi ho mu Karere ka Kamonyi.
**Mu Ntaho ndende:** i Muremure.
**Mucana umuriro utazima**: umuryango wanyu urakomeye, uhora wiyuzukuruza
**Mucurwa n'inyundo ziramye**: mubyarwa n'ibihangange.
**Mucuzi:** yari inyundo y'ibwami yacuze intwaro ze ntayihemukira.
**Mudahakana:** umuntu ugira ubuntu, ukunda gutanga.
**Mudasobwa:** umuntu utagira amazinda, utibagirwa, utibeshya.
**Mugabo mu nka nyirazo azirimo:** aya magambo ni amarenga ashaka kuvuga
**Mugasanura iyi miryango**: mukagura, mukongera iyi miryango.
**Muhanuzi:** umuntu uzi gushishoza akareba neza imigendekere y'ibintu.
**Muhe urubanza**: muhe ijambo.
**Muhimbye imiriri:** nimuhanike ibisingizo.
**Muhishwambuto:** umuntu mubi wangiza abana ukwiye kubahungishwa.
**Muhongerwa:** aha si izina bwite, ni izina risingiza Cyilima rivuga ko akwiye
**Muhumuza:** uwatanze amahoro, ihumure.
**Mumuhaye (ubugabo)**: murate ubutwari bwe. Mu mbundo ni "guhaya."
**Mumuhigure ingoma:** mumugororere kuba umwami.
**Mumvune:** mumfashe, munduhure.
**Munozandagano:** iri ni ijambo ry'inyunge, kunoza: gutunganya, indagano: umugambi; umurage. Munozandagano bivuga utunganya, ukurikiza umurage w'iwabo.

**Munyagampenzi:** uwanyaze impenzi.
**Murerampabe:** urera, ufata neza abari baragize ibyago. Ibi bishobora kuba

Muri abagabe b'i Bukomasinde na Busakarirwa: muri abana b'i Bweramvura

Muri abaremere b'i Tanda: ibihangange by'i Tanda (ruguru ya Muhazi).

Muri iki gisigo ni Ndoli uvuye mu Gihugu akajya i Karagwe. Umusizi aranga

**Muri inzungu za Bwima:** muri imana z'i Bwima.
**Mutambisha batimbo:** utuma abavuza ingoma bishima, bazivuza bishimye.
**Mutandi**: umurashi urasira imoso.

mutanga ibyiru (impongano, ibihano).

**Mutazimbwa:** kuzimbwa ni ukurushwa n'undi mu bikorwa.

Mutima w'urugo: Ijambo ry'icyubahiro rivuga umugore usobanukiwe neza n'ibijyane no kubaka urugo.

**Mutimbuzi nyiri i Ntora:** (Gisozi yo mu Karere ka Ruhango yahoze yitwa
**Mutoramakungu:** wishyiriraga mu itorero, witoreraga urubyiruko rw'inkubanyi,
**Muvugirize imirenge:** muvuze imirishyo irengera ikagera kure (yumvikana
**Muzigirwa:** uwo abantu bafiteho ikizere, amahirwe.
**Muzira icyangwe mu minwe:** nta mwete muke mujya mugira mu mikorere.
**Mwagagaze:** mukube amahugu.
**Mwambereye igisaga:** narabitegereje nsanga mufite ubwiza buhebuje.
**Mwameze ibiganza bitatugwabiza**: mufite amaboko adutunze.

n'aho indoro itukuye.

na Bumbogo. Harimo kuzimiza by'umusizi. Aho imvura igwa cyane (bakoma /

**Nabyukire:** kubyukira bivugwa ubundi ku nka ziva mu rugo, mu gitondo cya
**Nabyukuruka:** nagaruka, nahindukira.
**Nacuriye amahari:** nateze n'amahari nagiye impaka n'ababarwanya turatega,

narabacecekesheje.

**Ndahiro aruhira:** aritanga.

neza kuri Yuhi biributsa ko ari Umwami w'igicaniro, ubwo akaba na we ari

neza).

**Ngabo:** ni Mutara Semugeshi basingiza bamwita ingabo iyi bakinga bari

ni ingoma, ingoma isa n'ipfutse (ni umuzimizo w'abasizi). Biravuga rero ko

ni ryo rivubura imvura; ni nk'aho rifite imigezi.

**Ni uruharo rwambereye ikibuza**: guhinga ni byo byambujije kuza.
N**icariye inkoni:** niyicariye ku nkoni nk'umushumba uragiye.
**Nihanure amahanga:** nshirikire ikinyoma ibihugu by'amahanga.

**Nimugarishye mwaraganje:** nimugabe amashami hose mwaratsinze.
**Nimumburane:** ndi uwanyu nimumbuze kugira ibindi mpugiramo bitari ibyo
**Nimumuhe rugari:** nimumuhe urubuga.

nk'aho bavuze ko atanga atitangiriye itama.

nk'umuntu urwana n'abantu batatu cyangwa babiri kandi mu maboko maze

nk'umwami w'inka kimwe na Cyilima na Mutara.

**Nkomere nkomereho**: nkome akamu nuzurize.
**Nkomyurume:** umuzindutsi, utagira ubute utaryamira, utiganda.
**Nkovu imbere:** ni ukuvuga ko yasigaranye inkovu mu ruhanga. Ni ukuvuga
**Nkozurugendo:** Mutabazi.
**Nsana:** biva ku nshinga "gusana" bivuga gusubiranya ibyari byasenyutse. Nsana
**Nshe abami urubanza**: mbabwire uko impaka z'abami zimeze, aho zizagarukira.

nshinzwe (gusiga).

Nsibura Nyebunga.

**Nsoro:** umusizi aributsa ko Rwogera yahoze yitwa Nsoro.
**Nta byikamize urakimana:** ibyikamize bivuga umwaga w'inka yanga gukamwa.
**Ntawacaniye:** yabamazeho inka.
**Ntigukura:** Ntikugarura, ntigukiza.
**Ntitugira umuvuro**: nta hagarikamutima dufite kuko dushyigikiwe.
**Ntiwandobanuye mu b'inyuma:** ntiwanshyize mu b'inyuma.

ntizinyagwe (n' Abanyoro).

**Ntiziranze:** kuranza ni ukuranga (kumanika) ibisabo kuko nta mata bafite yo
**Ntizirava inyuma:** ziracyaza, ni inka akomeza kunyaga.

Ntora).

ntoya cyane itaratangira kurisha. Umusizi akoresha ijambo "muto"; "umutavu."

nubwo Gahindiro yari akiri umwana muto.

**Ny'ebisu by'emisango:** iyi ni imvugo ya kera cyane bita urunya Cyilima. Aha
**Nyabuzima:** inkingi y'ubuzima, uwatanze ubuzima. Biributsa ko yavanyeho
**Nyabwire rwose ntazampaka:** nyabwire nta cyo nsize inyuma ntateze
**Nyamashinga:** amashinga ni imipaka, imbibi, yashinze imipaka ihamye.
**Nyamuhanza:** i Runda rwa Kajara mu Ndorwa. Umurwa wa Kigeli III Ndabarasa.
**Nyemazi:** umuntu wagize akamaro.
**Nyina amuzanaho mpiri:** nyina (Nyirakarinda) amuzana ari imbohe.

nyirakuru w'utuwe igisigo (Mutara II Rwogera). Na we yategetse kigabo mu

Nyiramongi ari we wategekaga Igihugu kuko Rwogera yari akiri umwana.

**Nyiratunga**: ni Nyirayuhi IV Nyiratunga nyina wa Yuhi IV Gahindiro akaba
**Nyiri ibizinzo by'inka**: uzi gukenura inka (kuzifata neza).
**Nyiri Ikinguge:** ni ukuvuga se wa Kigeli cya Nyanguge. Nyanguge ni umugore
**Nyiri imbuga mu mbone**: ufite inkovu mu ruhanga (ni nk'intoboro).
**Nyiri inkoni za Rusugi na Rusanga**: uhagarikiye Rusugi na Rusanga (imfizi
**Nyiri inyumba:** umutegeka w'ingoro (inzu y'umwami).
**Nyiri ishya ry'inka n'ingoma**: uwatumye habaho ihirwe ry'inka n'ingoma
**Nyiri u Buzi:** umutegeka w'u Buzi (agahugu ko mu Buhunde mu majyaruguru
**Nyiri uburezi:** uwavutse neza agahabwa impano nziza.
**Nyunga ya Ruganzu**: umuzungura wa Ruganzu; uwunganiye Ruganzu uwateye
**Nzi ko barindiye ku busa:** nzi ko nta ho bashingiye, bahagaze ku busa.
**Nzi ko mutazacibwa inka**: nzi ko mudateze gutsindwa n'amahanga ngo bitume
**Nzogera**: wambaye imidende igenda ivuga nk'amayugi. Byari ikimenyetso
**Nzogoma:** umuterabwoba.
**Pariki:** agace k'igihugu karimo amashyamba kaharirwe inyamaswa zo mu gasozi kugira ngo zidacika burundu.
**Raboratwari:**inzu bapimiramo indwara z'abantu, iz'amatungo cyangwa ikorerwamo ubushakashatsi bunyuranye hifashishijwe ibikoresho byabugenewe.

rimwe (zihora zikamwa.

rimwe ni iryo asanganywe ry'umubiri we irindi ni iry'amaraso yavuye.

**Rubyukirangoma:** uzima ingoma, uzaba Umwaminyuma (Ni Ruganzu II Ndoli).
**Rubyutsa:** umusizi w'i Burundi.
**Rugababihumbi:** utanga inka nyinshi zitagira umubare.
**Rugabishabirenge:** utanga imisozi n'ubundi bukire. Ni izina bari barahimbye

Ruganzu Bicuba ni uko yatumye inka zigaruka nyuma y'iminyago yatewe na

Rugasira: umudatsindwa.

**Rugina:** kimwe mu bibindi by'ubuki magana abiri abiru b'umuganura bajyanaga ibwami.
**Ruhakamiryango**: umutegeka w'ibihugu.
**Ruhonga:** umuntu utemera guhonga, guhendahenda umuntu ugira ngo agwe
**Ruhugukira mbere:** uwo indagu zitayeho cyane. Ni ukuvuga ko kugira ngo abe
**Ruhungurabirwa:** uwigaruriye ibirwa byose.
**Rukwizabisiza:** uwatumiye inka ziba nyinshi mu Gihugu zigakwira ibisiza.

rurwana nk'inka z'inkungu.

**Rusagurirandekezi:** uhaza inka zishoka: Indekezi ni inka zishoka amariba
**Rusumbamitwe:** umuntu w'intwari usumba (urusha) abandi mu ntambara.
**Rutsinda**: umutsinzi uwaduhaye gutsinda.

**Rutukuzandoro:** umusizi amwita atya kuko yavuye amaraso mu ruhanga agasa
**Ruziga:** umuntu ufite umubiri mwiza, umuntu ufite ubwiza bw'umubiri. Si
**Rwarasanaga mu nka za se**: urwaniriye inka za se akazihagararamo
**Rwasiye:** kwasira ni ugutunga umudende w'uko yishe abanyamahanga
**Rwezamariba:** kweza iriba ni ukurigira neza kugira ngo nibadahiramo amazi
**Rwinkindi**: intore yambaye neza, iberewe n'ingabo.
**Rwirabanzarwe:** uwisize ibyondo ku mabuga akabyisigira aho inka zishoka.

rwo mu gahanga. (Inkoni zimurema uruguma mu gahanga).

Rwoga yanyazwe na Nsibura Nyebunga.

**Rwuhanyanzira:** umuntu ugenda yihuta. Umuntu ugenda yuhanya ni ugenda

Samukondo ni Nsoro I Samukondo sekuru wa Cyilima I Rugwe.

Samukuru wa Samukondo: igihangange gikomoka kuri Samukondo. Uyu

**Sango**: Buhungiro; umuntu ukenewe abandi bisunga.

se akiriho.

**Serukiramapfa:** uwatsinze inzara.
**Shebuja wa Nyamiringa:** umutware w'Urusengo bitaga Nyamiringa cyari
**Shoza yuhire:** uhamagaza inka ngo azuhire zishire inyota. Gushoza inka ni
**Sinagaye umutungo wawe:** sinabujijwe kuza n'uko utabona icyo umpaho
**Sinatendwa mu mbare**: sinahinyuka. Mu mubare w'abasizi (abazi kureba kure
**Sinijanye:** sinashidikanyije.
**So wawe:** ari we so.
**Sohoringoma:** uwakundaga kuvugirizwa ingoma.

tugirana intego.

**Ubakobwa b'amasugi:** Abakobwa bafite ababyeyi bombi.

Ubu Rukanira ntungirire urukara: ubu rero nyiri ukuri ntundakarire.

ubugugu na busa.

Ubukangurambaga: igikorwa cyo gushishikariza abantu benshi kwitabira ikintu runaka.

Ubukangurambaga: Inyigisho ku kintu runaka zihabwa abantu benshi ku buryo buhoraho.

**Ubukombe**: Umugabo cyangwa imfizi bikuze kandi bihamye.
**Ubukundwakare:** Kuba yubashywe birengeje.

ubumara bw'inzoka.

Ubushami: amaboko. (ubuhangange).

Ubushongore: ishema.

**Ubutayu:** - Ahantu hataba amashyamba cyangwa ibindi bimera ngo bihakingirize; hagizwe n'amabuye n'umucanga. Ubutayu kandi ni ahantu hadatuwe kuko ubuzima buba budashoboka.
**Ubutazadushira:** ku buryo bitazatuvamo, tutazabyibagirwa.

ubutegetsi.

ubutegetsi.

**Ubwehe:** Impamvu y'ibanze, intandaro y'ibyago, umutima wuje ubugwanabi, icyago kirimbura ibintu.
**Ubwo akangiye icyanya:** igihe atungutse mu cyanya (ishyamba).
**Ugumye uvunye unyumve**: ukomeze umpe akanya unyumve. Kuvunya ni
**Ukaba uhotoye uruti:** ukaba uhangaye, ukomeye.
**Ukiri umutavu:** ukiri muto, umwana. Umutavu bivuga ubundi inyana ikiri

ukomeye.

ukuzihamagaza ngo zisange iriba zinywe.

ukwinjiza umuntu cyangwa se kumuha ijambo. Kuvunya bibyara kuvunyisha.

**Umuci w'inkamba**: uvana abantu mo ubwigomeke.
**Umuci w'inzigo:** uwaduhoreye.
**Umugabekazi waduhekeye:** ni Nyiramavugo II Nyiramongi nyina wa Mutara
**Umuganda akawigiza mu rumira**: akubaka mu mazi rwagati ( ni ku Ijwi kuko

Umuganura: umuhango wo kurya no kunywa ku musaruro bwa mbere. Kera wari umuhango wo kurya umwaka mushya w'amasaka n'uburo, umwami akaba ari we wagombaga kuganuzwa bwa mbere.

**Umugombozi:** umuzungura, umusimbura. Kugombora ni ugusimbura si ugukiza

Umuhangura bashonji: ugoboka abashonji.

**Umuhozi:** uwahoye (guhora) abanzi.
**Umukomeza w'inkuna**: uwateraga imbaraga, uwari inkingi y'abamwitangiye,
**Umunyabutatu:** uwambaye urubindo. Wari umwambaro w'Abashi. Kari akantu
**Umunyamashyengo:** Umuntu ukunda gusetsa cyane .
**Umunyarukano:** umuntu ushinzwe gutanga ikoro iri n'iri ryo gushimira (we
**Umunyotwe**: umuriro umeze nk'ivu.
**Umuranga:** umuntu w'inyangamugayo, w'inararibonye watorwaga n'umuryango w'umusore akajya kubafatira amakuru mu muryango ufite umukobwa ukwiye gusabirwa uwo musore.
**Umuranzi:** inyama batara hanyuma bakazibika.
**Umurasanira w'ingoma:** urasanira (urwanira) ingoma.
**Umurorano:** amasaka azavamo umutsima.
**Umutanguha**: indahemuka.
**Umutsobe**: bumwe mu mako yo mu Rwanda. Amateka y'uruhererekane avuga ko

avuga ko bakomoka kuri Rutsobe rwa Gihanga.

umutungo.

**Umuzahura**: kuzahura ni ukondora, ukuvura, ugukiza. Ibyo yasanze
**Umuzimura**: uwagaruye, uwacyamuye, yagaruye ibyari byazimiye.

Umwami abashinzwe iby'iyimika bamuragurije babishishikariye.

**Umwami akakir**a: umwami akaryamana n'umugore.
**Umwami akarora:** umwami akarya.

Umwami yigaruriye igihugu ni uruharo aba atuye.

**Umwigire:** biva ku nshinga "kujya"; ni uwigiriyeyo ubwe, nta bandi atumye.
**Umwogabyano ahaye Rwogera**: igihe Nyiratunga/Nyiramavugo yeguriye Rwogera
**Umwuma:** inyota y'ikirenga imarwa no kunywa amazi afutse.
**Ungurishije:** waba unzimije.
**Urabahungure ubuhake:** bafate bupfubyi ubagire ingabo zawe.
**Uri Biyamiza mu nzoza**: uri amizero y'ibihe biri imbere.

urubyiruko rw'abakubanyi (abarwanyi).

**Uruhamo rw'umuryango:** Hejuru y'umuryango ugana ku gisenge.
**Uruhanga ruharaze imvi**: umutwe urimo imvi.
**Uruharo:** ubundi bivuga umubyizi, aha bivuga amahugu abami bigaruriye. Uko
**Urujya n'uruza**: Ibintu byinshi, abantu cyangwa inyamaswa bigenda binyuranamo cyangwa bigenda bigaruka.
**Urushingo:** ikibaru cy'umuko bashingagamo urushingati bakarukaragiramo babigiranye imbaraga, bakabibyaza umuriro.
**Urusika rw'umugendo:** urusika abantu batari bene urugo batari bemerewe kurenga ngo bakomeze mu nzu.
**Urusika:** wari umwanya utandukanya ibice bitandukanye byo mu nzu ya Kinyarwanda. Kuri ubu ni urukuta rutandukanya ibyumba by'inzu.
**Urutoto**: Igitugu yabategekeshaga.
**Urutsike**: muri iki gisigo bivuga uruhanga; ubundi bivuga agatsiko k'amoya yo
**Urutsizo**: ubundi bivuga icyuhagiro bakoresha mu mihango y'imandwa. Babaga
**Uruturuturu:** Umuseso, mu gitondo kare.
**Uruyund**o: umwanya w'umubiri (ku mugabo) ubyara, umusizi arifuriza abami
**Utari mu mugongo**: utari mu mihango y'abagore/abakobwa.
**Uturuka**: utangirira.
**Uturukijwe**: biva ku nshinga guturutsa bivuga kubiba amasaka y'amaka ubwa mbere.
**Utwangushye**: Ibintu bike ariko by'ingira kamaro

uvugwa ni Yuhi IV Gahindiro.

**Uwatanyaga**: uwicaga (gutanya). Si ukwatanya.
**Uzagabe nka Gisanura**: uzagabe imisozi unyaze abandi bami nk'uko Gisanura

w’ibihubi. Iyo bawuvuza ingoma zose zisukira (zivugira) rimwe.

w’ikirenga.

wa Cyilima I Rugwe akaba nyina wa Kigeli I Mukobanya.

**Wa Misaya:** wa Matama nyina wa Yuhi Gahima yitwaga Matama.
**Wa mwami wo mu makungu**: wa mwami wari mu rubyiruko rutyaye,
**Wari uhanze:** wari warigize akataraboneka.
**Winkeka ubutati:** ntunkekeho ubugambanyi.
**Winyita impezi:** ntuvuge ko naheze, natinze.

y’abemeye kumwitangira, kumwihambiraho batarambirwa.

y’Ikiyaga cya Kivu. Uwo mutegetsi ni Karinda wishwe ku bwa Gahindiro.

y’ubwami.

y’umutware).

Ya Rusenge: y’i Bugamba.

Yabateyemo umukenya: yabahuyemo urupfu rubakenya (rubica bakiri bato).

yabigenjeje.

**Yagomoroje imihana:** ingoma yemeje andi mahanga, maze ikayategeka.

yahawe n’Imana.

**Yakandagiye Nyiri i Nkoma:** yishe umwami w’i Nkoma. (Ni Ntare III Kivimira).

yarabyondoye arabizamura.

yaracyunamuye.

**Yarakwigeze:** yaguhaye kuba intwari nka we ntuzamutenguhe.

yarasendereye (yabaye myinshi cyane).

**Yarayihunze:** biva ku nshinga “guhunda” ivuga gutaka ingoma yabo yayitatse
**Yarwaniye Nyamurunga:** Yarwaniye ingoma Rwoga.

yatabaruye ingoma.

yavukiye. Kwagura no gusanzura bivuga kimwe.

**Yayanganiye n’amahari:** yarwanyije abashatse na bo kwigira abami. Ibi biributsa
**Yaziziburiye imoko:** yatumye inka zikamwa.
**Yica ingome:** yica ingabo zigomye, ingabo z’amahanga zitayoboka.

yihuta cyane.

**Yinikize inka zikamwa ubutaretsa**: atangire akame inka zitajya ziteka na
**Yuhi abakomye ku ngoma:** Yuhi abavanye ku ngoma.

**Yuhi anshira imihigo:** Yuhi IV Gahindiro yemeza ko natsinze arabimpembera.

z'ibwami zo mu mihango).

**Zinzazinywe:** uhagarikira inka zikanywa neza mu iriba. Kuzinza ni ugufata

zituruka kure.

## Imyandiko y'inyongera

### Igisigo: Naje kubara inkuru

Naje kubara inkuru
Yaraye i Murori
Kwa Nyiramuyaga na Muhaya
Murorwa yacyuye amahano
Za busunzu zirayishoka,

Ikamburwa n'ibihunyira
Ruhangwambone rwa Ruhoramugambo,
Umuswa uranyanitse mu kigunda;
Yapfuye urwa Ruvuzo
Yo yigeraga Mfizi ya Makuka

Ikayigerera i Buringeri
Yacitse nka Mushunguzi
Yaguye mu rukubo nk'impabe
Yatsinzwe nka Karihejuru.
Naje ntabara impuha

Impundu ziravuga umurenge
Mu mirambi ya Kigali
Ziranamije ku Muturagasani.
Kandi mbara inkuru ntikuke
Y'uko wakukiye Mutiri, Mutabazi,

Ugatema ibyaro amajosi.
Ngiyo ya sugi
Irasogombwa amahanga,
Irahinga iz'amakeba,
Nkavuga imyasiro,

Wasiye Nyamiringa,
Mirindi ya Rumeza,
Wayambikiye agashungo
Iyo ngoma yawe.
Nimuyihe rugari

Yibonereho Ruhangwambone
Nyibaze ay'icyo kirara
Kitagira umuraza
Mu mirambi ya Rubaho
Cyaroye kikica umukenya

Kitaramara kabiri
Kimbwire undi waryiswe iryo zina,
akazisazira nyuma.
Na ndetse we Ruhangwambone
Rwa Ruhuzambone

Uba udateze amarengero
Ugacurisha imihoro?
Nimuyihe rugari,
yibonereho Ruhangwambone!
Nyibaze; ko amazina yari menshi,

Mu kurora ukisunga iriheze
Rya Ruhararaburozi rwa Mpinga?
Yo mu guha impaka uwatwambuye Yuhi,
Imvano yava kuki?
Ntizi ko Rugaju

Ari we waduteye imbeho n'isuri.
Maze tugasanganwa Imana
Ibura mwabo ikabona twebwe?
Iyacu ni Rubanguka
Rwacyamuye ibihugu

Ni we "Rugira" wahonokaga mu Buhinda.
Nanone niberwe
Ayigire intindo,
Ayitegeke nka Rwuma

Maze ive mu rweguriro zirishe
Niremba ayigire insezo,
Ayisenyere ijabiro ijabo rishire.
Izaze akuya kayirenze
Yicuza ayo yakoze,

Ikungagizwa mu myiri bayinyaze!
Nimuyihe rugari,
Yibonereho Ruhangwambone!
Izaza yumva amatare

ayivuga mu mutwe
Mu mpinga ya Butare
Amatwi yazibiranye mu minyago,
Mutukura itekanye na Mukeshajabiro,
Nimuyihe rugari,
Yibonereho Ruhangwambone!

Izaza ishorejwe amacumu
Mu mpinga ya Gatsibo;
Amacumu yabaye inkwaruro
Maze ishime ko itagira
I Bwangaguhuma kwa Gahaya:

Ubwo yisunze izina ritagira amarengero
Amajyo azayibera amabuye.
Nimuyihe rugari,
Yibonereho Ruhangwambone Rwa Ruhuzambone
Uba udateze amarengero
Ugacurisha imihoro?
Nimuyihe rugari,
yibonereho Ruhangwambone!
Nyibaze; ko amazina yari menshi,

Mu kurora ukisunga iriheze
Rya Ruhararaburozi rwa Mpinga?
Yo mu guha impaka uwatwambuye Yuhi,
Imvano yava kuki?
Ntizi ko Rugaju

Ari we waduteye imbeho n'isuri.
Maze tugasanganwa Imana
Ibura mwabo ikabona twebwe?
Iyacu ni Rubanguka
Rwacyamuye ibihugu

Ni we "Rugira" wahonokaga mu Buhinda.
Na none niberwe
Ayigire intindo,
Ayitegeke nka Rwuma

Maze ive mu rweguriro zirishe
Niremba ayigire insezo,
Ayisenyere ijabiro ijabo rishire.
Izaze akuya kayirenze

Yicuza ayo yakoze,

Ikungagizwa mu myiri bayinyaze!
Nimuyihe rugari,
Yibonereho Ruhangwambone!
Izaza yumva amatare
ayivuga mu mutwe

Mu mpinga ya Butare
Amatwi yazibiranye mu minyago,
Mutukura itekanye na Mukeshajabiro,
Nimuyihe rugari,
Yibonereho Ruhangwambone!

Izaza ishorejwe amacumu
Mu mpinga ya Gatsibo;
Amacumu yabaye inkwaruro
Maze ishime ko itagira
I Bwangaguhuma kwa Gahaya:

Ubwo yisunze izina ritagira amarengero
Amajyo azayibera amabuye.
Nimuyihe rugari,
Yibonereho Ruhangwambone
Izaza yumva insengo
Zivuga iwacu mu ngoro
umuryasenge uyirya
Yabuze amaboko
Yo kwishima mu gihumbi;
Izaba yayakonje Mutukura,

Yayageretse ku ya Mutaga w'i Nkanda!
Ruhangwambone nimuyihebe
Nta nkandagiro izeye!
Nimuyihe rugari,
Yibonereho Ruhangwambone!

Mbese wowe ntiwahagiye
Ku y'i Butemabuto kwa Mataremato
Yaje gutegura ino
Matungo ayigira intindo?
Nimuyihe Rugari,

Yibonereho Ruhangwambone!
Mbese wowe ntiwahagiye

Ku y'i Buvuganyanzara kwa Kivugabagore
Yahanzwe no kuvuga rimwe
Akarimi kayo kagwa mu matsa?

Uzarebe aho izingiye Mizinge:
Ntikizirikana ay'imusozi.
Mba ndi ishami ryabyaye Nyirarugaju?
Nimuyihe rugari,
Yibonereho Ruhangwambone!

Mbese wowe ntiwahagiye
" Ku y'i Busobanyamakaraza"
Iri ni ishavu ringana aya mazi
Rikayirara mu muroha
Yarahebye n'abayiyagira

Ngo bayihe ubuhura!
Igumye iganye na Ntenga
Bateze inyenga. Rero simbeshya
Ni ko ntanga abagabo benshi ba Mikore:

Rukabuza arumva na Myambi.
Sinzakaraba no kwa Rujyo:
Makomere arabizi na Makuka,
Na Rukaniramiheto;

Simbeshya: uzahagira ku rw'i Bumpaka
uzatwika ari umugero
Rugina ikarwubika
Rugahinduka umugina.

*Bifatiye ku byavuye mu gitabo k'Ikinyarwanda, umwaka wa Gatandatu, 2008 urup.46-48*

**Umwandiko: Leta iratekereza ubwikorezi bw'utumodoka tugenda ku migozi muri Kigali**



*Photo Imvaho Nshya*

Bene izi modoka zizwi nka "cable cars" ni zo Leta irimo gutekereza kuzana mu Rwanda

Uburyo bwo gutwara abantu mu migi cyanecyane mu Mujyi wa Kigali hifashishijwe utumodoka tugenda ku migozi, bushobora gukoreshwa mu Rwanda mu gihe kiri imbere.

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) iravuga ko ubwo buryo burimo gutekerezwaho mu rwego rwo guca umuvundo no kugabanya igiciro k'ingendo. Umuyobozi w'ishami rishinzwe gutwara abantu n'ibintu muri MININFRA avuga ko ubu buryo butagoye kubugeraho kuko ari bizinesi izajya yinjiriza abazashoramo imari.

Umuyobozi ubishinzwe yabwiye Imvaho Nshya ko "Cable Cars" zigendera ku nsiga zikoreshwa n'amashanyarazi, ati: "Imbanzirizamushinga y'utu tumodoka yatekerejweho." Yakomeje agira ati: "Turashaka ko ubwo bari gusubiramo igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali, bashyiraho n'imirongo izo 'cable cars' zizanyuramo. Duteganya ko icyo gishushanyo kizabyerekana, hanerekanwe uburyo abantu bagenda batiriwe babyigana mu muhanda."

Uwo muyobozi avuga ko izi modoka zikunze gukoreshwa cyane mu bijyanye n'ubukerarugendo ariko ngo zinakoreshwa no mu gutwara abantu mu buryo bwa rusange. "Cable Cars" ni imodoka zikoreshwa cyane mu bihugu nk'u Busuwisi, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika n'ahandi. Ati: "Ikiza cyabyo ni bizinesi ikorwa n'abashoramari ku giti cyabo bitabaye ngombwa ko Leta ishyiramo amafaranga,

bityo na bo baba bunguka."

Kuba ngo izo modoka zidakoresha risansi cyangwa mazutu ahubwo zikoresha umurimo muke w'amashanyarazi ngo bizatuma nta muntu utazabasha kwigondera ibiciro byazo.

Umuyobozi w'ishami rishinzwe gutwara abantu n'ibintu muri MININFRA avuga ko hari abashoramari batangiye kwegera Leta bashaka gushora imari muri utwo tumodoka.

"Cable Cars" zitegerejweho gutanga umusanzu mu gukemura ikibazo cy'ubwikorezi gisanzwe kivugwa mu mugi wa Kigali, aho abagenzi bagorwa no kubona imodoka. Umwe mu bakozi ukorera mu mugi rwagati ataha ku Kimironko avuga ko agifite ikibazo cyo kumara umwanya munini ategereje imodoka.

Kubona imodoka biragorana, n'aho ibonekeye igatinda mu nzira kubera umubyigano ukunze kubaho cyanecyane mu masaha y'umugoroba na mu gitondo.

*Yanditswe na MUKAGAHIZI ROSE/ Imvaho Nshya yo ku wa 09-10-2018*